Rwanda Education Board

IMIBARE

Igitabo cy'umwarimu

Umwaka wa 1

USAID FROM THE AMERICAN PEOPLE

EDC Learning transforms lives.

IMIBARE

Igitabo cy'umwarimu

Umwaka wa 1

ABAGIZE URUHARE MU IYANDIKWA RY'IKI GITABO

Abanditse iki gitabo:
Norma Evans (Umuyobozi w'itsinda)
Mukagatete Agnes
Gafiligi Uwamahoro Clémentine
Kihumuro Francis
Mercy Catherine
Musiimenta Isaac

Abajyanama:
Dr Musabe Joyce (Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho)
Rutakamize Joseph
Bacumuwenda Nehemiah
Nyirandagijimana Anathalie
Kayinamura Aloys

Abakosoye inyandiko:
Murwanashyaka Valens
Uwamahoro Leopord

Uwatunganyije iki gitabo:
Twizeyimana Jean Pierre

Itsinda rishinzwe kwemeza integanyanyigisho n'imfashanyigisho (TAC):
Dr Musabe Joyce (Umuyobozi w'itsinda)
Nshimiyimana Alexis (Umwanditsi)
Ntaganzwa Damian
Rwambonera François
Bacumuwenda Nehemiah
Nyirandagijimana Anathalie
Kayinamura Aloys
Butera Antoine

© 2013 Rwanda Education Board.
The Rwanda Education Board holds the copyright for the materials in this collection.

This publication is made possible by the support of the American people through the United States Agency for International Development (USAID). The contents are the responsibility of Education Development Center (EDC) and do not necessarily reflect the views of USAID or the United States Government.

IJAMBO RY'IBANZE

Iki gitabo kigenewe umwarimu wigisha imibare mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza cyanditswe mu mwaka wa 2013 n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) ku nkunga y'Ikigo cy'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) binyujijwe mu mushinga ushinzwe guteza imbere uburezi (EDC/L3).

Ni igitabo kije gufasha mu kunoza imyigishirize y'imibare mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza kuko ari inkingi y'uburezi bufite ireme. Iki gitabo kandi kizunganira umwarimu mu gihe ategura cyangwa atanga amasomo. Kizamurinda guhuzagurika kuko kigaragaza intego n'ibice byose bya buri somo. Ni igitabo kandi gikubiyemo amasomo yigishwa hifashishijwe terefone ku buryo abanyeshuri bashimishwa no kwiga isomo ry'imibare, bakina, baririmba, kandi bakoresha imfashanyigisho zitandukanye, bityo imyigire ikarushaho koroha. Amasomo atangwa hifashishijwe terefoni afasha kandi abanyeshuri kubara, gusoma no kwandika imibare no gukoresha amategeko ane y'ibara neza kandi vuba mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Mu gutegura iki gitabo hashingiwe ku mahame y'iyigandero mu bijyanye n'imyigishirize ihamye yo kwigisha imibare abana bato ku buryo uko umunyeshuri yiga agenda yongera ubushobozi bw'ibanze mu bijyanye no kubara vuba kandi neza, gutekereza no gusesengura imibare bityo bikazamufasha mu gukemura neza ibibazo ahura na byo bimusaba ubumenyi bw'ibanze mu mibare. Ni yo mpamvu mu gutegura iki gitabo hitabajwe impuguke zinyuranye mu by'uburezi ndetse n'imyigishirize y'imibare igenewe abana bato kugira ngo kinogere umwarimu kandi kigirire akamaro abanyeshuri.

Turashimira byimazeyo abantu bose bagize uruhare mu kwandika iki gitabo kuko bashyigikiye ku buryo bw'umwihariko igikorwa cyo guteza imbere imyigishirize y'imibare ishimisha abanyeshuri kandi ibatoza hakiri kare kwifashisha ubumenyi bakura mu mibare bakemura ibibazo bahura na byo mu buzima bwabo bwa buri munsi. Turasaba kandi abantu bose bazasoma n'abazakoresha iki gitabo gutanga ibitekerezo byatuma kirushaho kunogera abo kigenewe.

Dr. John RUTAYISIRE
Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe
Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

IBIRIMO

ABAGIZE URUHARE MU IYANDIKWA RY'IKI GITABO ii
IJAMBO RY'IBANZE iii
IRIBURIRO 1

IGIHEMBWE CYA MBERE
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'IGIHEMBWE 9

ICYUMWERU CYA 1 10

ICYUMWERU CYA 2 11
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 11
IMIKINO Y'ICYUMWERU 12
ISOMO RYA 1 – KUBARA KUVA KURI 1 KUGERA KURI 3 13
ISOMO RYA 2 – KUBARA KUVA KURI 1 KUGERA KURI 4 14
ISOMO RYA 3 – GUTAHURA AMEREKEZO N'AHO IBINTU BIHEREREYE: MUNSI, HASI, HEJURU, IMBERE, INYUMA, HAGATI 15
ISOMO RYA 4 – KUBARA KUVA KURI 1 KUGERA KURI 5 16
ISOMO RYA 5 – KUBARA KUVA KURI 1 KUGERA KURI 5 17
ISOMO RYA 6 – GUTAHURA AHO IBINTU BIHEREREYE: MUNSI/HASI, HEJURU, IMBERE, INYUMA, IBURYO, IBUMOSO 18

ICYUMWERU CYA 3 19
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 19
IMIKINO Y'ICYUMWERU 20
ISOMO RYA 1 – GUSOMA NO KWANDIKA UMUBARE 1 21
ISOMO RYA 2 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA UMUBARE 1 22
ISOMO RYA 3 – GUTAHURA NO GUCA IMIRONGO IHESE IFUNGUYE 23
ISOMO RYA 4 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA 2 24
ISOMO RYA 5 – KUGERERANYA IKINTU KIMWE N'IBINTU 2 25
ISOMO RYA 6 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA 1 NA 2 NO KUGERERANYA IKINTU KIMWE N'IBINTU 2 26
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 2 N'ICYA 3 27
URUTONDE RW'AMANOTA Y'ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 2 N'ICYA 3 28

ICYUMWERU CYA 4 29
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 29
IMIKINO Y'ICYUMWERU 30
ISOMO RYA 1– KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA UMUBARE 3 31
ISOMO RYA 2 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA KUVA KURI 1 KUGERA KURI 3 32
ISOMO RYA 3 – IMIRONGO IFUNZE 33
ISOMO RYA 4 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA 4 34
ISOMO RYA 5 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA KURI 1 KUGERA KURI 4 35
ISOMO RYA 6 – ISUBIRAMO RY'ICYUMWERU 36

ICYUMWERU CYA 5 37
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 37
IMIKINO Y'ICYUMWERU 38
ISOMO RYA 1 – KUBARA IMIBARE: 5, 6 NA7 39
ISOMO RYA 2 – KUBARA 8, 9, NA 10 40

ISOMO RYA 3 – GUTAHURA NO GUCA IMIRONGO IRESHYA 41
ISOMO RYA 4 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA KURI 1 KUGERA KU 10 42
ISOMO RYA 5 – GUTAHURA NO GUCA IMIRONGO IVUNAGUYE 43
ISOMO RYA 6 – ISUBIRAMO RY'ICYUMWERU 44
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 4 N'ICYA 5 45

ICYUMWERU CYA 6 46
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 46
IMIKINO Y'ICYUMWERU 47
ISOMO RYA 1 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA 5 48
ISOMO RYA 2 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA 6 49
ISOMO RYA 3 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA 7 50
ISOMO RYA 4 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA KURI 5 KUGEZA KU 7 51
ISOMO RYA 5 – KUGERERANYA UBUREBURE BW'ABANTU N'UBW'IBINTU 52
ISOMO RYA 6 – KUGERERANYA IMIBARE KUVA KURI 1 KUGERA KURI 7 53

ICYUMWERU CYA 7 54
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 54
IMIKINO Y'ICYUMWERU 55
ISOMO RYA 1 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA UMUBARE 8 56
ISOMO RYA 2 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA UMUBARE 9 57
ISOMO RYA 3 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 1 KUGERA KU 9 58
ISOMO RYA 4 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA KURI 1 KUGEZA KU 9 59
ISOMO RYA 5 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA KURI 1 KUGERA KURI 9 60
ISOMO RYA 6 – GUPIMA UBUREBURE BW' IBINTU BITANDUKANYE UKORESHEJE INTAMBWE, UDUKONI, UTWAMBI..... 61
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 6 N'ICYA 7 62

ICYUMWERU CYA 8 63
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 63
IMIKINO Y'ICYUMWERU 64
ISOMO RYA 1 – GUTERANYA UMUBARE NA 1 65
ISOMO RYA 2 – GUTERANYA UMUBARE NA 2 66
ISOMO RYA 3 – GUTERANYA UMUBARE NA GATATU 67
ISOMO RYA 4 – GUTERANYA UMUBARE NA 4 68
ISOMO RYA 5 – GUTERANYA UMUBARE NA 5 69
ISOMO RYA 6 – GUTERANYA UMUBARE NA 1, 2, 3, 4 NA 5 70

ICYUMWERU CYA 9 71
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 71
IMIKINO Y'ICYUMWERU 72
ISOMO RYA 1 – GUTAHURA UMUBARE 0 73
ISOMO RYA 2 – GUTAHURA NO GUCA IMIRONGO IFUNZE 74
ISOMO RYA 3 – GUSOMA NO KWANDIKA UMUBARE 0 75
ISOMO RYA 4 – GUTAHURA NO KUBARA 10 76
ISOMO RYA 5 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA UMUBARE 10 77
ISOMO RYA 6 – ISUBIRAMO RY'AMASOMO Y'ICYUMWERU 78
ISUZUMABUMENYI RY' ICYUMWERU CYA 8 N'ICYA 9 79
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'IGIHEMBWE CYA 2 83

IGIHEMBWE CYA KABIRI

ICYUMWERU CYA 1 85

ICYUMWERU CYA 2 86
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 86
IMIKINO Y' ICYUMWERU 87
ISOMO RYA 1 – GUKURAMO 1 88
ISOMO RYA 2 – GUKURAMO 89
ISOMO RYA 3 – GUPIMA UBUREBURE MURI METERO 90
ISOMO RYA 4 – GUKURAMO 3 91
ISOMO RYA 5 – GUKURAMO 4 92
ISOMO RYA 6 – GUKURAMO 1, 2, 3, 4 93

ICYUMWERU CYA 3 94
IMBONERAHAMWE Y' AMASOMO 94
IMIKINO Y'ICYUMWERU 95
ISOMO RYA 1 – GUKURAMO 5 96
ISOMO RYA 2 – GUKURAMO 6 97
ISOMO RYA 3 – GUCA IMIRONGO Y'UBWOKO BUNYURANYE (IHAGAZE, ITAMBITSE, IBERAMYE, IHESE, IFUNZE) 98
ISOMO RYA 4 – GUKURAMO 7 99
ISOMO RYA 5 – GUKURAMO 5, 6, 7 100
ISOMO RYA 6 – GUKURAMO 1, 2, 3, 4, 5, 6, 7 101
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 2 N'ICYA 3 102

ICYUMWERU CYA 4 103
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 103
IMIKINO Y'ICYUMWERU 104
ISOMO RYA 1 – GUKURAMO 8 105
ISOMO RYA 2 – GUKURAMO 9 106
ISOMO RYA 3 – GUPIMA UBUREBURE MURI METERO 107
ISOMO RYA 4 – GUKURAMO 10 108
ISOMO RYA 5 – GUKURAMO 8, 9 NA 10 109
ISOMO RYA 6 – GUKURAMO 1, 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8, 9 NA 10 110

ICYUMWERU CYA 5 111
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 111
IMIKINO Y'ICYUMWERU 112
ISOMO RYA 1 – GUTERANYA UMUBARE HO 6 NA 7 113
ISOMO RYA 2 – GUTERANYA UMUBARE HO 8, 9 NA 10 114
ISOMO RYA 3 – KUGERERANYA IBIPIMO BY'UBUREBURE MURI METERO 115
ISOMO RYA 4 – GUKURAMO 1, 2, 3, 4 , 5 116
ISOMO RYA 5 – GUKURAMO 6, 7, 8, 9 NA 10 117
ISOMO RYA 6 – IMYITOZO YO GUKURAMO NO GUTERANYA 118
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 4 N'ICYA 5 119

ICYUMWERU CYA 6 120
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 120
IMIKINO Y'ICYUMWERU 121
ISOMO RYA 1 – GUTERANYA INGERO Z'UBUREBURE ZIRI MURI METERO (m) 122
ISOMO RYA 2 – GUTERANYA INGERO Z'UBUREBURE ZIRI MURI METERO (m) 123
ISOMO RYA 3 – GUCA IMIRONGO IRESHYA 124
ISOMO RYA 4 – GUKURAMO INGERO Z'UBUREBURE ZIRI MURI METERO (m) 125
ISOMO RYA 5 – GUKURAMO INGERO Z'UBUREBURE ZIRI MURI METERO (m) 126
ISOMO RYA 6 – GUKURAMO NO GUTERANYA INGERO Z'UBUREBURE ZIRI MURI METERO (m) 127

ICYUMWERU CYA 7 128
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 128
IMIKINO Y'ICYUMWERU 129
ISOMO RYA 1 – AMAHURIZO YO GUTERANYA 130
ISOMO RYA 2 – AMAHURIZO YO GUTERANYA 131
ISOMO RYA 3 – IMINSI Y'ICYUMWERU 132
ISOMO RYA 4 – AMAHURIZO YO GUKURAMO 133
ISOMO RYA 5 – AMAHURIZO YO GUKURAMO 134
ISOMO RYA 6 – AMAHURIZO YO GUTERANYA NO GUKURAMO 135
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 6 N'ICYA 7 136

ICYUMWERU CYA 8 137
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 137
IMIKINO Y'ICYUMWERU 138
ISOMO RYA 1 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 11 KUGERA KURI 15 139
ISOMO RYA 2 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 15 KUGERA KURI 20 140
ISOMO RYA 3 –KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 11 KUGERA KURI 20 141
ISOMO RYA 4 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA KURI 11 KUGERA KURI 15 142
ISOMO RYA 5 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA 16 KUGERA 20 143
ISOMO RYA 6 – KUGERERANYA IBINTU KUVA KURI 11 KUGERA KURI20 144

ICYUMWERU CYA 9 145
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 145
IMIKINO Y'ICYUMWERU 146
ISOMO RYA 1 – IMYITOZO YO GUTERANYA 147
ISOMO RYA 2 – IMYITOZO YO GUTERANYA 148
ISOMO RYA 3 – AMAHURIZO YO GUTERANYA INGERO Z'UBUREBURE 149
ISOMO RYA 4 – IMYITOZO YO GUKURAMO 150
ISOMO RYA 5 – IMYITOZO YO GUKURAMO 151
ISOMO RYA 6 – AMAHURIZO YO GUKURAMO INGERO Z'UBUREBURE 152
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 8 N'ICYA 9 153
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'IGIHEMBWE CYA 3 157

IGIHEMBWE CYA GATATU

ICYUMWERU CYA 1 159

ICYUMWERU CYA 2 160
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 160
IMIKINO Y'ICYUMWERU 161
ISOMO RYA 1 – KUBARA KUVA KURI 20 KUGERA KURI 50 162
ISOMO RYA 2 – KUBARA KUVA KURI 20 KUGERA KURI 50 163
ISOMO RYA 3 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 20 KUGERA KURI 50 164
ISOMO RYA 4 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA KURI 20 KUGERA KURI 50 165
ISOMO RYA 5 – KUGERERANYA IMIBARE KUVA KURI 20 KUGERA KURI 50 166
ISOMO RYA 6 – GUPIMA UBUREBURE MURI METERO 167

ICYUMWERU CYA 3 168
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 168
IMIKINO Y'ICYUMWERU 169
ISOMO RYA 1 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KU 10 KUGERA KURI 20 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE 170
ISOMO RYA 2 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KU 10 KUGERA KURI 20 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE 171
ISOMO RYA 3 – AMEREKEZO: MUNSI, IMBERE, INYUMA 172
ISOMO RYA 4 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KU 10 KUGERA KURI 30 MO IBINYACUMI N' IBINYABUMWE 173
ISOMO RYA 5 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KU 10 KUGERA KURI 30 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE 174
ISOMO RYA 6 – AMEREKEZO: HASI, HEJURU, HAGATI, IBURYO N'IBIMOSO 175
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMERU CYA 2 N'ICYA 3 176

ICYUMWERU CYA 4 177
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 177
IMIKINO Y'ICYUMWERU 178
ISOMO RYA 1 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 50 KUGERA KURI 70 179
ISOMO RYA 2 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 70 KUGERA KURI 99 180
ISOMO RYA 3 – AMAFARANGA KUVA KU F 1 KUGERA KU F 50 181
ISOMO RYA 4 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA KURI 50 KUGERA KURI 70 182
ISOMO RYA 5 – KUGERERANYA IMIBARE KUVA KURI 50 KUGERA KURI 99 183
ISOMO RYA 6 – KUGERERANYA AMAFARANGA KUVA KU F 1 KUGERA KURI F 50 184

ICYUMWERU CYA 5 185
IMBONERAHMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU 185
IMIKINO Y' ICYUMWERU 186
ISOMO RYA 1 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KURI 30 KUGERA KURI 40 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE 187
ISOMO RYA 2 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KURI 30 KUGERA KURI 50 MO IBINYACUMI N' IBINYABUMWE 188
ISOMO RYA 3 – GUTAHURA AGACIRO K'AMAFARANGA KUVA KU F 1 KUGERA KU F 100 189
ISOMO RYA 4 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KURI 40 KUGERA KURI 60 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE 190

ISOMO RYA 5 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KURI 30 KUGERA KURI 60 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE 191
ISOMO RYA 6 – KUVUNJA IBICERI KUVA KU F 1 KUGERA KU F 100 192
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMERU CYA 4 N'ICYA 5 193

ICYUMWERU CYA 6 194
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU. 194
IMIKINO Y'ICYUMWERU 195
ISOMO RYA 1 – GUKUBA NA 2 196
ISOMO RYA 2 – GUKUBA NA 2 197
ISOMO RYA 3 – KWEREKANA UTUDOMO TURI IMBERE MU RUZIGA, UTURI HANZE YARWO N'UTURI KURI RWO 198
ISOMO RYA 4 – GUKUBA NA 2 199
ISOMO RYA 5 – GUKUBA NA 2 200
ISOMO RYA 6 – GUKUBA NA 2 201

ICYUMWERU CYA 7 202
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 202
IMIKINO Y'ICYUMWERU 203
ISOMO RYA 1 – IMYITOZO YO GUTERANYA 204
ISOMO RYA 2 – IMYITOZO YO GUKURAMO IMIBARE ITARENZE 99 205
ISOMO RYA 3 – IMYITOZO YO GUTERANYA NO GUKURAMO 206
ISOMO RYA 4 – IMYITOZO YO GUKUBA NA 2 207
ISOMO RYA 5 – IMYITOZO YO GUTERANYA INGERO Z'UBUREBURE 208
ISOMO RYA 6 – IMYITOZO YO GUKURAMO INGERO Z'UBUREBURE 209
ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMERU CYA 6 N'ICYA 7 210

ICYUMWERU CYA 8 211
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 211
IMIKINO Y'ICYUMWERU 212
ISOMO RYA 1 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KURI 60 KUGERA 213
KURI 80 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE 213
ISOMO RYA 2 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KURI 80 KUGERA KURI 99 MO IBINYABUMWE N'IBINYACUMI 214
ISOMO RYA 3 – GUPIMA UBUREBURE BUTARENZE METERO 99 215
ISOMO RYA 4 – GUSESENGURA IMIBARE ITARENZE 99 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE 216
ISOMO RYA 5 – GUSESENGURA IMIBARE ITARENZE 99 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE 217
ISOMO RYA 6 – GUPIMA UBUREBURE BUTARENZE METERO 99 218

ICYUMWERU CYA 9 219
IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO 219
IMIKINO Y'ICYUMWERU 220
ISOMO RYA 1 – AMAHURIZO YO GUTERANYA 221
ISOMO RYA 2 – AMAHURIZO YO GUKURAMO 222
ISOMO RYA 3 – AMAHURIZO YO GUTERANYA INGERO Z' UBUREBURE 223
ISOMO RYA 4 – AMAHURIZO YO GUKUBA NA 2 224
ISOMO RYA 5 – AMAHURIZO YO GUKURAMO INGERO Z' UBUREBURE 225
ISOMO RYA 6 – AMAHURIZO YO GUKUBA NA 2 226
IBITABO BYAKORESHEJWE 228

IRIBURIRO

Kongera ubushobozi bw'Imibare ku banyeshuri cyane cyane bagitangira kuyiga ni imwe mu ntego nyamukuru z'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda ari cyo **Rwanda Education Board (REB).** Ikindi kandi, kongera ubumenyi bw'abanyeshuri mu mibare uko bimuka ni ingirakamaro ku iterambere ry'umuntu ku giti cye n'iry'igihugu muri rusange.

Isuzuma ryakozwe mu rwego rw'igihugu na Minisiteri y'Uburezi mu mwaka wa 2011 ku birebana n'ubumenyi bw'abana mu mibare, ryerekanye ko hakenewe kongera imbaraga ku bijyanye n'ibintu by'ibanze byabafasha gusobanukirwa imibare.

Twavuga:

- *Umuvuduko abana bakoresha ngo bagere ku gisubizo* . N'ubwo mu mwaka wa 2011 abana babashaga gutanga ibisubizo biri byo ku bijyanye no guteranya no gukuramo, byabasabaga umwanya muremure wo kubikora. Abana batabasha kugera ku gisubizo ku buryo bwihuse mu bijyanye no guteranya, gukuramo, gukuba cyangwa kugabanya, bahura n'imbogamizi igihe bahawe ibibazo bikomeye kurushaho.

- *Imyumvire y'abana ku bijyanye n'imibare n'isano iri hagati yayo.* Isuzuma ryo mu mwaka wa 2011 ryashyize ahagaragara ko abana bongereye imyumvire, nko kuba baramenye inzira zikurikizwa mu guteranya cyangwa gukuramo. Ariko mu gihe bahuye n'ibibazo bisaba kumenya amahame arenzeho cyangwa isano iri hagati y'imibare byarabagoraga.
- *Ubushobozi bw'abana mu gutekereza no gusesengura ibijyanye n'imibare n'amahame yayo.* Abana bahuraga n'imbogamizi zigaragara igihe bahuye n'amahurizo abasaba gusubiza mu magambo, nk'amahurizo aba adafite igisubizo kimwe cyangwa adashobora gusubizwa hakoreshejwe inzira zakoreshwaga mbere.

Mu rwego rwo kugerageza gukemura ibibazo byagaragajwe n'isuzuma ryavuzwe haruguru, mu mwaka wa 2012, **REB** ibinyujije mu Ishami Rishinzwe Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho (**Curriculum and Pedagogical Materials Department(CPMD**), gifatanije n'Ikigo Mpuzamamahanga Giteza Imbere Uburezi **"Education Development Center(EDC)",** kibinyujije mu mushinga wacyo wo Guteza Imbere Gusoma Kwandika no Kubara "**Literacy, Language and Learning(L3)"** byatangije gahunda yo guteza imbere imyigire n'imyigishirize y'imibare mu mashuri abanza, mu mwaka wa mbere n'uwa kabiri. Ibyo bizakorwa hatangwa imfashanyigisho zigizwe n'igitabo cy'umwarimu n'amasomo atangwa hifashishijwe terefone.

Imfashanyigisho zizifashishwa muri iyi gahunda yo guteza imbere imyigire n'imyigishirize by'imibare

Izo mfashanyigisho, ni igitabo cy'umwarimu n'amasomo anyuzwa kuri terefone bije kunganira integanyanyigisho y'imibare (yateguwe muri 2004) n' ibitabo by'umunyeshuri by'imibare byari bisanzwe bikoreshwa mu mashuri abanza mu mwaka wa mbere .

1. Igitabo cy'umwarimu

Iki gitabo gikubiyemo ibi bikurikira:

1.1. Imbonerahamwe y'amasomo y'igihembwe: Iyi mbonehamwe igaragaza amasomo yose azigishwa mu gihembwe. Hateguwe amasomo y'ibyumweru 8. Kuva ku cyumweru cya 2 kugera ku cya 9. Bitewe n'uko umwaka w'amashuri uteye, icyumweru cya mbere gikoreshwa mu gutegura igihembwe basubiramo amasomo yizwe cyangwa bamenyereza abana. Muri iki gitabo twatanze inama z'uko amasomo yo muri icyo cyumweru yakwigishwa. Ibindi byumweru bisigaye nabyo bikoreshwa mu gusubiramo ibyizwe no gutanga ibizamini.

Iyi mbonerahamwe ishingiye ku nteganyanyigisho y'umwaka wa mbere kandi igaragaza neza intego ya buri somo rizigishwa mu gihembwe.

1.2. Imbonerahamwe y'amasomo y'icyumweru

Iyi mbonerahamwe igaragaramo intego za buri somo ryigishwa mu cyumweru, imikino, injyana, n'indirimbo bizifashishwa muri buri somo(imikino yo kubara itarakoreshejwe mu masomo yateguwe mu gitabo, mwarimu arashishikarizwa kuyikinisha uko abonye abana bananiwe cyangwa igihe yifuza kubakangura). Inagaragaza kandi ipaji wasangaho imyitozo ijyanye n'isomo ryigishijwe mu bitabo by'umunyeshuri byemejwe na REB(Mwarimu azajya ahitamo imyitozo mu bitabo ishuri rifite).

Dore uko twise ibitabo byemejwe muri REB:

Uko igitabo kitwa mu gitabo cy'umwarimu	Uko kitwa ku rutonde rugaragaza ibitabo byakoreshejwe
MK/REB	Mwungeri, E., et al. .2013. Imibare, Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa 1 …
MK	Kakembo, L., et al. 2013 .Imibare, Umwaka wa 1 w'amashuri abanza, Igitabo cy'umunyeshuri …
JKF	Uworwabayeho, A.et al. 2010. Imibare mu mashuri abanza, Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa 1 …
Longhorn	Male, H.et al. 2011. Dusobanukirwe imibare, Umwaka wa 1 …

Buri mbonerahamwe y'amasomo y'icyumweru igendera kuri gahunda ikurikira : Isomo rya mbere n'irya kane ni amasomo atangwa hifashishijwe terefone. Naho isomo rya 2, 3, 5 na 6 ni amasomo atanyuzwa kuri terefone.

Icyitonderwa: *Nubwo inyigisho y'imibare igenerwa amasaha(periods) 7mu cyumweru, hateguwe imbata z'amasomo azigishwa mu masaha 6. Isomo ryigishwa mu isaha ya 7rizategurwa na mwarimu mu Gutsindagira ibyizwe no gutanga isuzumabumenyi risoza buri byumweru bibiri.*

1.3. Imikino y'icyumweru

Kuri iyi paji muzasangaho urutonde rw'imikino izakinishwa mu cyumwe n'incamake y'uko iyo mikino izakinishwa.

1.4. Imbata z'amasomo y'icyumweru

a. Imbata z'amasomo anyuzwa kuri terefone

Buri mbata y'isomo rinyuzwa kuri terefone igizwe n'ibice bine:

i. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone: muri iki gice mwarimu agenzura ko abana bafite imfashanyigisho zikenewe kandi ko biteguye gukurikira isomo. Iki gice kimara umunota 1.

ii. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone: harimo incamake y'igice cy' isomo gikomereza kuri terefone. Iki gice kimara iminota 30. Ibisobanuro birambuye kuri iki gice muzabisanga kuri terefone.

iii. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone: iki gice kimara iminota 9, kigizwe n'ibice bibiri.:

- **Isuzumabumenyi** : Muri iki gice hakorwa imyitozo yo kureba ko intego y'isomo yagezweho.
- **Umukoro wo murugo:** Muri iki gice mwarimu aha abana imyitozo yo gukorera mu rugo. Iki gice kimara iminota 2.

b. Imbata z'amasomo atanyuzwa kuri terefone

Buri mbata y'isomo ritanyuzwa kuri terefone igizwe n'ibice bitanu:

i. Gukangura abana: iki gice kimara iminota 2, gikubiyemo udukino two gukangura abana cyangwa injyana yo kubara.

ii. Isubiramo: hatangwa imyitozo cyangwa udukino bifasha abana kwibuka ibyo bize mu masomo yashize. Iki gice kimara iminota 3.

iii. Isomo rishya: Iki gice kimara iminota 25, gikubiyemo ibice bibiri ari byo:

- **Kuvumbura icyigwa :** mwarimu afasha abana gusobanukirwa icyigwa gishya yifashishije udukino,imfashanyigisho, kungurana ibitekerezo …

  Muri iki gice mwarimu aha abana umwanya bakaba ari bo bavumbura icyigwa. Hanyuma akabona kubasobanurira ashingiye ku byo babonye.

- **Imyitozo mpamyabumenyi:** Mwarimu aha abana imyitozo ihagije ku cyigwa gishya. Aha niho akoresha cyane ibitabo by'umunyeshuri bisanzwe ku ishuri, agahitamo imyitozo ijyanye n'intego y'isomo.

iv. Isuzumabumenyi: mwarimu atanga ibibazo bigamije gusuzuma ko intego y'isomo yagezweho. Kimara iminota 8.

v. Umukoro wo mu rugo: mwarimu aha abana imyitozo yo gukorera mu rugo. Iki gice kimara iminota 2.

1.5. Isuzumabumenyi rikorwa buri byumweru bibiri

Iki gitabo kirimo ibibazo by'isuzumabumenyi abana bakora nyuma ya buri byumweru bibiri. Ni ukuvuga nyuma y'icyumweru cya 3, 5, 7 n'icya 9; kugira ngo mwarimu arebe niba abana barongereye ubumenyi ngombwa mu kwiga kwabo. Ibyavuye muri iryo suzumabumenyi ni byo bizatuma mwarimu abwira ababyeyi niba abana babo barumvise neza ibyo bize cyangwa se niba atari ko bimeze akamenya ibyo abana bakeneye gusubiramo ngo bumve neza ibyo bize.

Iki gitabo kirimo kandi urupapuro mwarimu yandikaho amanota ya buri mwana. Urugero rw'uru rupapuro murarusanga nyuma y'isuzumabumenyi risoza icyumeru cya 2 n'icya 3, mu gihembwe cya mbere. Mwarimu azarureberaho hanyuma akore urutonde rw'amanota y'abana bazaba bakoze iryo suzumabumenyi.

2. Amasomo anyuzwa kuri terefone

Buri cyumweru hazatangwa amasomo abiri anyujijwe kuri terefone: isomo rya 1 n'irya 4. Buri somo rinyujijwe kuri terefone rimara hagati y' iminota 25 na 30. Muri iryo somo, muzumvamo mwarimu Uwera, n'abanyeshuri Hirwa na Mahoro bazabafasha gukina udukino no gukora imyitozo iteza imbere imyigire n'imyigishirize y'imibare.

Muri ayo masomo muzasangamo ingero z' udukino, indirimbo, n'injyana, imyitozo, bizafsha kongerera abana ubushobozi bwo kumva neza amahame y'ibanze mu kubara. Muzasangamo kandi uko wakoresha udukino n'ibikoresho biboneka hafi yawe mu gutuma abanyeshuri bongera imyumvire y'amahame y'ibanze mu kubara n'isano iri hagati y'imibare. Harimo kandi udukuru tw'imibare tuzatuma umwana agira ubushobozi bwo gutekereza byimbitse. Ibyo byose bikozwe mu buryo bushimisha ababyumva kandi bigatuma abana bagira uruhare mu myigire yabo.

Ayo masomo azatangwa hifashishijwe terefone n'indangururamajwi. Terefone zizakoreshwa, zifite agakarita kabikwaho amasomo y'umwaka wose. Aya masomo ni ikinyarwanda, imibare n'icyongereza.

Buri nyigisho ifite umwanya wayo muri terefone. Buri somo kandi, rifite inyito ihinnye yihariye ifasha umwarimu kubona ku buryo bworoshye isomo ashaka gutanga. Inyito ihinnye ya buri somo muri terefone, ijyana n'imbata y'isomo mu gitabo cy'umwarimu, na yo iriho iyo nyito ihinnye.

Urugero ku isomo ry'imibare : M-P1-T1-W3-L1;

Iyi nyito isobanura: M (Maths): Imibare, P1 (Primary 1): Umwaka wa 1, T1 (Term1): Igihembwe cya 1, W3 (Week3): Icyumweru cya 3, L1 (Lesson1): Isomo rya1. N'ubwo hateganyijwe incamake ya buri somo rinyuzwa kuri terefone mu gitabo cy'umwarimu, abarimu barasabwa kubanza kumva ayo masomo bagategura n'imfashanyigisho zikenewe.

3. Agashya muri iyi gahunda yo guteza imbere imyigire n'imyigishirize y'imibare.

Uburyo amasomo ateguwe muri iyi gahunda, bizabera mwarimu urugero rwiza rwo guteza imbere imyigire n'imyigishirize by'imibare. Bizatuma abana bagira uruhare rugaragara mu myigire yabo .

Muri iyi gahunda muzasangamo udushya dukurikira:

- **Udukino cyangwa imyitozo bigamije kongera ubushobozi bwo kwibuka vuba ibintu by'ibanze mu mibare.**

Kwibuka vuba ibintu by'ibanze mu mibare bishingiye ku kwibuka nk' amazina y'imibare, amagambo y'ibanze akoreshwa mu mibare.

Abana bakomererwa no kwibuka ibintu by'ibanze mu mibare. Akaba ari yo mpamvu, buri somo ritangirwa n'udukino two gusubiramo ibyo bize mu masomo aheruka. Ibi bibafasha mu kugabanya umwanya abana bafata wo kwibuka ibintu by'ibanze mu mibare.

- **Udukino cyangwa imyitozo bigamije kongera ubushobozi bwo kubara mu mutwe**

Nyuma yo kubasha kwibuka vuba ibintu by'ibanze mu mibare, abana bakeneye kongera ubushobozi bwo gukora imibare mu mutwe. Ibyo ni nko kubasha kubona igisubizo vuba mu mutwe, badakoresheje ikaramu n'urupapuro. Bakeneye kongera ubushobozi bwo gutekereza mu mutwe, urugero nko kuvuga ngo 150 uteranyijeho 36 ari kimwe na 150+30+6 maze igisubizo kikaba 186. Umwana ushobora kugikora mu mutwe, ntabwo ashoboye kubona igisubizo gikwiye gusa ahubwo aba anumva neza isano iri hagati y'imibare.

- **Udukuru tw'imibare**

  Udukuru tw'imibare dutandukanye n'amahurizo asanzwe.

  Iyo ari ihurizo, riba rifite igisubizo kimwe. Urugero: *Muhire afite imyembe 5. Mushiki we Teta afite imyembe 10. Bose hamwe bafite imyembe ingahe?* Kuri iri hurizo umunyeshuri yasubiza ko bose hamwe bafite imyembe 15.

  Iyo ari agakuru k'imibare kaba gafite ibisubizo birenze kimwe. Urugero: *Muhire afite imyembe 5. Mushiki we Teta afite imyembe 10. Mwabivugaho iki?*

  Kuri aka gakuru umunyeshuri ashobora gutanga ibisubizo bikurikira:

  - Teta arusha Muhire imyembe 5.
  - Muhire arushwa na Teta imyembe 5.
  - Bose hamwe bafite imyembe 15.
  - Imyembe ya Teta ikubye kabiri iya Muhire.
  - Muhire afite kimwe cya kabiri cy'imyembe yaTeta.
  - Imyembe ya Teta iraremereye kurusha iya Muhire.

Udukuru tw'imibare dusaba abana gutekereza ku isano iri hagati y'imibare. Babasha kumva ko uko hari amasano menshi imibare ifitanye ari nako hariho ibisubizo byinshi byo gutanga ku kibazo cy'imibare bahawe.

- **Kwibanda ku gukoresha imfashanyigisho mu isomo ry'imibare**

Gukoresha imfashanyigisho zifatika (utubarisho, intoki, ibivomesho, ikibarisho (intungwamibare…) n'imfashanyigisho zishushanije (utuziga, ikibarisho (intungwamibare) umurongo utondetseho imibare, imbonerehamwe y'imibare…),

byongera ubushobozi bw'abana mu mibare kuko bituma basobanukirwa neza kandi vuba.



Icyitonderwa: Mu kwigisha kubara, iyi gahunda yagiye yibanda ku gukoresha intoki. Niba mu ishuri hari umwana udafite intoki zose, mwarimu agomba kwigengesera ngo atamukomeretsa.

- **Kwibanda ku gusaba abanyeshuri gusobanura ibyo batekereje**

Muri iyi gahunda, iyo abana bahawe amahurizo yo gushaka ibisubizo, basabwa gusobanura uko babonye igisubizo. Gusaba abana gusobanura ibitekerezo byabo, bibafasha kongera imyumvire yabo mu mibare.

- **Kwibanda ku gukoresha injyana n'indirimbo by'imibare**

Iyi gahunda, yifashisha kandi indirimbo n'injyana mu gufasha abana kwiga imibare, yaba kubara umubare umwe umwe, kubara usimbuka umubare umwe, cyangwa ibiri cyangwa itatu. Ibi kandi bifasha abana kwibuka ibintu by'ibanze mu mibare.

- **Kubara basubira inyuma** : Urugero : 10,9,8…,2, 1 bituma abana basobanukirwa isano iri hagati y'imibare, bamenya kuyikurikinya kandi bakamenya n'uko irutana.
- **Gukorera mu matsinda:** Imyitozo myinshi ikorerwa mu matsinda ya babiri babiri, bane… ibi bigatuma abana bakora bafashanya kandi bigateza n'imbere imibanire myiza hagati y'abanyeshuri..
- **Kungurana ibitekerezo :** Muri iyi gahunda, dushishikariza mwarimu guha abana umwanya wo gutanga ibitekerezo ku byo biga. Ubu uburyo ushobobora kubukoresha mu kuvumbura icyigwa, kuvuga ibyo bize n'icyo bizabamarira mu buzima bwa buri munsi,... Muri make, kungurana ibitekereza bituma umwana agira uruhare mu myigire ye.

4. Ibindi byakenerwa ngo iyi gahunda yo guteza imibare imyigire n'imigishirize y'imibare igende neza

Usibye gusaba abana kuzana utubarisho (amabuye, ududuti, n'ibindi) two gukoresha mu myitozo yo kubara, abarimu barashishikarizwa gukoresha ibintu biboneka aho batuye (utubarisho, uduti, amacupa, imigozi) no kwikorera imfashanyigisho (umurongo utondetseho imibare, imbonerahamwe iriho imibare, amakarita ariho imibare,…). Gukoresha ibyo bikoresho bigira uruhare mu kunoza imyigire n'imyigishirize y'imibare.

Icyitonderwa: Kubera ko abana basigaye biga gusoma no kwandika bahereye ku cyapa, buri kintu cyose mwarimu yanditse ajye acyandika mu cyapa.

Igihembwe cya 1

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'IGIHEMBWE

Amasomo / Ibyumweru	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo 7
1	• Kumenyera ishuri	• Kumenyera kwandikisha ikaramu baca imirongo ihagaze	• Kumenyera kwandikisha ikaramu baca imirongo ihagaze	• Kumenyera kwandikisha ikaramu baca imirongo itambitse	• Kumenyera kwandikisha ikaramu baca imirongo iberamye	• Kumenyera kwandikisha ikaramu baca imirongo ifunze	• Kumenyera kwandikisha ikaramu baca imirongo ihagaze, itambitse, iberamye n'ifunze
2	• Kubara kuva kuri 1kugera kuri 3	• Kubara kuva kuri 1kugera kuri 4	• Gutahura aho ibintu bihereye: munsi, hejuru, imbere, inyuma, cyangwa hagati	• Kubara kuva kuri 1kugera kuri 5	• Kubara kuva kuri 1kugera kuri 5	Gutahura aho ibintu bihereye: munsi, hejuru, imbere, inyuma, i buryo, i bumoso	• Gutsindagira ibyizwe
3	• Gusoma no kwandika umubare 1	• Gusoma no kwandika umubare 1	• Gutahura no guca imirongo ihese n' ifunguye	• Gusoma no kwandika umubare 2	• Kugereranya ikintu kimwe n'ibintu 2	• Gusoma no kwandika imibare 1 na 2 • Kugereranya ikintu kimwe n''ibintu 2	Isuzumabumenyi
4	• Kubara, gusoma no kwandika umubare 3	• Gusubiramo imirongo ihese ifunguye • Kubara,gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1kugera kuri 3	• Gutahura no guca imirongo ifunze	• Kubara,gusoma no kwandika umubare 4	• Kubara no kugereranya imibare kuva kuri 1kugera kuri 4	• Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1kugera kuri 4 • Kubara, no kugereranya imibare kuva kuri 1kugera kuri 4	• Gutsindagira ibyizwe
5	• Kubara 5, 6 na 7 • Kubara kuva kuri 1kugera kuri 7	• Kubara 8,9 na 10 • Kubara kuva kuri 8 kugera ku 10	• Gutahura no guca imirongo ireshya	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1kugera ku icumi.	• Gutahura no guca imirongo ivunaguye	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1kugera ku icumi. • Kubara kuva kuri 1kugera kuri 10	Isuzumabumenyi
6	• Kubara, gusoma no kwandika umubare 5	• Kubara, gusoma no kwandika umubare 6	• Kubara, gusoma no kwandika umubare 7	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 5 kugera kuri 7	• Kugereranya uburebure bw'ibintu n'ubwa abantu	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 7	• Gutsindagira ibyizwe
7	• Kubara, gusoma no kwandika umubare 8	• Kubara, gusoma no kwandika umubare 9	• Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera ku 9	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera ku 9	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera ku 9	• Gupima uburebure bw'ibintu ukoresheje intambwe, udukoni,utwambi, n'ibindi	Isuzumabumenyi
8	• Guteranya umubare na 1(Igiteranyo ntikirenge 9).	Guteranya umubare na 2 igiteranyo ntikirenge 9	• Guteranya umubare na 3 (Igiteranyo ntikirenge 9)	• Guteranya umubare na 4(Igiteranyo ntikirenge 9).	• Guteranya umubare na 5 (Igiteranyo ntikirenge 9).	• Guteranya umubare na 1, 2, 3, 4 na 5 (Igiteranyo ntikirenge 9)	• Gutsindagira ibyizwe
9	• Gutahura umubare 0	• Gutahura no guca imirongo ifunze	• Gusoma no kwandika umubare 0	• Gutahura no kubara umubare 10	• Kubara, gusoma no kwandika umubare 10	• Gusoma no kwandika umubare 0 • Kubara, gusoma no kwandika umubare 10	Isuzumabumenyi
10	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo
11	Ibizamini	Ibizamini	Ibizamini	Ibizamini	Ibizamini	Ibizamini	Ibizamini

ICYUMWERU CYA 1

Muri iki cyumweru mwarimu azafasha abana kumenyera ishuri, kumenyera kwandikisha ikaramu baca imirongo itandukanye kugira ngo bizabafashe mu masomo azakurikira. Ibi bikurikira biraha mwarimu inama z'uko azabikora muri buri somo.

Isomo rya 1: Kumenyera ishuri

- Ereka buri mwana aho azajya yicara.
- Bwira abana izina ryawe.
- Bwira buri mwana ahaguruke abwire abandi bana izina rye, aho atuye n'umukino akunda gukina.
- Bwira abana amategeko yihariye y'ishuri: Gutega amatwi neza no gukora icyo basabwe badatinze, kugerera ku ishuri ku gihe, kubaha bagenzi babo no gufata neza ibikoresho by'ishuri, kudasakuza mu ishuri, kudahagarara mu ishuri, kuzana imfashanyigisho mwarimu abatumye.
- Jyana abana hanze ubereke aho ubwiherero, n'ikibuga bazajya bakiniraho mu karuhuko bihereye.
- Mu kugaruka ubereke aho ishuri ryabo rihereye kandi ubabwire uko ryitwa (Urugero Umwaka wa 1 A).

Isomo rya 2: Kumenyera kwandikisha ikaramu baca imirongo ihagaze

- Ereka abana uko bafata ikaramu hanyuma ugendagende mu ishuri ufasha buri mwana kuyifata neza.
- Ca umurongo uhagaze ku kibaho. Saba abana kwitegereza uwo murongo hanyuma bawuce mu makayi yabo inshuro nyinshi.

Isomo rya 3: Kumenyera kwandikisha ikaramu baca imirongo ihagaze

- Ca umurongo uhagaze ku kibaho. Saba abana kwitegereza uwo murongo hanyuma bawuce mu makayi yabo inshuro nyinshi.

Isomo rya 4: Kumenyera kwandikisha ikaramu baca imirongo itambitse

- Ca umurongo utambitse ku kibaho. Saba abana kwitegereza uwo murongo hanyuma bawuce mu makayi yabo inshuro nyinshi.

Isomo rya 5: Kumenyera kwandikisha ikaramu baca imirongo iberamye

- Ca umurongo uberamye ku kibaho. Saba abana kwitegereza uwo murongo hanyuma bawuce mu makayi inshuro nyinshi.

Isomo rya 6: Kumenyera kwandikisha ikaramu baca imirongo ifunze

- Ca umurongo ufunze, urugero uruziga, ku kibaho. Saba abana kwitegereza uwo murongo hanyuma bawuce mu makayi inshuro nyinshi.

Isomo rya 7: Kumenyera kwandikisha ikaramu baca umurongo uhagaze, utambitse, uberamye n'ufunze

- Ca imirongo uhagaze, utambitse, uberamye n'ufunze ku kibaho. Bwira abana bitegereze iyo mirongo hanyuma bayice mu makayi inshuro nyinshi.

ICYUMWERU CYA 2

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo rya1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Kubara kuva kuri 1kugera kuri 3	• Kubara kuva kuri 1kugera kuri 4	• Gutahura aho ibintu bihereye: munsi, hejuru, imbere, inyuma, cyangwa hagati.	• Kubara kuva kuri 1kugera kuri 5	• Kubara kuva kuri 1kugera kuri 5 (Imyitozo)	• Gutahura aho ibintu bihereye: hasi, hejuru, imbere, inyuma, i buryo, i bumoso	• Gutsindagira ibyizwe
Udukino two kubara mu mutwe	Ni kangahe wabonye? (kuva kuri 1 kugera kuri 3)	Ni kangahe wabonye? (kuva kuri 1 kugera kuri 4)	Ni kangahe wabonye? (kuva kuri 1 kugera kuri 4)	Ni kangahe wabonye? (kuva kuri 1 kugera kuri 5)	Ni kangahe wabonye? (kuva kuri 1 kugera kuri 5)	Ni kangahe wabonye? (kuva kuri 1 kugera kuri 5)	
Indirimbo cyangwa injyana	Injyana yo kubara kuva kuri 1kugera kuri 3	Injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 4	Injyana yo kubara kuva kuri 1kugera kuri 4	Injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 5	Injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 5	Injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 5	
Imikino yo kubara	• Kora nkanjye • Erekana ubare • Nyereka uyu mubare ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje. • Shaka ibintu bitatu	• Kora nkanjye • Erekana ubare • Nyereka uyu mubare ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje • Shaka ibintu 4 • Ni kangahe wabonye?	• Kora nkanjye • Erekana ubare • Nyereka uyu mubare ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje. • Nyereka uyu mubare • Shaka ibintu bine	• Kora nkanjye • Erekana ubare • Nyereka uyu mubare • Nyereka uyu mubare ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje. • Shaka ibintu bitanu	• Nyereka uyu mubare • Nyereka uyu mubare ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje. • Shaka ibintu bitanu	• Kora nkanjye • Nyereka uyu mubare	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.1-2	P.3	P.65-75, 85	P.1-5	P.1-5	P.65-75, 85	
MK	P, 2 P1-2	P. 1,2	P.3-7	P.1, 2	P.1, 2	P.3-7	
JKF	P.10-12	P.10-13	P.1-4	P.10-13, 26	P.10-13, 25, 26	P.1-4	
LONGHORN	P.1-5	P.1-5	P.81-84	P.1-5	P.1-5	P.81-84	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

	Ni kangahe wabonye?(hasubiza umwana umwe umwe) • Genda uzamura intoki (Kuva kuri 1 kugera kuri 5). • Baza abana uti "Ni kangahe wabonye? • Abana banyuranye barajya basubiza bavuga umubare w'intoki babaze • Urugero kuri iki kiganza (gishushanyije) abana baravuga ko babonye intoki 4
	Kora nkanjye(ukinwa n'ishuri ryose) • Genda uzamura intoki (kuva kuri rumwe kugera kuri eshanu). Hanyuma uvuge umubare w'intoki wazamuye. • Bwira abana bazamure intoki nk'izo wazamuye. • Muri uru rugero rw'ikiganza gishushanyije, abana barazamura intoki enye, zisa n'izo mwarimu yazamuye.
	Nyereka uyu mubare ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje. • Zamura intoki (kuva kuri 1 kugera kuri 5). Hanyuma uvuge umubare w'intoki wazamuye. • Bwira abana bakwereke intoki waberetse ariko bakoresheje intoki zinyuranye n'izo wakoresheje. • Muri uru rugero rw'ikiganza gishushanyije, abana barazamura intoki enye, ariko zinyuranye n'izo mwarimu yazamuye. Urugero abana bashobora kuzamura intoki enye bakoresheje ibiganza byombi. Ni ukuvuga ko bashobora kuzamura intoki ebyiri kuri buri kiganza, cyangwa urutoki rumwe ku kiganza kimwe n'intoki eshatu ku kindi kiganza.
	**Erekana ubare (bawukina mu itsinda rya babiri babiri cyangwa itsinda rinini)** • Bwira buri mwana cyangwa itsinda ry'abana bashake ibintu kuva kuri kimwe kugera kuri bitanu • Babwire babibare babyerekana kimwe kimwe. • Bwira buri mwana cyangwa itsinda ry'abana bavuge umubare w'ibyo babaze.
3	**Nyereka uyu mubare(bawukinira hamwe ishuri ryose)** • Genda uvuga cyangwa wandika ku kibaho umubare (kuva kuri rimwe kugera kuri gatanu). • Bwira abana bakwereke uwo mubare bakoresheje intoki.
	Shaka ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 5 (mu itsinda rya babiri) • Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri. • Bwira abana bakore amatsinda y'ibintu (kuva kuri 1 kugera kuri 5) • Bwira abana babibarire hamwe.
	Ni bingahe? (mu itsinda rya babiri babiri) • Shyira abana mu itsinda rya babiri babiri. • Baza abana umubare w'ibintu bareba (Ku kibaho, mu itsinda runaka, … mu ishuri) • Buri mwana afatanye na mugenzi we basubize.

Indirimbo itangiza amasomo atangwa hifashishijwe terefone: 'Muze Twige Imibare':

Ni umwanya w'imibare

Ni umwanya wo kwigana natwe

Turaririmba

Turakina

Turidagadura

Muze twige imibare.

ISOMO RYA 1 – KUBARA KUVA KURI 1 KUGERA KURI 3

ICYITONDERWA - *Kora ku buryo abana bose babona neza intoki zawe mu gihe urimo ukinisha turiya dukino two kubara wifashishije intoki.*

Intego y'isomo :	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo abana baraba bashobora: • Kubara kuva kuri 1 kugera kuri 3.	• Ibikoresho biri mu ishuri: 3 kuri buri mwana (amakayi, amakaramu, ibitabo) • Terefone (M-P1-T1-W2-L1) • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Genzura ko buri mwana afite utubarisho 3.

2. Mu gice cy' isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

1 2 3

- Fasha abana gutahura abakinnyi batatu bari mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.
- Ririmbana n'abana indirimbo itangiza amasomo atangwa hifashishijwe terefone ya 'Muze Twige imibare'.
- Fasha abana kubara kuva kuri 1 kugera kuri 3 ukoresheje udukino dukurikira:
  - "Kora nkanjye" (mukoresheje intoki).
  - "Nyereka uyu mubare" ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje (mukoresheje intoki).
  - "Erekana uyu mubare" (mukoresheje intoki).
  - "Erekana ubare" (mukoresheje ibikoresho by'ishuri).
  - "Shaka ibintu bitatu" (mukoresheje ibikoresho by'ishuri).
  - "Ni kangahe wabonye?" (mukoresheje intoki).
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 3.
- Baza abana icyo bize muri iki gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

3. Nyuma y'igice cy' 'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

- Bwira abana bakwereke ikintu kimwe.
- Babwire bakwereke ibintu bibiri.
- Babwire bakwereke ibintu bitatu.
- Babwire babare ibyo bintu bakweretse babara kimwe kimwe.

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana nibagera mu rugo baze gukora itsinda ry'ibintu bitatu maze babibarire ababyeyi babo cyangwa undi muntu wo mu rugo.

ISOMO RYA 2 – KUBARA KUVA KURI 1 KUGERA KURI 4

ICYITONDERWA - *Bwira abana kwerekana ibintu neza mu gihe bari kubibara.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo abana baraba bashobora: • Kubara kuva kuri 1 kugera kuri 4.	• Utubarisho (Uduti, udukoni, utubuye…) tune kuri buri mwana.

1. Gukangura abana — iminota 2

1 2 3

- Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1 kugera kuri 3.
- Ririmbisha abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 3.

2. Isubiramo — iminota 3

Kinisha iyi mikino:

- "Erekana ubare", ukoreshe intoki kuva kuri 1 kugera kuri 3.
- "Nyereka uyu mubare" ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1 Kuvumbura icyigwa

Kinisha imikino :

- "Kora nkanjye" ukoreshe ibiganza byombi (mukoreshe imibare kuva 1 kugera kuri 4).
- "Nyereka uyu mubare ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakweretse".
- Bwira abana bashake ibintu bine. Babwire babibare bagenda bazamura ikintu kimwe kimwe.
- Bwira abana ko bashobora kubara kane bakoresheje intoki, utubarisho cyangwa ibindi bintu.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukora no kubara amatsinda y'ibintu bine

- Kinisha agakino ko gushaka ibintu bine:

Buri mwana akorane na mugenzi we maze bashake ibintu bine cyangwa bakore amatsinda y'ibintu bine.

Umwitozo wa 2 – Gukoma amashyi ahwanye n'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4

- Vuga umubare urugero 2.
- Abanyeshuri bavuge uwo mubare kandi bakoma amashyi ahwanye n'umubare uvuze.

Umwitozo wa 3 – Kubara kuva kuri 1 kugera kuri 4- IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kubara kuva kuri 1 kugera kuri 4 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P.3, **MK** P.1-2, **JKF** P.10-12, 13 **LONGHORN** P.1-5

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Bwira abana bashake ibintu bine. Babwire babibare bagenda bazamura ikintu kimwe kimwe.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Umukoro wo murugo

Bwira abana baze gukora amatsinda y'ibintu 2, 3, cyangwa 4 babibarire ababyeyi babo.

ISOMO RYA 3 – GUTAHURA AMEREKEZO N'AHO IBINTU BIHERERE YE: MUNSI, HASI, HEJURU, IMBERE, INYUMA, HAGATI

ICYITONDERWA - *Kinishiriza iyi mikino hanze ugenda werekana ibyerekezo kandi mukoresha amagambo aranga aho ibintu biherereye.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo abana baraba bashobora : • Gutahura amerekezo n'aho ibintu biherereye: hasi, hejuru, imbere, inyuma, hagati.	• Ibikoresho biri mu ishuri: amakayi, ibitabo, amakaramu…

1. Gukangura abana — iminota 2

Kinisha abana agakino ko kubara vuba: "Ni kangahe wabonye?"

- Zamura intoki (kuva kuri 1kugera kuri 4).
- Baza abana uti "Ni kangahe wabonye?"
- Umwana umwe agasubiza, mukongera mugatangira, ukagenda ubaza abana banyuranye.

2. Isubiramo — iminota 3

Kinisha iyi mikino:

- "Erekana ubare", ukoresheje intoki kuva kuri 1 kugera 4.
- "Nyereka uyu mubare ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje", (ukoreshe imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4).

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Bwira umwana aze imbere ahagarare.
- Bwira umwana aze ashyire ikintu, urugero: ikayi, munsi y'ameza, igitabo inyuma y'urugi, hanyuma we ahagarare imbere y'ikibaho.
- Bwira abana bagusobanurire aho ibyo bintu cyangwa umuntu biri, bakoresheje amagambo aranga icyerekezo: imbere, inyuma, munsi.
- Bwira bana batatu baze imbere, bahagarare ku murongo. Noneho ubaze abana bakubwire umwana uri hagati uwo ari we.
- Sobanurira abana ko amagambo aranga amerekezo akoreshwa mu kugaragaza aho abantu cyangwa ibintu biherereye.

3.2.Imyitozo mpamya bumenyi

Umwitozo wa 1 -Amerekezo- IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gutahura aho ibintu biherereye: hasi, munsi, hejuru, imbere, inyuma, hagati iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite):

  MK/REB P.65-75, 85, **MK** P.3-7, **JKF** P.1-4 **LONGHORN** P.81-84

Umwitozo wa 2 – Kugaragaza aho ibintu n'abantu biherereye

- Baza abana aho bicaye mu ishuri. Basubize bakoresheje: Imbere, inyuma, hagati.

Umwitozo wa 3 – Agakino ka "Kiri he?"

- Hitamo ikintu kimwe mu ishuri ariko ntukibwire abana. Abana barafora icyo kintu babaza ibibazo bijyanye n'aho gihereye. Urugero, *"Ese kiri inyuma y'urugi?", "Ese kiri hejuru y'ameza?"*

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Bwira abana bose barebe inyuma. Babwire noneho barebe imbere. Babwire barebe munsi y'ameza yabo.

Hagarika abana batatu imbere, maze ubaze abasigaye kuvuga umwana uri hagati. Genda usimburanya abana.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana baze kwereka ababyeyi aho ibintu binyuranye byo mu rugo biherereye, bakoresheje amagambo aranga icyerekezo: imbere, inyuma, munsi, hagati…

ISOMO RYA 4 – KUBARA KUVA KURI 1 KUGERA KURI 5

ICYITONDERWA - *Uririmbane n'abana ubatera umwete*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo abana baraba bashobora: • Kubara kuva kuri 1kugera kuri 5.	• Ibikoresho biri mu ishuri: amakayi, ibitabo, amakaramu,.... • Terefone (M-P1-T1-W2-L4) • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Genzura ko buri mwana afite utubarisho 5.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

1 2 3 4 5

- Ririmbana n'abana indirimbo itangiza amasomo y'imibare atangwa hifashishijwe terefone ya 'Muze Twige Imibare'.
- Fasha abana kubara kuva kuri 1 kugera kuri 5 ukoresheje udukino dukurikira:

  -"Erekana uyu mubare" (mukoreshe intoki)

  -"Kora nkanjye" (mukoreshe intoki)

  -"Nyereka uyu mubare" ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje (mukoreshe intoki).

  -"Erekana uyu mubare" (ukoresheje ibikoresho byo mu ishuri)

  - Shaka ibintu bitanu (ukoresheje ibikoresho byo mu ishuri)

  -"Ni kangahe wabonye?" (ukoresheje ibikoresho byo mu ishuri)
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 5
- Baza abana agakino kaboroheye muri iki gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1 Isuzumabumenyi

- Bwira abana bashake ibintu bitanu maze babibare, bagende babara kimwe kimwe.

3.2.Umukoro wo mu mu rugo

Bwira abana baze gukora itsinda ry'ibintu bitanu, maze babibarire ababyeyi babo cyangwa undi muntu wo mu rugo.

ISOMO RYA 5 – KUBARA KUVA KURI 1 KUGERA KURI 5

ICYITONDERWA - *Iyo ukinisha umukino "Ni kangahe wabonye?" Wihute uko bishoboka kose kugira ngo agakino gashimishe abana. Ubamenyereze kubona umubare w'ibintu vuba vuba.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo abana baraba bashobora: • Kubara kuva kuri 1kugera kuri 5	• Ibikoresho byo mu ishuri: amakayi, ibitabo , amakaramu – 5 kuri buri mwana • Utubarisho 5 kuri buri mwana

1. Gukangura abana **iminota 2**

1 2 3 4 5	Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5. Ririmbisha abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 5.

2. Isubirimo **iminota 3**

	Kinisha abana umukino witwa: Erekana ubare, ukoresheje intoki kuva kuri1 kugera kuri 5.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Kinisha agakino "Kora nkanjye" ukoresheje ibiganza byombi. Bakwereke umubare gatanu mu buryo bunyuranye.
- Kinisha umukino witwa "Nyereka uyu mubare" ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje. (Ukoreshe 1kugera kuri 5).
- Fasha abana kubara utubarisho dutanu
- Sobanurira abana ko bashobora kubara gatanu bakoresheje utubarisho, intoki cyangwa ibindi bintu.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Kubara ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 5

- Kinisha umukino "Ni bingahe?" ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5. Urugero baza abana uti:
  - Mufite amano angahe?
  - Ishuri rifite amadirishya angahe?
  - Mufite amakayi y'imibare angahe?
- Komeza ako gakino ukoresheje ibikoresho abana bazi neza.

Umwitozo wa 2 –Kubara no gukora itsinda ry'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 5

- Mu matsinda ya babiri babiri abana barakora itsinda ry'ibintu 5 (utubuye, udukoni, uduti, ibitabo, amakayi, amakaramu...).
- Umwe ajye avuga umubare urugero gatatu, undi akore itsinda ry'ibintu 3, noneho abibare. Hanyuma bahinduranye gukina.

Umwitozo wa 3 –Kubara kuva kuri 1 kugera kuri 5 - IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye no kubara kuva kuri 1kugera kuri 5 iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P.1-5, **MK** P.1-2, **JKF** P.10, 12, 13, 26, **LONGHORN** P.1-5

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Bwira abana babare intoki eshanu. Bagende babara rumwe rumwe.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

	Bwira abana baze gukora itsinda ry'ibintu bitanu, maze babibarire ababyeyi babo cyangwa undi muntu wo mu rugo.

ISOMO RYA 6 – GUTAHURA AHO IBINTU BIHERERE YE: MUNSI/HASI, HEJURU, IMBERE, INYUMA, IBURYO, IBUMOSO

ICYITONDERWA - *Kinisha imikino yo kwimenyereza iburyo n'ibumoso (Urugero: kora ku gutwi ku iburyo!).*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo abana baraba bashobora: • Gutahura amerekezo n'aho ibintu biherereye: munsi/hasi, hejuru, imbere, inyuma, iburyo, ibumoso	• Ibikoresho byo mu ishuri kuri buri mwana: amakayi, amakaramu, ibitabo…. • Utubarisho 3 kuri buri mwana

1.Gukangura abana — iminota 2

Kinisha agakino ko kubara vuba: "Ni kangahe wabonye?"

- Zamura intoki (kuva kuri 1kugera kuri 5).
- Baza abana uti «Ni kangahe wabonye ?"
- Bagenda basubiza umwe umwe (umubare w'intoki zizamuye), mukongera mugatangira ukagenda ubaza abana banyuranye.

2.Isubiramo — iminota 3

4

Kinisha:

- "Kora nkanjye",(ukoreshe imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4).
- "Nyereka uyu mubare, ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakweretse" (ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4).

3.1. Isomo rishya — iminota 25

3.1 Kuvumbura icyigwa

- Bwira abana bakubwire aho ibintu biherereye: bavuge ibiri iburyo bwa ..., ibumoso bwa..., hejuru ya..., munsi ya..., imbere cyangwa inyuma y'ibindi bintu.
- Ha abana izindi ngero zibafasha gusobanukirwa neza uko amagambo aranga amerekezo akoreshwa
- Basobanurire ko ayo magambo aranga amerekezo akoreshwa mu kugaragaza aho abantu cyangwa ibintu biherereye.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 –Gutandukanya ukuboko kw'iburyo n'ukw' ibumoso

- Koresha abana imyitozo yo gutandukanya ukuboko kw' iburyo n'ukw'ibumoso. Ubabwire bajye bakora ku bice binyuranye by'umubiri wabo bakoresheje ukuboko kw' iburyo cyangwa ukw'ibumoso. Urugero ubabwire gukora ku mutwe bakoresheje ukuboko kw'ibumoso, cyangwa gukora ku maso yabo bakoresheje ukuboko kw'iburyo.

Umwitozo wa 2 –Imyitozo ijyanye n' amerekezo: munsi/hasi, hejuru, imbere, inyuma, iburyo , ibumoso - **IGITABO CY'UMUNYESHURI**

- Hitiramo abana imyitozo ijyanye n'amerekezo iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite)

  MK/REB P.65-75, 85 P.65-75, 85, **MK** P.3-7, **JKF** P.1-4 **LONGHORN** P.81-84

4.Isuzumabumenyi — iminota 8

Bwira abana barebe hasi. Babwire barebe hejuru. Noneho babwire barebe imbere. Babwire bakore ku gutwi kw'iburyo. Babwire bakore ku jisho ry'ibumoso.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana baze kweraka ababyeyi babo aho ibintu binyuranye byo mu rugo biherereye, bakoresheje amagambo aranga icyerekezo: munsi, hejuru, iburyo, ibumoso.

ICYUMWERU CYA 3

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Gusoma no kwandika umubare 1	• Gusoma no kwandika umubare 1	• Gutahura no guca imirongo ifunguye.	• Gusoma no kwandika umubare 2	• Kugereranya ikintu kimwe n'ibintu 2(ukagaragaza ibyinshi n'ibike)	• Gusoma no kwandika imibare 1 na 2 • Kugereranya ikintu kimwe n'ibintu 2	• Isuzumabumenyi
Udukino two kubara mu mutwe	• Ni kangahe wabonye? (kuva kuri 1 kugera kuri 5)	• Ni kangahe wabonye? (kuva kuri 1 kugera kuri 5)	• Ni kangahe wabonye? (kuva kuri 1 kugera kuri 5)	• Ni kangahe wabonye? (kuva kuri 1 kugera kuri 5)	• Ni kangahe wabonye? (kuva kuri 1 kugera kuri 5)	• Ni kangahe wabonye? (kuva kuri 1 kugera kuri 5)	
Injyana, indirimbo	• Injyana y'imibare(kuva kuri 1 kugera kuri 5) • Indirimbo y'ikiganza	• Injyana y'imibare(kuva kuri 1 kugera kuri 5) • Indirimbo y'ikiganza	• Injyana y'imibare(kuva kuri 1 kugera kuri 5) • Indirimbo y'ikiganza	• Injyana y'imibare(kuva kuri 1 kugera kuri 5) • Indirimbo y'ikiganza	• Injyana y'imibare(kuva kuri 1 kugera kuri 5) • Indirimbo y'ikiganza	• Injyana y'imibare(kuva kuri 1 kugera kuri 5) • Indirimbo y'ikiganza	
Imikino yo kubara	• Shaka ikintu kimwe • Bara wandike	• Shaka ikintu kimwe • Nyereka uyu mubare ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakweretse.	• Ni uwuhe murongo?	• Shaka ibintu bibiri • Kora nkanjye • Nyereka uyu mubare ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakweretse.	• Shaka ikintu kimwe,Shaka ibintu bibiri • Ibyinshi ni ibihe?	• Erekana uyu mubare • Shaka ikintu kimwe, shaka ibintu bibiri • Ibyinshi ni ibihe? • Kora nkanjye • Nyereka uyu mubare ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakweretse.	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.67	P.1-7	P.80	P.1-7	-	P. I	
MK	P.8	P.8	P.11	P.8, 10	-	P.8, 10	
JKF	P. 21, 25	P.21	P.19	P.22, 25	P.31	P.22, 25	
LONGHORN	P.6-8	P.6-8	P.87, 92, 93	P.6-8	P.45	P.6, 7, 8	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

	"Ni kangahe wabonye?"**(Hasubiza umwana umwe umwe)** • Genda uzamura intoki (Kuva kuri 1 kugera kuri 5). • Baza abana uti "Ni kangahe wabonye? • Abana banyuranye barajya basubiza. • Urugero kuri iki kiganza gishushanyije abana baravuga ko babonye kane.
	"Kora nkanjye"(ukinwa n'ishuri ryose) • Genda uzamura intoki kuva kuri rumwe kugera kuri eshanu. Hanyuma uvuge umubare w'intoki wazamuye • Bwira abana bazamure intoki nk'izo wazamuye. • Muri uru rugero, abana barazamura intoki enye, zisa n'izo mwarimu yazamuye.
	"Uyu murongo ni uwuhe?" • Ca umurongo (utambitse, ugororotse, uberamye,) ku kibaho. • Hanyuma ujye ubaza abana uti "uyu murongo ni uwuhe? • Nibamara gusubiza, uwusibe ushushanye undi mukomeze agakino.
	**"Ibyinshi ni ibihe?"** • Shushanya cyangwa werekane amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 5. • Baza abana uti "Ni irihe tsinda rifite ibintu byinshi?"
	"Nyereka uyu mubare", ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje. • Zamura intoki (kuva kuri rumwe kugera kuri eshanu). Hanyuma uvuge umubare w'intoki wazamuye. • Bwira abana bakwereke intoki waberetse ariko bakoresheje intoki zinyuranye n'izo wakoresheje.
3	**"Nyereka uyu mubare" (bawukinira hamwe ishuri ryose)** • Vuga umubare kuva kuri rimwe kugera kuri gatanu. • Bwira abana bakwereke uwo mubare bakoresheje intoki.
	"Shaka ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 5 • Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri. • Bwira abana bashake cyangwa bakore amatsinda y'ibintu 3 cyangwa y' abantu 5. • Bwira abana babibarire hamwe.
	"Bara, wandike" (bawukina mu itsinda rya babiri cyangwa itsinda rinini) • Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri. • Babwire bashyire ibintu (ibikoresho by'ishuri cyangwa ibindi bintu) ku meza imbere yabo • Umwe arajya azamura umubare runaka w'ibintu babibarane na mugenzi we, hanyuma bombi bandike umubare babaze.
	Indirimbo y'ikiganza (intoki eshanu) : Ririmbisha abana: Reba ikiganza cyanjye Gifite intoki eshanu Dore urutoki rumwe Dore intoki ebyiri Dore intoki eshatu Dore intoki enye Dore intoki eshanu

ISOMO RYA 1 – GUSOMA NO KWANDIKA UMUBARE 1

ICYITONDERWA - *Ukore ku buryo abana bose bagenda babara intoki mu gihe muririmba indirimbo y'intoki.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo abana baraba bashobora: • Gusoma no kwandika umubare 1.	• Ibikoresho by'ishuri: ikayi, igitabo, ikaramu 1kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T1-W3-L1) • Indangururamajwi.

1.Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Koresha isubiramo ku mirongo igororotse, ihagaze n'itambitse!

2.Mu gice cy' isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

1 2 3 4 5

- Ririmbana n'abana indirimbo y'ikiganza (intoki eshanu).
- Kinisha abana agakino ku kubara vuba: "Ni kangahe wabonye?"
- Ririmbana n' abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 5.
- Barana n'abana ikintu kimwe kimwe (urutoki, akabarisho).
- Ereka abana uko umubare 1 wandikwa.
- Sobanurira abana ko iyo bandika 1, batangira baca umurongo uberamye, bazamuka hanyuma bakamanuka baca umurongo ugororotse. (iyo mirongo yombi irahura)
- Bitoze kuwandika ahantu hatandukanye (mu kirere, mu kiganza, ku kuboko bakoresheje urutoki, no mu makayi yabo).
- Kinisha abana agakino: "Bara, wandike 1", mu matsinda ya babiri babiri.
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare.
- Baza abana icyo bize mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

Agakuru k'imibare

Mfite icunga rimwe. Mukuru wanjye afite amacunga atatu. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

– Mukuru wanjye afite amacunga menshi kundusha.

– Mukuru wanjye ampaye icunga rimwe twahita tunganya amacunga.

3. Nyuma y'igice cy' isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

- Bwira abana kandike umubare 1 mu makayi yabo.
- Babwire basome uwo mubare banditse.

3.2.Umukoro wo mu rugo

Bwira abana nibagera mu rugo, baze kwereka ababyeyi babo ko bashobora kwandika umubare 1 mu kirere bakoresheje urutoki.

ISOMO RYA 2 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA UMUBARE 1

ICYITONDERWA- *Ereka abana uko bandika umubare rimwe mu kirere ukoresheje urutoki*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kubara, gusoma no kwandika umubare 1.	• Ibikoresho by'ishuri : ikayi 1, igitabo 1, ikaramu 1 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana **iminota 2**

1 2 3 4 5	• Kinisha abana injyana yo kubara kuva kuri1 kugera kuri 5. • Ririmbisha abana indirimbo y'ikiganza kuva kuri1 kugera kuri 5.

2.Isubiramo **iminota 3**

- Kinisha agakino: "Nyereka uyu mubare" ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje
- Zamura intoki (kuva kuri 1 kugera kuri 5). Hanyuma uvuge umubare w'intoki wazamuye.
- Bwira abana bakwereke intoki waberetse ariko bakoresheje intoki zinyuranye n'izo wakoresheje.

3. Isomo risya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

1	Kinisha uyu mukino: "Shaka ikintu 1" • Bwira abana bashake ikintu 1. Hanyuma wandike umubare 1 ku kibaho, maze usabe abana bawusome baranguruye ijwi. • Ibutsa abana ko iyo bandika 1, batangira baca umurongo uberamye bazamuka, baca umurongo ugororotse uhagaze (iyo mirongo yombi irahura).

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gusoma no kwandika umubare 1

- Erekana umubare 1 uri ku kibaho, hanyuma usabe abana bose hamwe kuwusoma baranguruye ijwi.
- Bwira abana bandike umubare rimwe mu kirere, ku meza yabo, ku maboko yabo, ku maguru yabo, bakoresheje urutoki.

Umwitozo wa 2 – Kubara no kwandika umubare 1

- Mu matsinda ya babiri, abana barashushanya ikintu kimwe (ikiziga, umurongo, umuntu…) hanyuma bandike umubare 1 imbere y'icyo gishushanyo).

Umwitozo wa 3 –Kubara, gusoma no kwandika umubare 1 – IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kubara, gusoma no kwandika umubare 1 iri mu bitabo bikurikira (ukoreshe ibitabo ishuri rifite)

MK/REB P.1, 6, 7, **MK** P.8, **JKF** P.21, **25 LONGHORN** P.6, 7, 8.

4.Isuzuma bumenyi **iminota 8**

- Bwira abana bandike umubare rimwe inshuro eshatu mu makayi yabo nibarangiza bawusome.

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

	Bwira abana nibagera mu rugo baze kwitoza kwandika umubare 1 mu mucanga cyangwa ku butaka, bakoresheje agati.

ISOMO RYA 3 – GUTAHURA NO GUCA IMIRONGO IHESE IFUNGUYE

ICYITONDERWA- *Nuca imirongo, ujye uca imirongo minini ku buryo abana bose bari buyibone.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo abana baraba bashobora : • Gutahura no gushushanya imirongo ihese ifunguye n'ifunze.	• Urupapuro rukomeye ruriho imirongo ihese ifunguye (iheteye iburyo, ibumoso, hasi, hejuru).

1.Gukangura abana **iminota 2**

1 2 3 4 5

- Ririmbisha abana injyana yo kubara kuva kuri1 kugera kuri 5.
- Ririmbisha abana indirimbo y'ikiganza kuva kuri1 kugera kuri 5.

2.Isubiramo **iminota 3**

Kinisha imikino:
"Ni uwuhe murongo*?" (*Koresha imirongo ihagaze, itambitse n'iberamye).
Shushanya imirongo ku kibaho, maze ubaze abana bakubwire iyo ariyo. Ugire vuba uko bishoboka kose kugira ngo agakino gashimishe abana.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Ca ku ruhande rw'ibumoso rw'ikibaho imirongo 3 igororotse (uhagaze, utambitse, uberamye). Ca indi mirongo 4 ihese ifunguye (uheteye iburyo, ibumoso, hasi, hejuru) cyangwa ukoreshe urupapuro rukomeye ruriho imirongo ihese ifunguye.
- Noneho baza abana bakubwire uko 'iyo mirongo imeze. Noneho uhite ubabwira ko iyo itagororotse, yitwa imirongo ihese ifunguye (iheteye iburyo, ibumoso, hasi, hejuru).
- Noneho sobanurira abana ko mu mirongo ihese ifunguye hari iheteye iburyo, ibumoso, hasi no hejuru.
- Babaze kureba buri murongo uhese maze bakubwire aho uheteye (iburyo, ibumoso, hasi, hejuru).
- Noneho bwira abana bace imirongo ihese ifunguye mu kirerere, ku ntebe zabo, ku maguru yabo, mu kiganza, mu makaye yabo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Kuvuga imirongo bareba iyo ariyo

- Manika rwa rupapuro ruriho imirongo ihese ifunguye, noneho ujye ukora kuri buri murongo abana bavuge iyo mirongo iyo ariyo kandi bavuge n'aho iheteye.

Umwitozo wa 2 – Guca imirongo (Mu matsinda ya babiri)

- Shyira abana mu matsinda ya babiri. Noneho bwira abana muri buri tsinda, bakine wa mukino witwa « Ni uwuhe murongo?» Buri wese araca umurongo uhese cyangwa ugororotse, ku meza, mu ikayi, hanyuma abaze mugenzi we ngo ni «Ni uwuhe murongo?» Maze nyuma bahinduranye gukina.

Umwitozo wa 3 –Gutahura no guca imirongo ihese ifunguye -IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no guca imirongo ihese ifunguye iri mu bitabo bikurikira (ukoreshe ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P.80, **MK** P.11, **JKF** P.19, **LONGHORN P.**87, 92, 93.

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Bwira abana bace imirongo ihese ifunguye (iheteye iburyo, ibumoso, hasi, hejuru) mu makayi yabo.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bwira abana nibagera mu rugo baze kwitoza guca imirongo ihese ifunguye mu musenyi cyangwa ku butaka bakoresheje agati.

ISOMO RYA 4 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA 2

ICYITONDERWA - *Kinisha abana ka gakino kitwa'Shaka ibintu bibiri, ibyo bintu babishake ku mibiri yabo (urugero: amatwi abiri).*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kubara, gusoma no kwandika umubare 2.	• Ibikoresho by'ishuri : amakayi 2, ibitabo 2, amakaramu 2 kuri buri mwana • Terefone (M-P1-T1-W3-L4) • Indangururamajwi

1.Mbere y'igice cyisomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Kinisha ka gakino kitwa "Ni uwuhe murongo?"

2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

1 2 3 4 5

- Ririrmbana n' abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 5.
- Fasha abana kubara vuba vuba kuri 1 kugera kuri 5 ukoresheje agakino:
- "Ni kangahe wabonye?".
- Barana n'abana ibintu 2 (intoki, utubarisho). Bereke uko umubare 2 wandikwa, hanyuma bakubwire ubwoko bw'imirongo iwugize. Bitoze kuwandika ahantu hatandukanye (mu kirere, ku meza bakoresheje urutoki).
- Sobanurira abana uko umubare 2 wandikwa, ubatoza guca imirongo igize uwo mubare batayihuza neza. Hanyuma ubatoze kuwandika ku kibaho no mu makayi yabo.
- Kinisha abana agakino"Bara wandike" mu matsinda ya babiri babiri.
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano hasi.
- Baza abana icyo bakunze mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

Agakuru k'imibare

Mugisha afite amakaramu abiri. Munyana afite ikaramu imwe. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Mugisha afite amakaramu aruta aya Munyana.

-Uwaha Munyana ikaramu 1 yahita anganya na Mugisha.

-Bombi bafite amakaramu 3.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Bwira abana bandike umubare 2 mu kirere bakoresheje urutoki, hasi bakoresheje ikirenge cyangwa mu kirere bakoresheje umutwe. Hanyuma banandike umubare 2 mu makaye yabo.

3.2.Umukoro wo mu rugo

Bwira abana nibagera mu rugo baze kwitoza kwandika umubare 2 bakoresheje urutoki.

ISOMO RYA 5 – KUGERERANYA IKINTU KIMWE N'IBINTU 2

ICYITONDERWA - *Nuzamura ibintu mu ntoki, ubikore ku buryo abana bose babona ibyo wazamuye.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'iri somo abana baraba bashobora: • Kugereranya ikintu kimwe n'ibintu 2(bakagaragaza ibyinshi n'ibike).	• Utubarisho 3 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana — iminota 2

1 2 3 4 5

- Ririmbisha abana injyana yo kubara kuva kuri1 kugera kuri 5.
- Ririmbisha abana indirimbo y'intoki kuva kuri1 kugera kuri 5.

2. Isubiramo — iminota 3

Kinisha abana iyi mikino:

- "Shaka ikintu kimwe" na "Shaka ibintu bibiri".
- "Nyereka uyu mubare" ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje (ukoreshe imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5).

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa

Kinisha uyu mukino: "Ibyinshi ni ibihe?"

- Bwira abana bakore itsinda ry'akabarisho kamwe.
- Babwire noneho bakore itsinda ry'utubarisho tubiri.
- Babwire bagereranye ayo matsinda abiri. Babwire itsinda ririmo byinshi, iririmo bike, n'uko bamenye ibyinshi ibyo aribyo.
- Basobanurire ko kugira ngo bamenye ko itsinda rifite byinshi cyangwa bike bagomba kubara ibintu biri muri buri tsinda.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Kugereranya amatsinda

- Shushanya ku kibaho amatsinda abiri; rimwe ririmo ikintu kimwe, irindi ririmo ibintu bibiri. ,
- Hanyuma ubwire abana kugereranya ayo matsinda, bakubwira ibike, ibyinshi, n'uko bamenye ibyinshi ibyo ari byo.

Umwitozo wa 2 – IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kugereranya ikintu 1 n 'ibintu 2 iri mu bitabo bikurikira (ukoreshe ibitabo ishuri rifite).

MK P.8, **JKF** P.31. **LONGHORN P.45**

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Bwira buri mwana akore amatsinda abiri y'utubarisho: rimwe ry'ikintu kimwe n'irindi ry'ibintu bibiri. Hanyuma bakubwire itsinda rifite byinshi n'irifite bike. Bakubwire n'uko bamenye ibyinshi ibyo aribyo.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana nibagera mu rugo baze gufatanya n'umuntu wo mu rugo, bakore amatsinda abiri; rimwe ry'ikintu kimwe, n'irindi ry'ibintu bibiri, hanyuma bamwereke itsinda rifite byinshi.

ISOMO RYA 6 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA 1 NA 2 NO KUGERERANYA IKINTU KIMWE N 'IBINTU 2

ICYITONDERWA- *Bwira abanyeshuri baze bayobore umukino.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kubara, gusoma no kwandika umubare 1 na 2. • Kugereranya ikintu kimwe n'itsinda ry'ibintu bibiri.	• Ibikoresho by'ishuri: amakayi, amakaramu, ibitabo, 2 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana **iminota 2**

Kinisha abana agakino ko kubara vuba: "Ni kangahe wabonye?"

Zamura intoki (kuva kuri 1kugera kuri 5). Baza abana uti "Ni kangahe wabonye?"

Umwana umwe agasubiza, mukongera mugatangira ukagenda ubaza abana banyuranye.

2.Isubiramo **iminota 3**

Kinisha abana iyi mikino:

- "Kora nkanjye", urugero: muzamura intoki eshatu, abana nabo bazamura intoki 3, zisa n'izo wazamuye.
- "Nyereka uyu mubare" ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje, urugero: nuzamura intoki enye ariko zinyuranye 'izo wazamuye.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1.Kuvumbura icyigwa

2

Kinisha abana iyi mikino:

- "Uyu mubare ni uwuhe?" Ukoresheje imibare 1 na 2. Andika1 cyangwa 2 ku kibaho. Baza abana umubare wanditse. Siba uwo mubare, wongere wandike undi na none ubaze abana bawukubwire.
- Vuga umubare 1 hanyuma abana bawandike mu makayi. Bikore gutyo no kuri 2.
- Shushanya itsinda ry'ikintu 1 n'irindi ry'ibintu bibiri ku kibaho noneho wandike imibare 1 cyangwa 2 imbere y'itsinda bijyanye. Bwira abana babare ibishushanyo biri muri buri tsinda, noneho babigereranye.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Shaka ikintu 1 n'ibintu 2. – Mu matsinda ya babiri

- Kinisha abana umukino witwa "Shaka ikintu 1" na "Shaka ibintu 2".
- Uko babonye ikintu kimwe cyangwa bibiri, barajya bahita bandika umubare bijyanye, ni ukuvuga cyangwa 2 mu makayi yabo.

Umwitozo wa 2 – Kugereranya ikintu kimwe n'itsinda ry'ibintu bibiri (Mu matsinda ya babiri)

- Bwira buri tsinda ry'abana ribe rifite ikintu kimwe n'itsinda ry'ibintu bibiri babigereranye. Hanyuma bakubwire ahari ibyinshi n'ahari ibike n'uko bamenye ibyinshi ibyo ari byo.

Umwitozo wa 3 - Gusoma no kwandika imibare 1 na 2 – IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gusoma no kwandika umubare 1 na 2 iri mu bitabo bikurikiira (ukoreshe ibitabo ishuri rifite).
  MK/REB P.6-7, **MK P.1,2** **JKF** P.22, 25 **LONGHORN** P.1-8

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Bwira abana bandike umubare 1 na 2 mu makayi yabo.
- Bwira abantu bashake ikintu kimwe, bakore n'itsinda ry'ibintu bibiri, hanyuma bakubwire ahari ibyinshi n'ahari ibike.

5. Umukoro wo murugo **iminota 2**

Bwira abana baze gushakisha ikintu kimwe, bakore n'itsinda ry'ibintu bibiri hanyuma bereke ababyeyi babo ahari ibyinshi n'uko babimenye.

ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 2 N'ICYA 3

Bwira umwana akora ukwe. Abandi bana ntibagomba kumva ibisubizo bya bagenzi babo.

Ikibazo cya 1 – Bwira umwana abare umubare w' ibishushanyo biri muri buri tsinda.



Akeneye gufashwa	Ni byiza	Ni byiza cyane
Nta tsinda na rimwe yabashije kubara	Yabaze neza ibiri mu matsinda 2	Yabaze neza ibiri mu buri tsinda

Ikibazo cya 2 – Bwira buri mwana asome iyi mibare

1 2 2 1

Akeneye gufashwa	Ni byiza	Ni byiza cyane
Nta mubare n'umwe yasomye neza	Yasomye umubare umwe neza	Yasomye imibare yose neza

Ikibazo cya 3 – Bwira buri mwana uti: "Kora ahari ibyinshi.

Akeneye gufashwa	Ni byiza cyane
Yakoze ku kintu kimwe.	Yakoze ku itsinda rifite ibintu 2.

Icyitonderwa:

- Ni byiza cyane bihwanye n'amanota 3.
- Ni byiza bihwanye n'amanota 2.
- Akeneye gufashwa bihwanye n'inota 1.

URUTONDE RW'AMANOTA Y'ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 2 N'ICYA 3			
Izina	**Ikibazo cya 1**	**Ikibazo cya 2**	**Ikibazo cya 3**
Ndahayo Agnes	3	2	1

ICYUMWERU CYA 4:

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo2	Isomo rya 3	Isomo ry4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Kubara, gusoma no kwandika umubare 3	• Gusubiramo imirongo ihese • Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1kugera kuri 3	• Gutahura no guca imirongo ifunze	• Kubara, gusoma no kwandika umubare 4	• Kubara no kugereranya imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4	• Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1kugera kuri 4 • Kubara, no kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1kugera kuri 4	• Gutsindagira ibyizwe
Udukino two kubara mu mutwe	• Ongeraho rimwe	• Ongeraho rimwe	• Ongeraho rimwe	• Kuramo rimwe	• Kuramo rimwe	Kuramo rimwe	
Injyana, indirimbo & imivugo	• Injyana y'imibare (kuva kuri 1 kugera kuri 5) • Indirimbo y'intoki	• Injyana y'imibare (kuva kuri 1 kugera kuri 5) • Indirimbo y'intoki	• Injyana y'imibare (kuva kuri 1 kugera kuri 5) • Indirimbo y'intoki	• Injyana y'imibare (kuva kuri 1 kugera kuri 5) • Indirimbo y'intoki	• Injyana y'imibare (kuva kuri 1 kugera kuri 5) • Indirimbo y'intoki	• Injyana y'imibare (kuva kuri 1 kugera kuri 5) • Indirimbo y'intoki	
Imikino yo kubara	• Bara wandike • Erekana uyu mubare • Uyu mubare ni uwuhe? • Itegereze wandike • Kuramo rimwe	• Bara wandike • Shaka ibintu bitatu • Erekana uyu mubare • Uyu mubare ni uwuhe? • Erekana ubare • Kora nkanjye	• Uyu murongo ni uwuhe?	• Uyu mubare ni uwuhe? • Bara wandike • Bara ugereranye	• Uyu mubare ni uwuhe? • Bara ugereranye • Shaka ibintu 4 • Erekana uyu mubare • Ibyinshi cyangwa Ibike ni ibihe?	• Uyu mubare ni uwuhe? • Erekana uyu mubare • Bara wandike • Bara ugereranye • Ibyinshi cyangwa Ibike ni ibihe?	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.2, 7, 8	P.7, 8, 77, 80	P.77, 81	P.3, 7, 8	P. 3, 7	P.7, 8	
MK	P. 10	P. 10, 11	P.11, 40, 56	P.10	P. 10, 19	P.10, 19	
JKF	P. 23, 25	P.19, 23, 25	P.19, 66, 95	P.24, 25	P. 21-25	P. 25, 31	
LONGHORN	P.9-11	P.8, 9, 87, 88	P. 92-94	P.9-11	P. 6 - 11	P. 6-11, 456	

IMIKINO Y'ICYUMWERU	
	"Ongeraho 1" (cyangwa 2 cyangwa 3) cyangwa "Kuramo 1".(ishuri ryose) • Vuga umubare hanyuma uwerekane ukoresheje intoki (urugero:4) • Abana barerekana uwo mubare waberetse bongeyeho 1 cyangwa bakuyemo 1.
	"Shaka ibintu bitanu" (ishuri ryose) • Bwira abana bakore amatsinda y'ibintu, bakoreshe imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5. • Babwire babibare.
3	**Itegereze wandike** • Andika umubare ku kibaho. Urugero 3. • Bwira abana bawitegereze maze bahite bawandika mu makayi yabo. • Wusibe, komeza wandika undi, maze nawo abana bawitegereze hanyuma bawandike. Ugire vuba vuba.
	"Ibyinshi ni ibihe?" "Ibike ni ibihe?" (ishuri ryose cyangwa mu matsinda ya 2) Shushanya cyangwa werekane amatsinda abiri y'ibintu, ukoreshe imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5. Baza abana uti: "Ni irihe tsinda rifite byinshi?" "Ni irihe rifite bike?"
4	**"Uyu mubare ni uwuhe?"** • Andika umubare ku kibaho. • Usabe abana bakubwire uwo ariwo. Siba vuba vuba uwo mubare maze wandike undi, abana bakubwire uwo ariwo. Komeza agakino ugenda usiba vuba vuba, wandika undi mubare.
	"Shakisha" (amashushongero, imirongo, imibare) • Vuga ishushongero runaka, umurongo runaka cyangwa umubare runaka. • Abana barashaka mu ishuri urugero rw'ikintu gisa na ya shushongero, na wa murongo cyangwa ibintu bingana na wa mubare.
	"Bara wandike" (mu matsinda ya babiri) • Bwira abana bashyire ibintu bitandukanye ku meza yabo. • Umwe arajya azamura umubare runaka w'ibikoresho, undi abibare, hanyuma bombi bandike uwo mubare mu makaye yabo.
5	**"Nyereka uyu mubare" (ishuri ryose)** • Vuga (cyangwa wandike ku kibaho) umubare kuva kuri 1 kugera kuri 5. • Bwira abana bakwereke intoki zingana n'uwo mubare.

ISOMO RYA 1– KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA UMUBARE 3

ICYITONDERWA - *Mu gihe wandika mu kirere ugende buhoro kugirango ugendane n'abana.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kubara, gusoma no kwandika umubare 3.	• Utubarisho 3 (amabuye, udukoni…) • Terefone (M-P1-T1-W4-L1). • Indangururamajwi

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Bwira abana bashyire ku meza utubarisho twabo.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

3

1 2 3 4 5

- Ririmbana n'abana indirimbo y'ikiganza (intoki eshanu).
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: "Ongeraho 1"
- Barana n'abana ibintu 3 (intoki, utubarisho). Bereke uko umubare 3 wandikwa maze abana bakubwire imirongo iwugize. Bitoze kuwandika mu kirere bakoresheje urutoki.

- Kinisha abana agakino: "Itegereze wandike 3". Abana bitegereze umubare 3 hanyuma bitoze kuwandika ahantu hatandukanye (mu kirere, ku kuboko no ku meza, bakoresheje urutoki no mu makayi yabo).
- Kinisha abana agakino: "Bara,wandike 3" mu matsinda ya babiri.
- Ririmbana n' abana injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5.
- Fasha abana kubona ibitekerezo byinshi bishoboka ku gakuru k'imibare.
- Baza abana icyo bize muri iki gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

Agakuru k'imibare

?

Muhire afite ikaramu imwe. Shema afite amakaramu atatu. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Muhire afite amakaramu make ku ya Shema.

- Bombi bafite amakaramu ane.

3. Nyuma y'igice cy' isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Bwira abana bashushanye amatsinda y'ibintu bitatu mu makaye yabo (inziga 3, imirongo 3…. hanyuma bandike umubare 3 imbere ya buri tsinda)

3

- Andika umubare ku kibaho(kuva kuri 1kugera kuri 3)
- Bwira abana bakubwire uwo mubare uwo ariwo. Hanyuma uwusibe, wongere utangire. Ujye ugira vuba, uko ubishoboye kose.

3.2. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Bwira abana baze gukina n'umuntu wo mu rugo: "Bara wandike" (bakoreshe imibare kuva kuri 1kugera 3).
- Baze kwitoza kandi kwandika umubare 3 mu musenyi cyangwa ku butaka bakoresheje agati.

ISOMO RYA 2 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA KUVA KURI 1 KUGERA KURI 3

ICYITONDERWA : *Mu gihe uhinduye imyitozo cyangwa ubonye abana batangiye kunanirwa, bakinishe udukino two kubara wihuta* ***"Kora nkanjye",*** *na* ***"Nyereka uyu mubare w'intoki ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje"****. Ukoreshe imibare kuva kuri 1kugera3..*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 3.	• Utubarisho 3 (amabuye, udukoni).

1. Gukangura abana — iminota 2

- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ongeraho rimwe"
- Vuga umubare kandi uwerekane ukoresheje intoki. Hanyuma usabe abanyeshuri kuvuga no kwerekana uwo mubare bongeyeho rimwe.

2. Isubiramo — iminota 3

2

- Kinisha agakino ko kubara vuba vuba "Uyu mubare ni uwuhe?" ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri 3.
- Kinisha agakino ko kubara vuba vuba "Nyereka uyu mubare'' ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri3.

3. Isomo rishya
3.1.Kuvumbura icyigwa — iminota 25

Kinisha "Bara wandike"

- Bwira abana bakwereke kandi babare ikintu 1, 2, 3 (intoki 3, abakobwa 3, abahungu 3, ibitabo 3,…)
- Babwire bandike imibare 1, 2, 3 mu makayi yabo.
- Bibutse uko imibare 1, 2, 3 yandikwa.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Kwandika imibare 1, 2, 3

- Bwira abana bashushanye akaziga kamwe mu ikaye maze bandike umubare 1 imbere y'ako kaziga.
- Komeza uwo mwitozo ubabwira gushushanya utuziga 2 hanyuma 3. Imbere ya buri tsinda ry'utuziga bandika umubare bijyanye.

Umwitozo wa 2 – Gusoma no kwandika imibare 1, 2, 3

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 3 iri mu bitabo bikurikira (ukoreshe ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P.7, 8, 77, 80 **MK** P.10, 11 **JKF P.**19, 23, 25 **LONGHORN** P.8, 9, 87, 88

4.Isuzumabumenyi — iminota 8

Bwira abana bandike imibare 1, 2, 3 mu makayi. Nibarangiza basome imibare banditse.

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana nibagera mu rugo baze kwitoza kwandika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 3 mu musenyi cyangwa ku butaka bakoresheje agati. Nyuma bayandike mu makayi.

ISOMO RYA 3 – IMIRONGO IFUNZE

ICYITONDERWA - *Mu gihe ushushanya imirongo ku kibaho, uyigire minini kugira ngo bose bayibone.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'iri somo, abana baraba ashobora:

- Gutahura no guca imirongo ifunze (ihese ifunze, n'ivunaguye ifunze).

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Kinisha abana injyana yo kubara kuva kuri1 kugera kuri 5.
- Ririmbisha abana indirimbo y'intoki kuva kuri1 kugera kuri 5.

2. Isubiramo **iminota 3**



- Ca ku kibaho imirongo myinshi itandukanye (reba urugero ku gishushanyo ibumoso) hanyuma ubaze abana kuvuga uko iyo mirongo iteye.
- Bwira abana bahaguruke bace imirongo ihagaze, itambitse, ihese ifunguye n'iberamye bakoresheje ibice by' imibiri yabo (umutwe, ukuboko, urutoki, ikirenge…).
- Bakine vuba vuba vuba ako gakino ko guca imirongo bakoresheje bimwe mu bice by'imibiri yabo.

3. Isomo rishya

3.1.Kuvumbura icyigwa **iminota 25**



- Ca imirongo 5 igororotse (ihagaze, itambitse, n'iberamye) mu ruhande rw'iburyo rw'ikibaho. Mu ruhande rw'ibumoso, ca imirongo 5 ihese ifunguye.
- Ca indi mirongo 5 ifunze, hagati ya ya mirongo (reba urugero ku bishushanyo biri ibumoso).
- Bwira abana bakubwire iyo mirongo iyo ari yo. Hanyuma ubone uko utangira isomo ku mirongo ifunze.
- Sobanurira abana ubwoko bw'imirongo ifunze (ihese ifunze n'ivunaguye ifunze)
- Abana bace imirongo ifunze mu kirere, ku ntebe zabo, ku kuboko, ku maguru no mu makayi yabo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Agakino ko gushakisha (mu matsinda ya 2)

- Mu matsinda ya babiri, abana barashaka ingero z'ibintu bimeze nk'imirongo ifunze mu ishuri.

Umwitozo wa 2 – Gushushanya imirongo ifunze (umwana umwe, umwe)

- Abana bashushanye mu makayi yabo imirongo ifunze.

Umwitozo wa 3 – Gutahura no gushushanya imirongo ifunze – IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye n'imirongo ifunze iri mu bitabo bikurikira (ukoresheje ibitabo ishuri rifite). **MK/REB** P.77, 81**; MK** P.11, 40, 56; **JKF** P. 19, 66, 95; **LONGHORN** P.92-94

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Bwira abana bace imirongo ifunze (ihese ifunze n'ivunaguye ifunze) mu makayi.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Bwira abana nibagera mu rugo bitoze guca imirongo ifunze mu musenyi bakoresheje agati. Hanyuma bayice mu makayi.
- Baze kandi gukina n'umuntu wo mu rugo "Uyu murongo ni uwuhe?" baca imirongo mu musenyi.

ISOMO RYA 4 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA 4

ICYITONDERWA - *Kora ku buryo abana bose babona intoki zawe mu gihe ukinisha twa dukino two kubara intoki.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kubara, gusoma no kwandika umubare 4.	• Ibikoresho by'ishuri – amakayi, ibitabo, amakaramu – bine kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T1-W4-L4). • Indangururamajwi

1.Mbere y'igice cyisomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

Genzura ko abana bafite ibikoresho bikenewe.

2.Mu gice cy' isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

- Ririmbana n'abana indirimbo y'ikiganza (intoki eshanu).
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: "Kuramo 1"
- Barana n'abana ibintu bine (intoki, utubarisho). Bereke uko umubare 4. wandikwa maze abana bakubwire imirongo iwugize. Bitoze kuwandika mu kirere bakoresheje urutoki.

- Kinisha abana agakino: "Itegereze wandike 4": Abana bitegereze uko mwarimu yandika umubare 4 maze bitoze kuwandika ahantu hatandukanye (mu kirere, ku kuboko, ku meza bakoresheje urutoki, no mu makayi).
- Kinisha abana agakino: "Bara, wandike 4" mu matsinda ya babiri babiri.
- Ririmbisha abana injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5.
- Fasha abana kubona ibitekerezo byinshi bishoboka ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana icyo bize muri iki gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

Agakuru k'imibare

Keza afite ibiye 1. Mutoni afite amabiye 3. Mwabivugaho iki?
Bimwe mu bisubizo by'agakuru:
-Keza afite amabiye make ku ya Mutoni.
-Mutoni ahaye Keza ibiye imwe, Mutoni yahita agira amabiye abiri.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

- Shushanya ku kibaho utuziga kuva kuri 1 kugera kuri 4. Bwira abana babishushanye mu makaye yabo hanyuma bandike umubare bijyanye imbere y'utwo tuziga.

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana baze gukora amatsinda y'ibintu 4 hamwe n'umuntu wo mu rugo. Babibare, hanyuma bandike umubare 4 hasi bakoresheje urutoki cyangwa agati.

ISOMO RYA 5 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA KURI 1 KUGERA KURI 4

ICYITONDERWA - *Kora ku buryo abana bose babona intoki zawe mu gihe ukinisha twa dukino two kubara intoki.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 4.	• Ibikoresho by'ishuri: amakayi, ibitabo, amakaramu – 4 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana **iminota 2**

Kinisha abana injyana yo kubara kuva kuri1 kugera kuri 5.

2.Isubiramo **iminota 3**

4

- Mukine agakino ko kubara vuba vuba: "Uyu mubare ni uwuhe*?"* ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4.
- Kinisha abana agakino ko kubara vuba vuba "Nyereka uyu mubare" ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4. Urajya uvuga umubare noneho abana bawukwereke bakoresheje intoki.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Kinisha agakino: "Bara ugereranye". Erekana ibintu 3 mu kuboko kumwe n'ibintu 4 mu kundi kuboko. Bwira abana babibare, babigereranye bakubwire : "*ibyinshi, ibike, kandi basobanure uko babimenye".*
- Bwira abana bazamure intoki hagati ya rumwe n'enye (bazamure izo bihitiyemo). Hitamo abana 2 bazamuye umubare w'intoki utandukanye baze imbere. Bwira abana bicaye bagereranye intoki zizamuye z'abana bari imbere, bakubwire" *inyinshi, inke, n'icyababwiye inyinshi cyangwa inke".* Mukomeze umukino uhinduranya abana.
- Ibutsa abana ko mu kugereranya ibintu biri mu matsinda abiri babanza kubara ibintu biri muri buri tsinda.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

2 3

- Shushanya ku kibaho amatsinda abiri y'ibintu kuva kuri kimwe kugera kuri 4.
- Shyira abana mu matsinda ya babiri. Hanyuma abana bakubwire itsinda rifite byinshi n'irifite bike.
- Komeza uwo mwitozo ukoresheje indi mibare.

Umwitozo wa 2 – Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana umwe, umwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 4 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P.3, 7**;** **MK** P.10,19; **JKF** P.30,31; **LONGHORN** P.45,46

4. Isuzumabubumenyi **iminota 8**

Shushanya ku kibaho amatsinda abiri y'utuziga: rimwe ririmo utuziga 2, irindi ririmo utuziga 4. Baza abana itsinda rifite utuziga twinshi n'irifite utuziga duke.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bwira abana baze gukina n'umuntu wo mu rugo "Bara, ugereranye", bakoresheje imibare kuva kuri1 kugera kuri 4. Babare ibintu bine, maze bandike umubare 4.

ISOMO RYA 6 – ISUBIRAMO RY'ICYUMWERU

ICYITONDERWA - *Ukore ku buryo ushyiramo n'amatsinda angana mu gihe mukina imikino yo kugeranya.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4. • Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 4.	• Ibikoresho by'ishuri : amakayi 4, ibitabo 4, amakaramu 4 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Kinisha abana agakino ko kubara vuba vuba: "Kuramo rimwe".

2. Isubiramo — iminota 3

- Mukine agakino ko kubara vuba vuba "Uyu mubare ni uwuhe?" ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri4.
- Kinisha agakino ko kubara vuba vuba "Nyereka uyu mubare" ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4. Urajya uvuga umubare noneho abana bawukwereke bakoresheje intoki.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

Kinisha agakino *"Ibyinshi ni ibihe? Ibike ni ibihe?"* ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4.

- Kora amatsinda 2 y'ibintu by'ubwoko bumwe angana (urugero: itsinda ry'amakayi 4, n'irindi ry'amakayi 4). Noneho usabe abana kuyagereranya.
- Kora noneho amatsinda atangana, urugero: ikintu 1 n'itsinda ry'ibintu 3. Na none usabe abana kuvuga ahari byinshi n'ahari bike.
- Bwira abana bandike imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4 mu makayi yabo. Noneho basome imibare banditse.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Kugeranya amatsinda y'ibintu (mu matsinda ya babiri)



- Shushanya ku kibaho amatsinda 2 y'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 4. Shyira abana mu matsinda ya babiri. Hanyuma abana bakubwire itsinda rifite byinshi n'irifite bike.
- Shushanya ku kibaho amatsinda 2 y'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 4. Bwira abana bayashushanye mu makaye yabo hanyuma bandike umubare bijyanye imbere yayo.

Umwitozo wa 2 – Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana umwe, umwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4 no kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 4 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite). **MK/REB** P.7, 8**; MK** P.10, 19; **JKF P.**25, 30, 31**; LONGHORN** P.6-11, 45, 46

4. Isuzumabumenyi — iminota 9

- Bwira abana bandike imibare 1, 2, 3, 4 mu makayi yabo.
- Bwira abana bashushanye itsinda ry'utuziga 3 mu ikayi. Babwire bashushanye irindi tsinda ry'utuziga 4. Babwire bazengurutse uruziga ku itsinda rifite utuziga twinshi.

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana baze gukina n'umuntu wo mu rugo agakino: "Bara, ugereranye", bakoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4. Babare ibintu bine, maze bandike umubare 4.

ICYUMWERU CYA 5

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Kubara 5, 6 na 7 • Kubara kuva kuri 1 kugera kuri 7	• Kubara 8, 9 na 10 • Kubara kuva ku 8 kugera ku 10	• Gutahura no guca imirongo ireshya	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1kugera ku 10	• Gutahura no guca imirongo ivunaguye	• Kubara kuva kuri 1kugera ku 10 • Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera ku 10	• Isuzumabumenyi
Udukino two kubara mu mutwe	Ni kangahe wabonye?	Ni kangahe wabonye?	Ni kangahe wabonye?	Ni kangahe wabonye?	Ni kangahe wabonye ?	Ni kangahe wabonye?	
Indirimbo, Injyana	• Injyana y'imibare	• Injyana y'imibare	• Injyana y'imibare	• Injyana y'imibare	• Injyana y'imibare	• Injyana y'imibare	
Imikino	• Kora nkanjye • Erekana ubare • Nyereka uyu mubare ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje. • Nyereka uyu mubare • Shaka ibintu birindwi	• Kora nkanjye • Nyereka uyu mubare • Shaka ibintu icumi	• Uyu murongo ni uwuhe? • Shakisha	• Bara ugereranye • Kora itsinda ry'ibintu biruta, birutwa cyangwa bingana na...	• Uyu murongo ni uwuhe?	• Bara ugereranye • Nyereka uyu mubare ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje • Nyereka uyu mubare • Shaka amatsinda y'ibintu kuva kuri 5 kugeza ku icumi.	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.10	P. 5, 9, 10, 26	P.83, 84	P.15, 16	P.78	P.1-11, 25	
MK	P.12,13	P.23, 24, 31	P.16	-	P.40, 56	P. 23, 24, 34	
JKF	P21-29	P.21-29, 32-34	-	P.6, 7, 30	P.20	P.21-29, 32-34	
LONGHORN	P.1-17	P.1-24	P.91	P.45, 46	P.91	P.1-24	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

	"Ongeraho 1" cyangwa 'Kuramo 1 (ishuri ryose) • Vuga umubare, urugero 3, hanyuma uwerekane ukoresheje intoki. • Abana barerekana uwo mubare waberetse bongeyeho 1 cyangwa bakuyemo 1.
	"Kora nkanjye" (Ishuri ryose) • Zamura intoki kuva kuri 1 kugera kuri 5 hanyuma uvuge umubare wazamuye • Bwira abana bakore nkawe bazamura umubare w'intoki ungana n'uwo wazamuye kandi bazamure intoki zisa n'izo wazamuye.
	"Ni uwuhe murongo?" (ishuri ryose) • Shushanya ku kibaho imirongo itandukanye. • Abana bajye bakubwira iyo mirongo iyo ariyo.
	"Bara ugereranye" • Shushanya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 5. • Baza abana uti: "Ni irihe tsinda rifite byinshi? " "Ni irihe rifite bike?"
	"Nyereka uyu mubare" ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje: • Zamura intoki kuva kuri 1 kugera ku 10. Hanyuma uvuge umubare w'intoki wazamuye. • Bwira abana bakwereke intoki waberetse ariko bakoresheje intoki zinyuranye n'izo wakoresheje.
5	**"Erekana uyu mubare" (ishuri ryose)** • Vuga (cyangwa wandike ku kibaho) umubare kuva kuri 1kugera ku 10. • Bwira abana bakwereke uwo mubare bakoresheje intoki.
	"Shaka ibintu kuva kuri 1 kugera ku 10" (Ishuri ryose cyangwa se mu matsinda ya babiri) • Bwira abana bashake cyangwa bakore amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera ku 10 (cyangwa abantu mu ishuri). Hanyuma babibarire hamwe.
	Kora itsinda ry'ibintu biruta, birutwa cyangwa bingana n'uyu mubare • Vuga umubare noneho abana bakore itsinda ry'ibintu bingana n'uwo mubare. • Noneho ubabwire imbere y'iryo tsinda bakore itsinda rifite ibintu biruta, bingana cyangwa birutwa n'itsinda bakoze bwa mbere. (bazajya bakora itsinda bitewe n'umubare wavuze).

ISOMO RYA 1 – KUBARA IMIBARE: 5, 6 NA7

ICYITONDERWA- *Mu gihe ukinisha udukino: "Kora nkanjye" na 'Nyereka uyu mubare ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakweretse', urambure intoki neza kandi uzitandukanye kugira ngo abana babashe kuzibara.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Kubara imibare 5, 6 na 7
- Kubara kuva kuri 1 kugera kuri 7.

Imfashanyigisho:

- Utubarisho 7 kuri buri mwana.
- Terefone (M-P1-T1-W5-L1).
- Indangururamajwi

1.Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Bwira abana bashyire utubarisho ku meza yabo.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

1 2 3 4 5 6 7

- Ririmbana n' abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 5.
- Kinisha abana agakino ko kubara vuba: "Ni kangahe wabonye?"
- Fasha abana kubara kuva kuri 5 kugera kuri 7, ukoresheje agakino: "Kora nkanjye", "Nyereka uyu mubare" 'ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakwertse'.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 7.
- Fasha abana gukora amatsinda y'ibintu 5, 6, cyangwa 7(mu matsinda ya babiri babiri).
- Fasha abana kubona ibitekerezo byinshi bishoboka ku gakuru kari hano munsi.
- Baza abana agakino bakunze muri iri iki gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

Agakuru k'imibare

?

Manzi yaguze ibikapu 6. Teta agura ibikapu 3. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru k'imibare:

-Manzi ararusha Teta ibikapu bitatu.

- Manzi ahaye Teta igikapu 1, Teta yahita agira ibikapu 4.

-Bombi bafite ibikapu 9.

3. Nyuma y'igice cy' isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1 Isuzumabumenyi

Bwira abana bashake ibintu 7. Hanyuma babikubarire. Bagenda babara kimwe kimwe, banahita bakizamura.

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Bwira abana bashake cyangwa bakore amatsinda y'ibintu 5, 6 na 7 nibagera mu rugo.
- Baze kandi kuririmbira abantu bo mu rugo injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 7.

ISOMO RYA 2 – KUBARA 8, 9, NA 10

ICYITONDERWA - *Mu gihe mubara, wibutse abana kujya berekana ibintu babaze.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kubara imibare 8, 9 na 10. • Kubara kuva kuri 1 kugera ku 10.	• Utubarisho: 10 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana **iminota 2**

Kinisha abana injyana yo kubara kuva kuri1 kugera kuri 7.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Mukine agakino: "Erekana uyu mubare". Vuga umubare uri hagati ya 5 na 7, hanyuma abana mu matsinda ya babiri babiri bawukwereke bakoresheje intoki, udukoni, utubuye cyangwa utundi tubarisho turi mu ishuri.
- Abana barabara ibyo bakweretse kugira ngo barebe koko niba bakweretse umubare uri wo.
- Subiramo ako gakino ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Mukine agakino ko kubara vuba vuba "Kora nkanjye" (mukoresheje ibiganza 2). Ereka abana umubare w'intoki: 8, 9 cyangwa 10; hanyuma uvuge umubare uberetse. Noneho ubwire abana bakore nk'uko wakoze. Nabo bazamure intoki 8, 9 cyangwa 10.
- Bwira abana bakore amatsinda y'utubarisho 8, hanyuma 9, bwanyuma 10.
- Sobanurira abana ko uko bava ku mubare bajya ku wundi, bongeraho akabarisho (cyangwa urutoki) kamwe. Ni ukuvuga ko bongeraho umubare umwe.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Kubara kugera ku icumi

- Bwira abana bakwereke intoki 8. Noneho bazibare rumwe rumwe kugeza ku munani, bagenda bahina urwo babaze. Subiramo uwo mwitozo ukoresheje imibare: 9 na10.
- Bwira umwana w'umukobwa abare abahungu 8 agenda abakoraho, abandi banyeshuri barajya babara uko akoze ku mwana w'umuhungu.
  Komeza uwo mwitozo ukoresheje imibare kuva kuri 6 kugera ku 10, ugenda uhinduranya abahungu n'abakobwa.

Umwitozo wa 2 – Kubara kuva kuri 1 kugera ku 10 - IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kubara kuva kuri 1 kugera ku10 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P.5, 9, 10, 26**;** **MK** P.23, 24, 34; **JKF** P.21-29 &32-34**;** **LONGHORN** P.1-24

Umwitozo wa 3 – Erekana uyu mubare (mu matsinda ya babiri)

- Vuga umubare uri hagati ya 8 na 10. Abana bakore itsinda ringana n'uwo mubare bakoresheje utubarisho cyangwa intoki, hanyuma babibare kugirango barebe niba koko bakoze umubare wababwiye.

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Bwira abana bazamure intoki icumi. Noneho bagende bazibara kuva kuri rumwe kugera ku 10. Urwo babaze bajye baruhina.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Bwira abana baze gushaka amatsinda y'ibintu 8, 9 na 10 bageze mu rugo.
- Baze kandi gukina n'abo mu rugo ka gakino "Ni kangahe wabonye?" bakoresheje imibare kuva kuri 1 kugera ku 10.

ISOMO RYA 3 – GUTAHURA NO GUCA IMIRONGO IRESHYA

ICYITONDERWA - *Ukinishe wa mukino "uyu murongo ni uwuhe?, wihuta kandi ugende uhinduranya amoko y'imirongo ushushanya.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gutahura no guca imirongo ireshya.	• Mwarimu azakenera metero

1. Gukangura abana **iminota 2**

Kinisha abana injyana yo kubara kuva kuri1 kugera ku 10.

2.Isubiramo **iminoto 3**

Kinisha: "Uyu murongo ni uwuhe?" Ca umurongo ku kibaho. Bwira abana bakubwire ubwoko bwawo. Siba uwo murongo, ukomeze uwo mwitozo uca imirongo inyuranye (Ihagaze, itambitse, iberamye, ihese ifunguye…).

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Ca ku kibaho imirongo ihagaze igororotse isumbana ariko harimo n'ireshya. Bwira abana bakwereke imirongo ireshya kandi bayibare. Komeza uwo mwitozo ukoresheje imirongo itambitse igororotse n'iberamye.
- Bwira abana bagusobanurire uko bamenye imirongo ireshya n'icyo bakoresha kugira ngo bemeze ko ibyo bavuze ari byo.
- Koresha agacamurongo maze wereke abana ko imirongo ireshya igera hamwe ku gacamurongo.
- Ereka abana ko bashobora gukoresha utuzu turi mu makayi yabo mu gushushanya imirongo ireshya.

3.2 Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Guca imirongo ireshya (mu matsinda ya babiri)

- Umwana umwe arashushanya umurongo mu ikaye. Mugenzi we na we ashushanye iruhande rwawo umurongo bireshya. Hanyuma barajya bahinduranya, uwatangiye aba ariwe uheruka.

Umwitozo wa 2– Gushaka imirongo ireshya

- Mukine agakino ko gushakisha. Abana barashaka ibintu bifite imirongo ireshya mu ishuri.

Umwitozo wa 3 – Gutahura no guca imirongo ireshya - IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gutahura no guca imirongo ireshya iri mu bitabo bikurikira (ukoreshe ibitabo ishuri rifite).

  MK/REB P.83,84 **;** **MK** P. 16 **;** **LONGHORN** P. 91

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Bwira abana bace imirongo ibiri ireshya mu makayi yabo.

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Bwira abana baze kubwira umuntu wo mu rugo ace umurongo mu ikaye yabo cyangwa ku butaka akoresheje agati. Hanyuma umwana ahite aca umurongo bireshya iruhande rwawo.
- Baze kandi gushaka ibintu bifite imirongo ireshya mu rugo.

ISOMO RYA 4 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA KURI 1 KUGERA KU 10

ICYITONDERWA - *Ukore ku buryo abana bose babona neza intoki zawe igihe ukinisha imikino yo kubara intoki.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugeza ku 10.	• Ibikoresho by'ishuri : 10 kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T1-W5-L4). • Indangururamajwi

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

Bwira abana bashyire ibikoresho bikenewe ku meza.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10

- Ririmbana n' abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Kinisha abana agakino: "Bara ugereranye." Mugereranya ibintu kuva kuri1 kugera ku 10, mukoreheje intoki, utubarisho. Ufashe abana gutahura ibyinshi, ibike n'ibingana.
- Kinisha abana agakino: "Kora itsinda ry'ibintu biruta, birutwa cyangwa bingana na…" (mu matsinda ya babiri babiri).
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana agakino bakunze mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

Agakuru k'imibare

Agasaro yasomye ibitabo 3. Shema asoma ibitabo 7. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

- Duteranyije ibitabo byose hamwe ni icumi.
- Shema yasomye ibitabo bine kuruta Agasaro.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

- Bwira abana bashushanye itsinda ry'utuziga 7.
- Babwire bongere bashushanye itsinda ry'utuziga 9.
- Babwire bagereranye ayo matsinda abiri maze bazengurutse uruziga runini itsinda rifite utuziga twinshi.

3.2. Umukoro wo mu rugo

	Abana baze gukora amatsinda 2 y'ibintu biri hagati ya kimwe n'icumi, hanyuma bereke ababyeyi itsinda rifite ibintu byinshi.

ISOMO RYA 5 – GUTAHURA NO GUCA IMIRONGO IVUNAGUYE

ICYITONDERWA - *Ukore ku buryo imirongo washushanije iba minini bose bakayibona.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gutahura no guca imirongo ivunaguye.	• Metero

1.Gukangura abana **iminota 2**

- Kinisha abana injyana yo kubara kuva kuri1 kugera ku10.

2.Isubiramo **iminota 3**



Kinisha: "Ni uwuhe murongo?"

Ca umurongo ku kibaho, maze ubaze abana bakubwire ubwoko bwawo. Hanyuma uwusibe, noneho ukomeze agakino ushushanya indi mirongo itandukanye (ihagaze, itambitse, iberamye cyangwa ihese ifunguye). Ugire vuba uko bishoboka kose kugira ngo agakino gashimishe abana.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1.Kuvumbura icyigwa



- Ca ku kibaho imirongo itandukanye hanyuma ubaze abana imirongo babona ari mishya. Bayerekane.
- Sobanurira abana ko iyo mirongo mishya yitwa imirongo ivunaguye.
- Bwira abana bace imirongo ivunaguye mu kirere, ku ntebe zabo, mu kiganza, ku maguru bakoresheje urutoki, hanyuma bayice no mu makayi yabo.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo 1 – Gutahura no guca imirongo ivunaguye (mu matsinda ya babiri)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye gutahura no guca imirongo ivunaguye iri mu bitabo bikurikira (ukoreshe ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P.78, **MK P. 40, 56; JKF** P.20, **LONGHORN** P.91

Umwitozo 2– Gutanga ibitekerezo ku mirongo (Ishuri ryose)



- Ca ku kibaho imirongo itandukanye(reba ku gishushanyo),
- Ubaze abana uti "Mwabivugaho iki"?

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Bwira abana bace imirongo ibiri ivunaguye mu makayi yabo.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Bwira abana baze gushaka ibintu bifite imirongo ivunaguye mu rugo.
- Baze kandi guca imirongo ivunaguye mu makaye yabo cyangwa mu musenyi bakoresheje agati.

ISOMO RYA 6 – ISUBIRAMO RY'ICYUMWERU

ICYITONDERWA - *Mugihe ukinisha imikino yo kubara intoki, ukore ku buryo abana bose babona intoki zawe neza.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kubara kuva kuri 1 kugera ku 10. • Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva ku 8 kugera ku 10.	• Utubarisho 10 kuri buri mwana.

1.Gukangura abana **iminota 2**

- Kinisha abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10

2.Isubiramo **iminota 3**

8	Mukine imikino yo kubara vuba vuba: • "Nyereka uyu mubare?" ukoresheje intoki (ukoreshe imibare kuva kuri 1 kugera ku 10). • "Nyereka uyu mubare ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje" ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera ku10.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1.Kuvumbura icyigwa

Koresha abana imyitozo ikurikira:

Umwitozo wa 1 – Umukino 'Shaka ibintu kuva kuri kimwe kugera ku icumi (Mu matsinda ya babiri cyangwa ishuri ryose icyarimwe)

- Mu matsinda ya 2 cyangwa ishuri ryose, abana bashake cyangwa bakore itsinda ry'ibintu ringana n'umubare ubabwiye (ukoreshe imibare kuva kuri 1 kugera ku 10).

Umwitozo wa 2 -Bara ugereranye ukoresheje utubarisho (amabuye, udukoni...) n'imibare kuva kuri 1 kugera ku 10.

- Vuga imibare ibiri (iri hagati ya 1 na 10).
- Abana bakore amatsinda abiri y'utubarisho yerekana buri mubare, hanyuma bakubwire muri iyo mibare ibiri, umunini uwo ari wo, umuto uwo ari wo, n'uburyo babimenye.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 - IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana umwe umwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kubara, kuva kuri 1 kugera 10 hamwe no kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera 10 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite) **MK/REB P.1-11, 25; MK** P.23, 24, 34 **; JKF** P.21-29&32-34**; LONGHORN** P.1-24

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Bwira abana bashushanye utuziga 10 mu ikayi yabo.
- Shushanya amatsinda abiri y'utuziga ku kibaho arimo umubare w'utuziga utandukanye, maze abana bavuge itsinda rifite utuziga twinshi.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

	Bwira abana baze gukina n'umuntu wo mu rugo umukino "Bara ugereranye" bakoresheje utubarisho (uduti, utubuye...).

ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 4 N'ICYA 5

Bwira buri mwana akore ukwe. Abandi bana ntibagomba kumva ibisubizo bya bagenzi babo.

Ikibazo cya 1 – Muri aya matsinda irifite byinshi ni irihe ?

Akeneye gufashwa	Ni byiza cyane
Yerekanye itsinda rifite 7	Yerekanye itsinda rifite 10

Ikibazo cya 2 – Uyu murongo ni uwuhe? bwira abana bakubwire iyi mirongo iyo ari yo.



Akeneye gufashwa	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yamenye imirongo munsi y'ibiri	Yamenye imirongo 3	Yamenye imirongo hagati ya 4 na 5

Ikibazo cya 3 -Bwira umwana akore amatsinda y'utubarisho tungana n'iyi mibare:

5 **8** **10**

Akeneye gufashwa	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yakoze neza itsinda 1cyangwa nta na rimwe yakoze	Yakoze neza amatsinda 2	Yakoze neza amatsinda 3

Icyitonderwa:
- Ni byiza cyane bihwanye n'amanota 3
- Ni byiza bihwanye n'amanota 2
- Akeneye ubufasha bihwanye n'inota 1

ICYUMWERU CYA 6

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Kubara, gusoma no kwandika umubare 5	• Kubara ,gusoma no kwandika umubare 6	• Kubara, gusoma no kwandika umubare 7	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 5 kugera kuri 7	• Kugereranya uburebure bw'ibintu n'ubwa abantu	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 7	• Gutsindagira ibyizwe
Kubara mu mutwe	• Ni kangahe wabonye?	• Ongeraho rimwe	Ongeraho rimwe	Ongeraho rimwe	Ongeraho rimwe	Ongeraho rimwe	
Indirimbo	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 10	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 10	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 10	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 10	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 10	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 10	
	• Ni uwuhe murongo? • Ni kangahe wabonye? • Bara wandike • Shaka umubare ubura	• Ni kangahe wabonye? • Intoki zihinnye ni zingahe? • Uyu mubare ni uwuhe? • Shaka 6 • Bara wandike • Ni uwuhe mubare ukurikiraho?	• Ni kangahe wabonye? • Intoki zihinnye ni zingahe? • Uyu mubare ni uwuhe? • Shaka 7 • Bara wandike • Tahura umubare ubura	• Bara ugereranye	• Ni kangahe wabonye? • Intoki zihinnye ni zingahe?	• Iki kimenyetso ni ikihe? • Bara ugereranye • Kora nkanjye • Nyereka umubare ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakweretse	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.9, 10	P.10, 11	P. 10, 11	P.15, 16	P.87	P.15, 16	
MK	P.12, 13	P.12, 13	P.12, 13	P.20	P.17	P.20	
JKF	P.26	P.27	P.28	P.30, 31	P.40	P.31	
LONGHORN	P.12-17	P.12-17	P.12-17	P.46	P.97,98	P.45,46	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

	"Ogeraho 1" cyangwa "Kuramo rimwe" (ishuri ryose) • Vuga umubare (urugero 4) hanyuma uwerekane ukoresheje intoki (urugero:4) • Abana barerekana uwo mubare waberetse bongeyeho 1(ubwo ni 5) cyangwa bakuyemo 1(ubwo ni 3) • Abana bose basubiriza rimwe.
	"Ni kangahe wabonye?" cyangwa "Intoki zihinnye ni zingahe? (ishuri ryose) • Zamura umubare runaka w'intoki ukoresheje ibiganza byombi. • Abana barakubwira umubare w'intoki babonye cyangwa umubare w' intoki zihinye.
<	**"Iki kimenyetso ni ikihe?" (ishuri ryose)** • Andika ku kibaho kimwe muri ibi bimenyetso (<, >, =). • Abana bakubwire izina ry'icyo kimenyetso. Hanyuma ugisibe wandike ikindi bongere bakubwire icyo ari cyo. Ugende usubiramo vuba vuba uhinduranya ibimenyetso.
	"Bara wandike" (mu matsinda ya 2) • Bwira abana bashyire ibintu ku meza. Umwe arazamura umubare runaka w'ibintu. Undi arabibara noneho bombi bandike uwo mubare mu makaye yabo.
	"Nyereka uyu mubare ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje" • Zamura intoki kuva kuri 1 kugera ku10. Hanyuma uvuge umubare w'intoki wazamuye. • Bwira abana bakwereke intoki waberetse ariko bakoresheje intoki zinyuranye n'izo wakoresheje.
	**"Shaka umubare ubura"** • Shushanya umurongo uriho imibare ku kibaho. Hanyuma ubwire abana bahumirize. • Siba umubare umwe ku murongo. Hanyuma ubwire abana barebe maze bakubwire umubare ubura, banasobanure uko bawumenye.
	"Shaka ibintu 5, 6, na 7" (ishuri ryose cyangwa se mu matsinda ya babiri babiri) Bwira abana bashake cyangwa bakore amatsinda y'ibintu 5, 6 cyangwa 7 (cyangwa abantu mu ishuri). Hanyuma babibarire hamwe.
7	**"Ni uwuhe mubare?" :** Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1 kugera kuri 10. Hanyuma abana bakubwire umubare uwo ari wo. Ujye ugira vuba vuba uko abana bamenyera agakino.

ISOMO RYA 1 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA 5

ICYITONDERWA - *Mu gihe uhinduye isomo cyangwa imyitozo, kinisha **"Kora nkanjye"** cyangwa **"Nyereke uyu mubare"** ukoresheje intoki zinyuranye n'izo nakoresheje, ukoreshe imibare kuva kuri 1 kugera ku 10.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kubara, gusoma no kwandika umubare 5.	• Utubarisho: 5 kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T1-W6-L1). • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Bwira abana begeranye utubarisho twabo.

2. Mu gice cy' isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10

5

- Kinisha abana udukino two kubara vuba (ukoreshe imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7):
  - "Ni uwuhe mubare?"
  - "Ni kangahe wabonye?"
- Barana n'abana ibintu bitanu (intoki, utubarisho). Bereke uko umubare 5 wandikwa. Bitoze kuwandika ahantu hatandukanye (mu kirere, ku meza, ku kuboko bakoresheje urutoki, no mu makayi).
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Kinisha abana agakino: 'Bara,wandike 5' mu matsinda ya babiri.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: 'Kuramo rimwe' (ukoreshe imibare kuva kuri 2 kugera ku 10)
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana icyo bize muri iki gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

Agakuru k'imibare

Manzi yateye ibiti 5. Kanyana yateye ibiti 4. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Manzi ashobora kuba afite isambu iruta iya Kanyana.

-Kanyana aramutse ateye ikindi giti kimwe yahita anganya na Manzi.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

- Bwira abana bashushanye amatsinda y'ibintu 5 mu makaye yabo hanyuma bandike umubare gatanu imbere ya buri tsinda bashushanyije.

3.2.Umukoro wo mu rugo

Bwira abana nibagera mu rugo baze kwereka ababyeyi babo ko bazi gukina: "Bara, wandike 5". Barakora itsinda ry'ibintu 5 hanyuma babereke ko bazi kubibara no kwandika 5.

ISOMO RYA 2 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA 6

ICYITONDERWA - *Nujya kwereka abana uko umubare 6 wandikwa, uhindukire urebe ku kibaho hanyuma uwandike buhoro buhoro mu kirere abana bakwigane.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora

- Kubara, gusoma no kwandika umubare 6.

Imfashanyigisho

- Utubarisho 6 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine umukino wo kubara mu mutwe witwa "Ongeraho rimwe", mukoreshe imibare kuva kuri 1 kugera ku 9. Urajya werekana umubare runaka w'intoki, noneho abana bakubwire uwo mubare bongeyeho 1.

2.Isubiramo — iminota 3

5

Mukine : "Uyu mubare ni uwuhe?" Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5. Hanyuma abana bakubwire uwo mubare. Ujye ugira vuba vuba uko abana bamenyera agakino.

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa

6

- Bwira abana babare kandi berekane intoki 6. Noneho uhite wandika umubare 6 munini ugaragara neza ku kibaho. Hindukira urebe ku kibaho maze wandikane n'abana umubare 6 munini mu kirere inshuro nyinshi. Ujye unyuzamo uhindukire urebe ko abana babikora neza.
- Baza abana ubwoko bw'imirongo babona muri 6 (umurongo uhese uheteye iburyo n'ufunze) noneho ubatoze guca iyo mirongo.
- Sobanurira abana uko umubare gatandatu wandikwa.
- Bwira abana bandike umubare 6 mu kirere, ku ntebe, ku maguru, mu kiganza, ku kibaho, mu makayi yabo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Kubara no kwandika umubare 6 - IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kubara gusoma no kwandika umubare 6 iri mu bitabo bikurikira (ukoreshe ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P.10, 11; **MK** P.12, 13; **JKF** P.27**;** **LONGHORN** P.12-17

Umwitozo wa 2 – Shaka umubare ubura (Ishuri ryose)



- Andika ku murongo utambitse imibare kuva kuri 1 kugera kuri 6. Hanyuma ubwire abana bahumirize. Siba umubare umwe (urugero 4) ku murongo. Hanyuma ubwire abana barebe maze bakubwire umubare ubura, banasobanure uko bawumenye. Komeza ako gakino ugenda uhinduranya imibare usiba.

Umwitozo wa 3 – Gushushanya amatsinda y'ibintu 6 no kwandika umubare 6.

- Bwira abana bashushanye amatsinda y'ibintu 6 mu makaye yabo hanyuma bandike umubare 6 imbere ya buri tsinda bashushanije.

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Bwira abana bandike umubare 6 inshuro eshatu mu makayi yabo.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana baze gukina n'umuntu wo mu rugo wa mukino: "Bara wandike 6" . Baze kwandika mu makaye yabo, cyangwa ku butaka bakoresheje agati.

ISOMO RYA 3 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA 7

ICYITONDERWA - *Nujya kwereka abana uko umubare 7 wandikwa, uhindukire urebe ku kibaho hanyuma uwandike buhoro buhoro mu kirere.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kubara, gusoma no kwandika umubare 7.	• Utubarisho 7 kuri buri mwana.

1.Gukangura abana **iminota 2**

Mukine umukino wo kubara vuba witwa "Ongeraho rimwe" mukoreshe 'imibare kuva kuri 1 kugera ku 9. Urajya werekana umubare runaka w'intoki, noneho abana bakubwire umubare babona bongeyeho 1.

2.Isubiramo **iminota 3**

6

Mukine : "Uyu mubare ni uwuhe?" Andika ku kibaho umubare uri hagati ya 1 na 10. Hanyuma abana bakubwire uwo mubare. Ujye ugira vuba vuba uko abana bamenyera agakino.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

7

- Bwira abana babare kandi berekane intoki 7. Noneho uhite wandika umubare 7 munini ugaragara neza ku kibaho. Hindukira urebe ku kibaho maze wandikane n'abana umubare 7 munini mu kirere inshuro nyinshi. Ujye unyuzamo uhindukire urebe ko abana babikora neza.
- Baza abana ubwoko bw'imirongo babona muri 7 (Umurongo uhagaze n'imirongo ibiri itambitse) noneho ubatoze guca iyo mirongo.
- Sobanurira abana uko umubare 7 wandikwa.
- Abana bandike umubare 7 mu kirere, ku ntebe, ku maguru, mu kiganza…

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Kubara, gusoma no kwandika umubare 7 - IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwitozo wa buri mwana umwe umwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kubara, gusoma no kwandika umubare 7 iri mu bitabo bikurikira (ukoreshe ibitabo ishuri rifite).

  MK/REB P.10,**11;** **MK P.**12, 13, **JKF** P.28, **LONGHORN P.**12-17

Umwitozo wa 2 – Shaka umubare ubura (Ishuri ryose)

- Andika ku murongo utambitse imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7. Hanyuma ubwire abana bahumirize. Siba umubare umwe ku murongo. Hanyuma ubwire abana barebe maze bakubwire umubare ubura, banasobanure uko bawumenye. Komeza ako gakino ugenda uhinduranya imibare usiba.

Umwitozo wa 3 – Gushushanya amatsinda y'ibintu 7 no kwandika umubare 7

- Abana barashushanya amatsinda y'ibintu 7 mu makaye yabo hanyuma bandike umubare 7 imbere ya buri tsinda bashushanije.

4.Isuzumabumenyi **iminota 8**

Bwira abana bandike umubare 7 inshuro eshatu mu makayi yabo.

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bwira abana baze gukina n'umuntu wo mu rugo wa mukino: Bara wandike 7". Barabara ibintu 7, hanyuma bandike 7 mu makayi yabo cyangwa ku butaka bakoresheje agati.

ISOMO RYA 4 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA KURI 5 KUGEZA KU 7

***ICYITONDERWA** - Nushushanya amatsinda y'ibintu ku kibaho, ujye uhinduranya imibare.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 5 kugeza ku 7	• Ibikoresho by'ishuri 7 kuri buri mwana (Amakayi, amakaramu, ibitabo). • Terefone (M-P1-T1-W6-L4). • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

Genzura ko abana bafite ibikoresho bikenewe.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30



- Kinisha abana udukino two kubara vuba:
  - "Ni kangahe wabonye?" (ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera ku 9)
  - "Ongeraho rimwe" (ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera ku 9).
- Kinisha abana agakino: "Bara ugereranye"(mukoreshe intoki, ibikoresho by'ishuri, utubarisho) mugereranye ibintu kuva kuri 5 kugera kuri 7. Ufashe abana gutahura ibyinshi, ibike n'ibingana.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 10.
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana icyabagoye muri iki gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

Agakuru k'imibare

Mugisha afite inkoko zirindwi. Munyana afite inkoko eshanu. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

- Mugisha afite inkoko nyinshi kurusha Munyana.
- Munyana agize izindi nkoko ebyiri, yahita anganya na Mugisha.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

- Shushanya ku kibaho amatsinda 2 arimo utuziga (dutanu na turindwi). Ubwire abana bayandike mu makaye yabo, bayabare hanyuma bandike umubare w'utuziga munsi ya buri tsinda, nibarangiza bazengurutse uruziga ku itsinda rinini.

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira bana baze gukora amatsinda 2 y'ibintu: itsinda ry' ibintu 5 n'irindi ry'ibintu 6, hanyuma bereke ababyeyi itsinda rifite ibintu byinshi.

ISOMO RYA 5 – KUGERERANYA UBUREBURE BW'ABANTU N'UBW'IBINTU

ICYITONDERWA - *Mu gihe mukora umwitozo wo kugereranya uburebure, hitamo abanyeshuri basumbana koko kugirango abana babashe kwiyumvisha icyo uburebure ari cyo.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kugereranya uburebure bw'abantu n'ubwi ibintu.	• Ibikoresho by'ishuri bifite uburebure butandukanye nk'ikaramu, ikaramu y'igiti; kimwe kuri buri mwana.

1.Gukangura abana **iminota 2**

Mukine agakino ko kubara vuba: "Intoki zihinnye ni zingahe?" Mukoreshe imibare kuva kuri1 kugera ku 10.

2.Isubiramo **iminota 3**

Shushanya ku kibaho imirongo 2 itambitse isumbana. Noneho ubaze abana uti "Umurongo muremure ni uwuhe?Umugufi ni uwuhe? Mwabibwiwe n'iki?" Subiramo uwo mwitozo ukoresheje imirongo ihagaze.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1.Kuvumubura icyigwa

- Hamagara umwana umwe aze imbere. Bwira abana babona ko abasumba bahaguruke. Hamagara bamwe muri abo bana asumba baze imbere murebe koko ko abasumba. Hanyuma ubaze abana uko bamenye niba ari bagufi kuri uwo mwana.
- Noneho baza abana babona ko ari barebare kuri wa mwana mwajyanye imbere. Hanyuma musubiremo uko mwabikoze maze murebe niba ari barebare kuri uwo mwana koko.
- Sobanurira abana ko iyo ibintu bifite uburebure bungana biba bireshya.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Kugereranya uburebure bw'abana (Mu matsinda ya 2)

- Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri.
- Bwira abana muri buri tsinda, buri mwana ahagararane na mugenzi we. Noneho umuremure azamure akaboko kamwe, umugufi azamure amaboko yombi, hanyuma abareshya ntibagire ukuboko bazamura.

Umwitozo wa 2 – Kugereranya uburebure – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwitozo wa buri mwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kugereranya uburebure iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite) **MK/REB** P.87**; MK** P.17; **JKF P.**40**; LONGHORN** P.97,98

Umwitozo wa 3 – Gushaka ikintu kirekire cyangwa kigufi ku ikaramu y'igiti

- Bwira abana bashake mu ishuri ikintu kirekire ku ikaramu y'igiti. Hanyuma bakigereranye n'ikaramu y'igiti babyegeranije barebe uko birutana. Hanyuma ubwire abana bashake mu ishuri ikintu kigufi ku ikaramu y'igiti. Hanyuma bakigereranye n'ikaramu y'igiti babyegeranije barebe uko birutana. Subiramo uwo mwitozo ukoresheje ibintu binyuranye.

4.Isuzumabumenyi **iminota 8**

Hamagara abakobwa 3 n'abahungu 2. Noneho ubwire abanyeshuri babatondeke bava ku mugufi bajya ku muremure.

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bwira abana baze gushaka ibintu bireshya mu rugo maze bazabikwereke mu isomo ry'ubutaha.

ISOMO RYA 6 – KUGERERANYA IMIBARE KUVA KURI 1 KUGERA KURI 7

ICYITONDERWA - *Ukore ku buryo ibimenyetso biba byanditse mu buryo bugaragara neza abana bose babibone.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kugereranya imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7.	• Utubarisho 7 kuri buri mwana.

1.Gukangura abana — iminota 2

Mukine udukino two kubara vuba:
-"Ni kangahe mwabonye?" Mukoreshe imibare kuva kuri1 kugera ku 10
-"Intoki zihnnye ni zingahe?" Mukoreshe imibare kuva kuri 1 kugera ku 10

2.Isubiramo — iminota 3

Bwira abana bazamure intoki hagati ya 1na 7.
Hitamo abana babiri bazamuye umubare w'intoki unyuranye. Hanyuma ubaze abana bose uti: "Ni nde wazamuye nkeya?" "Ni nde wazamuye nyinshi?" Ongera uhitemo abandi bana 2 maze mukomeze umukino.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa



- Shushanya ku kibaho amatsinda 2 y'utuziga duto (urugero: 4 na 7). Bwira abana batubare maze bandike umubare munsi ya buri tsinda. Baza abana itsinda ririmo utuziga twinshi iryo ari ryo. Noneho hita wigisha ikimenyetso cya >. Sobanurira abana icyo kimenyetso cya >.
- Subiramo umwitozo ukoresheje indi mibare (urugero 5 na 6; 7 na 7) maze wigishe n'ibindi bimenyetso bya< na =. Sobanurira abana ko umubare munini ujya mu mahembe y'ikimenyetso.
- Tanga izindi ngero zirimo kugereranya (6>3, 2<5, 5=5) maze usabe abana bazisome.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 7 (mu matsinda ya 2)

- Vuga umubare urugero 6. Muri buri tsinda bakore itsinda ry'ibintu 6.
- Vuga undi mubare urugero 4. Muri buri tsinda bakore itsinda ry'ibintu 4.
- Bwira abana bakore ikimenyetso, bifashishije amakaramu abiri, maze bagishyire hagati ya ya matsinda kugirango berekane uko arutana. Subiramo uwo mwitozo ukoresheje indi mibare.

Umwitozo wa 2 – Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1kugera kuri 7 (umwitozo w'umwana ku giti cye)

- Shushanya ku kibaho amatsinda abiri arutana.
- Abana bayashushanye mu makayi yabo hanyuma bandike umubare munsi ya buri tsinda maze bashyiremo ikimenyetso cya > berekane uko ayo matsinda arutana.

Umwitozo 3 - Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 7- IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kugereranya imibare y'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 7 iri mu bitabo bikurikira (ukoreshe ibitabo ishuri rifite). **MK/REB** P.15, 16 **;** **MK** P.20; **JKF** P.31; **LONGHORN** P.45, 46

4.Isuzumabumenyi — iminota 8



- Mukine wa mukino "Iki kimenyetso ni ikihe? ". Andika ku kibaho ikimenyetso (<, >, =).
- Abana bakubwire icyo kimenyetso icyo ari cyo. Hanyuma ugisibe wongere wandike ikindi, vuba vuba.
- Andika amatsinda y'imibare akurikira ku kibaho maze ubwire abana bayandike mu makayi yabo. Hanyuma bandike ikimenyetso cya <, > cyangwa = hagati ya buri tsinda.: 3 5, 8 ☐ 9, 1 ☐ 1

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika amatsinda y'imibare akurikira ku kibaho maze abana bayandike mu makayi yabo, hanyuma baze kuyagereranya bakoresheje ibimenyetso bya biruta, birutwa cyangwa bingana:
1 ☐ 5, 8 ☐ 10, 9 ☐ 9.

ICYUMWERU CYA 7

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo2	Isomo rya 3	Isomo ry4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Kubara, gusoma no kwandika umubare 8	• Kubara, gusoma no kwandika umubare 9	• Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera ku 9	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera ku 9	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera ku 9	• Gupima uburebure bw'ibintu ukoresheje intambwe, udukoni, utwambi, n'ibindi.	• Isuzumabumenyi
Udukino two kubara mu mutwe	• Ni kangahe wabonye? • Ongeraho rimwe	• Ongeraho rimwe	• Ongeraho rimwe	• Ongeraho rimwe • Intoki zihinnye ni zingahe?	• Kuramo rimwe	• Erekana uyu mubare	
Indirimbo, injyana	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 10	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 10	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 10	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 10	Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 9	Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 9	
Imikino yo kubara	• Bara wandike • Shaka umubare ubura • Itegereze wandike • Shaka ibintu umunani	• Bara wandike • Shaka ibintu 9 • Intoki zihinye ni zingahe?	• Uyu mubare ni uwuhe? • Bara wandike • Shaka umubare ubura • Intoki zihinye ni zingahe? • Shushanya wandike	• Erakana uyu mubare • Bara ugereranye • Uyu mubare ni uwuhe? • Shaka umubare ubura	• Uyu mubare ni uwuhe? • Bara ugereranye • Shaka umubare ubura • Intoki zihinnye ni zingahe?		
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.11	P.18, 19	P.1-14, 18, 19	P.15-17	P.15-17	P.88	
MK	P.23, 24	P.23, 24	P.10, 12, 13, 23	P.18, 19, 20	P.18, 19, 20	P.26, 31	
JKF	P.32	P.33	P. 21-29, 32-33	P. 30, 31	P.30, 31	P.41	
LONGHORN	P.18-23	P.18-23	P.6-23	P.45, 46	P.45, 46	P.100	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

★★ ★★★	**Bara ugereranye (Ishuri ryose cyangwa se amatsinda ya babiri babiri)** • Shushanya cyangwa werekane amatsinda 2 y'ibintu ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera ku 9. • Bwira abana babibare hanyuma bakubwire itsinda rifite byinshi n'irifite bike.
7	**Itegereze wandike** • Andika umubare ku kibaho. • Bwira abana bawitegereze vuba vuba maze bawandike mu makaye yabo.. • Siba wongere wandike undi mubare ugira vuba vuba.
	"Ni kangahe wabonye?" cyangwa "Intoki zihinnye ni zingahe?" (ishuri ryose) • Zamura umubare runaka w'intoki ukoresheje ibiganza byombi. • Abana barakubwira umubare w'intoki babonye cyangwa umubare w' intoki zihinye.
9	**"Uyu mubare ni uwuhe?"** • Andika umubare ku kibaho • Abana barakubwira uwo mubare vuba vuba. Wusibe hanyuma uhite wandika undi. Komeza ako gakino, ugire vuba vuba uko bishoboka.
	"Bara wandike" (mu matsinda ya 2) • Bwira abana bashyire ibintu ku meza. Umwe arazamura umubare runaka w'ibintu. • Undi arabibara noneho bombi bandike uwo mubare mu makaye yabo.
	"Ongeraho 1" cyangwa "Kuramo rimwe"(ishuri ryose) • Vuga umubare (urugero:4) hanyuma uwerekane ukoresheje intoki. • Abana barerekana uwo mubare waberetse bongeyeho 1 (ubwo ni 5) cyangwa bakuyemo 1(ubwo ni 3) • Abana bose basubiriza rimwe.
●–●–●–● 6 8 9	**"Shaka umubare ubura"** • Shushanya umurongo w'imibare ku kibaho. Hanyuma ubwire abana bahumirize. • Siba umubare umwe ku murongo. Hanyuma ubwire abana barebe maze bakubwire umubare ubura, banasobanure uko bawumenye.
	Shaka ibintu 8 na 9 (ishuri ryose cyangwa se mu matsinda ya babiri) Bwira abana bashake cyangwa bakore amatsinda y'ibintu 8 na 9 (cyangwa abantu mu ishuri). Hanyuma babare ibintu biri muri buri tsinda.
6	**"Erekana uyu mubare"** Urajya wandika umubare uri hagati ya rimwe n'icyenda maze abana bawerekane bakoresheje utubarisho: bakore itsinda ry'utubarisho ringana n'uwo mubare.

ISOMO RYA 1 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA UMUBARE 8

ICYITONDERWA - Ujye ugenda ureba abana badakina neza udukino. Ibyo bizagufasha kumenya abana bakeneye gufashwa.

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kubara, gusoma no kwandika umubare 8.	• Utubarisho: Amakayi, amakaramu, ibitabo 8 kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T1-W7-L1). • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

Genzura ko abana bafite ibikoresho bikenewe.

2. Mugice cy' isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Kinisha abana agakino ku kubara vuba: "Intok*i* zihinnye ni zingahe?"
- Fasha abana gutahura uko umubare 8 wandikwa ukoresheje agakino "Bara wandike umubare 8" (mukoresheje intoki, utubarisho). Bereke uko umubare 8 wandikwa hanyuma bakubwire imirongo iwugize. Bitoze kuwandika mu kirere, bakoresheje urutoki.
- Kinisha abana agakino "Itegereze wandike 8". Abana bitoze kwandika umubare 8 ahantu hatandukanye (mu kirere, ku meza bakoresheje urutoki, no mu makayi yabo).
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Kinisha abana agakino "Bara wandike 8", mu matsinda ya babiri babiri.
- Fasha abana kubona ibitekerezo byinshi bishoboka ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana icyaboroheye mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

Agakuru k'imibare

Kagabo afite imyaka 5. Kageni afite imyaka 8. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru :

- Kageni araruta Kagabo.
- Kageni arusha Kagabo imyaka 3.
- Kagabo nagira imyaka 6, Kageni we azagira imyaka 9.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

- Bwira abana bandike umubare 8 inshuro eshatu mu makayi yabo.
- Babwire basome uwo mubare banditse.

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Bwira abana nibagera mu rugo baze kwereka ababyeyi babo itsinda ry'ibintu 8 maze bandike umubare 8 mu makayi yabo.

ISOMO RYA 2 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA UMUBARE 9

ICYITONDERWA - *Mu gihe uri kwigisha abana itandukaniro riri hagati ya 6 na 9, ubafashe gushaka ikintu bazajya babyibukiraho. Urugero: 6 iricaye naho 9 irahagaze.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kubara, gusoma no kwandika umubare 9.	• Utubarisho 9 kuri buri mwana.

1.Gukangura abana **iminota 2**

Abana bahaguruke baririmbe injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10.

2.Isubiramo **iminota 3**

Ca ku kibaho imirongo ihese ifunze n'ihese ifunguye maze abana bakubwire ubwoko bw'iyo mirongo.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1.Kuvumbura icyigwa

9

- Abana babare kandi berekane intoki 9. Noneho uhite wandika umubare 9 munini ugaragara neza ku kibaho.
- Baza abana ubwoko bw'imirongo babona muri 9. (Umurongo uhese ufunguye, n'uhese ufunze).
- Sobanurira abana uko umubare 9 wandikwa. Bereke itandukaniro riri hagati ya 6 na 9.
- Hindukira urebe ku kibaho wandikane n'abana umubare 9 munini mu kirere inshuro nyinshi. Ujye unyuzamo uhindukire urebe ko abana babikora neza.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Kwandika umubare 9

Bwira abana bandike umubare 9 mu kirere, ku ntebe, ku maguru, mu kiganza, mu mugongo wa mugenzi babo.

Umwitozo wa 2 - Gukora amatsinda y'ibintu 9 (Umwitozo wo mu matsinda ya 2)

- Abana bakine "Bara wandike 9". Buri mwana mu itsinda arajya akora itsinda ry'ibintu 9 akoresheje intoki cyangwa utubarisho. Bombi barabibara nibasanga ari 9 koko bahite bandika 9 mu makaye yabo. Nibasanga bitageze ku icyenda bongere basubiremo.

Umwitozo wa 3 – Kubara, gusoma no kwandika umubare 9 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwitozo wa buri mwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kubara, gusoma no kwandika umubare 9 iri mu bitabo bikurikira (ukoreshe ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P.18, 19 ; **MK** P.23, 24; **JKF** P.33, **LONGHORN** P.18-23

4.Isuzumabumenyi **iminota 8**

6 9

- Andika ku kibaho imibare 6 na 9 minini. Baza abana uti: *Iyi mibare itandukaniye he? Ihuriye he? Ni gute muzajya muyibuka mukanayitandukanya?*
- Babwire bandike umubare 9 mu makayi.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Bwira abana baze kwandika umubare 9 ku butaka bakoresheje agati.
- Baze kandi kwandika umubare 9 mu makayi.

ISOMO RYA 3 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 1 KUGERA KU 9

ICYITONDERWA - *Ugenzure ko abana bagenda bashyira urutoki ku byo babaze, kugirango bajye bamenya ibyo babaze.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera ku 9	• Utubarisho 9 kuri buri mwana.

1.Gukangura abana **iminota 2**

Mukine umukino wo kubara mu mutwe: "Ongeraho rimwe" ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera ku 9. Urajya werekana umubare runaka w'intoki, noneho abana bakubwire uwo mubare bongeyeho 1.

2.Isubiramo **iminota 3**

8	Mukine: "Uyu mubare ni uwuhe?" Andika ku kibaho imibare (1 kugera kuri 8).Ubaze abana bakubwire umubare wanditse. Ujye ugira vuba vuba uko abana bamenyera agakino.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Mukine "Bara wandike" mukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera ku 9.
- Bwira abana bakwereke intoki ziri hagati ya 1 na 9 hanyuma bandike uwo mubare bakweretse mu makayi .
- Nibarangiza, basome iyo mibare banditse.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukora amatsinda y'ibintu ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 (Umwitozo wo mu matsinda ya 2)

- Kinisha wa mukino "Bara wandike" mu matsinda ya babiri. Uravuga umubare uri hagati ya 1 na 9, muri buri tsinda barabara utubarisho tungana n'uwo mubare, hanyuma bahite bandika uwo mubare mu makaye yabo.
- Mukine Shushanya wandike: Urajya uvuga umubare, noneho abana bahite bashushanya utuziga (cyangwa uduti) tungana n'uwo mubare, hanyuma bandike uwo umubare i ruhande rw'ibyo bishushanyo.

Umwitozo wa 2 - Gusoma imibare kuva kuri 1 kugera ku 9
Andika imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 ku kibaho maze abana bayisome
Umwitozo wa 3 – Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera 9 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwitozo wa buri mwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1kugera ku 9 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite) **MK/REB** P.1-14&18**, 19 MK** P.110, 12, 13, 23, **JKF** P.21-29, 32-33**, LONGHORN** P.6-23

4.Isuzumabumenyi **iminota 8**



- Kinisha abana "Shaka umubare ubura". Shushanya umurongo uriho imibare ku kibaho. Hanyuma ubwire abana bahumirize. Siba umubare umwe ku murongo. Hanyuma ubwire abana barebe maze bakubwire umubare ubura, banasobanure uko bawumenye.Subiramo inshuro nyinshi ugenda uhinduranya imibare.
- Vuga imibare iri hagati ya 1 na 9 maze bayandike mu makayi.

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Bwira abana baze gukina n'umuntu wo mu rugo 'Bara wandike', bakoresheje ibintu kuva kuri 1 kugera ku 9.

ISOMO RYA 4 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA KURI 1 KUGEZA KU 9

ICYITONDERWA - *Ukore ku buryo abana bose babona intoki zawe mu gihe muri gukina ka gakino kitwa "Intoki zihinnye ni zingahe?"*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugeza ku 9.	• Ibikoresho by'ishuri : Amakayi, amakaramu, ibitabo 9 kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T1-W7-L4). • Indangururamajwi.

1.Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Genzura abana ko bafite ibikoresho bikenewe.

2.Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 2**

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10. Mugende musimbuka umubare umwe umwe.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: "Ongeraho 1".
- Kinisha abana agakino: "Bara ugereranye" (mukoreshe intoki, ibikoresho by'ishuri, utubarisho kuva kuri 1 kugera ku 9). Ufashe abana gutahura ibyinshi, ibike n'ibingana.
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana uburyo bakoresha mu gutahura ko umubare uruta undi.

Agakuru k'imibare

Manzi yaguze imineke 6. Mutoni nawe yaguze imineke 6. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

- Manzi na Mutoni baguze umubare w'imineke ungana.
- Manzi ahaye Mutoni umuneke umwe, Mutoni yahita agira imineke irindwi.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi



- Shushanya ku kibaho amatsinda abiri arimo ibintu birutana. Ubwire abana nabo bayashushanye mu makayi yabo, bayabare hanyuma bandike umubare w'ibintu biri muri buri tsinda, nibarangiza bazengurutse uruziga ku itsinda rinini.

3.2. Umukoro wo mu rugo

Abana baze gukora amatsinda abiri 2 y'ibintu arutana, hanyuma bereke ababyeyi itsinda rifite ibintu byinshi.

ISOMO RYA 5 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA KURI 1 KUGERA KURI 9

ICYITONDERWA - *Ujye wibukano gushushanya amatsinda angana kugirango umenyereze abana gukoresha ikimenyetso cya =*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 9.	• Utubarisho 9 kuri buri mwana. • Ibikoresho by'ishuri: amakaramu, amakayi, amakaramu y'igiti.

1.Gukangura abana — iminota 2

1 2 3 4 5 6 7 8 9

Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 ku murongo utambitse:

- Bwira abana baririmbe injyana basimbuka umubare umwe bahereye kuri 2. Urugero2…4…6...8. Bave imbere bajya inyuma bongere bave inyuma bajya imbere.
- Bongere baririmbe basimbuka umubare umwe bahereye kuri1. Urugero 1…3…5…7…9. Bave imbere bajya inyuma bongere bave inyuma bajya imbere.
- Noneho baririmbe basimbuka imibare 2 bahereye kuri 1. Urugero1…4…7) Bave imbere bajya inyuma bongere bave inyuma bajya imbere.
- Bongere baririmbe basimbuka imibare 2 bahereye kuri 3. Urugero 3…6…9 Bave imbere bajya inyuma bongere bave inyuma bajya imbere.

2.Isubiramo — iminota3

9	Kinisha agakino "Uyu mubare ni uwuhe?" ukoreshe imibare kuva kuri 1 kugera ku 9.

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Kinisha umukino "Bara ugereranye": Bwira abana bose bazamure intoki kuva kuri1kugera ku 9. (Buri mwana arazamura umubare w' intoki ashaka)
- Hitamo abana 2 baze imbere maze babereke intoki bazamuye.
- Saba abana bakubwire *"Ni nde wazamuye nyinshi? ","Ni nde wazamuye nkeya?" Cyangwa niba hari abanganya*.
- Andika imibare y'intoki bazamuye noneho ubwire umwana aze agereranye iyo mibare akoresheje ikimenyetso cya > na < cyangwa =.
- Ibutsa abana ko buri gihe umubare munini ujya mu mahembe y'ikimenyetso cya biruta cyangwa birutwa.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 - Gereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera ku 9 (mu matsinda ya 2)

- Vuga umubare urugero 8. Muri buri tsinda bakore ikirundo cy'ibintu 8.
- Vuga undi mubare urugero 6. Muri buri tsinda bakore ikirundo cy'ibintu 6.
- Bwira abana bakore ikimenyetso bifashishije amakaramu abiri maze bagishyire hagati ya ya matsinda 2 kugira ngo berekane uko arutana.

Umwitozo 2 - Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera ku 9 – IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 9 iri mu bitabo bikurikira (ukoreshe ibitabo ishuri rifite) **MK/REB** P.15-17; **MK** P. 18, 19, 20; **JKF** P.30, 31; **LONGHORN** P.45, 46

Umwitozo wa 3 – Kugereranya amatsinda y'utuziga kuva kuri 1 kugera ku 9 (Umwitozo w'umwana ku giti cye)



- Shushanya amatsinda 2 y'utuziga ku kibaho (utuziga 8 na 9, 9 na 9 , 8 na 7 …)
- Abana babare ibintu biri muri ayo matsinda, bayandukure mu makayi yabo, bandike umubare munsi ya buri tsinda, hanyuma bakoreshe ikimenyetso cya <, > cyangwa = mu kugaragaza uko iyo mibare irutana cyangwa ingana.

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Andika imibare 4 na 8 ku kibaho. Bwira abana bashushanye amatsinda abiri y'utuziga ahwanye n' iyo mibare. Hanyuma bandike buri mubare munsi y'itsinda bihwanye. Nibarangiza bandike ikimenyetso cya biruta, birutwa cyangwa bingana hagati y'iyo mibare ibiri.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

	Bwira abana baze gukina n'umuntu wo mu rugo cyangwa incuti yabo "Bara, ugereranye" bakoresheje utubarisho bashobora kubona.

ISOMO RYA 6 – GUPIMA UBUREBURE BW' IBINTU BITANDUKANYE UKORESHEJE INTAMBWE, UDUKONI, UTWAMBI…..

ICYITONDERWA - *Mu gihe uri gupima ukore ku buryo abana bose babona uko uri kubikora kugira ngo baze kukwigana.*

Intego y'isomo:
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gupima uburebure bw'ibintu bakoresheje intambwe, udukoni, utwambi…

Imfashanyigisho:
- Ibintu biri mu ishuri: intebe, amakayi, amakaramu…., ilati, igome…
- Udukoni, utwambi

1.Gukangura abana — iminota 2

1 2 3 4 5 6 7 8 9

Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 ku murongo utambitse:
- Bwira abana baririmbe injyana basimbuka umubare umwe bahereye kuri 2. Urugero2…4…6...8. Bave imbere bajya inyuma bongere bave inyuma bajya imbere.
- Bongere baririmbe basimbuka umubare umwe bahereye kuri1. Urugero 1…3…5…7…9. Bave imbere bajya inyuma bongere bave inyuma bajya imbere.
- Noneho baririmbe basimbuka imibare 2 bahereye kuri 1. Urugero: 1…4…7). Bave imbere bajya inyuma bongere bave inyuma bajya imbere.
- Bongere baririmbe basimbuka imibare 2 bahereye kuri 3. Urugero 3…6…9. Bave imbere bajya inyuma bongere bave inyuma bajya imbere.

2.Isubiramo — iminota 3

Ereka abana ibintu 2 cyangwa 3 (Urugero: igome, irati, ikaramu y'igiti). Hanyuma ubabaze ikirekire icyo aricyo, n'impamvu bamenye ko ari cyo kirekire.

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Ereka abana uko bapima ikintu (urugero: ameza yabo) ukoresheje intambwe y'ikiganza.
- Bwira abana bapime uburebure bwa rumwe mu nkuta z'ishuri bakoresheje intamwe z'amaguru.
- Bwira abana bapime intebe zabo bakoresheje ikiganza. Bavuge umubare w'intambwe z'ikiganza babonye.

3.2.Imyitozo mpamya bumenyi

Umwitozo wa 1 – Gupima uburebure (Mu matsinda ya 2)
Buri mwana akorane na mugenzi we maze bapime:
- Uburebure bw'ikayi yabo bakoresheje intambwe z'ikiganza.
- Uburebure bw'intebe zabo bakoresheje ikirenge.
- Uburebure bw'intebe zabo bakoresheje amakayi yabo.

Mbere yo gupima, abana babanze bavuge uburebure bagereranije. Nibamara gupima bagereranye ibyo bari bavuze n'ibyo babonye.

Umwitozo wa 2 – Gupima uburebure – IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwitozo wa buri mwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gupima uburebure bw'ibintu bakoresheje intambwe, udukoni, utwambi… iri mu bitabo bikurikira (ukoreshe ibitabo ishuri rifite) **MK/REB** P. 88; **MK** P.26, 31 ;**JKF** P.41; **LONGHORN** P.100

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Bwira abana bapime uburebure bw'intebe zabo bakoresheje intambwe z'ikiganza.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana baze gupima uburebure bw'ibintu byo mu rugo bakoresheje intambwe z'ikiganza. Bereke umuntu wo murugo uko bapimye.

ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 6 N'ICYA 7

Bwira buri mwana akore ukwe. Abandi bana ntibagomba kumva ibisubizo bya bagenzi babo.

Ikibazo cya 1 – Bwira umwana abare ibintu bigize buri tsinda hanyuma akubwire ibyinshi ibyo ari byo:



Akeneye gufashwa	Ni byiza cyane
Ntiyabashije kubibara kandi ntiyerekanye byinshi	Yabaze neza kandi yerekanye ibyinshi

Ikibazo cya 2– Bwira umwana asome iyi mibare

8 6 5 7 6 9 3

Akeneye gufashwa	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yasomye neza imibare iri munsi y'ibiri	Yasomye neza imibare kuva kuri 2 kugeza kuri 5	Yasomye neza imibare kuva kuri 6 kugeza kuri 7

Ikibazo cya 3 – Umurongo muremure ni uwuhe?
Baza umwana umurongo muremure muri iyi ibiri ikurikira.

A

B

Akeneye gufashwa	Ni byiza cyane
Ntiyabashije kumenya umurongo muremure	Yabashije kumenya umurongo muremure

Icyitonderwa: Ni byiza cyane = amanota 3
Ni byiza = amanota 2
Akeneye gufashwa = inota 1

ICYUMWERU CYA 8

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Guteranya umubare na 1 (Igiteranyo ntikirenge 9).	• Guteranya umubare na 2 (igiteranyo ntikirenge9).	• Guteranya umubare na 3 (Igiteranyo ntikirenge 9).	• Guteranya umubare na4 (Igiteranyo ntikirenge 9).	• Guteranya umubare na 5 (Igiteranyo ntikirenge 9).	• Guteranya umubare na 1, 2, 3, 4 na 5 (Igiteranyo ntikirenge 9)	• Gutsindagira ibyizwe
Udukino two kubara mu mutwe	• Intoki zihinnye ni zingahe?	• Ongeraho rimwe	• Ongeraho kabiri	• Intoki zihinnye ni zingahe?	• Ongeraho kabiri	• Ongeraho rimwe	
Indirimbo cyangwa Injyana	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku10	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku 10 usimbuka umubare 1, 2 na 3	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku10 usimbuka umubare 1, 2 na 3	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku 10 usimbuka umubare 1, 2 na 3	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku 10 usimbuka umubare 1, 2 na 3	
Imikino	• Ongeraho rimwe	• Intoki zihinnye ni zingahe? • Ongeraho kabiri	• Intoki zihinnye ni zingahe? • Ongeraho kabiri, gatatu na kane.	• Intoki zihinnye ni zingahe? • Ongeraho kabiri na kane	• Intoki zihinnye ni zingahe?	• Intoki zihinnye ni zingahe? • Ongeraho gatatu na kane	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.20	P.20	P.20	P.21, 22	P.21, 22	P.20-24	
MK	P.27	P.28	P.28	P.29	P.29, 30	P.28, 29, 30	
JKF	P.42-44, 48, 49	P.42-44, 48, 49	P.42-44, 48, 49	P.42-44, 48, 49	P.42-44, 48, 49	P.42-44, 48, 49	
LONGHORN	P.54-57, 59-60	P..54-57, 59-60	P..54-57, 59-60	P..54-57, 59-60	P..54-57, 59-60	P..54-57, 59-60	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

	"Intoki zihinnye ni zingahe?" (ishuri ryose) • Zamura umubare runaka w'intoki ukoresheje ibiganza byombi, izisigaye uzihine. • Abana bakubwire umubare w'intoki zihinnye.
	"Ongeraho 1" (2, 3 cyangwa 4) (mu matsinda ya babiri babiri) • Umwana arerekana umubare w' ibintu bitandukanye (amabuye, uduti, intoki…) • Mugenzi we aravuga umubare wabyo, hanyuma avuge uwo mubare yongeyeho kabiri.
	"Ongeraho" 1 (2 cyangwa 3) cyangwa "Kuramo rimwe" (2, 3 cyangwa 4) (ishuri ryose) ukoresheje intoki. • Vuga umubare (urugero:4), hanyuma uwerekane ukoresheje intoki • Abana barerekana uwo mubare waberetse bongeyeho 1(ubwo ni 5) cyangwa bakuyemo 1(ubwo ni 3). Abana bose basubiriza rimwe. • Komeza ako gakino mwongereho cyangwa mukuramo 2 cyangwa 3.
	"Ongeraho 1" (cyangwa 2 cyangwa 3) cyangwa kuramo rimwe (2, 3 cyangwa 4) (ishuri ryose) udakoresheje intoki • Vuga umubare (urugero:4) • Abana baravuga uwo mubare bongeyeho 1 (ubwo ni 5) cyangwa bakuyemo 1 (ubwo ni 3). Abana bose basubiriza rimwe. • Komeza ako gakino mwongeraho cyangwa mukuramo 2 cyangwa 3.

ISOMO RYA 1 – GUTERANYA UMUBARE NA 1

ICYITONDERWA - *Igihe mwiga kongeraho rimwe, icyorohera abana bagize ibibazo, ni ukubanza kubara itsinda ry'ibintu. Hanyuma bakongeraho ikintu 1. Noneho bakongera bakabara itsinda rishya babonye.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Guteranya umubare na 1 (Igiteranyo ntikirenge 9)	• Ibikoresho byo mu ishuri: Amakayi, ibitabo, amakaramu – 9 kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T1-W8-L1). • Indangururamajwi.

1. Mbere y' igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Genzura ko abana bafite ibikoresho bikenewe.

2. Mu gice cy' isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Kinisha abana agakino "Intoki zihinnye ni zingahe?"
- Fasha abana gutahura uko bateranya umubare na 1 ukoresheje ka gakino: "Ongeraho 1". Mukoreshe intoki, utubarisho.
- Kinisha abana agakino: "Ongeraho 1" mu matsinda ya babiri babiri, bakoresheje utubarisho.
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana uko bateranya umubare na rimwe.

Agakuru k'imibare

Sangwa yogeje amasahani 4 n'ikiyiko 1. Mushiki we yogeje isahani 1 n'ibiyiko 3. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Sangwa na mushiki we bogeje amasahani atanu yose hamwe.

-Sangwa na mushiki we bogeje ibiyiko bine.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Abana bakore imyitozo ikurikira bifashishije utubarisho cyangwa gushushanya inziga mu makayi yabo:

3+1 =

7+1=

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana baze gukina n'umuntu wo mu rugo umukino "Ongeraho rimwe". Uwo muntu arajya avuga umubare uri hagati ya 1 na 8, maze umwana yongereho 1.

ISOMO RYA 2 – GUTERANYA UMUBARE NA 2

ICYITONDERWA - *Abana bimenyereze kubara basimbuka umubare umwe, kugirango bize kubafasha kongeraho 2.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Guteranya umubare na 2(Igiteranyo ntikirenga 9).	• Utubarisho 9 kuri buri mwana.

1.Gukangura abana — iminota 2

1 2 3 4 5 6 7 8 9

Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 ku murongo utambitse:

- Bwira abana baririmbe injyana basimbuka umubare umwe bahereye kuri 2. Urugero2…4…6...8. Bave imbere bajya inyuma bongere bave inyuma bajya imbere.
- Bongere baririmbe basimbuka umubare umwe bahereye kuri1. Urugero 1…3…5…7…9. Bave imbere bajya inyuma bongere bave inyuma bajya imbere.
- Noneho babare basimbuka imibare 2 bahereye kuri 1. Urugero1…4…7). Bave imbere bajya inyuma bongere bave inyuma bajya imbere.
- Bongere baririmbe basimbuka imibare 2 bahereye kuri 3. Urugero 3…6…9. Bave imbere bajya inyuma bongere bave inyuma bajya imbere.

2. Isubiramo — iminota 3

Mukine ka gakino ko kubara vuba vuba: "Ongeraho kabiri", mukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7, mudakoresheje intoki.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1 Kuvumbura icyigwa



- Zamura umubare runaka w'intoki. (Urugero: 3). Bwira abana bakubwire umubare babona bongeyeho intoki ebyiri. Mwongere mukore uwo mwitozo mukoresheje utubarisho. Bereke uko bandika igisubizo babonye ukoresheje ikimenyetso: 3 + 2 = 5.
- Bereke uko mwerekana 2+3 mukoresheje gushushanya utuziga (reba igishushanyo i bumoso)
- Komeza uwo mwitozo, ukoresheje indi mibare kuva kuri 1 kugera kuri 7, hanyuma mujye mwongeraho 2.
- Andika umwitozo: 1 + 2 = 3. Ubwire abana babyerekane bakoresheje utubarisho cyangwa bashushanya utuziga mu makaye yabo.
- Sobanurira abana ko iyo bateranya imibare ibiri ari byiza gukora itsinda ry'ibintu bingana n'umubare wa mbere. Noneho bagakora itsinda ry'ibintu bingana n'umubare wa 2. Hanyuma bagateranya ayo matsinda yombi, maze bakabara ibintu byose hamwe.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Guteranya umubare na 2 (Mu matsinda ya 2)



- Andika imyitozo yo guteranya ku kibaho. Abana bayandukure mu makaye yabo, noneho mu matsinda bayikore bifashishije utubarisho cyangwa intoki.
- Shushanya utuziga ku kibaho nk'utu turi ku ishusho. Bwira abana batwandukure mu makaye yabo, hanyuma bandike umubare munsi maze bateranye.

Umwitozo wa 2 – Guteranya umubare na 2 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no guteranya umubare na 2 (Igiteranyo ntikirenge 9) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P.20, **MK** P.28, **JKF** P.42-44 &48, 49, **LONGHORN** P.54-57, 59-60

4.Isuzumabumenyi — iminota 8

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikore bifashishije utubarisho cyangwa gushushanya utuziga mu makayi yabo: 7+2=, 8+ 1=

5.Umukoro wo murugo — iminota 2

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana baze kuyikorera mu rugo bifashishije gushushanya utuziga mu makayi yabo: 4+2=, 6+1=, 1+1=, 3+2=

ISOMO RYA 3 – GUTERANYA UMUBARE NA GATATU

ICYITONDERWA - *Ugenzure neza ko abana mu gukora amatsinda, batandukanya itsinda rya mbere n' irya kabiri bateranyaho.*

Intego y'isomo	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Guteranya umubare na 3(igiteranyo ntikirenga 9).	• Utubarisho - 9 kuri buri mwana.

1.Gukangura abana **iminota 2**

Mukine ka gakino ko kubara mu mutwe: "Ongeraho kabiri" mukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera ku 7, mudakoresheje intoki.

2.Isubiramo **iminota 3**

1 + 2 = 3

Andika uyu mwitozo: 1 + 2 = 3 ku kibaho. Ubwire abana mu matsinda ya babiri babiri babyerekane bakoresheje utubarisho cyangwa bashushanya utuziga mu makaye yabo.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1.Kuvumbura icyigwa



4 + 3 = 7

5 + 3 = 8

- Zamura umubare runaka w'intoki. (Urugero: 4). Bwira abana bakubwire umubare babona bongeyeho intoki eshatu. Mwongere mukore uwo mwitozo mukoresheje utubarisho.
- Bereke uko bandika igisubizo babonye ukoresheje ikimenyetso: 4 + 3 = 7.
- Bereke uko mwerekana 4+3 mukorsheje gushushanya utuziga (reba igishushanyo i bumoso).
- Komeza uwo mwitozo, ukoresheje indi mibare, kuva kuri 1 kugera kuri 6, hanyuma mujye mwongeraho 3.
- Ibutsa abana ko bateranya imibare babanje gukora amatsinda abiri y'ibintu angana ni imibare babahaye, hanyuma bagateranya ibintu byose hamwe maze bakabibara.
- Andika umwitozo: 5 + 3= 8. Ubwire abana babyerekane bakoresheje utubarisho cyangwa bashushanya utuziga mu makaye yabo.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Guteranya umubare na 3 (mu matsinda ya 2)



1 + 3 = 4

- Andika imyitozo yo guteranya ku kibaho. Abana bayandukure mu makayi yabo, noneho mu matsinda bayikore bifashishije utubarisho cyangwa intoki.
- Shushanya utuziga ku kibaho nk'utu turi ku ishusho. Bwira abana batwandukure mu makaye yabo, hanyuma bandike umubare munsi ya buri tsinda maze bateranye.

Umwitozo wa 2 –Guteranya umubare na 3– IGITABO CY'UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no guteranya umubare na 3 (Igiteranyo ntikirenge 9) iri mubitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)

MK/REB P.20; **MK** P.28; **JKF** P.42-44 &48, 49, **LONGHORN** P.54-57, 59, 60.

4.Isuzumabumenyi **iminota 8**

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikore bifashishije utubarisho cyangwa gushushanya utuziga mu makayi yabo: 6+3=, 1+ 3=

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana baze kuyikorera mu rugo bifashishije gushushanya utuziga mu makayi yabo: 4+2=, 3+3=, 1+3=, 7+2=

ISOMO RYA 4 – GUTERANYA UMUBARE NA 4

ICYITONDERWA - *Ureke abana bakoreshe utubarisho mu gukora imyitozo yo guteranya. Nibaba bashobora guteranya batifashishije utubarisho, ubwo baratubika.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Guteranya umubare na 4 (Igiteranyo ntikirenge 9).	• Utubarisho 9 kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T1-W8-L4). • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

Genzura ko abana bafite utubarisho 9.

2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 2 kugera ku 10. Ugenda usimbuka umubare umwe. Urugero 2...4....6…8…10. Mwongere muyisubiremo musimbuka imibare 2 muhereye kuri 3. Urugereo 3...6…9 (muve imbere mujya inyuma hanyuma muve inyuma mujya imbere)
- Kinisha abana agakino "Ongeraho 2" mukoresheje intoki n'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7.
- Kinisha abana agakino" "Ongeraho kane". (Mukoreshe intoki n'utubarisho)
- Kinisha abana agakino "Ongeraho 4" mu matsinda ya bibiri babiri, bakoresheje utubarisho. (ukoreshe imibare kuva kuri 1 kugera kuri 5).
- Kinisha abana agakino 'Intoki zihinnye ni zingahe?
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana uko bateranya umubare na 4.

Agakuru k'imibare

Akarabo yateye ibiti 4 by'ipapayi. . Musaza we yateye ibiti 5 by'ipapayi. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Akarabo na musaza we bateye ibiti 9 byose hamwe.

-Musaza w'Akarabo yateye ibiti byinshi kurusha Akarabo.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Abana bakore imyitozo ikurikira bakoresheje utubarisho cyangwa gushushanya utuziga:

3+4=

5+4=

3.2. Umukoro wo mu rugo

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikore bifashishije gushushanya utuziga mu makayi yabo cyangwa utubarisho: 2+4=, 5+4=, 1+4=, 7+2=

ISOMO RYA 5 – GUTERANYA UMUBARE NA 5

ICYITONDERWA - *Ukinishe abana kubara basimbuka umubare umwe n'ibiri mu gihe muhinduye imyitozo, mutangiye cyangwa murangije isomo.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Guteranya umubare na 5 (Igiteranyo ntikirenge 9).	• Utubarisho 9 kuri buri mwana.

1.Gukangura abana — iminota 2

Mukine ka gakino ko kubara mu mutwe "Ongeraho kabiri" mukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera ku 7, mudakoresheje intoki.

2.Isubiramo — iminota 3

2 + 4 = 6

Andika uyu mwitozo: 2 + 4 = 6. Ubwire abana mu matsinda ya babiri, babyerekane bakoresheje utubarisho cyangwa bashushanya utuziga mu makaye yabo.

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa



- Zamura umubare runaka w'intoki. (Urugero: 3). Bwira abanyeshuri bakubwire umubare babona bongeyeho intoki 5.
- Bereke uko bandika igisubizo babonye, ukoresheje ikimenyetso: 3 + 5 = 8.
- Bereke uko mwerekana 3+5 mukoresheje gushushanya utuziga (reba igishushanyo i bumoso).
- Komeza uwo mwitozo, ukoresheje indi mibare, kuva kuri 1 kugera kuri 4 hanyuma mujye mwongeraho 5.
- Ibutsa abana ko iyo bateranya imibare 2 babanza gukora amatsinda abiri y'ibintu bingana n'imibare babahaye hanyuma bagateranya ibintu byose hamwe maze bakabibara.
- Bwira abana berekane: 1 + 5 = 6 bakoresheje utubarisho cyangwa bashushanya utuziga mu makayi yabo.

3.2. Imyitozo mpamyabumbenyi

Umwitozo wa 1 –Guteranya umubare na 5 (Mu matsinda ya 2)



- Andika imyitozo yo guteranya ku kibaho (4+5=, 1+5=). Abana bayandukure mu makayi yabo, noneho mu matsinda bayikore bifashishije utubarisho cyangwa intoki.
- Shushanya utuziga ku kibaho nk'utu turi ku ishusho. Bwira abana batwandukure mu makaye yabo, hanyuma bandike umubare munsi maze bateranye.

Umwitozo wa 2 – Guteranya umubare na 5 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no guteranya umubare na 5 (Igiteranyo ntikirenge 9) iri mu bitabo bikurikira (ukoreshe ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P.21, 22; **MK** P.29, 30; **JKF** P. 42-44, 48,49; **LONGHORN** P.54-57, 59&60

4.Isuzumabumenyi — iminota 8

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikore bifashishije utubarisho cyangwa gushushanya utuziga: 3+5= ; 2+5=; 1+5=

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayandukure mu makayi yabo hanyuma baze kuyikorera mu rugo bifashishije utubarisho cyangwa gushushanya utuziga. 4+5= ; 2+5=; 3+5=

ISOMO RYA 6 – GUTERANYA UMUBARE NA 1, 2, 3, 4 NA 5

ICYITONDERWA - *Ukinishe abana kubara basimbuka umubare umwe n'ibiri mu gihe muhinduye imyitozo, mutangiye cyangwa murangije isomo.*

Intego y'isomo:
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Guteranya umubare na 1, 2, 3, 4, 5 (igiteranyo ntikirenge 9).

Imfashanyigisho:
- Utubarisho 9 kuri buri mwana.

1.Gukangura abana — iminota 2

1 2 3 4 5 6 7 8 9

Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 ku murongo utambitse.
- Bwira abana baririmbe injyana basimbuka umubare umwe bahereye kuri 2. Urugero 2 4…6…8. Bave imbere bajya inyuma bongera bava inyuma bajya imbere.
- Bongere baririmbe injyana basimbuka umubare umwe bahereye kuri 1. Urugero 1…3…5…7…9, bave imbere bajya inyuma hanyuma bave inyuma bajya imbere.
- Noneho baririmbe basimbuka imibare 2 bahereye kuri 1. Urugero 1….4….7…..
- Barangize baririmba basimbuka imibare ibiri bahereye kuri 3. Urugero 3…6…9, bave imbere bajya inyuma hanyuma bave inyuma bajya imbere.

2.Isubiramo — iminota 3

Kinisha agakino "Intoki zihinnye ni zingahe?" mukoresheje intoki kuva kuri 1 kugera ku 9. Urazamura umubare runaka w'intoki hanyuma abana bakubwire umubare w'intoki zihinnye.

Noneho ujye wandika igiteranyo cy'intoki zihinnye n'izizamuye ku kibaho, ukoresheje ibimenyetso.

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa

Umwitozo – "Ongeraho" 1, 2, 3, 4 cyangwa 5 (mu matsinda ya 2)



- Andika imyitozo yo guteranya ku kibaho (2+5=, 3+3=). Abana bayandukure mu makayi yabo, noneho mu matsinda bayikore bifashishije utubarisho cyangwa intoki.
- Shushanya utuziga ku kibaho nk'utu turi ku ishusho. Bwira abana batwandukure mu makaye yabo, hanyuma bandike umubare munsi maze bateranye.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Guteranya umubare na 1, 2, 3, 4 na 5 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no guteranya umubare na 1, 2, 3, 4, na 5 (igiteranyo ntikirenge 9) iri mubitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P.20- 22; **MK** P.28, 29, 30; **JKF** P. 42-44, 48 & 49; **LONGHORN** P.54-57, 59&61

Umwitozo wa 2 – Agakino : Guteranya umubare na 1, 2, 3, 4 na 5 (mu matsinda ya 2)

- Buri mwana arahitamo umubare kuva kuri 1 kugera kuri 5(mu ibanga). Noneho, muri buri tsinda barabwirana imibare bahisemo maze bahite bayiteranya (bakoresheje utubarisho) nibarangiza, bandike uko bayiteranije bakoresheje ibimenyetso (urugero: 3+2=5).

4.Isuzumabumenyi — iminota 8

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikore bifashishije utubarisho cyangwa gushushanya utuziga : 2+6= , 4+3

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayandukure mu makayi yabo hanyuma baze kuyikorera mu rugo bifashishije utubarisho cyangwa gushushanya utuziga: 2+7=; 1+8=, 3+4=.4+5=

ICYUMWERU CYA 9

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomorya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Gutahura umubare 0	• Gutahura no guca imirongo ifunze	• Gusoma no kwandika umubare 0	• Gutahura no kubara umubare 10.	• Kubara, gusoma no kwandika umubare 10	• Gusoma no kwandika umubare 0 • Kubara, gusoma no kwandika umubare 10	• Isuzumabumenyi
Udukino two kubara mu mutwe	• Ongeraho kabiri	• Ongeraho kabiri • Ni kangahe wabonye?	• Ongeraho kabiri • Intoki zihinnye ni zingahe?	• Nyereka itsinda ry'ibintu 10	• Ni kangahe wabonye?	• Ongeraho rimwe	
Indirimbo cyangwa Injyana	• Injyana yo kubara kuva kuri 1kugera ku 10	Injyana yo kubara kuva kuri 1kugera ku 10	• Injyana yo kubara kuva kuri 1kugera ku 10	• Injyana yo kubara kuva kuri 1kugera ku 10	• Injyana yo kubara kuva kuri 1kugera ku 10	• Injyana yo kubara kuva kuri 1kugera ku 10	
	• Hasigaye kangahe?	• Uyu murongo ni uwuhe? • Ni umurongo ufunze cyangwa ufunguye?	• Hasigaye kangahe? • Uyu mubare ni uwuhe? • Bara wandike	• Kora itsinda ry'ibintu 10 • Shaka ibintu 10 • Ni kangahe wabonye?	• Uyu murongo ni uwuhe?? • Shaka ibintu 10	• Shaka ibintu 10	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	-	P.77, 81, 82,	-	P.25	P.25	P.25	
MK	P.25	P.11	P.25	P.34	P.34	P.25, 34	
JKF	P.35	P.19	P.35	P.50	P.50	P.35 & 50	
LONGHORN	P. 18-23	P.92, 93	P.18-23	P.24	P.24	P.18-23, 24	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

	"Ni umurongo ufunze cyangwa udafunze?"(Mu matsinda ya babiri) • Umwana umwe arashushahya umurongo ufunze cyangwa ufunguye, mu ikaye ye. (Cyangwa awushushanye akoresheje urutoki ku ntebe ye) • Undi aramubwira niba ari umurongo ufunze cyangwa ufunguye. • Barahinduranya maze bakomeze umukino.
	"Ni kangahe wabonye?" "Intoki zihinnye ni zingahe?" (ishuri ryose) • Zamura umubare runaka w'intoki z'ibiganza byombi. • Abana bakubwire umubare w'intoki babonye cyangwa umubare w'intoki zihinnye.
9	**"Uyu mubare ni uwuhe?"** • Andika ku kibaho umubare runaka. • Abana barakubwira vuba vuba uwo ari wo. Hanyuma uwusibe, wandike undi. Maze ukomeze ako gakino uhinduranya imibare vuba vuba.
	"Bara wandike" (mu matsinda ya babiri) • Bwira abana bashyire ibikoresho ku meza yabo. Umwe arazamura ibintu runaka. • Undi arabibara hanyuma bose bandike umubare mu makaye yabo.
	"Ongeraho 2" cyangwa "Kuramo 2" Vuga umubare (urugero:4), hanyuma uwerekane ukoresheje intoki. • Abana barerekana uwo mubare waberetse bongeyeho 2 (ubwo ni 6) cyangwa bakuyemo 2 (ubwo ni 4) • Abana bose basubiriza rimwe.
	"Uyu murongo ni uwuhe?" (ishuri ryose) • Shushanya ku kibaho umurongo. • Abana barakubwira vuba vuba uwo ari wo. Hanyuma uwusibe ushushanye undi. Maze ukomeze uhinduranya imirongo vuba vuba.
	"Kora cyangwa ushake amatsinda y'ibintu 10" (ishuri ryose cyangwa mu matsinda ya 2) Bwira abana bashake cyangwa bakore amatsinda y'ibintu 10. (cyangwa abana 10 mu ishuri) hanyuma babibarire hamwe.
	"Hasigaye bingahe?" (mukoreshe intoki cyangwa utubarisho) Bwira abana bazamure umubare runaka w'intoki. Hanyuma ubabwire bagende bamanura urutoki rumwe rumwe. Uko bamanuye urutoki rumwe, ujye ubabaza ngo *Hasigaye intoki zingahe zikizamuye?* .
	"Nyereka itsinda ry'icumi": Urajya ubwira abana uti: Nyereka itsinda ry'icumi'. Ubwo abana barazamura intoki icumi inshuro imwe. Nyuma ubabwire uti: *'Nyeraka amatsinda atatu y'icumi'.* Ubwo abana barazamura intoki icumi inshuro eshatu. Ukomeze ako gakino ukoresheje andi matsinda y'icumi.

ISOMO RYA 1 – GUTAHURA UMUBARE 0

ICYITONDERWA- *Mu gihe wigisha umubare 0, ugerageze gushaka ibintu ibisubizo byabyo ari 0. Urugero: Mu ishuri hari ihene zingahe?*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gutahura umubare 0.	• Utubarisho 9 kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T1-W9-L1). • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

Genzura ko buri mwana afite utubarisho 9.

2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 2 kugera ku 10. Mugende musimbuka umubare umwe umwe.
- Kinisha abana agakino "Kuramo 2 (ukoreshe imibare kuva kuri 2 kugera ku 9)
- Fasha abana gutahura umubare zeru ukoresheje agakino "Hasigaye bingahe?" Mukoreshe intoki, nyuma mukoreshe utubarisho.
- Kinisha abana agakino "Hasigaye bingahe?" mu matsinda ya babiri babiri.
- Riririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Kinisha abana agakino ko kubara vuba "Intoki zihinnye ni zingahe?"
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana icyo bize muri iki gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

Agakuru k'imibare

Sugira afite ibitabo 9. Agomba kubigabanya abana 9 ku buryo buri mwana abona igitabo kimwe. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru :

-Sugira namara kubigabanya abana 9, nta gitabo azaba asigaranye. Umubare w'ibitabo Sugira azaba asigaranye ni zeru.

-Buri mwana azaba afite igitabo kimwe.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

- Bwira abana bazamure intoki 10. Babwire bagende bahina urutoki1, 2, 3 kugeza igihe nta rutoki rusigaye ruzamuye.
- Baza abana uti "intoki zikizamuye ni zingahe?"

4.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bwira abana baze kwereka ababyeyi ko bazi kubara bahina intoki kugera ubwo umubare w'intoki usigara ari zeru.

ISOMO RYA 2 – GUTAHURA NO GUCA IMIRONGO IFUNZE

ICYITONDERWA- *Ukore ku buryo buri munyeshuri wese abona imirongo washushanije ku kibaho.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gutahura no guca imirongo ifunze.	• Urupapuro rukomeye rushushanyijeho imirongo itandukanye.

1.Gukangura abana **iminota 2**

Mukine agakino ko kubara mu mutwe: "Ongeraho *2",* mukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7.

2.Isubiramo **iminota 3**

Ereka abana urupapuro rushushanyijeho imirongo: ihagaze, itambitse, iberamye, ihese ifunguye. Hanyuma ubabaze ubwoko bw'iyo mirongo.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa



- Ca ku ruhande rumwe rw'ikibaho imirongo 4 ifunguye.
- Ku rundi ruhande uce imirongo 4 ifunze.
- Bwira abana bakubwire itandukaniro riri hagati y'iyo mirongo.
- Hita utangira kwigisha imirongo ifunze.
- Sobanurira abana uko baca imirongo ifunze.

3.2. Imyitozo mpamya bumenyi

Umwitozo wa 1 – Kora imirongo ifunze ukoresheje ibice by'umubiri wawe(Ishuri ryose)

- Abana bashushanye imirongo ifunze mu kirere, ku ntebe zabo, bakoreshe ibice by'imibiri yabo, urugero: urutoki, ikirenge, umutwe,... . Nyuma bayishushanye mu makayi.
- "Mukine "Ni uwuhe murongo?" Manika urupapuro rushushanyijeho imirongo abana bize (ihagaze, itambitse, iberamye, ihese ifunguye, ifunze) cyangwa uyishushanye. Noneho ujye ukora kuri buri murongo hanyuma ubaze abana ngo "Ni uwuhe murongo?"

Umwitozo wa 2 – Imirongo ifunze – IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwitozo wa buri mwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gutahura no guca imirongo ifunze iri mu bitabo bikurikira (ukoreshe ibitabo ishuri rifite) **MK/REB** P.77, 81, 82; **MK** P.11; **JKF** P. 19; **LONGHORN** P.92, 93

Umwitozo wa 3 – "Ni umurongo ufunze cyangwa ufunguye?" (mu matsinda ya 2)

- Mu matsinda ya babiri, abana bakine:' 'Ni umurongo ufunze cyangwa ufunguye? Umwe arashushanya umurongo cyangwa ishusho. Mugenzi we aramubwira niba ari umurongo ufunze cyangwa ufunguye. Hanyuma bahinduranye maze bakomeze umukino.

4.Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Andika imibare kuva kuri 1 kugera ku 9.
- Bwira abana batahure imirongo ifunze n'ifunguye iri mu mibare kuva kuri 1 kugera ku 9.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Abana baze gukina n'umuntu wo mu rugo "Ni umurongo ufunze cyangwa ufunguye?" Umuntu wo murugo arashushanya umurongo ufunze cyangwa ufunguye noneho umwana avuge niba ari umurongo ufunze cyangwa ufunguye.

ISOMO RYA 3 – GUSOMA NO KWANDIKA UMUBARE 0

ICYITONDERWA - *Ujye uhinduranya udukino tw'imibare kandi udukinishe vuba vuba kugira ngo dushimishe abana.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gusoma no kwandika 0.	• Utubarisho 9 kuri buri mwana.

1.Gukangura abana **iminota 2**

1 2 3 4 5 6 7 8 9

Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1 kugera ku 9 ku murongo utambitse.

- Bwira abana baririmbe injyana basimbuka umubare umwe bahereye kuri 2. Urugero 2 4…6…8. Bave imbere bajya inyuma bongera bava inyuma bajya imbere.
- Bongere baririmbe injyana basimbuka umubare umwe bahereye kuri 1. Urugero 1…3…5…7…9 bave imbere bajya inyuma hanyuma bave inyuma bajya imbere.
- Noneho baririmbe basimbuka imibare 2 bahereye kuri 1. Urugero: 1….4….7
- Barangize baririmba basimbuka imibare ibiri bahereye kuri 3. Urugero 3…6…9 bave imbere bajya inyuma hanyuma bave inyuma bajya imbere.

2.Isubiramo **iminota 3**

Mukine: "Hasigaye kangahe?" Mukoresheje intoki 9 cyangwa utubarisho 9.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1.Kuvumubura icyigwa

0

- Andika umubare 0 ku kibaho. Hanyuma ubaze abana umurongo ukoze 0. Ni umurongo ufunze cyangwa ufunguye?
- Ni iyihe nyuguti isa na 0?
- Sobanurira abana uko umubare zeru wandikwa.
- Abana bandike umubare 0 mu kirere, ku ntebe, mu kiganza, ku maguru (bakoresheje urutoki) no mu makaye yabo.

3.2.Imyitozompamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gusoma imibare kuva kuri 0 kugera ku 9 (Umwitozo wa 2)

6

- Mukine agakino : "Uyu mubare ni uwuhe?". Ugire vuba vuba kugira ngo agakino gashimishe abana. Urajya wandika umubare, abana bavuge uwo ari wo.

Umwitozo wa 2 – Kwandika no gusoma umubare zeru.
Bwira abana bandike umubare zeru mu makayi yabo. Nibarangiza bawusome.

Umwitozo wa 3- Gusoma no kwandika umubare 0- IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gusoma no kwandika 0 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite) **MK** P.25; **JKF** P. 35; **LONGHORN** P.18-23

4.Isuzumabumenyi **iminota 8**

Bwira abana bandike umubare zeru inshuro nyinshi zishoboka mu makayi yabo.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Abana baze kwitoza kwandika 0 ku butaka bakoresheje agati.

ISOMO RYA 4 – GUTAHURA NO KUBARA 10

ICYITONDERWA - *Fasha abana kwimenyereza kubara no gukora amatsinda y'ibintu 10.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gutahura no kubara 10.	• Utubarisho 20. • Terefone (M-P1-T1-W9-4). • Indangururamajwi.

1.Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Genzura ko buri mwana afite utubarisho 20 (niba ari udukoni, urebe ko bazanye n'umugozi wo kuduhambira).

2.Mu gice cy' isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10. (Mugende musimbuka umubare umwe umwe).
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe 'Kuramo 2'
- Fasha abana kubara ibintu icumi ukoresheje agakino 'Kora itsinda ry'ibintu 10.' (mukoreshe utubarisho)
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Kinisha abana agakino "Kora itsinda ry'ibintu 10" mu matsinda ya bane bane.
- Kinisha abana agakino : "Nyereka amatsinda y' icumi"
- Fasha abana gutanga ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana icyo bize muri iki gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

Agakuru k'imibare

Munyana yakoze amatsinda 3 y'ibishyimbo 10. Higiro yakoze amatsinda 4 y'ibishyimbo 10. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Munyana na Higiro bombi bakoze amatsinda arindwi y'ibishyimbo icumi icumi.

-Higiro ararusha Munyana itsinda rimwe ry'ibishyimbo icumi.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

- Bwira abana bashushanye amatsinda abiri y'utuziga 10 mu makaye yabo. Buri tsinda barizengurutse n'ikiziga kinini.

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana baze gushaka cyangwa gushushanya amatsinda y'ibintu 10 hanyuma bagende babara ibintu biri muri buri tsinda.

ISOMO RYA 5 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA UMUBARE 10

ICYITONDERWA - *Mu gihe muhindura umwitozo cyangwa mu gutangira no kurangiza isomo, mubare kuva kuri 1 kugera ku 10.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kubara, gusoma no kwandika umubare 10.	• Utubarisho 10 kuri buri mwana.

1.Gukangura abana **iminota 2**

Abana bahaguruke baririmbe injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku10.

2.Isubiramo **iminota 3**

Mukine: "Shaka ibintu 10" mu ishuri (abahungu 10, abakobwa 10, ibitabo10…)

3. Isomo risyha **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

10

- Nimukine "Shaka ibintu 10" inshuro yanyuma. Kandi nimumara kubara ibintu abana bashatse, wandike umubare 10 ku kibaho.
- Baza abana bakubwire imibarwa babona mu mubare 10 (ni 1 na 0).
- Baza abana bakubwire uko umubare 10 utandukanye n'indi mibare. (ugizwe n'imibarwa ibiri 1 na 0).
- Sobanurira abana ko umubare 10 ugizwe n'imibarwa ibiri: 1 na 0, kandi ko iyo mibarwa bayandika bayegeranije kugira ngo bibe umubare 10.
- Bwira abana bandike umubare 10 mu kirere, ku ntebe, ku kuboko, ku kuguru. Hanyuma bawandike mu makayi.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 –Kubara, gusoma no kwandika 10 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (mu matsinda ya 2)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kubara, gusoma no kwandika umubare 10, iri mu bitabo bikurikira (ukoreshe ibitabo ishuri rifite)
  MK/REB P.25; **MK** P.34; **JKF** P. 50; **LONGHORN** P.24

Umwitozo wa 2 – "Uyu mubare ni uwuhe?"

Mukine umukino wo kubara vuba: "Uyu mubare ni uwuhe?" Mukoreshe imibare kuva kuri 0 kugera ku 10.

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

8

Abana bashushanye amatsinda y'ibintu 10 hanyuma bandike umubare 10 imbere yayo.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bwira abana baze kwitoza kwandika, bafashijwe n'umuntu wo mu rugo, umubare 10 ku butaka bakoresheje agati.

ISOMO RYA 6 – ISUBIRAMO RY'AMASOMO Y'ICYUMWERU

ICYITONDERWA - *Ukore ku buryo abana batandukanya 0 na 10*

Intego y'isomo: **Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:** • Gusoma no kwandika 0. • Kubara, gusoma no kwandika 10.	**Imfashanyigisho:** • Utubarisho 10 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana **iminota 2**

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10

- Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1 kugera ku 10 ku murongo utambitse:
- Bwira abana baririmbe injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 10.
  Bave imbere bajya inyuma hanyuma bave inyuma baza imbere.

2.Isubiramo **iminota 3**

Mukine ka gakino ko kubara: ".Shaka ibintu 10". Abana babare ibintu ku buryo babona neza ko bafite itsinda ry'ibintu cyangwa ry'abantu 10.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Bwira abana bahaguruke maze bandike 0 mu kirere, mu kiganza, ku kaguru bokoresheje urutoki. Hanyuma bandike 10 na none mu kirere, mu kiganza, ku kaguru bakoresheje urutoki. Nibarangiza bandike imibare 0 na 10 mu makaye yabo.
- Baza abana imibarwa igize 10 ni (1 na 0).
- Baza abana inyuguti yandikwa nka zeru.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 –Kubara ibintu 10 (mu matsinda ya 2 cyangwa 3)

- Mu matsinda ya babiri cyangwa batatu, abana barashyira hamwe utubarisho twabo ku meza. Hanyuma bakorere hamwe amatsinda y'ibintu 10. Nibarangiza babare amatsinda y'icumi bakoze.

Umwitozo wa 2 – Gusoma no kwandika zeru.

- Bwira abana bandike zeru inshuro nyinshi mu makayi yabo. Nibarangiza basome umubare banditse.

Umwitozo wa 3 –"Bara, wandike 10"- IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kubara, gusoma no kwandika umubare 10 hamwe no gusoma, kubara no kwandika umubare 0 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite).
  MK/REB P.25; **MK** P.25, 34; JKF P. 35, 50; **LONGHORN** P.18-23, 24

4.Isuzumabumenyi **iminota 8**

Bwira abana bandike imibare 0 na 10 inshuro nyinshi zishoboka mu makayi yabo.

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bwira abana baze kwereka umuntu wo mu rugo ko bazi kwandika zeru. Baze kandi gufatanya n'umuntu wo mu rugo, bashake amatsinda y'ibintu 10, babare ibintu biri muri buri tsinda hanyuma bitoze kwandika 10 ku butaka bakoresheje agati cyangwa mu makaye yabo.

ISUZUMABUMENYI RY' ICYUMWERU CYA 8 N'ICYA 9

Bwira buri mwana akore ukwe. Abandi bana ntibagomba kumva ibisubizo bya bagenzi babo.

Ikibazo cya 1 – Bwira umwana yandike imibare ikurikira:

7 9 0 5 10

Akeneye gufashwa	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yanditse neza imibare ibiri cyangwa munsi yayo	Yanditse neza imibare 3	Yanditse neza imibare yose 4

Ikibazo cya 2 – Bwira umwana asome kandi akore kuri buri mubare :

3 5 7 2 1 8 4 10 9 6

Akeneye gufashwa	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yasomye neza umubare umwe, 2, 3, 4 cyangwa nta n'umwe yasomye	Yasomye neza imibare 5, 6, 7 cyangwa 8	Yasomye neza imibare 9 cyangwa 10.

Ikibazo cya 3 – Bwira umwana ateranye iyi mibare (ureke bakoreshe utubarisho)

2 + 6 = **1 + 8 =**

4 + 5 = **3 + 5 =**

Akeneye gufashwa	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yakoze neza umwitozo umwe, cyangwa nta numwe yakoze.	Yakoze neza imyitozo kuva kuri ibiri kugeza kuri 3.	Yakoze neza imyitozo yose.

Icyitonderwa: Ni byiza cyane = amanota 3
Ni byiza = amanota 2
Akeneye gufashwa = inota 1

Igihembwe cya 2

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'IGIHEMBWE CYA 2

Amasomo / Ibyumweru	**Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)**	**Isomo rya 2**	**Isomo rya 3**	**Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)**	**Isomo rya 5**	**Isomo rya 6**	**Isomo rya 7**
1.	Isubiramo: • Kubara kuva kuri 1 kugera ku 10 • Gusoma no kwandika kuva kuri 0 kugera ku 10	Isubiramo: Kugereranya kuva kuri 1 kugra ku 10	Isubiramo: Guteranya umubare ho 1, 2, 3, 4, 5 (igiteranyo kitarenze 9)	Isubiramo: Guca imirongo ihagaze, itambitse, iberamye, ihese, ifunze ivunaguye	Isubiramo: Kugereranya imibare kuva kuri 1 kugera ku 10.	Isubiramo: Guteranya umubare ho 1, 2, 3, 4, 5 (igiteranyo kitarenze 9)	Isubiramo: Kuvuga aho ibintu bihereye: munsi, hasi hejuru, hagati, iburyo, ibumoso, imbere, inyuma
2.	• Gukuramo **1** (ukoreshe imibare itarenze 10.	• Gukuramo **2** (ukoreshe imibare itarenze 10).	• Gupima uburebure, gusoma no kwandika uburebure muri (**m**).	• Gukuramo **3** (ukoreshe imibare itarenze 10).	• Gukuramo 4 (ukoreshe imibare itarenze 10).	• Gukuramo **1, 2, 3, 4** (ukoreshe imibare itarenze 10).	• Gutsindagira ibyizwe
3.	• Gukuramo **5** (bakoresheje imibare itarenze 10).	• Gukuramo **6** (bakoresheje imibare itarenze 10).	• Guca imirongo y'ubwoko bunyuranye (ihagaritse, itambitse, iberamye, ihese, ifunze).	• Gukuramo **7** (bakoresheje imibare itarenze 10).	• Gukuramo **5, 6, 7** (bakoresheje imibare itarenze 10).	• Gukuramo imibare kuva kuri **1** kugera kuri **7 (**bakoresheje imibare itarenze 10).	• Isuzumabumenyi
4.	• Gukuramo **8** (ukoreshe imibare itarenze 10).	• Gukuramo **9** (ukoresheje umubare utarenze1**0**)	• Gupima uburebure (nturenze m **10**).	• Gukuramo **10** (umubare utarenze 10).	• Gukuramo 8**, 9** na **10** (ukoresheje umubare utarenze 10).	• Gukuramo imibare kuva kuri 1 kugera ku 10 (ukoresheje umubare utarenze 10).	• Gutsindagira ibyizwe
5.	• Guteranya umubare ho 6 na 7 (igiteranyo ntikirenge 10).	• Guteranya umubare ho 8, 9 na 10 (igiteranyo ntikirenge 10).	• Kugereranya ibipimo by'uburebure muri metero.	• Gukuramo 1,2,3,4 na 5 (ukoresheje imibare itarenze 10). (Imyitozo)	• Gukuramo 6, 7, 8, 9 na 10 (ukoresheje imibare itarenze 10) (Imyitozo)	• Imyitozo yo guteranya (igiteranyo ntikirenge 10) • Imyitozo yo gukuramo (ukoresheje imibare itarenze 10).	• Isuzumabumenyi

6.	• Guteranya ingero z'uburebure ziri muri metero (m) (igiteranyo ntikirenge m 10)	• Guteranya ingero z'uburebure ziri muri metero (m) (igiteranyo ntikirenge m 10)	• Guca imirongo ireshya (imirongo ihagaritse, itambitse n'iberamye)	• Gukuramo ingero z'uburebure ziri muri metero (m) (imibare itarenze 10)	• Gukuramo ingero z'uburebure ziri muri metero (m) (imibare itarenze 10)	• Guteranya no gukuramo ingero z'uburebure ziri muri metero (m) (igiteranyo kitarenze m 10, imibare yo gukuramo ntirenge m 10)	• Gutsindagira ibyizwe
7.	• Amahurizo yo guteranya (igiteranyo kitarenze 10)	• Amahurizo yo guteranya (igiteranyo kitarenze 10)	• Iminsi y'icyumweru	• Amahurizo yo gukuramo (koresha imibare itarenze 10)	• Amahurizo yo gukuramo (gukoresha imibare itarenze 10)	• Amahurizo yo guteranya (igiteranyo kitarenze10) • Amahurizo yo gukuramo (koresha imibare itarenze10)	• Isuzumabumenyi
8.	• Kubara, gusoma no kwandika kuva kuri 11 kugera kuri15	• Kubara, gusoma no kwandika kuva kuri 15 kugera kuri 20	• Kubara, gusoma no kwandika kuva kuri 11 kugera kuri 20	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 11 kugera kuri 15	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 16 kugera kuri 20	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 11 kugera kuri 20	• Gutsindagira ibyizwe
9.	• Imyitozo yo guteranya (igiteranyi ntikirenge 20)	• Imyitozo yo guteranya (igiteranyi ntikirenge 20)	• Amahurizo yo guteranya ingero z'uburebure (igisubizo ntikirenge m 20)	• Imyitozo yo gukuramo (mukoreshe imibare itarenze 20)	• Imyitozo yo gukuramo (mukoreshe imibare itarenze 20)	• Amahurizo yo gukuramo ingero z'uburebure mukoreshe imibare itarenze 20)	• Isuzumabumenyi
10.	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo
11.	Ibizamini	Ibizamini	Ibizamini	Ibizamini	Ibizamini	Ibizamini	Ibizamini

ICYUMWERU CYA 1

Muri iki cyumweru mwarimu azakoresha isubiramo ry'ibyo abana bize mu gihembwe cya mbere kugira ngo abategure gutangira neza igihembwe cya 2. Ibi bikurikira biraha mwarimu inama z'uko azabikora muri buri somo.

Isomo rya 1: Kubara kuva kuri 1 kugera ku 10, gusoma no kwandika kuva kuri 0 kugera ku 10

Fasha abana kwibuka kubara kuva kuri 1kugera ku 10 bakoresheje intoki. Hanyuma ubibutse uko bandika imibare kuva kuri 0 kugera ku 10 nibarangiza basome imibare banditse.

Isomo rya 2: Kugereranya imibare kuva kuri 1 kugera ku 10

Fasha abana kwibuka uko bagereranya imibare ibiri iri hagati ya 1 na 10 bakoresheje ikimenyetso cya biruta (>), birutwa (<) cyangwa bingana (=). Nyuma bakore imyitozo yo kugereranya imibare iri hagati ya 1 na 10, bakoresheje ibyo bimenyetso. Ubibutse ko ku kimenyetso cya biruta (>) na birutwa (<), umubare munini ujya mu mahembe y'ikimenyetso.

Isomo rya 3: Guteranya umubare ho 1, 2, 3, 4 cyangwa 5(igiteranyo ntikirenge 9)

Fasha abana kwibuka uko bateranya umubare ho 1, 2, 3 4, 5 mukoresheje intoki, utubarisho cyangwa gushushanya utuziga. Nyuma bakore imyitozo yo guteranya umubare ho 1, 2, 3 4, 5.

Isomo rya 4: Guca imirongo y'ubwoko bunyuranye: ihagaze, itambitse, iberamye, ihese , ifunze, ivunaguye

Fasha abana kwibuka guca imirongo y'ubwoko bunyuranye: ihagaze, itambitse, iberamye, ihese, ifunze, ivunaguye. Uce imirongo y'ubwoko bunyuranye noneho ubaze abana bakubwire buri murongo uwo ari wo. Nyuma bakore imyitozo yo guca iyo mirongo.

Isomo rya 5: Kugereranya imibare kuva kuri 1 kugera ku 10

Koresha abana imyitozo yo kugereranya imibare ibiri iri hagati ya 1 na 10 bakoresheje ikimenyetso cya biruta, birutwa cyangwa bingana. Ubibutse ko ku kimenyetso cya biruta na birutwa umubare munini ujya mu mahembe y'ikimenyetso.

Isomo rya 6: Guteranya umubare ho 1, 2, 3, 4 cyangwa 5(igiteranyo ntikirenge 9)

Fasha abana kwibuka uko bateranya umubare ho 1, 2, 3 4, 5 mukoresheje intoki, utubarisho cyangwa gushushanya utuziga. Nyuma bakore imyitozo yo guteranya umubare ho 1, 2, 3 4, 5.

Isomo rya 7: Kuvuga aho abantu cyangwa ibintu biherereye: munsi, hasi, hejuru, iburyo ibumoso, imbere, inyuma

Koresha abana imyitozo yo kuvuga aho abantu cyangwa ibintu biherereye: ushyire ikintu ahantu (munsi, hasi, hejuru, iburyo, ibumoso, imbere, inyuma ya…) noneho ubaze abana bavuge aho kiri. Ugende ucyimura ugishyira ahandi kugeza ayo magambo yose akoreshejwe.

ICYUMWERU CYA 2

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Gukuramo **1** (ukoreshe imibare itarenze 10.	• Gukuramo **2** (ukoreshe imibare itarenze 10).	• Gupima uburebure, gusoma no kwandika uburebure muri (**m**).	• Gukuramo **3** (ukoreshe imibare itarenze 10).	• Gukuramo 4 (ukoreshe imibare itarenze 10).	• Gukuramo **1, 2, 3, 4** (ukoreshe imibare itarenze 10).	• Gutsindagira ibyizwe
Udukino two kubara mu mutwe	• Intoki zihinnye ni zingahe?	• Kuramo rimwe	• Kuramo kabiri	• Kuramo kabiri	• Kuramo gatatu	• Kuramo kane	
Indirimbo cyangwa Injyana	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera ku10.	• Injyana y'imibare kuva kuri1 kugera ku10 : ugenda usimbuka umubare umwe.	• Injyana y'imibare kuva kuri1 kugera ku10 : ugenda usimbuka imibare ibiri.	• Injyana y'imibare kuva kuri1 kugera ku10 : ugenda usimbuka imibare ibiri. • Indirimbo y'intoki kuva kuri 1kugera ku10.	• Injyana y'imibare kuva kuri1 kugera ku10 • Indirimbo y'intoki kuva kuri 1kugera ku10.	• Injyana y'imibare kuva kuri1 kugera ku10: usimbuka imibare ibiri. hanyuma itatu. • Indirimbo y'intoki kuva kuri 1 kugera ku10.	
Udukino two kubara	• Kuramo 1 • Kora ku kibaho	• Intoki zihinnye ni zingahe? • Kuramo kabiri	• Kuramo 2	• Kuramo 3 • Intoki zihinnye ni zingahe?	• Kuramo 4 • Intoki zihinnye ni zingahe?	• Kuramo 1, 2, 3,4 • Intoki zihinnye ni zingahe? • Kora ku kibaho	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.28, 29	P.28, 29	P.89, 90	P.28, 29	P.28, 29	P. 28, 29	
MK	P.38, 39, 41, 44, 45	P.38, 39, 41, 44, 45	P.37	P.38, 39, 41, 44, 45	P. 38, 39, 41, 44, 45	P. 38, 39, 41, 44, 45	
JKF	P.52, 58	P.52-58	P.41, P.64, 65	P.52-58	P.52-58	P.52-60	
LONGHORN	P.64, 65, 66	P.64, 65, 66	P.101	P.64, 65, 66	P.65	P.64-65, 66	

IMIKINO Y' ICYUMWERU

	"Ongeraho 1" (2 cyangwa 3)... cyangwa "kuraho 1" (2 cyangwa 3)... (Ukinwa n'ishuri ryose) • Vuga umubare (Urugero: 4), maze uwerekane ukoresheje intoki. • Abana bagomba kuvuga umubare babona bongeyeho 1 cyangwa bakuyemo 1 (cyangwa 2 cyangwa 3). Bwira abana gusubiriza hamwe.
	"Intoki zihinnye ni zingahe?" (Ukinwa n'ishuri ryose) • Zamura umubare runaka w'intoki ukoresheje ibiganza byombi. • Abana bavuge umubare w'intoki zihinnye.
9	**"Uyu mubare ni uwuhe?"** • Andika umubare ku kibaho. • Abana bagomba guhita bawuvuga vuba vuba. Wusibe maze wandike undi. Komeza uwo mwitozo wihuta.
	"Ongeraho cyangwa ukuremo 1" (2 cyangwa 3)...(Ukinwa n'ishuri ryose) • Vuga umubare (Urugero: 4). • Abana barahita bavuga umubare babona bateranyijeho cyangwa bakuyemo 1 (2 cyangwa 3). Bwira abana basubirize rimwe.
	**Kora ku kibaho (mu matsinda)** • Andika imibare ku kibaho. • Saba abana 6 kuza imbere bakore imirongo ibiri, umwe kuri buri ruhande rw'ikibaho. • Sobanurira abana ko nuvuga umwitozo, abana bari imbere kuri buri murongo bagomba gutanguranwa gukora ku gisubizo. Umwana wa mbere ukoze ku gisubizo cy'ukuri ahesha itsinda rye inota. Basubira mu mirongo yabo inyuma y'abandi maze bagenzi babo babakurikiraga ku murongo bakitegura gukina. Ikipe itanze indi kugira amanota atatu iba itsinze.

ISOMO RYA 1 – GUKURAMO 1

ICYITONDERWA - *Jya ukora ku buryo isomo ry'imibare rishimisha abana. Aho kuzuza ku kibaho imyitozo, ifashishe udukino dutuma abana batekereza kandi bakanaseka! Iyo abana bagize uruhare mu isomo ry'imibare, bafata vuba kuruta mu gihe bafata imibare mu mutwe.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gukuramo 1 (bakoresheje imibare itarenze 10).

Imfashanyigisho:

- Utubarisho (udukoni cyangwa utubuye) 10 kuri buri mwana
- Terefone (M-P1-T2-W2-L1)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

Bwira abana bashyire utubarisho ku meza.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30



- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Kinisha abana agakino ko kubara vuba: 'Intoki zihinnye ni zingahe?'
- Fasha abana gutahura uko bakuramo rimwe, bakoresheje intoki.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10 ugenda usimbuka umubare umwe.
- Koresha abana imyitozo yo gukuramo rimwe bakoresheje utubarisho. Bakorere mu matsinda ya babiri babiri.
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano hasi.
- Baza abana inzira banyuramo bakuramo rimwe.

Agakuru k'imibare

Abanyeshuri bo mu mwaka wa mbere bari bafite imipira itanu mu ntangiriro y'umwaka. None ubu basigaranye imipira ine. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

- Abo banyeshuri bataye umupira umwe ni yo mpamvu basigaranye imipira ine.
- Ikigo kibaguriye undi mupira umwe, bakongera bakagira imipira itanu.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Bwira abana bakore imyitozo ikurikira:

5-1=

6-1=

8-1=

3.2. Umukoro wo mu rugo

Nyuma y'isomo, umwana arebe incuti ye cyangwa undi muntu wo mu rugo bakine agakino kitwa "Kuramo rimwe" bakoresheje intoki.

ISOMO RYA 2 – GUKURAMO

ICYITONDERWA - *Himba uturirimbo two kubara nyuma uturirimbane n'abanyeshuri. Buri ndirimbo ishobora kuba indirimbo yo kubara, ushobora gusimbuza imibare amagambo avugwa mu turirimbo abana bamenyereye.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukuramo 2 bakoresheje imibare itarenze 10.	• Utubarisho 10 kuri buri mwana

1. Gukangura abana — iminota 2

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10

- Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1kugera ku 10. Bwira abana babare bagenda basimbuka umubare umwe, bahere kuri 2 urugero 2… 4…. 6… 8 bave imbere bajya inyuma, hanyuma bave inyuma baza imbere.

2. Isubiramo — iminota 3

- Mukine agakino: "Intoki zihinnye ni zingahe?" Zamura umubare runaka w'intoki (ukoresheje ikiganza kimwe cyangwa byombi). Baza abana bavuge umubare w'intoki zihinnye.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

3 – 2 =1

- Mukine agakino: "Kuramo 2", Vuga umubare maze werekane uwo mubare ukoresheje intoki. Baza abana kuvuga umubare usigara bakuyemo 2.
- Mwongere mukore uwo mwitozo mukoresheje utubarisho.
- Bereke uko bandika igisubizo babonye: 3-2=1.
- Bereke uko mwerekana 3 -2 =1 mukoresheje gushushanya utuziga dutatu, hanyuma mugacisha akarongo mu tuziga tubiri. (reba urugero ku gishushanyo ibumoso).
- Ongera ukore uwo mwitozo ukoresheje indi mibare.
- Bwira abana berekane 5 -2 =3 bakoresheje utubarisho. Berekane uko bavanyemo bakura utubarisho mu tundi. Cyangwa babyerekane bashushanya utuziga mu makaye yabo hanyuma bacishe akarongo mu tuziga duhwanye n'umubare bakuramo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukuramo 2 (babiri babiri)

- Andika ku kibaho uyu mwitozo 8 – 2 =. Bwira abana bawandukure mu makaye yabo, maze bakorere mu matsinda ya babiri babiri bashake igisubizo bakoresheje utubarisho, intoki cyangwa gushushanya utuziga. Baza itsinda rimwe gutanga igisubizo. Ongera wandike undi mwitozo nk'uwo ku kibaho urimo gukuramo 2, ukoreshe imibare kuva kuri 2 kugera ku 10.

Umwitozo wa 2 – Gukuramo 2- IGITABO CY'UMUNYESHURI (buri mwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gukuramo 2 (ukoresheje imibare kuva kuri 2 kugera ku 10) iri mu bitabo bikurikira (ukoresheje ibitabo ishuri rifite)

MK/REB P.28, 29, **MK** P.38, 39, 41, 44, 45 **JKF** P. 55, 56, **LONGHORN** P.64, 65, 66

Umwitozo wa 3 – Gukuramo 2 (buri mwana ku giti cye)

- Shushanya utudomo ku kibaho maze abana batwandukure mu makaye yabo. Babwire bacishe umurongo mu kadomo kamwe. Harasigara tungahe? Bwira abana bakubwire uko babigenjeje nk'ababara inkuru. Urugero: Nari nashushanyije utudomo dutatu, tubiri nducishamo umurongo none hasigaye kamwe.

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikore. 6 - 2 =; 8 - 2 = ; 2 - 2=

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayandukure mu makayi yabo hanyuma baze kuyikorera mu rugo bakoresheje gushushanya utuziga.
  4 - 2 =; 9 – 2 = ; 7 - 2=

ISOMO RYA 3 – GUPIMA UBUREBURE MURI METERO

ICYITONDERWA - *Mbere y'uko abana batangira gupima, basabe kubanza gucishiriza uburebure bw'icyo bagiye gupima nyuma baze kugereranya ibyo bibwiraga mbere n'uburebure babonye bamaze gupima.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gupima uburebure bakoresheje metero.	• Metero, imigozi yo gupimisha: umwe kuri buri mwana.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine mwihuta agakino kitwa: "Kuramo kabiri". Ukoreshe imibare kuva kuri 2 kugera ku 10 (ntiwerekane intoki, bagakore mu mutwe).

2.Isubiramo — iminota 3

- Bwira abana bajye mu matsinda ya babiri babiri maze bapime uburebure bw'ameza yabo batera intambwe z'intoki. Andika ibisubizo ku kibaho.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Ereka abana ukuntu bapima uburebure bw'ikintu kiri mu ishuri bakoresheje metero, urugero, ikibaho. Andika igisubizo ku kibaho. Basobanurire metero icyo ari cyo wifashishije urwo rugero.
- Baza abana kugereranya uburebure bw'intebe yabo. Murumva mugereranije intebe yanyu ipima metero zingahe? Saba abana babiri baze imbere maze bapime uburebure bw'intebe bakoresheje metero. Mugereranye ibyo babonye n'ibyo bari bavuze mbere yo gupimisha metero.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gupima uburebure bw'ishuri (babiri babiri)

- Ereka abana uko bashobora gupimisha umugozi. Fasha abana gupima umugozi ureshya na metero. Mu matsinda ya babiri babiri, abana bapime uburebure bw'ishuri ryabo bakoresheje imigozi ireshya na metero imwe. Andika ibisubizo ku kibaho nyuma mubiganireho.

Umwitozo wa 2 – Gupima uburebure bw'intebe (mu matsinda ya babiri babiri)

- Saba abana gucishiriza uburebure bw'intebe yabo, nyuma bayipime.
- Andika ku kibaho ibyo babonye nyuma mubiganireho.

Umwitozo wa 3 – Gupima uburebure muri metero – IGITABO CY'UMUNYESHURI (buri wese ukwe)

- Fasha abana gukora imyitozo, ijyanye no gupima uburebure bakoresheje metero, iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)

MK/REB P. 89,90, **MK** P.37, **JKF** P.41, 64, 65, **LONGHORN** P.101

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Baza abana ikintu bashobora gukoresha bapima uburebure bw'ikibuga cy'ishuri ryabo kandi basobanure impamvu.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana baze gupima uburebure bw' ibintu binyuranye biri mu rugo i wabo bakoresheje umugozi cyangwa agakoni kareshya na metero kandi bandike mu makaye yabo ibisubizo.

ISOMO RYA 4 – GUKURAMO 3

ICYITONDERWA - *Reka **a**bana bishakire ibyo baza gukoresha mu kubara. Urugero: kubara ibintu biri ku ntebe yabo.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri isomo, abana baraba bashobora: • Gukuramo 3 bakoresheje imibare itarenze 10.	• Utubarisho 10 buri mwana. • Terefone (M-P1-T2-W2-L4). • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

Bwira abana bakwereke umukoro wo mu isomo ry'ubushize. Bapimye iki?

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

5-3=2

9-3=6

- Ririmbisha abana indirimbo y'ikiganza kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Kinisha abana agakino ko kubara vuba: "Kuramo 2".
- Fasha abana gutahura uko bakuramo gatatu, bakoresheje intoki.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 2 kugera ku 10. Mugende musimbuka umubare umwe umwe.
- Koresha abana imyitozo yo gukuramo gatatu bakoresheje utubarisho. Bakorere mu matsinda ya babiri babiri.
- Kinisha abana agakino ko kubara vuba: "Kuramo 3".
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana inzira banyuramo mu gukuramo gatatu.

Agakuru k'imibare

?

Inkoko ya Keza yateye amagi 8. Mama we yatetseho amagi 3. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Mama wa Keza yakuyemo amagi atatu, ubwo hasigaye amagi atanu.

-Inkoko nitera andi magi abiri, bazagira amagi arindwi.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Andika imyitozo ikurikira maze abana bayikore:

4-3= 3-3=

9-3

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayandukure mu makayi yabo hanyuma baze kuyikorera mu rugo bakoresheje gushushanya utuziga. 9- 3= 10-3= 3-3= 6-3=

ISOMO RYA 5 – GUKURAMO 4

ICYITONDERWA - *Kubara kuva kuri 1 kugera ku 10 bishobora gukorwa buri munsi. Bara uhereye ku 10 ugere kuri 0 mu gihe abana barimo gutunganya ishuri. Nuvuga 0, buri wese ahagarare adakoma.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gukuramo 4 bakoresheje imibare itarenze. 10.

Imfashanyigisho:

- Utubarisho 10 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana — iminota 2

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10

- Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1 kugera ku 10. Bwira abana baririmbe injyana bagenda basimbuka umubare umwe bahere kuri 2, urugero 2… 4…. 6… 8, bave imbere bajya inyuma, hanyuma bave inyuma baza imbere.

2. Isubiramo — iminota 3

5 – 3 = 2

- Andika ku kibaho uyu mwitozo 5 -3 = 2. Bwira abana bakorere mu matsinda ya babiri babiri, maze babyerekane bakoresheje intoki, cyangwa utubarisho. Berakane ibyavuyemo.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

5 – 4 =1

7 – 4 = 3

- Zamura intoki eshanu. Baza abana umubare babona bakuyemo intoki enye.
- Bereke uko bandika igisubizo babonye: 5-4=1.
- Bereke uko mwerekana 5 -4 =1 mukoresheje gushushanya utuziga dutanu, hanyuma mugacisha akarongo mu tuziga tune.(reba urugero ku gishushanyo ibumoso)
- Komeza uwo mwitozo ukoresheje indi mibare.
- Andika uyu mwitozo 7 – 4 = 3. Bwira abana babyerekane bakoresheje utubarisho cyangwa bashushanye utuziga mu makaye yabo.
- Baza abana niba bashobora gutekereza ubundi buryo bwo gukuramo 4. (gukuramo 4 ni kimwe no gukuramo 2 inshuro ebyiri)
- Ibutsa abana ko mu gukuramo, bagenda bakuramo ikintu kimwe kimwe, kugeza ku mubare bakuramo maze bakabara ibintu bisigaye. Iyo ari utuziga bacisha akarongo mu kaziga kamwe kamwe kugeza ku tuziga tungana n'umubare bakuramo noneho bakabara utuziga dusigaye.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukuramo (Babiri babiri)

- Andika umwitozo wo gukuramo 4 ku kibaho ukoresheje imibare kuva kuri 1kugera ku 10. Abana bayandukure mu makaye yabo maze babiri babiri bakoreshe utubarisho cyangwa intoki mu gushaka igisubizo. Bwira amatsinda amwe atange igisubizo.

Umwitozo wa 2 – Gukuramo 4 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gukuramo 4 (mu mibare iri hagati ya 4 na 10) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)
  MK/REB P.28, 29, **MK** P.39, **JKF** P.55-60; **LONGHORN** P.65

Umwitozo wa 3 – Gukuramo 4 (umwana ku giti cye)

- Andika utudomo ku kibaho. Abana batwandukure mu makaye yabo nyuma ubabwire bacishe akarongo mu tudomo tune. Ubabaze ngo: "Hasigaye tungahe?" Bwira abana babisubiremo nk'ababara inkuru. Urugero: "Nari nashushanyije utudomo 6, nacishije akarongo muri 4, none hasigaye 2".

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikore bakoresheje gushushanya utuziga.

9- 4= 8-4= 5-4=

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayandukure mu makayi yabo hanyuma baze kuyikorera mu rugo bakoresheje gushushanya utuziga.

10- 4= 6-4= 7-4=

ISOMO RYA 6 – GUKURAMO 1, 2, 3, 4

ICYITONDERWA - *Mu guhitamo abana bakora imyitozo, hera imbere, inyuma no hagati*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukuramo 1, 2, 3, 4 (bakoresheje imibare itarenze 10).	• Utubarisho 10 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana **iminota 2**

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10

- Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1 kugera ku 10. Bwira abana baririmbe injyana bagenda basimbuka umubare umwe bahere kuri 2, urugero 2… 4…. 6… 8, bave imbere bajya inyuma, hanyuma bave inyuma baza imbere.
- Bakomeze baririmba noneho basimbuka imibare 2 bahereye kuri 3 urugero 3… 6…. 9, bava inyuma bajya imbere hanyuma bave imbere bajya inyuma.

2.Isubiramo **iminota 3**

-Bwira abana baririmbe ya ndirimbo y'ikiganza (intoki 10).

-Mukine mwihuta udukino twitwa: "Kuramo 1", "Kuramo 2", "Kuramo 3" na "Kuramo k4".-

-Fasha abana kwibuka uko bakuramo bakoresheje utuziga.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Andika ku kibaho imyitozo yo gukuramo 1, 2, 3, 4, ukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera ku10. Abana bayandukure mu makaye yabo kandi bakorere mu matsida ya babiri babiri, bakoreshe utubarisho, intoki cyangwa gushushanya utuziga maze bashake igisubizo. Bwira amatsinda amwe atange igisubizo.

Umwitozo wa 1 – Gukuramo 1, 2, 3, 4 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Buri mwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gukuramo 1,2, 3, 4 (imibare itarenze 10) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite):

  MK/REB P.28, 29, **MK** P.38, 39, 41, 44, 45; **JKF** P.52-60, **LONGHORN** P.64-65, 66

Umwitozo wa 2 – Gukuramo 1, 2, 3, 4 (Buri mwana ku giti cye)



- Andika utudomo ku kibaho, abana batwandukure mu makaye yabo. Bwira abana gucisha akarongo mu tudomo tubiri. Hasigaye tungahe? Bwira abana kubisubiramo nk'ababara inkuru. Urugero: Nari nashushanyije utudomo 3, nacishije akarongo muri 2, none hasigaye 1. Komeza uwo mwitozo ukoresheje indi mibare.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikore bakoresheje gushushanya utuziga.

9- 4= 7-1= 5-3=

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayandukure mu makayi yabo hanyuma baze kuyikorera mu rugo bakoresheje gushushanya utuziga.

3-1= 10- 2= 6-3= 4-4=

ICYUMWERU CYA 3

IMBONERAHAMWE Y' AMASOMO

	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishje terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	Gukuramo **5** (bakoresheje imibare itarenze 10).	• Gukuramo 6 (bakoresheje imibare itarenze 10).	• Guca imirongo y'ubwoko bunyuranye (ihagaze, itambitse, ihese, iberamye, ifunze).	• Gukuramo 7 (bakoresheje imibare itarenze 10).	• Gukuramo 5, 6, 7 (bakoresheje imibare itarenze 10).	• Gukuramo imibare kuva kuri **1** kugera kuri **7** (bakoresheje imibare itarenze 10).	• Isuzumabumenyi
Udukino two kubara mu mutwe	• Intoki zihinnye ni zingahe?	• Kuramo rimwe	• Intoki zihinnye ni zingahe?	• Kuramo kabiri	• Kuramo gatatu.	• Intoki zihinnye ni zingahe?	
Indirimbo n'injyana	• Injyana y'imibare kuva kuri1 kugera ku10 • Indirimbo y'ibiganza (intoki 10).	Injyana y'imibare kuva kuri1 kugera ku10: basimbuka imibare ibiri. • Indirimbo y'ibiganza (intoki 10).	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera ku 10 basimbuka umubare umwe • Indirimbo y'ibiganza (intoki 10).	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku10 basimbuka umubare umwe, basimbuka imibare ibiri. • Indirimbo y'ibiganza (intoki 10).	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku10): • I Indirimbo y'ibiganza (intoki 10).	• Injyana y'imibare: kuva kuri 1kugera ku10 basimbuka umubare umwe, basimbuka imibare ibiri. • I Indirimbo y'ibiganza (intoki 10).	
Udukino two kubara	• Hasigaye kangahe? • Intoki zihinnye ni zingahe?	• Hasigaye kangahe? • Intoki zihinnye ni zingahe?	• Ni uwuhe murongo? • Ca uwo murongo!	• Hasigaye kangahe? • Intoki zihinnye ni zingahe? • Kora ku kibaho • Harabura uwuhe mubare?	• Intoki zihinnye ni zingahe?	• Hasigaye kangahe? • Kuramo rimwe, Kuramo kabiri, Kuramo gatatu, Kuramo kane • Kora ku kibaho	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK&REB	P.29	P.29	P.76, 77, 79,80, 81, 83, 84	P.29	P.29	P. 28, 29	
MK	P.41, 44, 45	P.44, 45	P.40, 56	P.44	p. 41, 44, 45	P. 38, 39, 41, 44, 45	
JKF	P.55-60	P.57-60	P.18, 19	P.57-60	P.55-60	P.52-60	
LONGHORN	P.65,66	P.65,66	P.87-94	P.65,66	P.65, 66	P.64-66	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

	"Ongeraho cyangwa ukuremo 1" (cyangwa 2 cyangwa 3)... (Ukinwa n'ishuri ryose). • Vuga umubare (Urugero: 4), maze uwerekane ukoresheje intoki. • Abana bagomba kuvuga umubare babona bongeyeho 1 cyangwa bakuyemo 1 (cyangwa 2 cyangwa 3). Bwira abana gusubiriza hamwe. • Muri urugero, abana baravuga 5 (bongeyemo 1) cyangwa 3 (bakuyemo 1)
	"Intoki zihinnye ni zingahe?" (Ishuri ryose) • Zamura umubare runaka w'intoki ukoresheje ibiganza byombi. • Abana bavuge umubare w'intoki zihinnye. • Muri uru rugero abana baravuga intoki 8.
	"Ni uwuhe murongo?" Akoresheje urutoki, umwana umwe aca umurongo uhese, ufunguye, cyangwa ugororotse ku ntebe cyangwa mu ikaye maze akabaza ati: "Ni uwuhe umurongo?" Mugenzi we agasubiza. Bagahita bahinduranya.
	"Ongeraho cyangwa ukuremo 1" (cyangwa 2 cyangwa 3)...(Ukinwa n'ishuri ryose) • Vuga umubare (Urugero: 4). • Abana barahita bavuga umubare babona bateranyijeho cyangwa bakuyemo rimwe **(cyangwa 2 cyangwa 3).** Bwira abana basubirize rimwe.
	Kora ku kibaho (mu matsinda) • Andika imibare ku kibaho. Saba abana batandatu baze imbere; maze bakore imirongo ibiri, umurongo umwe kuri buri ruhande rw'ikibaho. Babwire ko ugiye kuvuga umwitozo maze abana bari imbere ku murongo bagerageze gutanguranwa gukora ku gisubizo. Umwana utanze undi gukora ku gisubizo ahesha itsinda rye inota. Basubira mu mirongo yabo inyuma y'abandi maze bagenzi babo babakurikiraga ku murongo bakitegura gukina. Ikipe itanze indi kugira amanota atatu iba itsinze.
1 2 3 5	**"Harabura uwuhe mubare?" (ukinwa n' ishuri ryose)** Andika urutonde rw'imibare ku kibaho. Bwira abana bayisome nibarangiza bafunge amaso. Siba umwe mu mibare maze ubwire abana bongere barebe. Baza abanyeshuri uti: "*Harabura uwuhe mubare?*" Abana nibatanga igisubizo cyiza, ucyandike mu mwanya wacyo nyuma umukino ukomeze.

Abana baririmbe indirimbo y'ibiganza (intoki 10):
Reba ibiganza byanjye!
Bifite intoki icumi !
Dore urutoki rumwe!
Dore intoki ebyiri!
Dore intoki eshatu!
Dore intoki enye !
Dore intoki eshanu!
Dore intoki esheshatu !
Dore intoki zirindwi !
Dore intoki umunani !
Dore intoki icyenda !
Dore intoki icumi !

ISOMO RYA 1 – GUKURAMO 5

ICYITONDERWA – *Baza abana umubare bakunda bavuge n'impamvu. Biratuma bamenya kwisobanura kandi bishimire gutanga amakuru arebana no kubara.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:

- Gukuramo 5 bakoresheje imibare itarenze 10.

Imfashanyigisho:

- Utubarisho 10 kuri buri mwana.
- Terefone (M-P1-T2-W3-L1).
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Bwira abana bashyire utubarisho twabo hafi.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30



- Ririmbana n'abana indirimbo y'ibiganza (intoki 10)
- Kinisha abana agakino ko kubara vuba : 'Intoki zihinnye ni zingahe?'
- Fasha abana gutahura uko bakuramo 5, ukoresheje agakino: "Hasigaye bingahe?". Mukoreshe intoki cyangwa utubarisho.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Koresha abana imyitozo yo gukuramo 5, bakoresheje utubarisho. Bakorere mu matsinda ya babiri babiri.
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana inzira banyuramo mu gukuramo gatanu.

Agakuru k'imibare

Kanyana yaguze inyanya 10 noneho azivanga n'ibijumba. Ageze mu rugo asanga inyanya 5 zashwanyutse. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

- Kanyana yasigaranye inyanya eshanu nzima.
- Mama wa Kanyana azamwibutsa ko atagomba kuvanga inyanya n'ibijumba.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Abana bakore imyitozo ikurikira:

7-5= 5-5= 6-5=

3.2. Umukoro wo mu rugo

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho, abana bayandukure mu makayi maze baze kuyikorere mu rugo:

8-5= 9-5= 10-5=

ISOMO RYA 2 – GUKURAMO 6

ICYITONDERWA - *Iyo mukora imyitozo y'imibare, muyikore muvuga ku buryo buri wese asobanukirwa n'ibirimo gukorwa.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'iri somo abana baraba bashobora:

- Gukuramo 6 (bakoresheje imibare itarenze 10).

Imfashanyigisho:

- Utubarisho 10 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana — iminota 2

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10

Andika ku kibaho imibare kuva 1 kugera ku 10 ku murongo utambitse. Bwira abana baririmbe injyana:

Bagenda basimbuka imibare 2 bahereye kuri 3. Urugero3… 6…. 9. Babanze babare bava imbere bajya inyuma, hanyuma bave inyuma baza imbere.

2.Isubiramo — iminota 3

- Bwira abana baririmbe indirimbo y'ibiganza (intoki 10) bava inyuma baza imbere.
- Mukine mwihuta agakino kitwa: "Hasigaye bingahe?" Ha abana umwitozo, urugero: 8 -5. Babwire bashake igisubizo bakoresheje intoki, utubarisho cyangwa gushushanya utuziga.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

9-6 = 3

10– 6= 4

- Mukine agakino kitwa "Hasigaye bingahe?" Bwira abana bazamure intoki 9. Babwire bahine intoki 6, bagenda bahina rumwe rumwe. Babaze uti Hasigaye intoki zingahe? Bereke uko bandika igisubizo bakoresheje ibimenyetso: 9 – 6=3.
- Bereke uko mwerekana 9 – 6 =3 mukoresheje gushushanya utuziga icyenda, hanyuma mugacisha akarongo mu tuziga dutandatu. (reba urugero ku gishushanyo ibumoso).
- Komeza uwo mwitozo ukoresheje indi mibare (itarenze 10).
- Andika ku kibaho uyu mwitozo: 10 – 6=4. Bwira abana babyerekane bakoresheje utubarisho cyangwa bashushanya utuziga mu makaye yabo.
- Ibutsa abana ko iyo bakuramo 6, bagenda bakuramo ikintu kimwe kimwe kugera kuri 6, maze bakabara ibintu bisigaye.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukuramo 6 (Babiri babiri)

- Andika ku kibaho imyitozo yo gukuramo 6. Abana bayandukure mu makaye yabo, maze mu matsinda ya babiri babiri, bashake ibisubizo bakoresheje utubarisho, intoki cyangwa gushushanya utuziga. Bwira amatsinda amwe yereke abandi uko babonye ibisubizo.

Umwitozo wa 2 – Gukuramo 6 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Buri mwana ku giti cye)

Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gukuramo 6 (imibare itarenze 10) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo abana bafite):
MK/REB P.29, **MK** P.44, 45 **JKF** P.57-60, **LONGHORN** P.65, 66

Umwitozo wa 3 – Gukuramo 6 (Buri mwana ku giti cye)

Shushanya utudomo 6 ku kibaho. Abana batwandukure mu makaye yabo, nyuma utudomo dutandatu baducishemo akarongo. Ubabaze uti: "Hasigaye tungahe?" Bwira abana babisubiremo nk'ababara inkuru. Urugero: Hari utudomo 6. Nacishije akarongo muri 6, none nta kadomo gasigaye kadacishijemo umurongo.

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho hanyuma abana bayikore 9 – 6 = 8 – 6= 6 – 6=

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana baze kuyikorera mu rugo bakoresheje intoki, utubarisho cyangwa gushushanya utuziga:

10 – 6 = 8 – 6= 6 – 6 = 7 – 6=

ISOMO RYA 3 – GUCA IMIRONGO Y'UBWOKO BUNYURANYE (IHAGAZE, ITAMBITSE, IBERAMYE, IHESE, IFUNZE)

ICYITONDERWA - *Ereka abana uko bakoresha agacamurongo.*

Intego y'isomo	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo abana baraba bashobora: • Guca imirongo ihagaze, itambitse iberamye, ihese n'ifunze. • Kuvuga itandukaniro riri hagati y'imirongo igororotse, ihese n'ifunze.	• Agacamurongo.

1. Gukangura abana — iminota 2

Mukine mwihuta agakino kitwa: "Intoki zihinnye ni zingahe?" Zamura umubare runaka w' intoki ukoresheje ibiganza byombi. Baza abana umubare w'intoki zihinnye.

2. Isubiramo — iminota 3

- Bwira abana baririmbe indirimbo y'ibiganza (intoki 10) bava inyuma bajya imbere.
- Mukine agakino kitwa "Ni uwuhe murongo?" Ca ku kibaho umurongo uhagaze, utambitse, uhese, ufunze cyangwa uberamye. Urajya uca umurongo, noneho umwana avuge ubwoko bwawo. Hanyuma uwusibe wongere uce undi. Umukino ukomeze gutyo.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Ca ku kibaho imirongo: ihagaze, itambitse, iberamye, ihese n'ifunze. Baza abana bakubwire ubwoko bwayo. Bwira abana bashushanye imirongo igororotse (ihagaze, itambitse, iberamye) mu kirere, ku ntebe, mu kiganza no mu makaye yabo. Subira muri uwo mwitozo uca imirongo 3 ihese mu ruhande rw'ibumoso rw'ikibaho. Subira muri uwo mwitozo uca hagati mu kibaho imirongo 3 ifunze. Bwira abana bavuge itandukaniro riri hagati y'iyo mirongo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Kuvuga ubwoko bw'imirongo (Ishuri ryose)

- Ca ku kibaho ubwoko bw'imirongo inyuranye: ihagaze, itambitse, iberamye, ihese n'ifunze Bwira abana bavuge ibyo babona.

Umwitozo wa 2 – "Ni uwuhe murongo?" (Babiri babiri)

- Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri. Babwire bakine agakino:"Ni uwuhe murongo?" *U*mwana umwe akoresheje urutoki ace umurongo uhagarize, utambitse, uberamye, uhese cyangwa ufunze, ku ntebe cyangwa mu ikaye nyuma abaze mugezi we ati: "Ni uwuhe murongo?" Nyuma bahinduranye gukina.

Umwitozo wa 3 – Guca imirongo (ihagaze, itambitse, iberamye, ihese n'ifunze) – IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye n'imirongo: ihagaze, itambitse, iberamye, ihese, n'ifunze iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo abana bafite).

MK/REB P.76, 77, 79, 80, 81, 83, 84, **MK** P.40, 56, **JKF** P.18, 19, **LONGHORN** P.87-94

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Genda uvuga ubwoko bw'umurongo (uhagaze, utambitse, uhese, uberamye cyangwa ufunze) maze abana bawushushanye mu makayi yabo.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana baze gushaka ibintu bifite ubwoko bunyuranye bw'imirongo iwabo. Baze kandi kwitoza guca ku butaka cyangwa mu makaye yabo imirongo ihagaze, itambitse, iberamye, ihese cyangwa ifunze bakoresheje urutoki.

ISOMO RYA 4 – GUKURAMO 7

ICYITONDERWA - *Fasha abana gutekereza aho guhita ubaha igisubizo kuko bashobora no kutacyumva.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukuramo 7 bakoresheje imibare itarenze 10	• Utubarisho 10 kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T2-W3-L4). • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Baza abana uko umukoro wo mu isomo ry'ubushize wagenze. Babonye ubwoko bungahe bw'imirongo? Bayibonye he?

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

9 – 7 = 2
10 – 7 = 3

- Ririmbana n'abana indirimbo y'ikiganza(intoki 10).
- Kinisha abana agakino ko kubara vuba: 'Kuramo kabiri'.
- Fasha abana gutahura uko bakuramo 7, ukoresheje agakino: "Hasigaye bingahe?". Mukoreshe intoki, utubarisho.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Koresha abana imyitozo yo gukuramo 7, bakoresheje utubarisho. Bakorere mu matsinda ya babiri babiri.
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana inzira banyuramo mu gukuramo karindwi.

Agakuru k'imibare

Buri munsi Hirwa azana amakaye 10 ku ishuri, ariko kuwa gatanu w'icyumweru cyashize yazanye amakaye 7. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

- Uwo munsi Hirwa yasize amakayi atatu mu rugo.
- Uwo munsi mwarimu yibukije Hirwa ko agomba kujya azana amakayi yuzuye.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Abana bakore imyitozo ikurikira

8 – 7 =

10 – 7 =

7 – 7=

3.2. Umukoro wo mu rugo

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana baze kuyikorera mu rugo bakoresheje intoki, utubarisho cyangwa gushushanya utuziga:

9 – 7 = 8 – 7=

10 –7 = 7 – 7=

ISOMO RYA 5 – GUKURAMO 5, 6, 7

ICYITONDERWA - *Guhamagara no kubara abahari n'abasibye ni uburyo bumwe bufatika bwo gukoresha imibare.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukuramo 5, 6, na7 (bakoresheje imibare itarenze 10).	• Utubarisho 10 buri mwana.

1. Gukangura abana — iminota 2

Mukine mwihuta agakino kitwa: "Kuramo gatatu" mukoresheje imibare kuva kuri 3 kugera ku 10. Uzamure umubare runaka w'intoki. Abana bahite bavuga umubare usigara iyo bakuyeho 3.

3. Isubiramo — iminota 3

9 – 5 = 4

- Andika ku kibaho uyu mwitozo 9 – 5 =. Bwira abana bafatanye na bagenzi babo maze bashake igisubizo bakoresheje intoki, utubarisho cyangwa gushushanya utuziga mu makayi yabo.
- Babwire baririmbe indirimbo y'intoki icumi bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma baza imbere.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

8 – 5 = 10 – 6 = 9 – 7 =

Andika iyi myitozo ku kibaho. Bwira abana bayikore bakoresheje utubarisho, cyangwa bashushanya utuziga mu makaye yabo. Berekane utwavuyemo n'udusigara.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukuramo 5, 6 na 7 (Babiri babiri)

- Andika ku kibaho imyitozo yo gukuramo 5, 6 na 7. Abana bayandukure mu makaye yabo, hanyuma bakorere mu matsinda ya babiri babiri, bakoresheje utubarisho cyangwa intoki, bashake igisubizo. Bwira amatsinda amwe abwire abandi bana igisubizo yabonye.

Umwitozo wa 2 – Gukuramo 5, 6, 7 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gukuramo 5, 6, na7 (umubare utarenze 10) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)

MK/REB P.29, **MK** P.41, 44, 45, **JKF** P.55-60, **LONGHORN** P. 65, 66.

Umwitozo wa 3 – Gukuramo 5, 6,7 (Buri mwana ku giti cye)

●●●●●● ●●●

- Shushanya utudomo 9 ku kibaho, abana batwandukure mu makaye yabo. Babwire bakuremo dutandatu. Barabikora bacisha akarongo mu tudomo dutandatu.
- Babaze uti: "Hasigaye tungahe?" Bwira abana babisubiremo nk'ababara inkuru. Urugero: "Hari utudomo 9, nacishije akarongo mu tudomo 6, none hasigaye 3".

4.Isuzumabumenyi — iminota 8

- Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikore:

7 – 7 = 8 – 5 = 6 – 6= 9 – 6= 8 – 5 =

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana baze gukora iyi myitozo bifashishije utubarisho cyangwa intoki:

10 – 7 = 7 – 5 = 6 – 6= 9 – 6 = 8 – 5 =

ISOMO RYA 6 – GUKURAMO 1, 2, 3, 4, 5, 6, 7

ICYITONDERWA - *Niba bishoboka, shyiraho ahantu hihariye mu ishuri, akabati cyangwa ameza hagenewe gushyirwaho imfashanyigisho z'amasomo y'imibare.*

Intego y'isomo.	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukuramo imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7 (bakoresheje imibare itarenze 10).	• Utubarisho 10 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana **iminota 2**

Mukine mwihuta agakino ko kubara vuba kitwa: "Intoki zihinnye ni zingahe?" Zamura umubare runaka w' intoki z'ibiganza byombi. Baza abana umubare w'intoki zihinnye.

2. Isubiramo **iminota 3**

Bwira abana baririmbe indirimbo y'ibiganza (intoki 10).

Mukine mwihuta udukino twitwa : 'Kuramo rimwe', 'Kuramo kabiri', 'Kuramo gatatu' na 'Kuramo kane'. Abana baravuga umubare usigara bakuyemo 1, 2, 3, cyangwa 4.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Andika ku kibaho imyitozo yo gukuramo 1, 2, 3, 4, 5, 6 na 7 (ukoreshe imubare itarenze 10). Abana bayandukure mu makaye yabo hanyuma bashake igisubizo.

Umwitozo wa 1 – Gukuramo 1, 2, 3, 4, 5, 6 na 7 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gukuramo 1, 2, 3, 4, 5, 6 na 7 (ukoreshe imibare itarenze 10) iri mubitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P.28, 29, **MK** P.38, 39,41, 44, 45, **JKF** P.52-60, **LONGHORN** P. 64, 66

Umwitozo wa 2 – Gukuramo 1, 2, 3, 4, 5, 6 na 7 (Buri mwana ku giti cye)



- Shushanya utudomo 8 ku kibaho, abana batwandukure mu makaye yabo. Babwire bakuremo utudomo 7 (baducishemo akarongo). Ubabaze uti: "Hasigaye tungahe?" Bwira abana kubisubiramo nk'ababara inkuru. Urugero: "Hari utudomo 9, nacishije akarongo mu tudomo 7, none hasigaye 2".

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikore. 7 -3= 10 – 5 = 6 – 4=

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayandukure mu makayi yabo hanyuma baze kuyikorera mu rugo:

5 -3= 9 – 5 = 4 – 4= 3 – 1 = 8 –7=

ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 2 N'ICYA 3

Bwira buri mwana akore ukwe. Abandi bana ntibagomba kumva ibisubizo bya bagenzi babo.

Ikibazo cya 1 – Bwira abana bakuremo 3 mu mibare ikurikira.

5 8 3 7 9

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yakuyemo 3 neza mu mubare umwe cyangwa nta n'umwe	Yakuyemo 3 neza guhera ku mibare ibiri kugera kuri itatu	Yakuyemo 3 neza mu mibare yose uko ari itanu

Ikibazo cya 2 – Ni uwuhe murongo? –Bwira umwana akubwire buri bwoko bw'imirongo.

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yavuze imirongo iri munsi y'ibiri	Yavuze imirongo itatu	Yavuze imirongo ine

Ikibazo cya 3 -Bwira abana bakore ibibazo byo gukuramo bikurikira:

Ushobora kubareka bagakoresha utubarisho niba bikenewe.

6 - 5 =	**8 – 6 =**	**9 – 1 =**
10 – 4 =	**7 – 2 =**	**7 – 7 =**

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yakoze neza ibibazo bibiri cyangwa munsi yabyo	Yakoze neza ibibazo biri hagati ya bitatu na bine	Yakoze neza ibibazo byose uko ari bitandatu

Icyitonderwa:

Ni byiza cyane = amanota 3
Ni byiza = amanota 2
Akeneye gufashwa = inota 1

ICYUMWERU CYA 4

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo rya (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Gukuramo 8 (ukoreshe umubare utarenze 10).	• Gukuramo 9 (umubare utarenze10)	• Gupima uburebure (nturenze m 10).	• Gukuramo 10 (umubare utarenze 10).	• Gukuramo 8, 9 na 10 (umubare utarenze 10).	• Gukuramo imibare kuva kuri 1 kugera ku10(umubare utatenze 10).	• Gutsindagira ibyizwe
Udukino two kubara mu mutwe	• Intoki zihinnye ni zingahe? • Kuramo rimwe	• Intoki zihinnye ni zingahe?	• Intoki zihinnye ni zingahe?	• Intoki zihinnye ni zingahe? • Kuramo kabiri	• Intoki zihinnye ni zingahe?	• Intoki zihinnye ni zingahe?	
Indirimbo n'injyana	• Injyana y'imibare: kuva kuri 1 kugera ku 10 basimbuka umubare umwe • Indirimbo y'ibiganza (intoki 10)	• Injyana y'imibare: kuva kuri 1 kugera ku 10 basimbuka imibare ibiri • Indirimbo y'ibiganza (intoki 10)	• Injyana y'imibare: kuva kuri 1 kugera ku 10 bakurikiranya imibare, nyuma basimbuka umubare umwe • Indirimbo y'ibiganza (intoki 10)	• Injyana y'imibare: kuva kuri 1 kugera ku 10: bakurikiranya imibare, nyuma basimbuka umubare umwe • Indirimbo y'ibiganza (intoki 10)	• Injyana y'imibare: kubara kuva kuri 1 kugera ku 10): • Indirimbo y'ibiganza (intoki 10)	• Injyana y'imibare: kuva kuri 1 kugera ku 10: basimbuka umubare umwe, ibiri, itatu • Indirimbo y'ibiganza (intoki 10)	
Imikino	• Hasigaye bingahe?	• Kuramo gatatu • Hasigaye bingahe?	• Kuramo kabiri • Kora ku kibaho	• Kuramo kabiri • Harabura uwuhe mubare?	• Kuramo kane • Harabura uwuhe mubare?	• Kuramo kane? • Harabura uwuhe mubare?	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.29	P.29	P.88	P.29	P.29	P. 28, 29	
MK	P.44	P.44	P.42	--	P. 44	P. 38, 39, 41, 44, 47	
JKF	P.57-60	P58, 60	P.41	--	P.57-60	P.52-60	
LONGHORN	P.65	--	P.101	P.67	P.65	P.64-66, 67	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

10	**"Ni kangahe kabura ku 10?"** Vuga umubare uri hagati ya 0 na 10, urugero 6. Abana barahita bavuga umubare wateranyaho ukabona 10, muri uru rugero ni 4. Komeza uvuge imibare inyuranye ari ko ubaza abana batandukanye.
	Intoki zihinnye ni zingahe? (Ishuri ryose) • Zamura umubare runaka w' intoki z' ibiganza byombi. • Abana barahita bavuga umubare w'intoki zihinnye.
	"Ongeraho cyangwa ukuremo 1" (2 cyangwa 3)...(Ishuri ryose) • Vuga umubare (Urugero: 4). • Abana bavuge umubare babona bongeyeho cyangwa bakuyemo 1 **(2 cyangwa 3)...** • Bwira abana basubirize rimwe.
	**Kora ku kibaho (mu matsinda)** Andika imibare ku kibaho. Bwira abana batandatu baze imbere, maze bakore imirongo ibiri, umurongo umwe kuri buri ruhande rw'ikibaho. Babwire ko nuvuga umwitozo abana bari imbere kuri buri murongo bagerageza gutanguranwa gukora ku gisubizo. Umwana wa mbere ukoze ku gisubizo ahesha itsinda rye inota. Basubira mu mirongo yabo inyuma y'abandi maze bagenzi babo babakurikiraga ku murongo bakitegura gukina. Ikipe itanze indi kugira amanota atatu iba itsinze.
1 2 3 5	**"Harabura uwuhe mubare?" (ishuri ryose)** • Andika urutonde rw'imibare ku kibaho. Bwira abana bayisome, nyuma bafunge amaso. Siba umwe mu mibare maze ubabwire bongere barebe. Baza abana uti: *Harabura uwuhe mubare?* Abana nibatanga igisubizo cyiza, ucyandike mu mwanya wacyo nyuma ukomeze ako gakino.
	"Hasigaye bingahe?" • Mu matsinda ya babiri babiri, umwana umwe arundanye ibintu. Mugenzi we abibare maze avuge ibisigara havuyemo umubare runaka. Barahinduranya maze umukino ukomeze.

ISOMO RYA 1 – GUKURAMO 8

ICYITONDERWA - *Bwira abana bagufashe gutanga no kugarura imfashanyigisho zakoreshejwe, hanyuma ubasobanurire imvugo ikoreshwa mu mibare, urugero, ese biruzuye? Dukeneye ibindi bingahe?*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukuramo 8 (imibare itarenze 10).	• Utubarisho 10 kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T2-W4-L1). • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Bwira abana bafate utubarisho twabo.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

10 – 8 = 2
9 – 8 = 1

1 2 3 4 5 6

7 8 9 10

- Ririmbisha abana indirimbo y'ibiganza (intoki 10).
- Kinisha abana agakino "Intoki zihinnye ni zingahe?"
- Fasha abana gutahura uko bakuramo 8, ukoresheje agakino: "Hasigaye bingahe?" Mukoreshe intoki, utubarisho.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10 (ugenda usimbuka umubare umwe).
- Koresha abana imyitozo yo gukuramo 8, bakoresheje utubarisho. Bakorere mu matsinda ya babiri babiri.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: "Kuramo 1".
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana bakubwire inzira banyuramo mu gukuramo 8.

Agakuru k'imibare

Nyirasenge wa Kanyana yamuhaye avoka 10 ngo azijyane mu rugo. Kanyana yazijyanye yiruka, maze ageze mu rugo asanga 8 muri zo zangiritse. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Kanyana yagejeje mu rugo avoka nzima ebyiri.

-Kanyana ni indagare kuko yaje yiruka akangiza avoka.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Abana bakore imyitozo ikurikira mu makayi:

9 – 8 =

10 – 8 =

8 – 8 =

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayandukure mu makayi yabo hanyuma baze kuyikorera mu rugo, bakoresheje nk'ibishyimbo, ibigori, utubuye cyangwa uduti:

9 – 8= 8 – 8= 10 – 8 =

ISOMO RYA 2 – GUKURAMO 9

ICYITONDERWA - *Bwira abana bicare bitonde mu gihe cy'umunota – Koresha terefone mu kureba uwo munota. Abana baramenyeraho uko umunota ureshya. Ibyo bibaha n'akanya ko gutuza bakaruhuka.*

Intego y'isomo:
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:
- Gukuramo 9 (ukoresheje umubare utarenze 10

Imfashanyigisho
- Utubarisho 10 kuri buri mwana.

1.Gukangura abana — iminota 2

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10

Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1 kugera ku 10 ku murongo utambitse. Bwira abana baririmbe injyana:
- Bagenda basimbuka umubare umwe. Urugero 1.....3..... 5..... 7..... 9
- Bongere bayiririmbe bagenda basimbuka umubare umwe bahereye kuri 2. Urugero: 2…4…6…8, baririmbe bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma baza imbere.

2. Isubiramo — iminota 3

- Mukine mwihuta agakino kitwa: "Kuramo gatatu". Vuga umubare uri hagati ya 3 na 10. Abana barahita bavuga umubare usigara bakuyemo 3.
- Ririmbana n'abana indirimbo y'ibiganza; bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma baza imbere.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa



- Mukine agakino kitwa: "Hasigaye bingahe?" Bwira abana bazamure intoki 10. Babwire babare intoki icyenda bazihine, bagenda bahina rumwe rumwe. Babaze uti: "Hasigaye intoki zingahe?" Nibamara gusubiza, ubereke uko babyandika ku kibaho: 10 – 9 =1.
- Babwire berekane uko bakuramo iyo mibare bakoresheje utubarisho.
- Babwire berekane uko bakuramo iyo mibare bakoresheje gushushanya utuziga mu makaye yabo.
- Sobanurira abana ko iyo bakuramo 9, urugero bakoresheje utubarisho, bagenda bakuramo kamwe kamwe kugeza ku tubarisho 9, maze bakabara utubarisho dusigaye.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukuramo 9 (Babiri babiri)
- Andika ku kibaho iyi myitozo yo gukuramo: 10 – 9 =, 9 – 9 =. Bwira abana bakore amatsinda ya babiri babiri, maze bakoresheje utubarisho, intoki cyangwa ibikoresho byo mu ishuri bashake ibisubizo. Gendagenda mu ishuri ureba uko abana babikora.

Umwitozo wa 2 – Gukuramo 9 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Buri mwana ku giti cye)
- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gukuramo 9 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite) **MK/REB P.29, MK** P. 44, **JKF** P.58-60,

Umwitozo wa 3 – Gukuramo 9 (Buri mwana ku giti cye)



- Andika utudomo 9 ku kibaho maze abana batwandukure mu makaye yabo. Babwire bacishe akarongo mu tudomo icyenda. Babaze uti "Hasigaye tungahe?" Bwira abana babisubiremo nk'ababara inkuru. Urugero: "Hari utudomo 9, nacishije akarongo mu tudomo 9, none nta kadomo gasigaye kadacishijemo akarongo". Umubare w'utudomo dusigaye ni zeru.

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Andika imyitozo ikurikira maze abana bayikore bifashishije gushushanya utuziga: 10-9= 9-9=

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana bandukure iyi myitozo maze baze kuyikorera mu rugo:
10 – 9 = 9 – 8 = 8 – 8 = 10 – 8 = 9 – 9 =

ISOMO RYA 3 – GUPIMA UBUREBURE MURI METERO

ICYITONDERWA - *Mu gihe urimo kwigisha uburebure, gerageza gukoresha imvugo ikwiye yo mu mibare; urug ero: kirekire, kigufi, gisumba, gisumbwa, kirekire nka, kigari nka, kirekire kuri byose, kigufi kuri byose, uburebure, ubugari, ubuhagarike, gupima, hafi metero, kiruta ho gato, kiri munsi ho gato.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gupima uburebure butarengeje m 10, bakoresheje metero.	• Metero • Imigozi ireshya na metero.

1. Gukangura abana — iminota 2

Mukine mwihuta: "Kuramo kabiri". Zamura umubare runaka w'intoki z' ibiganza byombi maze abana bahite bavuga umubare babona bakuyemo 2.

2. Isubiramo — iminota 3

- Bwira abana bajye mu matsinda ya babiri babiri maze bapime uburebure bw' ameza yabo bakoresheje umugozi ureshya na metero. Andika ibisubizo ku kibaho. (Icyitonderwa: abana ntibabipime ibice birenga kuri metero)

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Bwira abana 2 baze imbere maze berekane uko bapima uburebure bw'ikibaho bakoresheje imetero cyangwa umugozi ureshya na metero.(Icyitonderwa: abana ntibabipime ibice birenga kuri metero)
- Shyira abana mu matsinda ya bane bane maze uhe buri tsinda umugozi ureshya na metero. Bwira buri tsinda rihitemo ikintu bapima kiri mu ishuri; urugero: uburebure bw'intebe yabo, uburebure bw'ishuri ryabo, cyangwa ikindi kintu bashobora gushyikira. Bapimishe umugozi ureshya na metero.
- Andika ibisubizo byabo ku kibaho.
- Sobanurira abana uko basoma n'uko bandika ibipimo by'uburebure muri metero (m), urugero m3 basoma metero 3. Basobanurire metero icyo ari cyo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gupima uburebure – IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana ukwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gupima uburebure butarengeje m 10 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite) **MK/REB** P.88, **MK** P.42, **JKF** P.41, **LONGHORN** P. 101

Umwitozo wa 2 – Gupima ishuri n'ikibuga (mu matsinda)

- Bwira abana basohoke bakomeze bakorere mu matsinda maze bapime uburebure bw'ishuri ryabo cyangwa ubw'ikibuga cy'ishuri.

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Baza abana ingero z'ibintu bishobora gupimwa na metero.

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Bwira abana baze gupima uburebure bw'ibintu binyuranye biri mu rugo (igitanda, urugi, idirishya ...). Bandike ibyo babonye mu makaye yabo.

ISOMO RYA 4 – GUKURAMO 10

ICYITONDERWA - *Huza imyitozo y'imibare n'ubuzima bwa buri munsi. Urugero baza abana bakubwire aho bakoresha kubara, gupima, n'ibindi, mu buzima bwabo bwa buri munsi.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukuramo 10 mu 10.	• Utubarisho 10 kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T2-W4-L4). • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Bwira abana bakubwire uko umukoro wo mu isomo riheruka wagenze.

2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30



10 – 10 = 0

10 – 7 = 3

- Ririmbana n'abana indirimbo y'ibiganza (intoki 10).
- Kinisha abana agakino "Intoki zihinnye ni zingahe?"
- Fasha abana gutahura uko bakuramo 10, ukoresheje agakino:"Hasigaye bingahe?". Mukoreshe intoki, utubarisho.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 10.
- Koresha abana imyitozo yo gukuramo 10, bakoresheje utubarisho. Bakorere mu matsinda ya babiri babiri.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: "Kuramo 2".
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana bakubwire inzira banyuramo mu gukuramo 10.

Agakuru k'imibare

Yohani yateye ibiti by' amacunga icumi mu murima we. Kandi byose byareze. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo bishoboka:

-Umubare w'ibiti byeze ni 10.

-Umubare w'ibiti biteze ni zeru.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Abana bakore umwitozo 10 - 10 = bakoresheje gushushanya utuziga.

Abana batange ibitekerezo ku gakuru k'imibare gakurikira:

Mama yaguze amatunda 10 hanyuma yose ayaha abana. Mwabivugaho iki?

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana baze gukina n'umuntu wo mu rugo agakino kitwa "Hasigaye bingahe?" Kugira ngo bimenyereze gukuramo 10 mu 10. Bakoreshe ibintu binyuranye cyangwa intoki.

ISOMO RYA 5 – GUKURAMO 8, 9 NA 10

ICYITONDERWA - *Mu gihe abana bari gukora imyitozo yo gukuramo, ubakangurire gukoresha utubarisho cyangwa gushushanya utuziga mu makaye yabo. Mu gihe bakoresheje utuziga, ubibutse ko mu gukuramo, bacisha akarongo mu tuziga tungana n'umubare bakuramo.*

Intego y'ismo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukuramo 8, 9 na 10 (bakoreshe imibare itarenze 10).	• Utubarisho 10 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine agakino kitwa "Intoki zihinnye ni zingahe?" Zamura intoki urugero 4, Hanyuma ubaze abana umubare w'intoki zihinnye (6). Agakino karakomeza mukoresha indi imibare.

2. Isubiramo — iminota 3

9 – 5 = 4

- Mukine mwihuta agakino kitwa: "Kuramo kane". Erekana umubare runaka w'intoki kuva kuri 4 kugera ku10. Abana barahita bavuga umubare usigara bakuyemo kane.
- Babwire baririmbe indirimbo y'ibiganza 10 bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma baza imbere.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

10 – 8 =
9 – 9=
9 – 8 =

- Mukine agakino kitwa "Hasigaye bingahe?" Bwira abana bazamure intoki 10. Hanyuma bazibare maze bahine intoki 8. Babaze uti "Hasigaye intoki zizamuye zingahe?" Komeza ukore uwo mwitozo ukoresheje indi mibare (8, 9, 10).
- Andika iyi myitozo: 10 – 8 = 9 – 9= 9 – 8 =. Bwira abana bakore iyo myitozo bakoresheje utubarisho cyangwa ibindi bikoresho. Babaze ibisubizo babonye maze ubyandike ku kibaho.
- Babaze kwerekana uko iyo myitozo ikorwa bifashishije gushushanya utuziga.
- Ibutsa abana ko iyo bakuramo bakoresheje gushushanya utuziga bacisha akarongo mu tuziga tungana n'umubare bakuramo, hanyuma bakabara utuziga dusigaye.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukuramo 8, 9, 10 (Babiri babiri)

- Andika iyi myitozo ku kibaho: 10 – 10 =, 10 – 9=, 9 – 9=. Bwira abana bayandukure mu makaye yabo maze mu matsinda ya babiri babiri, bashake igisubizo bakoresheje intoki, cyangwa utubarisho.

Umwitozo wa 2 – Gukuramo 8, 9, 10 –IGITABO CY'UMUNYESHURI (Buri mwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo yo gukuramo 8, 9 na 10 (umubare utarenze 10) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)
  MK/REB P.29, **MK** P.**44**, **JKF** P.57-60, **LONGHORN** P. 65

Umwitozo wa 3 – "Hasigaye bingahe?" (Buri mwana ku giti cye)

- Mukine agakino kitwa "Hasigaye bingahe?" Bwira abana bashushanye utuziga 10. Hanyuma bacishe akarongo mu tuziga 9. Babaze uti "Hasigaye zingahe?" Komeza ako gakino. Urajya ubwira abana gushushanya inziga 10 maze bacishe akarongo mu nziga 9, 8, 7… maze ujye ubabaza uti: "Hasigaye zingahe?" Subiramo uwo mwitozo ubwira abana gushushanya inziga 9 hanyuma bacishe akarongo mu nziga 9, 8, 7.

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Andika imyiitozo ikurikira maze abana bayikore bifashishije gushushanya utuziga.
  10 – 9 = 9 – 9 = 9 – 8=

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Bwira abana baze gukora iyi myitozo yo gukuramo bakoresheje utubarisho cyangwa gushushanya utuziga:
  10 – 10 = 10 – 8 = 10 – 9 = 8 – 8 = 9 – 8 =

ISOMO RYA 6 – GUKURAMO 1, 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8, 9 NA 10

ICYITONDERWA - *Gerageza gukoresha imibare uhereye ku ngero zifatika. Nushaka guhitamo umwana, andika umubare uri hagati ya 1 na 10, maze ubaze abana kuwuvuga. Umwana uwuvuga araba atsinze.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukuramo imibare kuva kuri 1 kugera ku 10 (bakoresheje imibare itarenze 10).	• Utubarisho 10 kuri buri mwana.

1.Gukangura abana — iminota 2

- Mukine mwihuta agakino kitwa: "Intoki zihinnye ni zingahe?"
  Zamura intoki, urugero ebyiri, hanyuma ubaze abana umubare w'intoki zihinnye. Muri uru rugero baravuga intoki 8.

2. Isubiramo — iminota 3

- Mukine mwihuta agakino kitwa: "Kuramo kane". Erekana umubare runaka w'intoki, kuva kuri 4 kugera ku10. Abana barahita bavuga umubare usigara bakuyemo kane (6).

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Mukine agakino kitwa "Hasigaye bingahe?" Mukoreshe intoki. Mukoreshe imibare itarenze 10. Urugero urabwira abana bazamure intoki 10, hanyuma bazibare maze bahine intoki zirindwi. Ubabaze uti "Hasigaye intoki zingahe zizamuye?" Nibamara gusubiza uhamagare umwana aze yandike ku kibaho uwo mwitozo n'igisubizo cyawo. Ukomeze umwitozo ukoreshe indi mibare.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukuramo 1, 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8, 9 na 10 (Babiri babiri)

- Andika imyitozo yo gukuramo (ukoresheje imibare itarenze 10): urugero: 5 – 3 = 10 – 2 = 9 – 8= 10 – 7 = 7 – 4 =. Abana bayandukure mu makaye yabo hanyuma bayikore.

Umwitozo wa 2 – Gukuramo 1, 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8, 9, 10– IGITABO CY'UMUNYESHURI (Buri mwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo yo gukuramo **1, 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8, 9, 10** (umubare utarenze 10) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)
  MK/REB P.28, 29, **MK** P.38, 39, 41, 44, 47, **MK** P.38, 39, 41, 44, 47, **JKF** P.52-60, **LONGHORN** P. 64-66

Umwitozo wa 3 – Gukuramo 1, 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8, 9, 10 (Buri mwana ku giti cye)

- Bwira abana bashushanye inziga kuva kuri 1kugera ku10. Babwire bacishe akarongo muri zimwe muri zo, maze ubabaze uti: "Hasigaye zingahe?" Komeza ako gakino ukoresheje indi mibare.

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Abana bakore imyitozo ikurikira:

8 – 1 = 9 – 6 = 7 – 5 = 4 – 2 = 10 – 10 = 7 – 7 =

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Bwira abana baze gukina n'umuvandimwe cyangwa incuti agakino kitwa "Kuramo kane".
- Bwira abana bandukure imyitozo ikurikira maze baze kuyikorera mu rugo:
  6 – 6 = 9 – 4 = 8 – 2 = 5 – 3 = 6 – 1 = 8 – 6 =

ICYUMWERU CYA 5

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Guteranya umubare ho 6 na 7 (igiteranyo ntikirenge 10).	• Guteranya umubare ho 8, 9 na 10 (igiteranyo ntikirenge 10).	• Kugereranya ibipimo by'uburebure muri metero.	• Gukuramo 1,2,3,4 na 5 (ukoresheje imibare itarenze 10). (Imyitozo)	• Gukuramo 6, 7, 8, 9 na 10 (ukoresheje imibare itarenze 10). (Imyitozo)	• Imyitozo yo guteranya (igiteranyo ntikirenge 10) • Imyitozo yo gukuramo (ukoresheje imibare itarenze 10).	• Isuzumabumenyi
Kubara mu mutwe	• Ongeraho gatatu • Ongeraho kabiri	• Ongeraho kane	• Ongeraho gatanu	• Kuramo gatatu	• Kuramo kane	• Kuramo gatanu	
Indirimbo n'Injyana	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku 10, usimbuka umubare umwe • Indirimbo y'ibiganza (intoki 10	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku 10:usimbuka imibare ibiri • Indirimbo y'ibiganza (intoki 10)	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku10: usimbuka umubare umwe hanyuma ibiri • I Indirimbo y'ibiganza (intoki 10)	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku10: usimbuka umubare umwe • Indirimbo y'ibiganza (intoki 10)	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku10: usimbuka umubare umwe hanyuma ibiri • Indirimbo y'ibiganza (intoki 10)	• Injyana y'imibare kuva1kugera ku10: usimbuka umubare umwe hanyuma ibiri • Indirimbo y'ibiganza (intoki 10)	
Imikino	• Ongeraho gatatu • Ongeraho kabiri	• Ongeraho gatatu • Intoki zihinnye ni zingahe? • Ongeraho 6 • Ongeraho 7	• Ongeraho kane • Intoki zihinnye ni zingahe?	• Intoki zihinnye ni zingahe? • Kuramo kane	• Intoki zihinnye ni zingahe? • Kuramo kane	• Intoki zihinnye ni zingahe? • Kuramo gatanu	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.21, 22	-	-	P.28, 29	P.29	P. –20 - 22, 29	
MK	P.28, 30, 33	P.30	-	P.44, 45	P. 44	P. 27, 30, 41, 44	
JKF	P. 49	P.49	-	P.52-60	P.57-60	P.48, 49, 52-60	
LONGHORN	P.59, 60	P.56, 60	-	P.64-66	P.65, 66	P.54, 56,59, 60	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

6	**"Harabura kangahe ku 10?"** • Vuga umubare (kuva kuri 1kugera ku 10), urugero 6. Abana bavuge umubare bateranyaho kugira ngo babone 10, urugero 4. Komeza uwo mukino, uvuga imibare inyuranye ari ko ubaza n'abana batandukanye.
	"Intoki zihinnye ni zingahe?" (Ishuri ryose) • Zamura umubare runaka w'intoki ukoresheje ibiganza byombi. • Abana barahita bavuga umubare w'intoki zihinnye.
	"Ongeraho cyangwa ukuremo 1" (cyangwa 2 cyangwa 3) (Ishuri ryose) • Vuga umubare (Urugero: 4). • Abana bahite bavuga umubare babona bateranijeho (cyangwa bakuyemo 1). Abana basubiriza rimwe.
	**Kora ku kibaho (mu matsinda)** Andika imibare ku kibaho. Bwira abana batandatu kuza imbere; maze bakore imirongo ibiri, umurongo umwe kuri buri ruhande rw'ikibaho. Babwire ko ugiye kuvuga umwitozo maze abana bari imbere bagerageze gutanguranwa gukora ku gisubizo. Umwana wa mbere ukoze ku gisubizo ahesha itsinda rye inota. Basubire mu mirongo yabo inyuma y'abandi maze bagenzi babo babakurikiraga ku murongo bakitegura gukina. Ikipe itanze indi kugira amanota atatu iba itsinze.
1 2 4 5	**"Harabura uwuhe mubare?"(ishuri ryose)** • Andika urutonde rw'imibare ku kibaho. Bwira abana bayisome nyuma bafunge amaso. Siba umwe mu mibare maze ubwire abana bongere barebe. Baza abana uti: "Harabura uwuhe mubare?" Abana nibatanga igisubizo cyiza, ucyandike mu mwanya wacyo nyuma ukomeze ako gakino.
	**"Hasigaye bingahe?"** • Mu matsinda ya babiri babiri, umwana umwe arundanye ibintu. Mugenzi we abibare maze avuge ibyasigara akuyemo umubare runaka w'ibintu.

ISOMO RYA 1 – GUTERANYA UMUBARE HO 6 NA 7

ICYITONDERWA - *Mu gihe urimo gukora imyitozo y'imibare ku kibaho ni ngombwa kwandika unavuga kugira ngo abana barusheho gusobanukirwa.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Guteranya umubare ho 6, 7(igiteranyo kitarenze 10).	• Utubarisho 10 kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T2-W5-L1). • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Genzura ko abana bose bafite utubarisho 10.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30



2 + 7 =

2 + 6 =

3 + 7 =

4 + 6 =

- Ririmbana n'abana indirimbo y'ibiganza (intoki 10).
- Fasha abana gutahura uko bateranya umubare ho 6, na 7 bakoreheje utubarisho.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10(bagenda basimbuka umubare umwe).
- Koresha abana imyitozo yo guteranya umubare ho 6 na 7 bakoresheje utubarisho, mu matsinda ya babiri babiri.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Kuramo 2".
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'umubare kari hano munsi.
- Baza abana uko bateranya umubare ho 6 cyangwa 7.

Agakuru k'imibare

Kagabo yari afite imyembe itatu. Mushiki we yari afite imyembe itandatu maze yose ayiha Kagabo. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru :

-Mushiki wa Kagabo amaze kumuha imyembe 6, Kagabo yahise agira imyembe 9.

-Mushiki wa Kagabo nta mwembe n'umwe yasigaranye.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Abana bakore imyitozo ikurikira:

1+6=

4+6=

2+6=

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana baze gukorera mu rugo iyi myitozo.

3 + 6 =

0 + 6 =

2 + 7 =

ISOMO RYA 2 – GUTERANYA UMUBARE HO 8, 9 NA 10

ICYITONDERWA - *Jya ubaza abana ku mukoro wo mu rugo wabahaye mu isomo riheruka. Bituma bamenya agaciro kawo.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana barababashobora: • Guteranya umubare ho 8, 9 na 10 (igiteranyo kitarenze 10).	• Utubarisho 10 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana — iminota 2

Mukine mwihuta agakino kitwa "Ongeraho kane" mukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri 6. Vuga umubare uri hagati ya 1 na 6. Abana barahita bavuga umubare babona bateranyijeho 4.

2. Isubiramo — iminota 3

Kina agakino: "Ongeraho gatandatu" mukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri 4. Vuga umubare kuva kuri 1 kugera kuri 4. Abana barahita bavuga umubare babona bateranyijeho 6. Subira muri uwo mwitozo inshuro nyinshi.
Babwire ko mugiye gukina ka gakino kitwa "Ongeraho karindwi" mukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri 3. Vuga umubare kuva kuri 1 kugera kuri 3. Abana barahita bavuga umubare babona bateranyijeho 7.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa



- Andika ku kibaho uyu mwitozo 2 + 8 =. Bwira abana bashyire utubarisho 10 ku meza. Babwire berekane iyo mibare 2 iri mu mwitozo bakoresheje utubarisho. Noneho, babwire bafate utubarisho 8 bateranyeho 2. Barabona utubarisho tungahe?
- Andika igisubizo.
- Ereka abana uko bakora uwo mwitozo bakoreheje gushushunya utuziga.
- Subira muri uwo mwitozo ukoresheje iyi mibare:
  1 + 8 = 0 + 10 =
  1 + 9 =
- Sobanurira abana ko iyo bateranyije imibare ibiri, bakora amatsinda 2 y'ibintu agaragaza imibare babahaye. Hanyuma bagateranye ibintu biri muri ayo matsinda abiri, noneho bakabara ibintu babonye.

3.2 .Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Guteranya umubare ho 8, 9, 10 (Babiri babiri)

- Andika imyitozo ikurikira :
  1 + 9 = 2 + 8 = 0 + 10 =
  1 + 8 = 0 + 9 =
- Bwira abana bayandukure mu makaye yabo, maze mu matsinda ya babiri babiri, bakoreshe utubarisho, intoki cyangwa gushushanya utuziga kugira ngo bashake igisubizo. Gendagenda mu ishuri ufasha abana. Bwira amatsinda amwe avuge igisubizo cyiza.

Umwitozo wa 2 - Guteranya ho 8, 9, na 10 - IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no guteranya umubare ho 8, 9 na 10 (igiteranyo kitarenze 10) iri mu bitabo bikurikira **(ukoreshe ibitabo ishuri rifite):**
  MK P.30, JKF P.49, **LONGHORN** P.56, 60

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikore bifashishije gushushanya utuziga.
  1 + 9 = 2 + 8 = 0 + 10 =
  1 + 8 = 0 + 9 = 0 + 8 =

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayandukure mu makayi yabo hanyuma baze kuyikorerera mu rugo bifashishije gushushanya utuziga.
  1 + 9 = 2 + 8 = 0 + 10 =

ISOMO RYA 3 – KUGERERANYA IBIPIMO BY'UBUREBURE MURI METERO

ICYITONDERWA - *Mbere y'uko abana bapima basabe kubanza gucishiriza uburebure bw'icyo bashaka gupima maze baze kugereranya ibyo bibwiraga n'ibipimo nyakuri.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Kugereranya ibipimo by' uburebure muri metero bakoresheje ibimenyetso.	• Metero, umugozi ureshya na metero (umwe kuri buri mwana).

1. Gukangura abana — iminota 2

Mukine mwihuta agakino kitwa: "Ongeraho gatanu". Vuga umubare kuva kuri 1 kugera kuri 5. Abana barahita bavuga umubare babona bateranyijeho 5.

2. Isubiramo — iminota 3

Baza abana icyo mukoresha mu gupima uburebure, urugero uburebure bw'ikibaho. Baza abana ikintu mushobora gupima mu ishuri mukoresheje metero? (Idirishya, intebe, ameza, urugi….)

3.1. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Ereka abana metero, basobanurire ko mushobora no gukoresha umugozi upima metero cyangwa intambwe kugira ngo bapime uburerebure.
- Ereka abana umugozi upima metero 1. Bereke uwundi upima metero 2.
- Babaze uti : umugozi muremure ni uwuhe ? Umugufi ni uwuhe?
- Andika ku kibaho ibisubizo ukoresheje ibimenyetso:
  1. m 1 < m 2 (Vuga uti: metero 1 irutwa na metero 2*)*
  2. m 2 > m 1 (Vuga uti: metero 2 ziruta metero 1)
- Bwira abana babiri (umuhungu n'umukobwa) baze imbere maze bapime uburebure bw'ikibaho. Andika igisubizo muri metero. Ongera ubwire abandi babiri (umuhungu n'umukobwa) bapime ubuhagarike bw'ameza yawe. Andika igisubizo muri metero. Baza abana uti : Ikibaho n'ameza, ikirekire ni ikihe? ikigufi ni ikihe? Andika ibisubizo ukoresheje ibimenyetso <, > kugira ngo werekane ikirekire n'ikigufi.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo –Kugereranya ingero z'uburebure bakoresheje ibimenyetso bya <, > na =. **(buri mwana ku giti cye)**

- Andika ingero z'uburebure zikurikira ku kibaho maze abana bazigereranye bakoreheje ibimenyetso bya <, > cyangwa =

  m 6 ☐ m 2 m 4 ☐ m 9 m3 ☐ m 3
- Bwira abana batatu baze bakosore uwo mwitozo ku kibaho maze abandi bana bagereranye ibisubizo byabo n'ibyanditse ku kibaho hanyuma bakosore ibyo bishe mu makayi yabo.

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Andika ingero z'uburebure zikurikira ku kibaho maze abana bazigereranye bakoresheje ibimenyetso bya <, > cyangwa =.

m 4 ☐ m 3 m 1 ☐ m 5 m 7 ☐ m 7

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika ingero z'uburebure zikurikira ku kibaho maze abana bazandukure mu makayi yabo hanyuma baze kuzigereranya bakoresheje ibimenyetso bya <, > cyangwa =.

m 9 ☐ m 2 m 6 ☐ m 7 m 4 ☐ 4 m

ISOMO RYA 4 – GUKURAMO 1, 2, 3, 4 , 5

ICYITONDERWA - *Jya ubaza abana ku mukoro wabahaye mu isomo riheruka bizatuma bamenya akamaro k'uwo mukoro.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukora imyitozo yo gukuramo 1, 2, 3, 4, 5 (umubare utarenze 10).	• Utubarisho 10 kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T2-W5-L4). • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Genzura ko buri mwana afite utubarisho.

2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**



- Ririmbana n'abana indirimbo y'ibiganza (intoki 10).
- Kinisha abana agakino ko kubara vuba ''Kuramo 3".
- Fasha abana gukora imyitozo yo gukuramo 1, 2, 3, 4, 5, bakoresheje utubarisho.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Koresha abana imyitozo yo gukuramo 1, 2, 3, 4, 5 bakoresheje utubarisho. Bakorere mu matsinda ya babiri babiri.
- Kinisha abana agakino ko kubara vuba "Intoki zihinnye ni zingahe?"
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana inzira banyuramo mu gukuramo bakoresheje utubarisho.

Agakuru k'imibare

Keza yateye intete z'ibigori 10 mu murima we. Noneho hamera intete z'ibigori 4. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Intete z'ibigori zitameze ni esheshatu.

-Keza yarababaye kubera ko ibigori bye bitameze byose.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Abana bakore imyitozo ikurikira

9 – 5 =

7 – 2 =

3 – 3 =

10 – 8 =

3.2. Umukoro wo mu rugo

Andika iyi myitozo ku kibaho maze abana bayandukure mu makayi yabo hanyuma baze kuyikorera mu rugo:

7 – 2 = 5 – 5 =

3 – 1 = 8 – 4 =

10 – 3 =

ISOMO RYA 5 – GUKURAMO 6, 7, 8, 9 NA 10

ICYITONDERWA - *Abana nibamara kumenyera gukina udukino two kubara mu mutwe, bashishikarize 'kuba mwarimu' maze babaze bagenzi babo ibibazo by'imibare.*

Intego y'isomo:
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukora imyitozo yo gukuramo 6, 7, 8, 9, 10 (umubare utarenze icumi).

Imfashanyigisho:
- Utubarisho 10 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana — iminota 2

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10

Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1kugera ku10 ku murongo utambitse. Bwira abana baririmbe injyana y'imibare:
- Bagenda basimbuka umubare umwe umwe guhera kuri 2. Urugero 2… 4… 6… 8, bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma baza imbere..
- Bagenda basimbuka umubare umwe bahereye kuri 1.Urugero 1… 3… 5… 7….9 bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma baza imbere.
- Bagenda basimbuka imibare ibiri bahereye kuri 1. Urugero 1… 4… 7 bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma baza imbere.
- Bagenda basimbuka imibare ibiri bahereye kuri 3. Urugero 3… 6… 9 bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma baza imbere.
- Ririmbana n'abana indirimbo y'intoki kuva kuri 1 kugera ku10 bava inyuma baza imbere.

2. Isubiramo — iminota 3

- Andika ku kibaho uyu mwitozo: 6 -3 =
- Bwira abana bakorere mu matsinda ya babiri babiri maze berekane uko bakuramo iyo mibare bakoresheje intoki, utubarisho, cyangwa gushushanya utuziga.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

7 – 6 =

- Andika ku kibaho uyu mwitozo 7 – 6 =. Bwira abana bakore uwo mwitozo bakoresheje intoki. Barazamura intoki 7, hanyuma bahine 6, bagenda bahina rumwe rumwe. Noneho bavuge intoki zisigaye zizamuye.
- Andika igisubizo.
- Baza abana ibintu bakwifashisha mu gukuramo (intoki, utubarisho cyangwa gushushanya utuziga).

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukuramo 6, 7, 8, 9 na 10 (Babiri babiri)
- Andika iyi myitozo ku kibaho :
  7 – 6 = 6 – 6 = 9 – 8 = 9 – 7 = 10 –10 =
- Abana bayandukure mu makaye yabo hanyuma bakorere mu matsinda ya babiri babiri, bifashishije utubarisho, intoki cyangwa gushushanya utuziga, maze bashake igisubizo. Bwira amatsinda amwe atange igisubizo.

Umwitozo wa 2 – Gukuramo 6, 7, 8, 9 na 10 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Buri mwana ku giti cye)
- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gukuramo 6, 7, 8, 9, 10 (umubare utarenze 10) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)
  MK/REB P.29, **MK** P.44, **JKF** P.57-60, **LONGHORN** P.65, 66

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikore.
10 – 10= 9 – 9 = 8 – 7 = 9 – 8=

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana baze kuyikorera mu rugo.
10 – 10= 9 – 8 = 8 – 7 = 8 – 6=

ISOMO RYA 6 – IMYITOZO YO GUKURAMO NO GUTERANYA

ICYITONDERWA - *Imyitozo yo kubara mu mutwe igomba kugira umwanya uhoraho mu masomo y'imibare mu mashuri abanza yose.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukora imyitozo yo guteranya no gukuramo	• Utubarisho 10 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana — iminota 2

Mukine mwihuta agakino kitwa: "Kuramo gatanu". Mukoresheje imibare kuva kuri 5 kugera ku 10.

2. Isubiramo — iminota 3

Mukine mwihuta agakino kitwa "Intoki zihinnye ni zingahe?". Zamura intoki kuva kuri 1kugera ku10. Abana barahita bavuga umubare w'intoki zihinnye (ni ukuvuga izo batabona). Buri gihe ujye uhita wandika igisubizo ku kibaho.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Ibukiranya n'abana uko bateranya imibare, igiteranyo kitarenze 10, n'uko bakuramo imibare (itarenze 10).
- Andika iyi myitozo ku kibaho maze abana bayikore bifashishije utubarisho, intoki cyangwa gushushanya utuziga:

  7 – 6 =

  9 – 8 =

  1 + 9 =

  7 + 2 =

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 - Imyitozo yo guteranya no gukuramo – (babiri babiri)

- Andika iyi myitozo ku kibaho :

  7 +2= 9 – 9 = 8 – 4 = 3 + 3 =

- Abana bayandukura mu makaye yabo nyuma babiri babiri, bifashishije utubarisho, intoki cyangwa gushushanya utuziga bashake ibisubizo.

Umwitozo wa 2 – Imyitozo yo guteranya no gukuramo – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Buri mwana ku giti cye)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no guteranya no gukuramo iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)

  MK/REB P.20-24, **MK** P.27-30, 41, 44, **JKF P**.48, 49, 52-60, **LONGHORN** P.54, 56, 59,60

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikore:

1 + 6 = 7– 5 = 4 +3= 2 – 2=

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayandukure mu makayi yabo hanyuma baze kuyikorera mu rugo:

9 – 3 = 4 + 5 = 8 – 6= 9 – 9= 7+2=

ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 4 N'ICYA 5

Bwira umwana akore ukwe. Abandi bana ntibagomba kumva ibisubizo bya bagenzi babo.

Ikibazo cya 1 – Ereka umwana buri mubare muri iyi ikurikira, maze umubaze avuge umubare abona akuye kabiri muri uwo mubare.

7 5 3 2 6

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yakoze neza ikibazo kimwe cyangwa nta na kimwe yakoze	Yakoze neza ibibazo kuva kuri bibiri kugera kuri bitatu	Yakoze neza ibibazo byose uko ari bitanu

Ikibazo cya 2 – Bwira abana bakore ibibazo byo gukuramo no guteranya bikurikira:
Ushobora kubareka bagakoresha utubarisho niba bikenewe.

7 - 7 = 9 - 8 = 6 + 3 =
8 - 2= 4 + 5 = 1 +1 =

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yakoze neza ibibazo bibiri cyangwa biiri munsi yabyo	Yakoze neza ibibazo kuva kuri bitatu kugera kuri bine	Yakoze neza ibibazo byose uko ari bitandatu

Ikibazo cya 3 – Baza umwana akubwire ibimenyetso yakoresha mu kugereranya ingero zikuririkira: <, >, =

m1 ☐ m 2 m 4 ☐ m 3
m2 ☐ m 1 m 2 ☐ 2m

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yakoze neza ikibazo kimwe	Yakoze neza ibibazo biri hagati ya bibiri na bitatu	Yakoze neza ibibazo byose

ICYUMWERU CYA 6

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Guteranya ingero z'uburebure ziri muri metero (m) (igiteranyo kitarenga m 10)	• Guteranya ingero z'uburebure ziri muri metero (m) (igiteranyo kitarenze m 10)	• Guca imirongo ireshya (imorongo ihagaze, itambitse n'iberamye).	• Gukuramo ingero z'uburebure ziri muri metero (m) (mukoreshe imibare itarenze 10	• Gukuramo ingero z'uburebure ziri muri metero (m) (mukoreshe imibare itarenze 10).	• Guteranya no gukuramo ingero z'uburebure muri (m) (igiteranyo kitarenze m 10, imibare yo gukuramo ntirenge m10)	• Gutsindagira ibyizwe
Udukino two kubara mu mutwe	• Ongeraho rimwe • Intoki zihinnye ni zingahe?	• Ongeraho kabiri	• Ongeraho gatatu	• Kuramo rimwe • Intoki zihinnye ni zingahe?	• Kuramo kabiri	• Kuramo gatatu	
Indirimbo n'injyana	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku10 • Indirimbo y'intoki kuva kuri 1 kugera ku 10	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku10	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku10	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku10	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku10	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku10	
Udukino two kubara	• Ni metero zingahe?	• Ni metero zingahe? • Intoki zihinnye ni zingahe?	• Ni uwuhe murongo? • Shakisha	• Ni uwuhe mubare?		• Intoki zihinnye ni zingahe? • Hasigaye metero zingahe?	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.91	P.91	P.76, 79, 83, 84	P.91	P.91	P.91	
MK	P.46	P.46	P.56	P.48	P. 48	P.46, 48	
JKF	P.64	P.64	P.66	P.65, 87	P.65	P.64, 65	
LONGHORN	P.102	P.102	P.85, 87, 95	P.103	P.103	P.102, 103	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

10	**"Ni uwuhe mubare?"** • Andika umubare ku kibaho. • Abana bahite bawuvuga. Wusibe maze wandike undi mubare. Komeza uwo mwitozo urushaho kwihuta.
	"Intoki zihinnye ni zingahe?" (Ishuri ryose) • Zamura umubare runaka w'intoki z'ibiganza byombi. • Abana bavuge umubare w'intoki zihinnye.
	"Ni uwuhe murongo?" (Mu matsinda ya babiri babiri) • Umwana umwe ashushanye n'urutoki umurongo ugororotse cyangwa uhese, ku meza cyangwa mu ikaye maze abaze mugenzi we ati: Ni uwuhe murongo? Undi arasubiza uko abyumva. Bahite bahinduranya.
	"Ongeraho/Kuramo 1" (cyangwa 2 cyangwa 3)...(Ishuri ryose) • Vuga umubare (Urugero: 6). • Abana bavuge umubare babona bongeyeho cyangwa bakuyemo 1. Bwira abana basubirize icyarimwe.
	**Kora ku kibaho (Mu matsinda)** • Andika imibare ku kibaho. • Bwira abana batandatu baze imbere bakore imirongo ibiri, umwe kuri buri ruhande rw'ikibaho. • Basobanurire ko nuvuga umuhiriko, abana bari imbere baratanguranwa gukora ku gisubizo. • Umwana ugikozeho bwa mbere itsinda rye ribona inota. Basubira ku mirongo yabo ariko inyuma, maze abandi bari imbere nabo bakitegura gukina. Itsinda ritanze irindi kugira amanota atatu riba ritsinze.
	"Ni metero zingahe?" • Ereka abana imigozi ibiri urugero m2 na m3. Bwira umwana umwe aze imbere maze apime umugozi wa mbere. Bwira undi mwana aze apime umugozi wa kabiri. Andika ibipimo babonye ku kibaho. Baza abana bavuge igiteranyo cy'uburebure bw'iyo migozi yombi.
	"Hasigaye metero zingahe?" • Hitamo mu ishuri ibikoresho bibiri byo gupima (muri metero). Bwira umuhungu aze apime igikoresho kimwe. Bwira umukobwa aze apime ikindi gikoresho. Baza abana ikinyuranyo cy'uburebure bw'ibyo bintu byombi muri metero.

ISOMO RYA 1 – GUTERANYA INGERO Z'UBUREBURE ZIRI MURI METERO (m)

ICYITONDERWA - *Bwira abana ko iyo bateranya ingero z'uburebure, bateranya imibare nk'uko bisanzwe hanyuma igisubizo bakacyandika inyuma ya metero.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Guteranya ingero z'uburebure bw'ibintu binyuranye muri metero (nturenze m 10).	• Terefone (M-P1-T2-W6-L1) • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Reba neza ko abana bose bafite imigozi ireshya na metero 1.

2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30



- Ririmbana n'abana indirimbo y'ibiganza (intoki 10).
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Ongeraho 1."
- Fasha abana gutahura no gukora imyitozo ijyanye no guteranya ingero z'uburebure muri metero, mwifashishe gushushanya udukoni tugaragaza metero mugiye guteranya.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Koresha abana imyitozo yo guteranya ingero z'uburebure muri metero. Bifashishe gushushanya udukoni kandi bakorere mu matsinda ya babiri babiri.
- Kinisha abana agakino ko kubara vuba: 'Intoki zihinnye ni zingahe?
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru kari hano munsi.
- Baza abana uko bateranya ingero z'uburebure muri metero.

Agakuru k'imibare

Manzi afite umwenda ureshya na metero 2. Mukuru we afite umwenda ureshya na metero 3. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru k'imibare:

-Umwenda wa Manzi ni mugufi ku wa mukuru we.

-Duteranyije uburebure bw'iyo myenda yombi ni metero 5.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Andika imyitozo ikurikira maze abana bayikore:

m 3 + m 4 = m____

m 8 + m 2 = m____

m 1 + m 7 = m____

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana bapime uburebure bw'impande ebyiri z'ikintu kiri i wabo mu rugo maze baze guteranya metero babonye. Mu isomo rikurikira bazabwire abandi ibyo babonye.

ISOMO RYA 2 – GUTERANYA INGERO Z'UBUREBURE ZIRI MURI METERO (m)

ICYITONDERWA - *Muri iri somo uzakenera umugozi wa metero 4 n'undi wa metero 5.*

Intego y'isomo:
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Guteranya ingero z'uburebure ziri muri metero (nturenze m 10).

Imfashanyigisho:
- Umugozi wa m 2.
- Umugozi wa m 4.

1.Gukangura abana — minota 2

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10

Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1 kugera ku10 ku murongo utambitse. Bwira abana baririmbe injyana:
- bagenda basimbuka umubare umwe, bahereye kuri 2. Urugero 2… 4… 6., babare bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma baza imbere.
- Bongere bayiririmbe bahereye kuri 1. Urugero 1…3… 5… 7… 9, babare bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma baza imbere.

2. Isubiramo — iminota 3

- Baza abana ibyo bapimye mu rugo nyuma y'isomo riheruka. Andika ibyo babonye ku kibaho.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

m 2 + m 4 = m___

- Fata umugozi wa metero 2 n'uwa metero 4.
- Bwira umwana aze imbere apime umugozi wa mbere maze wandike ibyo abonye ku kibaho. Bwira undi mwana aze apime uburebure bw'umugozi wa kabiri maze wandike ibyo na we yabonye ku kibaho. Egeranya iyo imigozi ku buryo imitwe yombi ikorana maze ubwire abana bateranye uburebure bwayo.
- Baza abana uko twandika uwo mwitozo, niba dushaka guteranya metero 2 na metero 4. Andika ku kibaho uyu mwitozo: m2 + m4 =m___ Sobanurira abana uko bateranya izo ngero. Noneho babwire baziteranye. Hanyuma ubwire umwana umwe aze yandike igisubizo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 : Guteranya ingero z'uburebure ziri muri metero (Babiri babiri)

- Andika iyi myitozo ku kibaho:

  m 1 + m 5 = m___ m 3 + m 7 = m___
  m 4 + m 6 = m___ m 5 + m 2 = m___
- Bwira abana bayandukure mu makaye yabo, maze mu matsinda ya babiri babiri, bakoreshe gushushanya udukoni maze bashake igisubizo. Gendagenda mu ishuri ufasha abana byagoye.
- Bwira amatsinda amwe aze yandike igisubizo.

Umwitozo wa 2 : Guteranya ingero z'uburebure ziri muri metero – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Babiri babiri)
Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no guteranya ingero z'uburebure ziri muri metero (zitarenze m 10) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)
MK/REB P.91, **MK P.46**, **JKF P.64**, **LONGHORN P.102**.

4.Isuzumabumenyi — iminota 8

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikore:
m 3 + m 7 = m___ m 5+ m 4 = m___ m 6 + m 2= m___ m 1 + m 2= m___

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Andika iyi myitozo ku kibaho abana baze kuyikorera mu rugo:

  m 1 + m 3 = m____
  m 1 + m 1 = m____
  m 4 + m 6 = m____

ISOMO RYA 3 – GUCA IMIRONGO IRESHYA

ICYITONDERWA - *Bwira abana bitegereze mu ishuri bavuge ubwoko bw'imirongo babona. Babwire batekereze imirongo babona hirya no hino, urugero muri siporo. Izamu rigizwe n'ubuhe bwoko bw'umurongo?*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Guca imirongo ireshya.	• Mwarimu azakenera agacamurongo.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine mwihuta aka gakino: "Ongeraho gatatu". Vuga umubare kuva kuri 1 kugera kuri 7. Abana barahita bavuga umubare babona bateranyijeho 3.

2.Isubiramo **iminota 3**

- Mukine aka gakino: "Ni uwuhe murongo?" Ca umurongo ku kibaho maze abana bavuge izina ryawo. Wusibe maze wongere usubiremo uwo mwitozo ukoresheje indi mirongo (umurongo uhagaze, utambitse, uberamye).

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Ca ku kibaho imirongo isa, harimo imwe ireshya n'indi itareshya. Bwira abana bavuge imirongo ireshya. Komeza uwo mwitozo ukoresheje imirongo iberamye n'itambitse. Baza abana uko bamenya imirongo ireshya. Fata umwe mu migozi maze upime umwe mu mirongo, ushyire ikimenyetso aho uwo murongo ugera, maze ugereranye upima indi mirongo.
- Ereka abana uko bashobora gukoresha utuzu turi mu makayi yabo mu guca imirongo ireshya.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gushushanya imirongo (babiri babiri)

- Umwana umwe ashushanya umurongo mu ikaye ye. Mugenzi we ashushanya undi murongo bireshya iruhande rwawo. Nyuma bahinduranye.

Umwitozo wa 2 – Imirongo ireshya – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana ukwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye n'imirongo ireshya iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)

MK/REB P 76, 79, 83, **MK** P.56, **JKF** P.66; **LONGHORN** P.85

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Bwira abana bashushanye mu makaye yabo imirongo ibiri ireshya, bifashishe utuzu turi mu makaye yabo.

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bwira abana baze kwitegereza iwabo barebe ahari imirongo ireshya. Maze bazavuge ibyo babonye mu isomo rikurikira.

ISOMO RYA 4 – GUKURAMO INGERO Z'UBUREBURE ZIRI MURI METERO (m)

ICYITONDERWA - *Muganire n'abana ku bintu babona buri munsi birimo gukuramo ingero z' uburebure.Urugero: gukata igitambaro, umugozi wa metero.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukuramo ingero z'uburebure ziri muri metero (bitarenze m 10).	• Umugozi wa metero. • Terefone (M-P1-T2-W6-L4). • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Baza abana bavuge ku mukoro wo mu rugo uheruka. Ni ibihe bintu babonye bifite imirongo ireshya?

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

m6 - m2 = m___

- Ririmbana n'abana indirimbo y'ibiganza (intoki 10).
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe "Kuramo 1".
- Fasha abana gutahura uko bakuramo ingero z'uburebure muri metero. Mwifashishe gushushanya udukoni tungana na metero mugiye gukuramo.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Koresha abana imyitozo yo gukuramo ingero z'uburebure muri metero (m6 - m2=m___). Bifashishe gushushanya udukoni, kandi bakorere mu matsinda ya babiri babiri.
- Kinisha abana agakino ko kubara vuba: "Intoki zihinnye ni zingahe?"
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana uko bakuramo ingero z'uburebure muri metero.

Agakuru k'imibare

Kamariza yaguze umugozi wa metero 8. Hanyuma ahaho mukuru we umugozi wa metero 3. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Kamariza yasigaranye umugozi wa metero 5.

-Kamariza afite umugozi usumba uwa mukuru we.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Abana bakore imyitozo ikurikira:

m9 - m1 = m___

m6 - m2 = m___

m5 - m5= m___

3.2. Umukoro wo mu rugo

- Bwira abana baze gupima ibintu bibiri biri mu rugo i wabo maze bashake ikinyuranyo kiri mu burebure bwabyo. Bazakubwire ibyo babonye ku munsi ukurikiraho.

ISOMO RYA 5 – GUKURAMO INGERO Z'UBUREBURE ZIRI MURI METERO (m)

ICYITONDERWA -*Reba niba abana bakoze umukoro wo mu rugo, maze ubahe akanya ko kuvuga ibyo babonye.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukuramo ingero z' uburebure ziri muri metero (zitarenze m 10).	• Umugozi wa metero

1.Gukangura abana — iminota 2

Mukine mwihuta agakino: "Kuramo kabiri" mukoresheje imibare kuva kuri 2 kugera ku10. Vuga umubare kuva kuri 2 kugera ku10 maze abana bavuge umubare babona bakuyemo 2.

2. Isubiramo — iminota 3

- Bwira abana bavuge ku bintu byo mu rugo bapimye nyuma y'isomo riheruka. Ese basanze ibyo bintu bireshya? Niba bitarareshyaga, icyasumbaga ikindi ni ikihe? Nibavuge ikinyuranyo babonye muri metero. Andika bimwe mu byo babonye ku kibaho.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

m 7 – m 6 = m —

- Andika ku kibaho umwitozo uhereye ku byo abana babonye. Urugero: m 7 – m 6 = m___
- Bwira abana bajye mu matsinda ya babiri babiri, maze babyerekane bakoresheje gushushanya udukoni. Bashushanye udukoni turindwi tugaragaza metero 7. Hanyuma bacishe akarongo mu dukoni 6, bigaragaza ko bakuyemo metero 6. Hanyuma babare udukoni dusigaye maze bandike igisubizo muri metero.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukuramo ingero z' uburebure ziri muri metero (Babiri babiri)

Andika iyi myitozo ku kibaho:

m 10 – m 3= m — m 10 – m 8 = m — m 7 – m 1 = m —

m 8 – m 5 = m — m 9 – m 6= m —

Bwira abana bayandukure mu makaye yabo maze mu matsinda ya babiri babiri, bakoreshe gushushanya udukoni tungana na metero babahaye hanyuma bacishe akarongo mu dukoni tungana na metero bakuramo maze bashake igisubizo. Bwira amatsinda amwe aze abwire abandi igisubizo yabonye.

Umwitozo wa 2 – Gukuramo ingero z'uburebure ziri muri metero –
IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana ukwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gukuramo ingero z' uburebure ziri muri metero (zitarenze m 10) (koresha ibitabo ishuri rifite)
  MK/REB P.91; **MK** P.48; **JKF** P.65; **LONGHORN P.103**

4.Isuzumabumenyi — iminota 8

Andika imyitozo ikurikira maze abana bayikore:

m 9 – m 3= m — m 10 – m 6 = m —

m7 – m 4= m — m 2 – m 2= m —

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Andika iyi myitozo ku kibaho:
  m 10 – m 4 = m — m 9 – m 6 = m — m 8 – m 8 = m —
  Abana bayandukure mu makaye yabo maze baze kuyikorera mu rugo.

ISOMO RYA 6 – GUKURAMO NO GUTERANYA INGERO Z'UBUREBURE ZIRI MURI METERO (m)

ICYITONDERWA - *Ku birebana no gukuramo no gureteranya ingero z'uburebure, shishikariza abana kwerekana metero bakoresheje ibishushanyo.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukora imyitozo yo guteranya no gukuramo ingero z'uburebure ziri muri metero.	• Umugozi wa metero.

1.Gukangura abana — iminota 2

Mukine mwihuta agakino: "Kuramo gatatu". Mukoreshe imibare kuva kuri 3 kugera ku10.

2. Isubiramo — iminota 3

- Mukine agakino: "Hasigaye metero zingahe?" Baza abana bavuge urukuta rw'ishuri rurerure (mu butambike) kurusha izindi. Fatanya na bamwe mu bahungu maze mupime uburebure (mu butambike) bw' urukuta rw'imbere, hanyuma wandike ibipimo ku kibaho. Fatanya n'abakobwa bamwe mupime uburebure mu butambike bw'urukuta rwo ku ruhande maze wandike ibipimo ku kibaho. Andika umwitozo urimo ibipimo babonye ku kibaho maze mukuremo bya bipimo bibiri kugira ngo mubone ikinyuranyo cy'uburebure buri hagati y'inkuta zombi.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Andika ku kibaho uyu umwitozo: m 1 + m 3 = m —. Bwira abana babiri baze imbere n'imigozi yabo maze berekane uko bateranya izo ngero.
- Subira muri uwo mwitozo n'uyu muhiriko: m5 – m 2 = m —. Bwira abana 5 baze imbere n'imigozi yabo maze berekane uko bakuramo izo ngero.
- Bwira abana bose basubiremo iyo myitozo, bakoresheje gushushanya udukoni tugaragaza metero babahaye. Hanyuma bashake igisubizo.
- Sobanurira abana ko mu guteranya cyangwa gukuramo ingero z'uburebure babanza bagateranya cyangwa bagakuramo imibare babahaye, nk'uko basanzwe babikora, hanyuma igisubizo kikandikwa inyuma ya m, kugira ngo bigaragare ko igisubizo kiri muri m.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 - Guteranya no gukuramo ingero z'uburebure ziri muri metero – (babiri babiri)

- Andika iyi myitozo ku kibaho:

  m 10 – m 5= m — m 5 + m 5 = m—

  m 9 – m 8= m — m 10 – m 2= m—
- Bwira abana bayandukure mu makaye yabo maze bashake igisubizo.bakoreshe gushushanya.

Umwitozo wa 2 – Guteranya no gukuramo ingero z'uburebure ziri muri metero – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana ukwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no guteranya no gukuramo ingero z'uburebure (koresha ibitabo ishuri rifite) **MK/REB** P.91, **MK** P.48, **JKF** P.65, **LONGHORN** P.103

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikore.

m 10 – m 7= m___ m 4 + m 5= m___ m 3 + m 3 = m___

m 9 – m 1 = m___ m 7 – m 2 = m___

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika ku kibaho iyi myitozo maze abana baze kuyikorere mu rugo:

m 2 + m 7 = m__ m 1+ m 8 = m__ m 9 – m 5 = m___

ICYUMWERU CYA 7

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Amahurizo yo guteranya (igiteranyo kitarenze 10)	• Amahurizo yo guteranya (igiteranyo kitarenze 10)	• Iminsi y'icyumweru	• Amahurizo yo gukuramo (koresha imibare itarenze 10)	• Amahurizo yo gukuramo (gukoresha imibare itarenze 10)	• Amahurizo yo guteranya (igiteranyo kitarenze10) • Amahurizo yo gukuramo (koresha imibare itarenze10)	• Isuzumabumenyi
Udukino two kubara mu mutwe/vuba	• Nyeraka uwo mubare	• Ongeraho kabiri • Ni kangahe wabonye?	• Intoki zihinnye ni zingahe?	• Intoki zihinnye ni zingahe? • Kuramo kabiri	• Intoki zihinnye ni zingahe? • Kuramo kabiri	• Kuramo kabiri • Ongeraho kabiri	
Indirimbo n'injyana	• Injyana y'imibare kuva 1kugera ku10	• Injyana y'imibare kuva 1kugera ku10 basimbuka umubare umwe, hanyuma ibiri	• Injyana y'imibare kuva 1kuva kugera ku10 basimbuka umubare umwe, hanyuma ibiri	• Injyana y'imibare kuva 1kugera ku 10 basimbuka umubare umwe, hanyuma ibiri	• Injyana y'imibare kuva kuri1 kugera ku10 basimbuka umubare umwe, hanyuma ibiri	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera ku10 basimbuka umubare umwe, hanyuma ibiri	
Udukino two kubara	• Shushanya, uteranye • Ongeraho kabiri	• Shushanya, uteranye	• Uyu munsi ni kuwa kangahe ? • Guhuza iminsi y'icyumweru n'imibare	• Shushanya, ukuremo	• Shushanya, ukuremo	• Shushanya, uteranye • Shushanya, ukuremo	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	-	-	P.93	P, 28.31	P, 28,31	P.28, 31	
MK	P.49, 50	P.49, 50	P.54, 55	P.51, 52, 53	P. 52, 53	P. 50 -53	
JKF	P.61, 62	P.61, 62	P.69, 70	P.63	P.63	P.61, 62, 63	
LONGHORN	P.62, 63	P.62, 63	P.108	P.69, 70	P.69, 70	P.62, 63, 69,70	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

9	**"Nyeraka uwo mubare"** • Vuga umubare cyangwa uwandike, urugero 9. Abana barahita bazamura intoki zingana n'uwo mubare. Komeza ako gakino ukoresheje indi mibare.
	"Intoki zihinnye ni zingahe?" (Ishuri ryose) • Zamura umubare nunaka w'intoki ukoresheje ibiganza byombi. • Abana bahite bavuga umubare w'intoki babona. • Kuri uru rugero, abana baravuga intoki 8.
	"Ongeraho cyangwa Kuramo 1" (cyangwa 2 cyangwag 3)...(Ishuri ryose) • Vuga umubare (Urugero: 3). • Abana bahite bavuga umubare babona bateranyijeho cyangwa bakuyemo 1. Bwira abana basubirize icyarimwe.
1 + 3 + 2 = 6	**"Shushanya, uteranye"** • Abana bashushanye utudomo kugira ngo berekane uko ihurizo riteye • Babare utudomo maze baduteranye • Batange igisubizo.
	"Ni kuwa kangahe?" • Zamura urutoki, rumwe rumwe, kuva kuri rumwe kugera kuri zirindwi maze abana bagende bavuga umunsi uhwanye n'umubare w'intoki uberetse.
 8 - 5 = 3	**"Shushanya, ukuremo"** • Abana bashushanye utudomo kugira ngo berekane uko ihurizo riteye • Babare utudomo maze bacishe akarongo mu tudomo duhwanye n'umubare bakuramo. • Batange igisubizo.

ISOMO RYA 1 – AMAHURIZO YO GUTERANYA

ICYITONDERWA - *Mu gihe ukora ihurizo ku kibaho, rikore uvuga ku buryo abana basobanukirwa uko ukora, kandi nyuma bashobore kukwigana.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukora amahurizo yo guteranya (igiteranyo kitarenze10).	• Utubarisho: udukoni cyangwa utubuye 10 kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T2-W7-L1). • Indangururamajwi.

1.Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Reba ko abana bose bafite utubarisho 10 two kubariraho.

2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

4 + 3 = 7
3 + 2 + 4 =9

- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe"Ongeraho 2"
- Kinisha abana agakino ko kubara vuba "Nyereka uwo mubare"
- Fasha abana gutahura uko bakora amahurizo yo guteranya, ukoresheje agakino "Shushanya, uteranye"
- Fasha abana gukora ihurizo banyuze mu nzira ya: "Shushanya,'uteranye"
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Koresha abana ihurizo ryo guteranya banyuze mu nzira ya "Shushanya, uteranye". Bakorere mu matsinda ya babiri babiri.
- Kinisha abana agakino ko kubara vuba "Nyereka uwo mubare".
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano hasi.
- Baza abana inzira banyuramo bakora amahurizo yo guteranya.

Agakuru k'imibare

?

Sara afite ingurube 5 n'ibibwana byazo 3. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Sara afite ingurube umunani zose hamwe.

-Umubare w'ingurube nkuru uruta uw'ibibwana.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

- Somera abana ihurizo rikurikira maze ubabwire barikore bakoresheje uburyo bize: Shushanya, uteranye. Ubibutse ko: Ubwambere bashushanya ibivugwa mu ihurizo. Ubwakabiri bakabibara kandi bakabiteranya. Ubwanyuma bagatanga igisubizo:

  Kanyange arimo gufasha nyina gutoragura amagi y'inkoko. Yabanje gutora amagi 2, nyuma atora 4 nyuma 1. Kanyange yatoraguye amagi angahe?

3.2. Umukoro wo mu rugo

Andika ihurizo rikurikira ku kibaho maze abana baryandukure mu makaye yabo. *Kalisa afite imipira 3 minini n'imipira 3 mito. Erekana umubare w'imipira Kalisa afite.*

ISOMO RYA 2 – AMAHURIZO YO GUTERANYA

ICYITONDERWA - *Shishikariza abana kwitabira ibikorerwa mu ishuri. Jya ucishamo uhamagare abana baze ku kibaho cyangwa bakorere mu matsinda. Irinde kuba wafata umwanya uruta uw'umwana.*

Intego y'isomo:
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora:
- Gukora amahurizo yo guteranya (igiteranyo kitarenze10).

Imfashanyigisho:
- Utubarisho 10 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana — iminota 2

Mukine mwihuta aka gakino: "Ongeraho kabiri". Vuga umubare kuva kuri 2 kugera ku10 maze uwerekane ukoresheje intoki. Abana barahita bavuga umubare babona bateranyijeho 2.

2. Isubiramo — iminota 3

- Baza abana inzira banyuramo kugira ngo bakore ihurizo ryo guteranya. Shushanya ibivugwa mu ihurizo. Bibare maze ubiteranye. Tanga igisubizo.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Vuga ihurizo rikurikira: *Gatete yariye amandazi menshi. Yabanje kurya rimwe, hanyuma arya atatu, arongera arya abiri. Ubwo yariye amandazi angahe?* Baza abana uti: *Turabanza gukora iki*? Kubishushanya. Ongera uvuge iryo hurizo mu gihe urimo guca inziga ku kibaho zigaragaza amandazi Gatete yariye. Urugero:
- *Yariye irindazi 1* – Ca uruziga rumwe.
- *Arongera arya 3* – Ca inziga eshatu.
- *Nyuma arya andi 2* - Ca inziga ebyiri.
- Baza abana uti*: Turakurikizaho iki? Turabara maze duteranye*. Fatanya n'abana kubara izo nziga maze wandike imibare 1… 3… 2 munsi ya buri tsinda ry'inziga zihwanye n'uwo mubare. Hanyuma nurangiza muteranye izo nziga zose hamwe. Baza abana uti: *Turakurikizaho iki*? Gutanga igisubizo. Ereka abana uko bandika: 1 + 3 + 2= 6.
- Ongera usobanurire abana iyo nzira banyuramo mu gukora ihurizo ryo guteranya.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Amahurizo yo guteranya (Babiri babiri)
- Bwira abana bakore ihurizo rikurikira, mu matsinda ya babiri babiri, intambwe ku y'indi:
  - *Mahoro afite biye mu mufuka: eshatu ziratukura, ebyiri zirera naho enye ni icyatsi. Ubwo afite biye zingahe?*
- Subiramo iryo hurizo inshuro nyinshi kugira ngo abana bibuke umubare wa biye za buri bara. Gendagenda mu ishuri ureba uko abana barimo gukora iryo hurizo. Bwira itsinda rimwe rize imbere ryereke abandi bana uko ryabonye igisubizo.

Umwitozo wa 2 – Amahurizo yo guteranya – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana ukwe)

Fasha abana gukora imyitozo ijyanye n'amahurizo yo guteranya (igiteranyo kitarenze10) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)

MK P.49, 50, **JKF** P.61, 62, **LONGHORN** P.62, 63

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Somera abana iri hurizo rikurikira maze barikore banyuze mu nzira babonye.
  Mama wa Kalisa akunda kumuzanira imbuto. Ubwa mbere yamuzaniye amatunda 4. Ubwa kabiri amuzanira imyembe 3. Ubwa nyuma amuzanira amacunga 2. Ubwo yamuzaniye imbuto zingahe zose hamwe?

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana bandike ihurizo rikurikira maze nibagera mu rugo baze kurikora. Bifashishe gushushanya utudomo tugaragaza ibivugwa mu ihurizo. *Muhire afite amakaramu 3 Mama we amuha amakaramu 2. Papa we amuha amakaramu 4. Erekana umubare w'amakaramu Muhire afite.*

ISOMO RYA 3 – IMINSI Y'ICYUMWERU

ICYITONDERWA - *Himba akaririmbo koroshye ko kwigisha iminsi y'icyumweru muri iri somo*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kuvuga amazina y'iminsi y'icyumweru.	• Indirimbo y'iminsi y'icyumweru

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine mwihuta agakino: "Intoki zihinnye ni zingahe?" Zamura umubare runaka w'intoki ukoresheje ibiganza byombi. Abana bahite bavuga umubare w'intoki zihinnye.

2.Isubiramo **iminota 3**

Baza abana inzira banyuramo mu gukora amahurizo yo guteranya?
- Shushanya ibivugwa mu ihurizo.
- Bibare maze ubiteranye.
- Tanga igisubizo.

3. **Isomo rishya** **iminota 25**

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Baza abana niba iminsi yose ari imwe. Ese hari iminsi bakora ibintu bitandukanye? Ese baza ku ishuri buri munsi? Niba bataza, babwirwa n'iki ko ari umunsi wo kuza ku ishuri cyangwa kutajyayo? Basobanurire ko iminsi ifite amazina kandi hakaba iminsi irindwi mu cyumweru.
- Bwira abana amazina y'iminsi uko ari irindwi.
- Baza abana iminsi baza ku ishuri. Babaze iminsi bataza ku ishuri.
- Bwira abana izina ry'uyu munsi maze ubabwire barisubiremo.
- Andika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7 maze ubwire abana iminsi y'icyumweru ijyanye n'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7. Babwire uko iminsi ihura n'iyo mibare. Igisha abana indirimbo y'iminsi y'icyumweru.
- Wifashishije iminsi y'icyumweru, sobanurira abana uko amagambo: ejo (hashize), ejobundi hashize, ejo (hazaza) n'ejobundi (hazaza) akoreshwa.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Iminsi y'icyumweru – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana ukwe)
- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye n'iminsi y'icyumweru iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)

MK/REB P 93, **MK** P.54,55, **JKF** P.69,70, **LONGHORN** P.108.

Umwitozo wa 2 –Ni ku wa kangahe? (Ishuri ryose)

Mukine agakino: "Guhuza iminsi y'icyumweru n'imibare" (mukoreshe intoki).
- Zamura umubare runaka w'intoki uri hagati ya rumwe na zirindwi
- Uko uzamuye umubare w'intoki, abana bavuge umunsi bihwanye.

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Nimwongere mukine agakino: "Guhuza iminsi y'icyumweru n'imibare" (mukoreshe intoki).
- Zamura umubare runaka w'intoki uri hagati ya rumwe na zirindwi.
- Uko uzamuye umubare w'intoki, abana bavuge umunsi bihwanye.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Bwira abana baze gukina: "Ni ku wa kangahe?" Bakine n'umuntu wo mu rugo. Umwe arajya avuga umubare uri hagati ya 1na 7 maze undi avuge umunsi bijyanye.

ISOMO RYA 4 – AMAHURIZO YO GUKURAMO

ICYITONDERWA - *Amahurizo agomba gushimisha abana. Yifashishe mu kubara udukuru. Ukoreshe amazina y'abana: ibi barabikunda cyane kuko buri wese aba ategereje kumva izina rye.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukora amahurizo yo gukuramo (imibare itarenze10).	• Utubarisho 10 kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T2-W7-L4). • Indangururamajwi.

1.Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Baza abana iby'umukoro wo mu isomo riheruka. "Uyu munsi ni kuwa kangahe?»

2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

- Kinisha abana udukino two kubara mu mutwe: -
  - "Kuramo 2"
  - "Intoki zihinnye ni zingahe?"
- Fasha abana gutahura uko bakora amahurizo yo gukuramo, ukoresheje agakino: "Shushanya, hanyuma ucishemo akarongo"
- Fasha abana gukora ihurizo ryo gukuramo banyuze mu nzira ya: "Shushanya, hanyuma ucishemo akarongo".
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku 10.
- Koresha abana ihurizo ryo gukuramo banyuze mu nzira ya 'Shushanya hanyuma ucishemo akarongo'. Bakorere mu matsinda ya babiri babiri.
- Kinisha abana agakino ko kubara vuba"Intoki zihinnye ni zingahe?''
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana inzira banyuramo bakora amahurizo yo gukuramo.

Agakuru k'imibare

Sara yari afite inkoko 8 maze agurishamo inkoko eshatu. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

- Sara asigaranye inkoko eshanu.

-Sara yongeye akagurisha inkoko imwe, yasigarana inkoko enye.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

- Somera abana ihurizo rikurikira (inshuro nyinshi) maze barikore bakoresheje uburyo bize: Bishushanye. Bara maze ucishemo akarongo. Vuga igisubizo. *Kira yagiye gufasha mama we gutoragura amagi y'inkoko. Batoraguye amagi icyenda ariko ane muri yo basanze yangiritse. Ubwo amagi mazima ni angahe?*

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana bandike ihurizo rikurikira mu makayi yabo. *Kamali yaciye ku giti amapera 10. Ayarebye neza asanga 4 muri yo yaraboze. Vuga umubare w'amapera mazima.*

Babwire baze gusobanurira umubyeyi cyangwa undi muntu wo mu rugo uko bakora iryo hurizo ryo gukuramo bakoresheje uburyo bize bwo gushushanya (ibivugwa mu ihurizo), bagacisha akarongo mu byo bakuramo nyuma bagatanga igisubizo.

ISOMO RYA 5 – AMAHURIZO YO GUKURAMO

ICYITONDERWA - *Si byiza ko abana bakuvugiramo. Mu gihe urusaku rubaye rwinshi, ibyiza ni ukubacecekesha.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'iri somo, abana baraba bashobora: • Gukora amahurizo yo gukuramo (imibare itarenze10).	• Utubarisho 10 kuri buri mwana

1. Gukangura abana — iminota 2

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10

- Andika ku kibaho imibare kuva kuri 1kugera ku10 ku murongo utambitse. Bwira abana baririmbe injyana:
- Bagenda basimbuka umubare umwe umwe guhera kuri 2. Urugero 2… 4… 6… 8 bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma baza imbere..
- Bagenda basimbuka umubare umwe bahereye kuri 1.Urugero 1… 3… 5… 7….9 bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma baza imbere.
- Bagenda basimbuka imibare ibiri bahereye kuri 1. Urugero 1… 4… 7 bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma baza imbere.
- Bagenda basimbuka imibare ibiri bahereye kuri 3. Urugero 3… 6… 9 bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma baza imbere.

2. Isubiramo — iminota 3

- Baza abana bakubwire inzira bacamo iyo bashaka gukora ihurizo ryo gukuramo.
  - o Shushanya (ibivugwa mu ihurizo)
  - o Bara maze ucishemo akarongo (mu byo ukuramo)
  - o Tanga igisubizo

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa



- Vuga ihurizo rikurikira: Gasaro yaciye indabo 8 maze 5 aziha murumuna we. Hasigaye indabo zingahe? Baza abana uti: Turabanza gukora iki? – Gushushanya ibivugwa mu ihurizo.
- Ongera usubiremo iryo hurizo ari ko uca inziga zisimbura indabo ku kibaho. Gasaro yaciye indabo 8 – Shushanya inziga 8 maze ubaze abana uti: *Turakurikizaho iki*? - Turabara maze ducishe akarongo mu nziga 5.
- Subiramo uvuge uti: yahaye murumuna we indabo – Cisha akarongo mu nziga 5. Turabara: Hasigaye zingahe? – Hasigaye inziga 3.
- Baza abana uti: Turakurikizaho iki? –Gutanga igisubizo. Ereka abana uko bandika: 8 – 5 = 3.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Amahurizo yo gukuramo (Babiri babiri)

- Bwira abana, mu matsinda ya babiri babiri, bakore ihurizo rikurikira, intambwe ku y'indi: Shushanya (ibivugwa mu ihurizo), bara maze ucishe akarongo mu byo ukuramo, maze utange igisubizo:

Kanyoni afite biye 10 mu mufuka kandi 6 muri zo ni igitare. Izitari igitare ni zingahe?

- Subiramo iryo hurizo inshuro nyinshi kugira ngo abana bashobore kwibuka umubare wa biye z'igitare. Gendagenda mu ishuri mu gihe abana barimo gukora iryo hurizo. Bwira itsinda rimwe rize imbere ryereke abandi bana uko babonye igisubizo.

Umwitozo wa 2 – Amahurizo yo gukuramo – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana ukwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye n'amahurizo yo gukuramo iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)
  MK/REB P. 28, 31; **MK** P.51, 52, 53; **JKF** P.63; **LONGHORN** P.69, 70

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Somera abana ihurizo rikurikira maze barikorere mu makayi yabo banyuze mu nzira babonye. *Mutesi yaguze amagi 8 ku isoko. Ageze mu rugo asanga amagi 3 yamenetse. Asigaranye amagi angahe?*

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana bandike ihurizo rikurikira mu makayi yabo. *Papa afite ibitabo 6. Ahamo abana ibitabo 4. Vuga umubare w'ibitabo asigaranye*

Babwire baze gukora iryo hurizo banyuze mu nzira yo gushushanya (ibivugwa mu ihurizo), bagacisha akarongo mu byo bakuramo nyuma bagatanga igisubizo. Baze kwereka umuntu wo mu rugo uko barikoze.

ISOMO RYA 6 – AMAHURIZO YO GUTERANYA NO GUKURAMO

ICYITONDERWA *- Umwana nasubiza nabi ntuzinge umunya. Hari ubwo byamuca intege ntiyongere gusubiza. Guharanira kumenya aho igisubizo cyavuye biruta guhita ubona igisubizo ubwacyo.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gukora amahurizo yo guteranya (igiteranyo kitarenze 10) no gukuramo (imibare itarenze10)	UtubaUtubarisho 10 kuri buri mwana

1.Gukangura abana **iminota 2**

• Mukine mwihuta agakino ko kubara mu mutwe: "Ongeraho kabiri" (mukoresheje imibare kuva kuri 0 kugera ku 8).

2.Isubiramo **iminota 3**

- Bwira abana basobanure inzira bacamo iyo bakora ihurizo ryo guteranya. Shushanya (ibivugwa mu ihurizo). Bara maze uteranye. Tanga igisubizo.
- Baza abana bavuge inzira bacamo iyo bakora ihurizo ryo gukuramo. Shushanya (ibivugwa mu ihurizo). Bara maze ucishemo akarongo(mu byo ukuramo). Tanga igisubizo.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Somera abana ihurizo rikurikira: *Mahoro afite imineke 4 n'imyembe 3. Ubwo afite imbuto zingahe?* Fasha abana gukora iryo hurizo banyuze mu nzira ijyanye n'amahurizo yo guteranya.
- Andika ku kibaho ihurizo rikurikira: *Hirwa afite biye 6, ebyiri yazihaye murumuna we; ubwo yasigaranye biye zingahe?*Fasha abana gukora iryo hurizo banyuze mu nzira ijyanye n'amahurizo yo gukuramo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Amahurizo yo guteranya no gukuramo – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana ukwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gukora amahurizo yo guteranya no gukuramo iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)

MK/REB P. 28, 31, **MK** P., 50-53**, JKF** P.61-63**, LONGHORN** P.62, 63,69, 70

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Somera abana ihurizo rikurikira maze barikore. *Keza yatoye udusaro 10. Ahaho murumuna we udusaro dutanu. Keza asigaranye udusaro tungahe?*

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Andika ihurizo rikurikira ku kibaho maze abana baryandukure hanyuma baze kurikorera mu rugo banyuze muri ya nzira babonye.

Mutoni, Kabera na Keza bafite amabiye atatu. Papa wabo yabahaye amabiye atanu. Vuga umubare w'amabiye Mutoni, Kabera na Keza bafite.

ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 6 N'ICYA 7

Bwira buri mwana akore ukwe. Abandi bana ntibagomba kubona ibisubizo bya bagenzi babo.

Ikibazo cya 1 – Baza umwana avuge umunsi ujyanye na buri mubare ukurikira: 2, 4, 5 na 6

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Nibyiza cyane
Yamenye iminsi iri munsi y'ibiri.	Yamenye iminsi iri hagati y'ibiri n'itatu.	Yamenye iminsi 4.

Ikibazo cya 2 – Bwira abana bace imirongo ireshya n'iyi ikurikira mu makayi yabo.

Akeneye ubufasha	Ni byiza cyane
Ntiyashushanyije imirongo ireshya n'iyi	Yashushanyije imirongo ireshya n'iyi

Ikibazo cya 3 – Bwira abana bakore ibibazo bikurikira byo guteranya no gukuramo ingero z'uburebure.

m 2+ m 7 = m___ m 1 + m 8 = m___ m 5 + m 3= m___

m 9 – m 6= m___ m 8 – m 7 = m___ m 4 – m 4 = m___

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yakoze neza ibibazo bibiri cyangwa biri munsi yabyo	Yakoze neza ibibazo biri hagati ya 3 na 4	Yakoze neza ibibazo byose

Icyitonderwa: Ni byiza cyane = amanota 3
Ni byiza = amanota 2
Akeneye gufashwa = inota 1

ICYUMWERU CYA 8

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Kubara, gusoma no kwandika kuva kuri 11 kugera kuri15	• Kubara, gusoma no kwandika kuva kuri 15 kugera kuri 20	• Kubara, gusoma no kwandika kuva kuri 11 kugera kuri 20	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 11 kugera kuri 15	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 16 kugera kuri 20	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 11 kugera kuri 20	• Gutsindagira ibyizwe
Udukino two kubara mu mutwe	• Ongeraho rimwe	• Ongeraho rimwe • Kuramo rimwe	• Ongeraho rimwe • Kuramo rimwe	• Ongeraho kabiri	• Ongeraho kabiri • Kuramo kabiri	• Ongeraho gatatu	
Indirimbo cyangwa injyana	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera kuri 15	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera kuri 20	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera kuri 20	• Injyana y'imibare 1kugera kuri 15 • Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 20.	• Injyana y'imibare kuva kuri1kugera kuri 20 basimbuka umubare umwe	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 20	
Udukino two kubara	• Erekana uyu mubare • Shaka umubare ubura • Tondeka imibare neza	• Erekana uyu mubare • Shaka umubare ubura	• Erekana uyu mubare • Shaka umubare ubura • Tondeka imibare neza	• Bara maze ugereranye • Kora itsinda ry'ibintu biruta, birutwa cyangwa bingana na… • Harabura kangahe kuri 20	• Bara maze ugereranye • Kora itsinda ry'ibintu biruta, birutwa cyangwa bingana na…	• Bara maze ugereranye • Kora itsinda ry'ibintu biruta, birutwa cyangwa bingana na…	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P. 32, 33	P. 32, 33	P. 32, 33	P.34	P.34	P.34 - 36	
MK	P.57	P.57	P. 57,58	P.60,	P.60,	P.60	
JKF	P.71-73	P.73	P.71, 72, 73	P. 76-77	P.76, 77	P.76, 77	
LONGHORN	P.26	P.27	P.26, 27	P.46, 47	P.46, 47	P.46, 47	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

6	**Harabura kangahe kuri makumyabiri** • Vuga umubare kuva kuri 0 kugera kuri 20. Urugero: 6. Abana bavuge umubare bagomba guteranyaho kugira ngo babone 20. Muri uru rugero ni 14. Komeza ako gakino ukoresheje indi mibare kandi ubaza abana banyuranye.
	Intoki zihinnye ni zingahe? (Ishuri ryose) • Zamura umubare runaka w'intoki ku biganza byombi. • Abana bavuge umubare w'intoki zihinnye. Muri uru rugero, intoki zihinnye ni 8.
	Ongeraho/Kuramo 1 (cyangwa 2 cyangwa 3)...(Ishuri ryose) • Vuga umubare (Urugero: 4). • Abana barahita bavuga umubare babona bateranyijeho cyangwa bagakuramo 1. Bwira abana gusubiriza icyarimwe.
1 2 3 4 5	**Harabura uwuhe mubare(Ishuri ryose)** • Andika imibare itondetse ku kibaho. Bwira abana bayisome maze bafunge amaso. Siba umwe mu mibare maze ubabwire bongere barebe. Babaze uti: *Harabura uwuhe mubare?* Nibasubiza neza, wandike umubare mu mwanya wawo maze umukino ukomeze.
	Erekana uyu mubare • Bwira abana bajye mu matsinda ya babiri babiri. Vuga umubare uri hagati ya 10 na 15. Abana bafatanye kwerekana uwo mubare bakoresheje utubarisho cyangwa intoki. Komeza ako gakino ukoresheje indi mibare iri hagati ya 10 na 15.
	Bara maze ugereranye • Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri. Vuga imibare ibiri iri hagati ya 11 na 15, urugero, 12 na 14. Bwira abana bakore amatsinda y'utubarisho twerekana iyo mibare yombi. Bibutse ko bagomba kubanza gukora itsinda ry'utubarisho 10 maze bakagenda bongeraho akabarisho kamwe kamwe kugeza bageze ku mubare wavuzwe. Baza abana itsinda ririmo byinshi, n'ririmo bike.
	Kora itsinda ry'ibintu bihwanye, biruta cyangwa birutwa na... • Vuga umubare uri hagati ya 11 na 15, maze ubwire abana bakore itsinda ry'ibintu biruta, birutwa cyangwa bingana n'uwo mubare.
5 9 11 2	**Tondeka neza imibare. (Ishuri ryose)** • Andika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 15 idakurikiranye. Bwira abana bayisome hanyuma bayitondeke neza.

ISOMO RYA 1 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 11 KUGERA KURI 15

ICYITONDERWA – *Ni ngombwa guhora wibutsa abana ko icyabazanye ari ukwiga kandi ko kwiga bijyana rimwe na rimwe no gukora amakosa***.** *Ibyo bituma batagira ubwoba bwo gusubiza mu ishuri.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 11kugera kuri 15	• Utubarisho 15 kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T2-W8-L1) • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Reba neza ko abana bose bafite utubarisho 15 two kubariraho.

2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10 11 12 13 14 15

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera ku10.
- Kinisha abana agakino: 'Ongeraho 1'.
- Fasha abana gutahura uko babara kuva kuri 11 kugera kuri 15, mukoreheje intoki.
- Fasha abana kubara kuva kuri 11 kugera kuri 15, ukoresheje agakino: 'Erekana uyu mubare'. Barabara intoki.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 15.
- Koresha abana umwitozo wo kubara kuva kuri 11 kugera kuri 15, bakoresheje agakino: 'Erekana uyu mubare'. Bakoreshe utubarisho kandi bakorere mu matsinda ya babiri babiri.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: 'Ongeraho 1'
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana uko berekana umubare uri hagati ya 11 na 15.

Agakuru k'imibare

Kagabo yaguze amacunga 10. Keza yaguze amacunga 4. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Kagabo ararusha Keza amacunga 6.

-Bombi bafite amacunga 14.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Bwira abana bashushanye utuziga 13 hanyuma bandike umubare 13 imbere yatwo.

Bwira abana bandike imibare: 11, 12, 13, 14, 15.

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana bitoze kubara kuva kuri 1kugera kuri 15 bakoresheje ibintu binyuranye. Bafatanye n'umwe mubo babana.

ISOMO RYA 2 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 15 KUGERA KURI 20

ICYITONDERWA - *Buri mwana agomba kumva ko afite umwanya ukomeye mu ishuri. Ibi bisaba ko ugerageza kubaza abana bose kandi ntihagire igisubizo na kimwe usubiza inyuma kugira ngo abana ntibacike intege zo gusubiza.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 15 kugera kuri 20.	• Utubarisho 20 kuri buri mwana

1. Gukangura abana — iminota 2

- Ririmbana n'abana injyana y'imibare kuva 1 kugera kuri15, bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma bajya imbere.

2. Isubiramo — iminota 3

- Mukine aka gakino: *Erekana uyu mubare*. Bwira abana gukora amatsinda ya babiri babiri. Vuga umubare uri hagati ya 10 na 15. Abana berekane uwo mubare bakoresheje utubarisho, cyangwa intoki. Komeza umwitozo ukoresheje indi mibare.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

15 16 17 18 19 20

- Bwira abana babiri baze imbere maze umwana umwe azamure intoki 10 undi azamure 5. Bwira abana bazibare maze wandike 15 ku kibaho.
- Bwira umwana wazamuye intoki 5 azamure urundi rumwe. Bwira abana babare izo ntoki maze wandike 16 ku kibaho.
- Komeza uyu mwitozo ubwira uwo mwana kuzamura urundi rutoki kugeza igihe azamuriye eshanu zose (intoki 20 zose hamwe). Uko umwana azamuye urundi rutoki, ubaze abana umubare w'intoki zizamuye maze wandike uwo mubare ku kibaho.
- Bwira abana bandukure iyo mibare mu makaye yabo.
- Bwira abana ko iyo babara ibintu biri hagati ya 10 na 20, ari byiza kubanza kubara ibintu 10, noneho bakagenda bongeraho kimwe kimwe kugeza bageze ku mubare babahaye.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Kubara kuva kuri 15 kugera kuri 20 (Babiri babiri)

- Vuga umubare uri hagati ya 15 na 20 maze mu matsinda ya babiri babiri, abana berekane uwo mubare bakoresheje utubarisho.
- Abana babanze babare utubarisho 10 maze bakore itsinda ryatwo, bongere babare bahereye ku icumi kugeza ku mubare wabahaye.

Umwitozo wa 2 – Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 15 kugera kuri 20 – IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kubara, gusoma no kwandika kuva kuri 15 kugera kuri 20 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)
  MK/REB P.32, 33, **MK** P.57, **JKF** P.73, **LONGHORN** P.27

Umwitozo wa 3: Gushushanya utuziga duhwanye n'imibare kuva kuri 15 kugera kuri 20.

- Vuga umubare uri hagati ya 15 na 20 maze abana berekane uwo mubare bakoresheje gushushanya utuziga mu makayi. Nibarangiza bandike uwo mubare munsi y'utuziga bashsushanyije. Gendagenda mu ishuri ureba uko babikora.

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Vuga umubare uri hagati ya 15 na 20 maze buri mwana yerekane uwo mubare akoresheje gushushanya utuziga mu ikayi. Narangiza yandike uwo mubare munsi y'utuziga yashushanyije.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana baze kwereka abo mu rugo uko bandika imibare kuva kuri15 kugera kuri 20 itondetse neza.

ISOMO RYA 3 –KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 11 KUGERA KURI 20

ICYITONDERWA - *Mu gihe abana batangiye kumva biyizeye ni nako barushaho gutinyuka no kugira inyota yo kwiga. Abana barushaho kwitabira igikorwa runaka iyo bizeye ko bari buze kugikora neza.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 11 kugera kuri 20.	• Utubarisho 20 kuri buri mwana

1. Gukangura abana — iminota 2

Mukine agakino 'Ongeraho rimwe'. Vuga umubare uri hagati ya 0 na 19 maze abana bavuge umubare babona bateranyijeho 1. Umukino urakomeza ari ko murushaho kwihuta.

2. Isubiramo — iminota 3

Mukine aka gakino: Erekana uyu mubare*:* Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri maze uvuge umubare uri hagati ya 11 na 20. Urugero: 15. Babwire berekana uwo mubare bakoreshje utubarisho cyangwa intoki. Nibakoresha utubarisho, ubibutse ko bagomba kubanza gukora itsinda ry'utubarisho 10. Nuko bagende bongeraho akabarisho kamwe kamwe kugeza igihe bagereye ku mubare wavuze. Komeza uwo mwitozo ukoresheje n'indi mibare kuva kuri 11 kugera kuri 20.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Bwira umwana umwe aze imbere maze azamure intoki 10, hanyuma afatanye n'ishuri kuzibara. Bwira undi mwana aze imbere azamure urutoki 1. Abana babare intoki zizamuye maze wandike umubare wazo ku kibaho. Umwitozo ukomeze kugeza igihe uwo mwana azamuriye intoki 10, zose zikaba 20. Buri gihe urajya wandika umubare w'intoki babaze ku kibaho.
- Bwira abana bandukure iyo mibare mu makaye yabo nibarangiza bayisome.
- Sobanurira abana ko imibare kuva kuri 11 kugera kuri 20, igizwe n'imibarwa ibiri. Mu kuyisoma, kuyivuga bagenda bavuga "cumi na"..... bakongeraho undi mubarwa. Iyo bageze kuri 20 niho bahindura baka vuga " makumyabiri".

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Erekana uyu mubare (kuva kuri 1 kugera kuri20) (Babiri babiri)

- Vuga umubare uri hagati ya 11 na 20. Bwira abana bakorere mu matsinda ya babiri babiri, maze berekane uwo mubare bakoresheje utubarisho cyangwa intoki.
- Shishikariza abana kubanza gukora itsinda ry'utubarisho 10 maze badushyire hamwe, noneho bakomeze babare bahereye ku 10 kugeza ku mubare wavuze.

Umwitozo wa 2 –Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 11 kugera kuri 20 – IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kubara, gusoma no kwandika kuva kuri 11 kugera kuri 20 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite).
  MK/REB P.32, 33 ; **MK** P.57, 58; **JKF** P. 71-73 ; **LONGHORN** P.26-**27**

Umwitozo wa 3: Gushushanya utuziga duhwanye n'imibare kuva kuri 11 kugera kuri 20

- Vuga umubare uri hagati ya 11 na 20 maze abana berekane uwo mubare bakoresheje gushushanya utuziga mu makayi. Nibarangiza bandike uwo mubare munsi y'utuziga bashushanyije. Gendagenda mu ishuri ureba uko babikora.

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Vuga umubare uri hagati ya 11 na 20 maze buri mwana yerekane uwo mubare akoresheje gushushanya utuziga mu ikayi. Narangiza yandike uwo mubare munsi y'utuziga yashushanyije. Ongera uvuge undi mubare maze nawo bawukore batyo.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana baririmbire abantu bo mu rugo injyana y'imibare kuva kuri 1kugera kuri 20, bava imbere bajya inyuma, nyuma bava inyuma baza imbere.

ISOMO RYA 4 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA KURI 11 KUGERA KURI 15

ICYITONDERWA - *Buri mwana yifitemo impano yo guhanga, ni ngombwa rero kubafasha, kubaha uburyo bwose bushoboka bwo kuyiteza imbere.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 11 kugera kuri 15	• Utubarisho 15 kuri buri mwana • Terefone (M-P1-T2-W8-L4). • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Genzura ko abana bafite utubarisho 15.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30



- Kinisha bana agakino ko kubara mu mutwe: 'Ongeraho 2'.
- Fasha abana gutahura uko bagereranya ibintu kuva kuri 11 kugera kuri 15, ukoresheje agakino: 'Bara, ugereranye'. Mukoreshe intoki.
- Fasha abana kugereranya imibare iri hagati ya 11 na 15, ukoresheje agakino: 'Bara, ugereranye'. Bakoreshe utubarisho.
- Ririmba n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 20.
- Koresha abana umwitozo wo kugereranya imibare kuva kuri 11 kugera kuri 15, ukoresheje agakino: 'Kora itsinda ry'ibintu biruta, birutwa cyangwa bingana na'... Bakorere mu matsinda ya babiri babiri.
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana bakubwire uko bamenya ko umubare, urugero 14 uruta 12!

Agakuru k'imibare

Gato yogeje ibikombe12. Mukuru we Gakuru yoza ibikombe 14. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Gakuru yogeje ibikombe bibiri kurusha Gato.

-Gato yogeje ibikombe bike ku bya Gakuru.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Andika imibare ibiri iri hagati ya 11 na 15, urugero: 11 na 14. Bwira abana bashushanye amatsinda y'utuziga ahwanye n'iyo mibare. Hanyuma bazengurutse uruziga runini ku itsinda rifite utuziga twinshi.

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana baze gukina n'incuti cyangwa n'undi muntu wo mu rugo agakino: "Kora itsinda ry ibintu biruta, birutwa cyangwa bingana na ....." Bakoreshe utubarisho cyangwa intoki. Umwe aravuga umubare uri hagati ya 11 na 15 maze undi akore itsinda ry'ibintu biruta, birutwa cyangwa bingana n'uwo mubare.

ISOMO RYA 5 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA 16 KUGERA 20

ICYITONDERWA *- Abana bagomba kumenyera ko gukora amakosa atari ugutsindwa ahubwo ari uburyo bwo butuma barushaho kwikosora no gusobanukirwa kurushaho.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kugereranya amatsinda y' ibintu kuva kuri 16 kugera kuri 20	• Utubarisho 20 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Ririmbana n'abana injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 20, basimbuka umubare umwe, bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma baza imbere.

2. Isubiramo — iminota 3

- Mukine agakino: "*Bara, ugereranye*". Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri. Vuga imibare 2 iri hagati ya 11 na 15, urugero, 12 na 14. Babwire bakore amatsinda y'utubarisho duhwanye n'iyo mibare. Bibutse ko bagomba kubanza gukora itsinda ry'utubarisho 10, maze bagende bongeraho utubarisho kugeza bageze ku mubare wavuze. Baza abana bavuge itsinda ririmo utubarisho twinshi, n'iririmo duke.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Mukine agakino "Bara, ugereranye". Hamagara abana 4 (abakobwa 2 n'abahungu 2) baze imbere bahagarare bareba abandi. Bwira abana bafashe ba bakobwa 2 kubara intoki 16 maze bazereke abandi (ishuri). (Umwe azamure intoki 10 undi 6).
- Bwira abandi bana bafashe ba bahungu 2 kubara intoki 18 maze bazereke ishuri ryose (umwe azamure intoki 10 undi azamure 8).
- Baza abana bavuge abazamuye intoki nyinshi n'abazamuye intoki nke. Babaze ikibibabwira.
- Hamagara abandi bakobwa 2 n'abahungu 2 maze musubiremo uwo mukino mukoresheje imibare: 17 na 17. Baza abana bavuge abazamuye intoki nyinshi n'abazamuyei intoki nkeya. Bwira abana basobanure icyo "kungana" bivuga.
- Andika ku kibaho imibare mwakoresheje mu kugereranya: 16 ☐ 18, 18 ☐ 16, 17 ☐ 17, noneho usabe abana batatu kuza imbere bandike ibimenyetso bya biruta, birutwa cyangwa bingana hagati y'iyo mibare. Ibutsa abana ko buri gihe umubare munini ujya mu mahembe y'ikimenyetso cya biruta (>) cyangwa birutwa (<).

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Agakuru k'imibare (Babiri babiri)

- Kuwa mbere ku mugoroba, Mugeni yabaze inyoni zaguye ku mbuga y'iwabo maze ageza kuri 18. Kuwa kabiri yarongeye arazibara noneho ageza kuri 20. Kuwa gatatu ho yabaze 18. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

- Inyoni Mugeni yabaze ku wa mbere zirangana n'izo yabaze ku wa gatatu.
- Inyoni Mugeni yabaze ku wa kabiri ziraruta izo yabaze ku wa mbere.

Umwitozo wa 2 - Kugerenya imibare kuva kuri 16 kugera kuri 20

- Andika ku kibaho amatsinda y'imibare: 15 ☐ 16 , 18 ☐ 17 maze abana bayandukure mu makayi yabo. Hanyuma bakoreshe utubarisho cyangwa gushushanya utuziga bagereranye ayo matsinda. Hanyuma bandike ikimenyetso cya biruta, birutwa cyangwa bingana hagati ya buri tsinda ry'imibare.

Umwitotozo wa 3 - Kugereranya imibare kuva kuri 16 kugera kuri 20 - IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 16 kugera kuri 20 iri mu bitabo bikurikirana (koresha ibitabo ishuri rifite)
  MK/REB P.34, **MK P.60, JKF** P.76, 77 **LONGHORN** P.46, 47

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Andika ku kibaho amatsinda y'imibare akurikira: 15 ☐ 14 , 18 ☐ 19, 20 ☐ 20 maze abana bayandukure mu makayi yabo. Hanyuma bakoreshe utubarisho cyangwa gushushanya utuziga bagereranye ayo matsinda. Bavuge itsinda rinini, itsinda rito cyangwa niba amatsinda angana. Bakoreshe ikimenyetso cya biruta, birutwa cyangwa bingana hagati ya buri tsinda ry'imibare.

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika amatsinda y'imibare akurikira ku kibaho maze abana bayandukure mu makayi yabo. 12 ☐ 20 13 ☐ 13 17 ☐ 11. Babwire baze kweraka umuntu wo mu rugo uko bagereranya iyo mibare bakoresheje utubarisho. Nyuma bandike ikimenyetso cya biruta, birutwa cyangwa bingana na… hagati ya buri tsinda ry'imibare.

ISOMO RYA 6 – KUGERERANYA IBINTU KUVA KURI 11 KUGERA KURI20

ICYITONDERWA *- Abana bagomba kumenya kuvuga niba umubare uruta cyangwa urutwa n'undi mubare. Nibaramuka bashoboye kubikoresha mu buzima bwabo bwa buri munsi, bizaba ari ikintu gikomeye*

Intego y'isomo: **Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:** • Kugereranya amatsinda y' ibintu kuva kuri 11 kugera kuri 20.	**Imfashanyigisho** • Utubarisho 20 kuri buri mwana.

1. Gukangura abana — iminota 2

• Bwira abana baririmbe injyana kuva kuri 1 kugera kuri 20, bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma baza imbere.

2. Isubiramo — iminota 3

• Mukine agakino: 'Bara, ugereranye'. Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri. Ha abana 2 imibare iri hagati ya 10 na 20, urugero: 11 na 16. Babwire bakore amatsinda y'utubarisho ahwanye n'iyo mibare 2. Bibutse babanze bakore itsinda ry'utubarisho 10 maze badushyire hamwe, noneho bagende bongeraho utubarisho bahereye ku 10 kugeza ku mubare wavuze. Baza abana bavuge itsinda ririmo utubarisho twinshi, n'iririmo duke.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa

• Andika ku kibaho imibare11 na 16 maze ubaze abana uko bandika ko itsinda rimwe riruta irindi. Andika ku kibaho:
  1. 11 < 16
  2. 16 > 11
• Ibutsa abana icyo ibi bimenyetso bivuga n'uko bikoreshwa mu kwerekana ko itsinda riruta irindi cyangwa ko rirutwa n'irindi.
• Andika ku kibaho imibare17 na17 maze ubaze abana uti: Umubare munini ni uwuhe? Umuto ni uwuhe? Ese birangana?
• Baza abana bavuge ikimenyetso mushobora gukoresha kugira ngo mwerekane ko iyi mibare ingana.
• Bwira abana bandukure iyo mibare mu makaye yabo maze bakandike ikimenyetso cya bingana (=) hagati yayo.
• Bwira umwana aze akosore uwo mwitozo ku kibaho maze abana bagereranye igisubizo cyabo n'icyanditse ku kibaho. Abana basanga bacyishe bakosore mu makayi yabo..

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Biruta, birutwa, bihwanye na ... – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana ukwe)

• Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kugereranya imibare kuva kuri 11 kugera kuri 20 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)

MK/REB P.34-36 ; **MK** P.60 ; **JKF** P.76,77 ; **LONGHORN** P.46,47

Umwitozo wa 2 – Ibimenyetso bya biruta, birutwa, bihwanye na... (babiri babiri)

• Bwira abana bajye mu matsinda ya babiri babiri maze bakore amatsinda 2 y'utubarisho bakoresheje imibare iri hagati ya 11 na 20. Babwire bandike imibare yabo mu makaye yabo maze bashyire ikimenyetso hagati yayo.
• Gendagenda ureba uko abana babikora

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

• Andika kukibaho amatsinda y'imibare akurikira: 18 ☐ 19 20 ☐ 20 maze abana bayandukure mu makayi yabo. Hanyuma bakoreshe utubarisho cyangwa gushushanya utuziga bagereranye ayo matsinda: bandike ikimenyetso cya biruta, birutwa cyangwa bingana hagati y'ayo matsinda y'imibare.

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika kukibaho amatsinda y'imibare akurikira: 14 ☐ 20 15 ☐ 15 18 ☐ 12 maze abana bayandukure mu makayi yabo. Hanyuma baze gukoresha utubarisho cyangwa gushushanya utuziga bagereranye ayo matsinda: bandike ikimenyetso cya biruta, birutwa cyangwa bingana hagati y'ayo matsinda y'imibare.

ICYUMWERU CYA 9

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Imyitozo yo guteranya(igiteranyo kitarenze 20)	• Imyitozo yo guteranya(igiteranyo kitarenze 20)	• Amahurizo yo guteranya ingero z'uburebure (igisubizo kitarenze m 20)	• Imyitozo yo gukuramo (mukoreshe imibare itarenze 20).	• Imyitozo yo gukuramo (mukoreshe imibare itarenze 20).	• Amahurizo yo gukuramo ingero z'uburebure, (mukoreshe imibare itarenze 20)	• Isuzumabumenyi
Udukino two kubara mu mutwe	• Harabura kangahe kuri 20?	• Harabura kangahe kuri 20?	• Harabura kangahe kuri 20?	• Kuramo kabiri (nta gukoresha intoki)	• Kuramo kabiri (nta gukoresha intoki)	• Kuramo kabiri (nta gukoresha intoki)	
Indirimbo cyangwa injyana	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 20	Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 20 bagenda basimbuka umubare umwe	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera kuri 20 bagenda basimbuka umubare umwe	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 20 bagenda basimbuka umubare umwe	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera kuri 20 bagenda basimbuka umubare umwe, ibiri	• Injyana y'imibare kuva kuri 1kugera kuri 20 bagenda basimbuka umubare umwe, ibiri	
Udukino two kubara		• Ongeraho rimwe (nta gukoresha intoki)	• Shushanya, uteranye	• Intoki zihinnye ni zingahe? • Kuramo rimwe (nta gukoresha intoki)	• Intoki zihinnye ni zingahe? • Kuramo rimwe (nta gukoresha intoki)	• Intoki zihinnye ni zingahe? • Kuramo rimwe (nta gukoresha intoki) • Shushanya maze ucishemo akarongo	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.39, 40	P.39, 40	P.92	P.42	P.42	P.92	
MK	P.61	P.61	P.63	P.62	P. 62	P.64	
JKF	P.49, 78, 84	P.49, 78, 84	P.93	P.52-60 , 81, 82,83	P.52-60 ,81, 82,83	P.93	
LONGHORN	P.56, 57	P.56, 57	P.104	P.64-67	P.64-67	-	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

16	**Harabura kangahe kuri 20?** • Vuga umubare kuva 1kugera kuri 20, urugero: 16. Abana bavuge umubare bagomba guteranyaho kugira ngo babone 20. Muri uru rugero ni 4. Komeza ako gakino ukoresheje indi mibare kandi ubaza abana banyuranye.
19	**Ni uwuhe mubare?** • Andika umubare ku kibaho (Urugero 19). • Abana bahite bawuvuga. Wusibe maze wandike undi mubare. Komeza uwo mwitozo urushaho kwihuta.
	Ongeraho/Kuramo 1 (2 cyangwa 3)...(Ishuri ryose) • Vuga umubare (Urugero: 4). • Abana bahite bavuga umubare babona bateranyijeho cyangwa bakuyeho 1. Bwira abana basubirize icyarimwe.
1 3 4 5	**Harabura uwuhe mubare? (Ishuri ryose)** • Andika ku kibaho imibare itondetse. Bwira abana bayisome maze bafunge amaso. Siba umwe mu mibare (urugero 2) maze ubabwire bongere barebe. Babaze uti: 'Harabura uwuhe mubare?' Nibasubiza neza wandike umubare mu mwanya wawo maze umukino ukomeze.
 **1 + 3 + 2 = 6**	**Shushanya ,uteranye** • Shushanya ibivugwa mu ihurizo ukoresheje utudomo. • Tubare maze uduteranye. • Tanga igisubizo.
 8 - 5 = 3	**Shushanya maze ucishemo akarongo** • Shushanya ibivugwa mu ihurizo ukoresheje utudomo. • Tubare maze ucishe akarongo mu tudomo duhwanye n'umubare w'ibyo ukuramo. • Tanga igisubizo.

ISOMO RYA 1 – IMYITOZO YO GUTERANYA

ICYITONDERWA – *Ukore ku buryo isomo ry'imibare riryohera abana. Niyo mpamvu udukino ari ngombwa: dufasha abana guhora biyibutsa ibyo bize.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Guteranya imibare ifite igiteranyo kitarenze 20	• Utubarisho - 20 kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T2-W9-L1). • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Reba ko abana bose bafite utubarisho 20.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30



- Riririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 20.
- Fasha abana gutahura uko bateranya imibare (igiteranyo ntikirenge 20). Mukoreshe intoki, utubarisho.
- Fasha abana gukora umwitozo wo guteranya imibare bakoresheje utubarisho.Bakorere mu matsinda ya babiri babiri.
- Koresha abana umwitozo wo guteranya imibare iri hagati ya 1 na 20, bakoresheje utubarisho. Bakorere mu matsinda ya babiri babiri.
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana icyo bakunze muri iki gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

Agakuru k'imibare

Yeremiya afite inka 9, ihene 3 n'inkwavu 2. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Yeremiya afite amatungo cumi n'ane.

-Yeremiya ni umukire afite amatungo menshi.

- Umubare w'inka Yeremiya atunze uraruta uw'ihene n'inkwavu.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Abana bakore imyitozo ikurikira:

6 + 12 =

11 + 9 =

1+ 18 =

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana baze gukorera iyi myitozo mu rugo.

7 + 5 =

13 + 7 =

9 + 6 =

ISOMO RYA 2 – IMYITOZO YO GUTERANYA

ICYITONDERWA - *Nusanga abana bafite ibibazo, ubabwire babanze batekereze, bumve neza icyo basabwa gukora mu mwitozo n'uko bagera ku gisubizo. Ni bwo uzamenya neza niba bumva neza uko bari bubigenze cyangwa niba bakeneye ibindi bisobanuro.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Guteranya imibare ifite igiteranyo kitarenze 20.	• Utubarisho10 kuri buri mwana

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine mwihuta agakino: "Harabura kangahe kuri 20?" Vuga umubare kuva 1kugera kuri 20, urugero: 16. Abana bavuge umubare bagomba guteranyaho kugira ngo babone 20. Muri uru rugero ni umubare 4. Komeza ako gakino ukoresheje indi mibare kandi ubaza abana banyuranye.

2.Isubiramo — iminota 3

- Mukine mwihuta aka gakino: "Ongeraho rimwe" mukoresheje imibare kuva kuri 1 kugera kuri19. Vuga umubare, abana barahita bavuga umubare babona bateranyijeho 1.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa



- Bwira abana bashyire utubarisho twabo ku meza.
- Andika uyu mwitozo:11 + 6 = ku kibaho
- Babwire bajye mu matsinda ya babiri babiri. Umwana umwe akore itsinda ry'utubarisho11, naho undi akore itsinda ry'utubarisho 6 kugira ngo bagaragaze iyo mibare 2 yo mu mwitozo. Babwire bateranye utwo tubarisho turi mu matsinda yombi, maze bandike igisubizo mu makaye yabo.
- Bwira umwana aze ashushanye udukoni ku kibaho kugira ngo agaragaze ya matsinda abiri y'imibare (11 na 6). Saba undi mwana aze abiteranye maze yandike igisubizo ku kibaho.
- Komeza uwo mwitozo ukoresheje iyi mibare:
  9 + 5 =
  10 + 10 =

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Guteranya imibare, igiteranyo kitarenze 20 (Babiri babiri)

- Bwira abana bakore iyi myitozo bari mu matsinda ya babiri babiri:
  13 + 6 =
  7 + 8 =
- Babanze bayandukure mu makaye yabo maze bakoreshe gushushanya udukoni duhwanye n'imibare iri muri buri tsinda hanyuma babiteranye maze bandike igisubizo.

Umwitozo wa 2 – Guteranya imibare, igiteranyo kitarenze 20 – IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no guteranya imibare ifite igiteranyo kitarenze 20 iri mu bitabo bikurikira. (koresha ibitabo ishuri rifite)
  MK/REB P.39, 40 ; **MK** P. 61; **JKF** P. 49,78, 84; **LONGHORN**P. 56,57.

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikorere mu makayi yabo:
  7+5= 1+ 19= 4+11=

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika iyi myitozo ku kibaho:
11 + 0 = 9 + 9 = 10+10 =
Bwira abana bayandukure mu makaye yabo maze baze gufatanya n'umuntu wo mu rugo kuyikora.

ISOMO RYA 3 – AMAHURIZO YO GUTERANYA INGERO Z'UBUREBURE

ICYITONDERWA **-** Isomo ritangira mwarimu atari yinjira mu ishuri. Jya ubanza usome iki gitabo cya mwarimu, urebe niba ufite imfashanyigisho zikenewe, niba kandi wumva neza intego y'isomo.

Intego y'isomo:
Nyuma y'isomo, abana barababashobora:
- Gukora amahurizo yo guteranya ingero z'uburebure (igiteranyo kitarenze 20)

1. Gukangura abana — iminota 2

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10 11 12 13 14 15 16 17 18 19 20

Andika ku kibaho imibare kuva kuri1kugera kuri 20 ku murongo utambitse. Bwira abana baririmbe injyana:
- Bagenda basimbuka umubare umwe bahereye kuri 2. Urugero 2… 4… 6... 8…10…12…14…16…18…20 bava imbere bajya inyuma, nyuma bava inyuma baza imbere.

2.Isubiramo — iminota 3

Bwira abana bavuge ibintu bifite uburebure bwa m1, m5 na m10.

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Somera abana ihurizo rikurikira: *Kalisa yaguze igitambaro kireshya na metero 11. Nyuma yaguze ikindi kireshya na m 7. Ubwo yaguze metero zingahe zose hamwe?*
- Fasha abana gushaka igisubizo babanje gushushanya nyuma bagateranya. (Wibuke gusubiramo ihurizo kugira ngo ufashe abana kuryumva). Baza abana uti: "*Tubanza gukora iki?"*
- Shushanya uturongo dutambitse tugufi 11 twerekana metero 11. Bigenze utyo no kuri metero 7.
- Baza abana uti: "*Turakurikizaho iki?"* – Turabara maze duteranye. Fatanya n'abana kubara uturongo turi muri buri tsinda ry'uturongo maze wandike umubare munsi ya buri tsinda.
- Mubare metero zose zirimo. Baza abana uti: "*Turakurikizaho iki*?" – Gutanga igisubizo.
- Ereka abana uko bandika: m11 + m7 = m18.

3.2. Imyitozo mpamyabumzenyi

Umwitozo wa 1 – Amahurizo yo guteranya ingero z'uburebure (umwana ukwe)
- Bwira abana, mu matsinda ya babiri babiri, bakore ihurizo rikurikra, intambwe ku yindi: *Icyumba cy'ishuri ryo mu wa mbere gipima metero 8 z'uburebure. Icyo mu wa 2 gipima metero 8. Uburebure bw'ibyumba byombi bungana bute?* Subira muri iryo hurizo kugira ngo abana barusheho kuryumva. Bibutse kuza gukoresha uburyo bukurikira: Shushanya (uturongo tugaragaza ibivugwa mu ihurizo), Bara maze uteranye (utwo turongo)na Tanga igisubizo.
- Gendagenda mu ishuri mu gihe barimo gukora iryo hurizo.
- Bwira itsinda rimwe rize imbere ryereke abandi bana uko babonye igisubizo. Babwire bakoreshe ikibaho kugira ngo bereke abandi uko baciye uturongo tugaragaza za metero.

Umwitozo wa 2 – Amahurizo yo guteranya ingero z'uburebure – IGITABO CY'UMUNYESHURI
- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye n' amahurizo yo guteranya ingero z'uburebure(igisubizo kitarenze m 20) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)

MK/REB P.92; **MK** P.63 ; **JKF** P.93 ; **LONGHORN** P.104

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Somera abana ihurizo rikurikira maze abana barikore banyuze mu nzira babonye. *Mugeni yaguze umugozi ureshya na metero 7. Arongera agura undi mugozi ureshya na metero 9*. Ubwo imigozi yombi ireshya na metro zingahe?

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika ihurizo rikurikira ku kibaho: *Yohani yari afite umugozi wa metero 12. Mugeni yari afite umugozi wa metro 8. Vuga umubare wa metero Yohani na Mugeni bafite.* Bwira abana bashake igisubizo banyuze mu nzira ikurikira: Shushanya (uturongo dutambitse tugaragaza metero zivugwa mu ihurizo); Bara maze uteranye (twa turongo); Tanga igisubizo.

ISOMO RYA 4 – IMYITOZO YO GUKURAMO

ICYITONDERWA - *Imwe mu ntego z'isomo ni uko umwana abasha gusobanura ibyo azi cyangwa ibyo yibwira ko azi. Niyo mpamvu ibiganiro-mpaka mu ishuri cyangwa mu matsinda ari ngombwa cyane.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gukuramo imibare itarenze 20	• Utubarisho 20 kuri buri mwana • Terefone (M-P1-T2-W9-L4). • Indangururamajwi.

1.Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Bwira abana bavuge ku mukoro wo mu isomo riheruka. Babigenje bate ngo bakore ihurizo? Ni ikihe gisubizo babonye?

2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 20.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: 'Kuramo 2'.
- Fasha abana gutahura uko bakuramo (imibare itarenze 20) mukoresheje intoki, utubarisho.
- Koresha abana imyitozo yo gukuramo bakoresheje utubarisho(bakorere mu matsinda ya babiri babiri).
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 20.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe 'Kuramo 2'.
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana uko bakora umwitozo wo gukuramo.

Agakuru k'imibare

Umubyeyi yahaye abana be batatu amakayi 19. Umwe muri bo yataye ikayi imwe. Undi aha ikayi imwe mugenzi we bigana wari ufite amakayi atuzuye. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bitekerezo by'agakuru:

-Hasigaye amakayi 17.

- Umwana wahaye mugenzi we ikayi imwe, agira impuhwe.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Abana bakore imyitozo ikurikira, bakoreshe intoki, utubarisho cyangwa guca utuziga:

15 – 2 =

14 – 4 =

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana baze gukorerea mu rugo imyitozo ikurikira:

19 – 4 =

18 – 8 =

17 – 6 =

ISOMO RYA 5 – IMYITOZO YO GUKURAMO

ICYITONDERWA - *Shishikariza abana gusobanura uko bakoze imyitozo yo gukuramo. Iyo abana bumvise ibyo bagenzi babo bavuze, barushaho gusobanukirwa kubera kumva ibitekerezo byinshi kandi wenda binyuranye n'ibyabo.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gukuramo imibare itarenze 20	• Utubarisho 10 kuri buri mwana.

1.Gukangura abana — iminota 2

1 2 3 4 5 6 7 8 9 10 11 12 13 14 15 16 17 18 19 20

Andika ku kibaho imibare kuva 1kuri20 ku murongo utambitse. Bwira abana baririmbe injyana:

- Bagenda basimbuka umubare umwe bahereye kuri 2. Urugero 2… 4… 6… 8… 10… 12..14… 16….18…20.
- Bagenda basimbuka umubare umwe bahereye kuri 1. Urugero 1…3… 5… 7…9… 11… 13…15….17…19.
- Bagenda basimbuka imibare ibiri bahereye kuri 1. Urugero 1… 4… 7…10… 13…16…19.
- Bagenda basimbuka imibare ibiri bahereye kuri 3. Urugero 3… 6… 9… 12… 15…18.

2.Isubiramo — iminota 3

- Andika ku kibaho iyi myitozo:
  13 – 6 = 18 – 4 =
- Bwira abana bayikore bakoresheje utubarisho.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

16 – 5 =

- Andika uyu mwitozo 16 – 5 = , maze ubwire abana bashyire utubarisho twabo ku meza. Babwire bajye mu matsinda ya babiri babiri maze bashyire hamwe utubarisho16, nyuma bakuremo dutanu hanyuma babare utubarisho dusigaye. Babaze igisubizo.
- Shushanya ku kibaho utudomo tugaragaza umubare 16; cisha akarongo muri dutanu maze wandike igisubizo ku kibaho: 16 – 5 = 11
- Subiramo uwo mwitozo ukoresheje indi mibare: 17 – 6 = na 20 – 3 =

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukuramo imibare itarenze 20 (Babiri babiri)

- Andika iyi myitozo ku kibaho maze abana bayikore:
  19 – 9 = 18 – 5 =

Umwitozo wa 2 – Imyitozo yo gukuramo (imibare itarenze 20) – IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gukuramo (imibare itarenze 20) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)
  MK/REB P.42; **MK** P. 62, ; **JKF** P.52-60 , 81-83; **LONGHORN** P.64-67

4.Isuzumabumenyi — iminota 8

- Andika iyi myitozo ku kibaho maze abana bayikore:
  17 – 3 =
  11 – 3 =

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika iyi myitozo ku kibaho.

12 – 2 = 16 – 7 = 18 –5

Bwira abana bayandukure mu makaye yabo maze baze kuyikorera mu rugo.

ISOMO RYA 6 – AMAHURIZO YO GUKURAMO INGERO Z'UBUREBURE

ICYITONDERWA - *Mu gihe abana barimo gukora amahurizo, ni ngombwa kubaha umwanya uhagije wo gusubiza no gutekereza ku gisubizo bagiye gutanga.*

Intego y'isomo:
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:
- Gukora amahurizo yo gukuramo ingero z'uburebure bakoreshesheje imibare itarenze 20.

1.Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine mwihuta agakino: "Kuramo kabiri". Mukoreshe imibare kuva kuri 2 kugera kuri 20. Abana bavuge umubare babona bakuyemo 2.

2.Isubiramo **iminota 3**

- Baza abana ibintu bifite uburebure bujya kureshya na metero 1, metero 10 na metero 15. Bahe umwanya wo kubitekerezaho no kubiganiraho.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Somera abana iri hurizo: *Yohani yaguze igitambaro cya metero 14 z'uburebure. Yaje gukuraho metero 9 adodeshamo amapantaro. Hasigaye metero zingahe?* Ongera urisubiremo iryo hurizo kugirango abana baryumve neza.
- Baza abana uti: *Turabanza dukore iki*? – *Gushushanya (*uturongo tugaragaza ibivugwa mu ihurizo*)*. Ca uturongo 14 dutambitse tugaragaza metero 14.
- Baza abana uti: *Turakurikizaho iki?* - Kubara maze ducishemo akarongo.
- Fasha abana kubara utwo turongo maze wandike umubare watwo (m14). Nyuma, cisha akarongo muri m9 maze mubare. Hasigaye metero zingahe? (m5)
- Baza abana uti: *Turakurikizaho iki?*- Gutanga igisubizo. Ereka abana uko bandika m14 – m9 = m5.
- Sobanurira abana ko amahurizo yo gukuramo ingero z'uburebure bayakora nk'amahurizo asanzwe yo gukuramo imibare, banyuze mu nzira ya: shushanya , ubare maze ucishemo akarongo (mu byo ukuramo). Itandukaniro ni uko ku mahurizo yo gukuramo ingero z'uburebure ku gisubizo twongeraho metero (m) kugira ngo tugaragaze ko igisubizo kiri muri metero (m).

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Ihurizo ryo gukuramo ingero z'uburebure (babiri babiri)
- Bwira abana bakorere, mu matsinda ya babiri babiri, iri hurizo bakoresheje uburyo babonye haruguru: *Mariya afite umugozi wa metero 20 z'uburebure. Yakuyeho metero 8. Asigaranye metero zingahe?*
- Gendagenda mu ishuri ureba uko abana babikora.
- Bwira itsinda rimwe rize imbere maze ryereke abandi uko ryabikoze. Ubibutse guca ku kibaho uturongo tugaragaza metero babahaye.

Umwitozo wa 2 –Amahurizo yo gukuramo ingero z'uburebure (imibare itarenze 20) - IGITABO CY'UMUNYESHURI
- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye n' amahurizo yo gukuramo ingero z'uburebure (imibare itarenze 20) iri mubitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite).

MK/REB P.92; **MK** P.64, **JKF** P.93

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Somera abana ihurizo rikurikira maze barikore:
- *Mariya yari afite igitambaro kireshya na metero 13. Yahayeho murumunawe igitambaro kireshya na metero 7. Hasigaye metero zingahe?*

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Andika ku kibaho ihurizo rikurikira maze abana baze kurikora banyuze muri ya nzira bize: *Kabera yaguze umugozi upima metero 17. Yahayeho murumuna we umugozi upima metero 7. Hasigaye umugozi upima metero zingahe?*

ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMWERU CYA 8 N'ICYA 9

Bwira buri mwana akore ukwe. Abandi bana ntibagomba kumva ibisubizo bya bagenzi babo..

Ikibazo cya 1 – Bwira umwana asome iyi mibare.

11 14 19 12 20 13

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yasomye neza imibare iri munsi y'ibiri	Yasomye neza imibare iri hagati ya 2 na 3	Yasomye neza imibare iri hagati ya 6 na 7

Ikibazo cya 2 –Bwira umwana akore itsinda ry'utubarisho 16 maze yandike umubare 16

Akeneye ubufasha	Ni byiza cyane
Ntiyakoze itsinda ry'utubarisho 16 cyangwa ntiyanditse umubare 16 neza	Yakoze itsinda ry'utubarisho 16 kandi yanditse umubare 16 neza

Ikibazo cya 3 – Bwira umwana akore ibibazo byo gukuramo no guteranya bikurikira:

4 + 3 = 8 – 6 = 9 + 1 =

6 – 4 = 7 + 2 = 7 – 6 =

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yakoze neza ikibazo kimwe cyangwa nta na kimwe yakoze.	Yakoze neza ibibazo biri hagati ya 2 na 3	Yakoze neza ibibazo byose uko ari 6

Icyitonderwa:

Ni byiza cyane = amanota 3

Ni byiza = amanota 2

Akeneye gufashwa = inota 1

Igihembwe cya 3

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'IGIHEMBWE CYA 3

Amasomo Ibyumweru	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
1	Isubiramo: Kubara kuva kuri 1 kugera kuri 20	Isubiramo: Gukora imyitozo yo kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 1 kugera kuri 20.	Isubiramo:Gukora imyitozo yo guteranya (igiteranyo ntikirenge 20)	Isubiramo: Gukora imyitozo yo gukuramo (imibare itarenze 20)	Isubiramo: Gutandukanya iminsi y'icyumweru	Isubiramo: Guca imirongo y'ubwoko bunyuranye: ihagaze, itambitse, iberamye, ihese, ifunze, ivunnaguye)	Gukuramo (imibare itarenze 20) no guteranya imibare (igiteranyo ntikirenge 20)
2	• Kubara, kuva kuri 20 kugera kuri 50	• Kubara, gusoma no kwandika kuva kuri 20 kugera kuri 50	• Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 20 kugera kuri 50	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 20 kugera kuri 50	• Kugereranya imibare kuva kuri 20 kugera kuri 50	• Gupima uburebure muri metero (m) butarengeje m50	Gutsindagira ibyizwe
3	• Gusesengura imibare kuva ku10 kugera kuri 20 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gusesengura imibare kuva ku10 kugera kuri 20 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gukora imyitozo ku merekezo: munsi, imbere, inyuma	• Gusesengura imibare kuva ku10 kugera kuri 30 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gusesengura imibare kuva kuri 30 kugera kuri 60 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gukora imyitozo ku merekezo: hasi, hejuru, hagati, iburyo, ibumoso	Isuzumabumenyi
4	• Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 50 kugera kuri 70	Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 70 kugera kuri 99	• Gutahura agaciro k' amafaranga y'urwanda: kuva ku F 1 kugera kuri F 50	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 50 kugera kuri 70	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 50 kugera kuri 99	• Gutahura agaciro k' amafaranga y'urwanda: kuva ku F 1 kugera kuri F 50	Gutsindagira ibyizwe
5	• Gusesengura imibare kuva kuri 30 kugera kuri 40 mo ibinyacumi n' ibinyabumwe	• Gusesengura imibare kuva kuri 30 kugera 50 mo ibinyacumi n' ibinyabumwe	• Gutahura agaciro k'amafaranga kuva ku F 1 kugera ku F 100	• Gusesengura imibare kuva kuri 40 kugera kuri 60 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gusesengura imibare kuva kuri 30 kugera kuri 60 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Kuvunja amafanga atarengeje F 100	Isuzumabumenyi

6	• Gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 20, mara ya 2).	• Gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 20, mara ya 2)	• Kwerekana utudomo turi imbere mu ruziga, hanze yarwo no ku ruziga	• Gukuba na 2 (Igikubo ntikirenge 20 , Mara ya 2)	• Gukuba na 2 (Igikubo ntikirenge 20 , Mara ya 2)	• Gukuba na 2 (Igikubo ntikirenge 20 , Mara ya 2)	Gutsindagira ibyizwe
7	• Imyitozo yo guteranya nta kubitsa (igiteranyo ntikirenge 99)	• Imyitozo yo gukuramo nta gutira (koresha imibare itarenze 99)	• Imyitozo yo guteranya (igiteranyo ntikirenge 99) no gukuramo (koresha imibare itarenze 99)	• Imyitozo yo gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 20)	• Imyitozo yo guteranya ingero z'uburebure nta kubitsa (igiteranyo ntikirenge m 99)	• Imyitozo yo gukuramo ingero z'uburebure nta gutira (koresha imibare itarenze 99)	Isuzumabumenyi
8	• Gusesengura imibare kuva kuri 60 kugera kuri 80 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gusesengura imibare kuva kuri 80 kugera kuri 99 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gupima uburebure butarenze m 99	• Gusesengura imibare itarenze 99 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gusesengura imibare itarenze 99 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gupima uburebure butarenze m 99	Gutsindagira ibyizwe
9	• Amahurizo yo guteranya (igiteranyo ntikirenge 99)	• Amahurizo yo gukuramo (gukoresha imibare itarenze 99)	• Amahurizo yo guteranya ingero z' uburebure (igiteranyo ntikirenge 99)	• Amahurizo yo gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 20)	• Amahurizo yo gukuramo ingero z' uburebure (zitarenze m99)	• Amahurizo yo gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 20)	Isuzumabumenyi
10	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo	Isubiramo	
11	Ibizamini	Ibizamini	Ibizamini	Ibizamini	Ibizamini	Ibizamini	

ICYUMWERU CYA 1

Isomo rya 1: Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 1 kugera kuri 20

Fasha abana kwibuka kubara kuva kuri 1kugera ku 20 bakoresheje intoki cyangwa utubarisho. Hanyuma ubibutse kwibuka uko bandika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20, nibarangiza basome imibare banditse.

Isomo rya 2: Kugereranya imibare kuva kuri 1 kugera ku 20

Fasha abana kwibuka uko bagereranya amatsinda abiri y'ibintu biri hagati ya kimwe na 20 (bakoreshe utubarisho). Bavuge itsinda rifite byinshi, irifite bike cyangwa niba amatsinda yombi angana.

Fasha abana kwibuka uko bagereranya imibare ibiri iri hagati ya 1 na 20 bakoresheje ikimenyetso cya biruta(>), birutwa(<) cyangwa bingana(=). Nyuma bakore imyitozo yo kugereranya imibare iri hagati ya 1 na 20, bakoresheje ibyo bimenyetso. Ubibutse ko ku kimenyetso cya biruta(>) na birutwa (<) umubare munini ujya mu mahembe y'ikimenyetso.

Isomo rya 3: Guteranya (igiteranyo ntikirenge 20)

Fasha abana kwibuka uko bateranya imibare bakoresheje intoki, utubarisho cyangwa gushushanya utuziga. Nyuma bakore imyitozo yo guteranya.

Isomo rya 4: Gukuramo imibare itarenze 20

Fasha abana kwibuka uko bakuramo bakoresheje intoki, utubarisho cyangwa gushushanya utuziga. Nyuma bakore imyitozo yo gukuramo.

Isomo rya 5: Gutandukanya iminsi y'icyumweru

Fasha abana kwibuka gutandukanya iminsi y'icyumweru. Ubakoreshe imyitozo yo guhuza iminsi y'icyumweru n'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 7. Hanyuma ubibutse amagambo ajyanye n'iminsi y'icyumweru: ejo (hashize), ejo bundi (hashize), ejo (hazaza),ejo (bundi hazaza).

Isomo rya 6: Guca imirongo y'ubwoko bunyuranye: ihagaze, itambitse, iberamye, ihese , ifunze, ivunaguye

Fasha abana kwibuka guca imirongo y'ubwoko bunyuranye: ihagaze, itambitse, iberamye, ihese, ifunze, ivunaguye. Uce imirongo y'ubwoko bunyuranye, noneho abana bakubwire buri murongo uwo ari wo. Nyuma bakore imyitozo yo guca iyo mirongo mu makayi.

Isomo rya 7: Gukuramo imibare itarenze 20 no guteranya imibare (igiteranyo kitarenze 20)

Koresha abana imyitozo yo gukuramo no guteranya mukoresheje utubarisho cyangwa gushushanya utuziga. Nyuma bakore imyitozo yo gukuramo no guteranya.

ICYUMWERU CYA 2

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Kubara, kuva kuri 20 kugera kuri 50	• Kubara kuva kuri 20 kugera kuri 50	• Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 20 kugera kuri 50	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 20 kugera kuri 50	• Kugereranya imibare kuva kuri 20 kugera kuri 50	• Gupima uburebure muri metero (m) butarengeje m50	Isuzumabumenyi
Udukino two kubara mu mutwe	• Ni kangahe kabura kuri20? • Ongeraho rimwe	• Ongeraho rimwe • Kuramo rimwe	• Ongeraho rimwe • Kuramo rimwe	• Kuramo kabiri • Ongeraho kabiri	• Kuramo kabiri	• Kuramo kane • Ni kangahe kabura kuri 20? • Ongeraho 10	
Indirimbo cyangwa injyana	• Injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 20 • Injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 50 babara mu macumi	• Injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 50 babara mu macumi	• Injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 50 babara mu macumi	• Injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 50 babara mu macumi	• Injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 50 babara mu macumi	• Injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 50 babara mu macumi	
Imikino yo kubara	• Erekana uyu mubare • Shaka umubare ubura	• Ni kangahe wabonye? • Erekana uyu mubare	• Erekana uyu mubare	• Bara, ugereranye • Kora itsinda ry'ibintu bihwanye, biruta, bingana cyangwa birutwa na ...	• Bara,ugereranye • Kora amatsinda y'ibintu bihwanye, biruta cyangwa birutwa na…	• Shakisha	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.43, 45	P.43, 45	P.43, 45	P.34, 35, 36	-	P.88	
MK	P.67, 68	P.67, 68	P. 67, 68	P.60	P.90	P70	
JKF	P.106	P.106	P.106	P.76, 77	_	P.101	
LONGHORN	P.29, 30, 31	P.29, 30,31	P.29, 30,31	P.46, 47	P.47, 48	P.100, 101, 105	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

	Ni kangahe kabura kuri 20? • Vuga umubare uri hagati ya 0 na 20. • Abana bavuge umubare ubura ngo bibe 20.
20 21 23 24 25	**Shaka umubare ubura** • Andika ku kibaho imibare kuva kuri 20 kugera kuri 30. Bwira abana bafunge amaso maze usibe imibare ibiri. Babwire bongere barebe maze bavuge imibare ibura. Komeza uwo mukino ukoresheje imibare kuva kuri 30 kugera kuri 40, no kuva kuri 40 kugera kuri 50.
	Erekana uyu mubare • Vuga umubare urugero 22 maze abana bawerekane bakoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi duti turi ukwatwo. Bashobora no gukoresha intoki zabo, cyangwa ibishushanyo muri uyu mwitozo.
	Ni kangahe wabonye?(bakoreshe udukoni cyangwa ibishushanyo) • Ereka abana udufungo tw'uduti icumi icumi, n'utundi duti turi ukwatwo. • Bwira abana bavuge umubare ugaragazwa n'utwo duti waberetse.
< > =	**Bara, ugereranye** • Vuga imibare ibiri • Abana bakore amatsinda abiri y'utubarisho yerekana iyo imibare. • Abana babare ibiri muri ayo matsinda hanyuma bayagereranye: bavuge umubare munini, muto cyangwa niba ingana. Nyuma bakoreshe ikimenyetso cya >, <, cyangwa =
	Kora amatsinda y'ibintu bihwanye, biruta cyangwa birutwa na… (> ,<, =) • Vuga imibare ibiri maze abana bayerekane bakoresheje intoki cyangwa amatsinda y'uduti icumi icumi n'utundi duti turi ukwatwo, maze bavuge umubare munini, umuto cyangwa niba ingana.
	**Shakisha** • Mu matsinda ya babiri babiri, abana berekane ibintu biri mu ishuri cyangwa mu kibuga bishobora kuba byapima nka metero1. Hanyuma babipime barebe niba batibeshye.

ISOMO RYA 1 – KUBARA KUVA KURI 20 KUGERA KURI 50

ICYITONDERWA - Gendagenda mu ishuri ufasha abana aho biri ngombwa.

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kubara kuva kuri 20 kugera kuri 50	• Terefone (M-P1-T3-W2-L1) • Indangururamajwi. • Udufungo 2, uduti icumi icumi n'uduti 5 turi ukwatwo.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Genzura ko abana biteguye gukurikira igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

11 12 13 14 15 16 17 18 19 20

10 20 30 40 50

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 11 kugera kuri 20, no kuva kuri 20 kugera kuri 11.
- Kinisha abana agakino ku kubara mu mutwe: 'Ni kangahe kabura kuri 20?'
- Fasha abana gutahura uko babara kuva kuri 20 kugera kuri 50 (babanze babare kuva kuri 1 kugera kuri 20). Mukoreshe intoki. Ugende uhamagara umwana umwe kugera kuri batanu.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva ku 10 kugera kuri 50(mugende mubara mu macumi).
- Fasha abana gukora imyitozo yo kubara kuva kuri 20 kugera kuri 50 wifashishije agakino: 'Erekana uyu mubare'. Bakorere mu matsinda ya babiri babiri. Bakoreshe udufungo tw'uduti icumi cumi, hamwe n'utundi duti turi ukwatwo.
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana uko berekana umubare uri hagati ya 20 na 50, urugero 35.

Agakuru k'imibare

Manzi yabaze imyembe 30. Murumuna we yabaze imyembe 20. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

- Manzi yabaze imyembe myinshi kurusha murumuna we.
- Manzi yarushije murumuna we imyembe 10.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Vuga umubare uri hagati ya 20 na 50 hanyuma bawerekane bakoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi duti turi ukwatwo.

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana baze kwereka abo mu rugo uko bakora amatsinda y'ibintu bihwanye n'imibare ikurikira: 22, 35, 50.

ISOMO RYA 2 – KUBARA KUVA KURI 20 KUGERA KURI 50

ICYITONDERWA **-** Gendagenda mu ishuri ufasha abana aho biri ngombwa.

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kubara kuva kuri 20 kugera kuri 50	• Buri mwana akeneye udufungo 4 tw'uduti icumi icumi n'uduti icumi turi ukwatwo.

1.Gukangura abana — iminota 2

10 20 30 40 50	Andika imibare ku kibaho: 10, 20, 30, 40, 50 ku murongo utambitse. Bwira abana baririmbe injyana kuva ku 10 kugera kuri 50 hanyuma bave kuri mirongo itanu bajya ku icumi, bagende babara mu macumi.

2.Isubiramo — iminota 3

- Mukine agakino: "Ni kangahe wabonye?" Urugero: Shyira ku meza udufungo tubiri tw'uduti icumi icumi n'utundi duti 2 turi ukwatwo. Bwira abana bitegereze maze bavuge umubare utwo duti twerekana kandi basobanure impamvu (muri uru rugero ni 22).

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

25 30 37 40 43 50

- Bwira abana 2 baze imbere, bazamure ibiganza byabo maze berekana intoki. Nimubare intoki kugeza kuri 20. Bwira umwana w'umukobwa nawe aze imbere maze azamure intoki 5. Bwira abana bose babare izo ntoki bahereye kuri 20 maze bakubwire umubare wazo. Andika umubare 25 ku kibaho.
- Komeza uwo mwitozo, ubwire wa mwana w'umukobwa azamure intoki zisigaye. Bwira abana bose babare intoki zizamuye maze bakubwire umubare wazo. Andika umubare 30 ku kibaho.
- Bwira umuhungu aze imbere maze azamure intoki 7. Bwira abana babare intoki zizamuye bahereye kuri 30 maze bavuge umubare wazo. Andika 37 ku kibaho. Bwira wa mwana w'umuhungu azamure intoki zisigaye. Bwira abana bavuge umubare w'intoki zizamuye maze wandike 40 ku kibaho.
- Bwira undi mwana w'umukobwa aze imbere maze azamure intoki 3. Bwira abana babare intoki zizamuye bahereye kuri 40 maze bavuge umubare wazo. Andika 43 ku kibaho. Bwira wa mwana w'umukobwa azamure intoki zisigaye. Bwira abana babare intoki zizamuye maze bavuge umubare wazo.
- Andika umubare 50 ku kibaho. Fasha abana gusoma iyo mibare yanditse ku kibaho, nibarangiza bayandukure mu makayi.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Erekana uyu mubare (Babiri babiri)

- Vuga umubare uri hagati ya 20 na 50. Bwira abana bakorere mu matsinda ya babiri babiri, maze berekane uwo mubare bakoresheje udufungo tw' uduti icumi icumi n'utundi duti turi ukwatwo. Subira muri uwo mwitozo inshuro nyinshi.

Umwitozo wa 2 – Kubara – IGITABO CY'UMUNYESHURI (ukorwa n'umwana ukwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kubara kuva kuri 20 kugera kuri 50 iri mubitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite):

  MK/REB P. 43, 45, **MK** P. 67, 68, **JKF** P. 106, **LONGHORN** P. 29, 30, 31

  Icyitonderwa: Ukoreshe imyitozo irimo umubare utarenze 5.

Umwitozo wa 3 – Kubara abanyeshuri (Umwitozo ukorwa n'ishuri ryose)

- Bwira umwana w'umuhungu azenguruke mu ishuri maze abare abana 33(niba abana batagera kuri uwo mubare, uwo mubare uwuhindure). Bwira abandi bana bafatanye nawe kubara. Nagera kuwa 33 (cyangwa k'undi mubare wavuze), ubwire umwana agezeho ahaguruke maze nawe abare abana 27(cyangwa undi mubare uri munsi y'uwo wavuze mbere). Subira muri uwo mwitozo inshuro nyinshi ari ko uhinduranya imibare n'abana.

4.Isuzumabumenyi — iminota 8

- Vuga umubare uri hagati ya 20na 50 hanyuma abana bawerekane bakoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi duti turi ukwatwo.

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

	Bwira abana baze kurirmbira abantu bo mu rugo injyana yo kubara kuva ku 10 kugera kuri 50, babare mu macumi, bava imbere bajya inyuma, hanyuma bava inyuma baza imbere.

ISOMO RYA 3 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 20 KUGERA KURI 50

ICYITONDERWA - *Emerera abana gukoresha utubarisho mu gihe bakora imyitozo yo kubara.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kubara gusoma no kwandika imibare kuva kuri 20 kugera kuri 50	• Buri mwana akeneye udufungo 2 tw'uduti icumi icumi n'uduti dutanu turi ukwatwo.

1. Gukangura abana — iminota 2

Mukine mwihuta: "Ongeraho rimwe". Vuga umubare uri hagati ya 20 na 49. Abana bavuge umubare babona bongeyeho rimwe.

2. Isubiramo — iminota 3

- Mukine agakino "Erekana uyu mubare". Vuga umubare uri hagati ya 20 na 50. Abana, mu matsinda ya babiri babiri, bawerekane bakoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi duti turi ukwatwo. Subira muri uwo mwitozo inshuro nyinshi.
- Bwira umwana w'umukobwa ahaguruke azenguruke mu ishuri, abare abana 42 (niba abana batagera kuri uwo mubare, uwo mubare uwuhindure). Bwira abandi bana bafatanye nawe kubara.

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Bwira umwana aze imbere maze abare umubare 20 akoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi. Bwira undi mwana aze imbere yongereho agati kamwe. Babaze umubare w'uduti: 21. Andika uwo mubare ku kibaho, hanyuma ubwire umwana yongereho akandi gati. Ukomeze uwo mwitozo ari ko wandika uwo mubare ku kibaho kugeza ugeze kuri 30. Fata twa duti icumi turi ukwatwo uduhambirire hamwe. Bwira wa mwana yicare.
- Hamagara undi mwana aze imbere maze asubire muri uwo mwitozo, ariko abare ahereye kuri 30 kugera kuri 40. Uko yongeyeho agati kamwe, wandike umubare abonye ku kibaho. Nagera kuri 40, twa duti 10 yagiye yongeraho uduhambiranye maze ubwire umwana yicare.
- Bwira undi mwana akomeze uwo mwitozo, agere kuri 50.
- Kora ku mubare uwo ariwo wose maze abana bawusome.
- Bwira abana bayandukure mu makaye yabo.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Erekana uyu mubare (babiri babiri)

- Vuga umubare uri hagati ya 20 na 50. Bwira abana bakorere mu matsinda ya babiri babiri berekane uwo mubare bakoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi duti turi ukwatwo. Subira muri uwo mwitozo inshuro nyinshi.

Umwitozo wa 2 – Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 20 kugera kuri 50 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana ukwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 20 kugera kuri 50 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P 43 , 45, **MK** P. 67, 68 , 72, **JKF** P. 106, **LONGHORN** P.29, 30, 31

Icyitonderwa: Ukoreshe imyitozo itarengeje umubare 50.

4.Isuzumabumenyi — iminota 8

Vuga imibare ikurikira maze abana bayandike : 23 , 30, 39, 45, 50. Nibarangiza kuyandika bayisome.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana baze kubarira umuntu wo mu rugo kuva kuri 20 kugera kuri 50.

ISOMO RYA 4 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA KURI 20 KUGERA KURI 50

ICYITONDERWA - *Ibishushanyo bigomba kuba ari binini ku buryo buri mwana abibona.*

Intego y'isomo;	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 20 kugera kuri 50	• Buri mwana azakenera udufungo 4 tw'uduti icumi icumi hamwe n'utundi duti 5 turi ukwatwo. • Terefone (M-P1-T3-W2-L4) • Indangururamajwi.

1.Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone umunota 1

- Genzura kandi ko abana bafite utubarisho.

2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone iminota 30

25 < 36

36 > 25

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva ku 10 kugera kuri 50 (bagende babara mu macumi).
- Kinisha abana agakino 'Ongeraho 2'.
- Fasha abana gutahura uko bagereranya imibare iri hagati ya 20 na 50, ukoresheje agakino: 'Bara, ugereranye'(mukoresheje intoki).
- Fasha abana gukora imyitozo yo kugereranya imibare iri hagati ya 20 na 50, bakoresheje utubarisho (bakorere mu matsinda ya babiri babiri).
- Koresha abana imyitozo yo kugereranya imibare iri hagati ya 20 na 50, bakoresheje utubarisho (bakorere mu matsinda ya babiri babiri).
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: 'Kuramo 2'.
- Baza abana uko bamenya uko umubare uruta undi cyangwa urutwa n'undi.

Agakuru k'imibare

Teta yasoromye amapera 30. Gasore we yasoromye amapera 16. Wabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Teta yasoromye amapera menshi ku ya Gasore.

- Teta yarushije Gasore amapera 14.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

- Andika imibare ibiri urugero 25 na 43. Buri mwana akore amatsinda 2 y'uduti agaragaza iyo mibare. Hanyuma ubaze abana itsinda rifite byinshi n'irifite bike.

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana baze gukina agakino: "Kora itsinda ry'ibintu bihwanye, biruta cyangwa birutwa na…." Bafatanye n'incuti cyangwa umuntu wo mu rugo maze bitoze kugereranya. Umwe avuge umubare uri hagati ya 20 na 50; undi akore itsinda ry'ibintu birutwa, biruta cyangwa bingana n'uwo mubare.

ISOMO RYA 5 – KUGERERANYA IMIBARE KUVA KURI 20 KUGERA KURI 50

ICYITONDERWA - *Shushanya amatsinda angana kugira ngo abana bimenyereze gukoresha ikimenyetso cya bihwanye (=).*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kugereranya imibare kuva kuri 20 kugera kuri 50	• Buri mwana azakenera udufungo 3 tw'uduti icumi icumi hamwe n'utundi duti 5 turi ukwatwo.

1. Gukangura abana — iminota 2

10 20 30 40 50	Andika imibare ku kibaho 10, 20, 30, 40, 50 ku murongo utambitse. Bwira abana baririmbe injyana kuva ku 10 kugera ku 50, no kuva ku 50 kugera kuri 10, bagende baririmba mu macumi.

2. Isubiramo — Iminota 3

- Mukine agakino: "*Bara,* ugereranye". Bwira abana bajye mu matsinda ya babiri babiri. Babwire imibare 2 iri hagati ya 20 na 50. Urugero: 36 na 33. Babwire berekane iyo mibare bakoresheje uduti. (Babanze bakore udufungo tw'uduti icumi icumi hanyuma bagende bongeraho uduti turi ukwatwo). Nyuma berekane itsinda ry'uduti rifite uduti twinshi n'irifite duke.

3. Isomo rishya — iminota 3

3.1 Kuvumbura icyigwa

37 > 36 **40 = 40**	• Abana bakine agakino: "Bara, ugereranye". Hamagara abana 8 (abahungu 4 n'abakobwa 4) baze imbere. Bwira ishuri rifashe ba bakobwa bane kubara intoki 36 maze bazereke ishuri ryose (batatu bazamure intoki icumi icumi undi zamure intoki 6). • Bwira ba bahungu bazamure intoki 37 maze bazereke ishuri ryose (batatu bazamure intoki icumi icumi undi azamure intoki 7).

- Bwira abana bavuge itsinda ryazamuye intoki nyinshi n'iryazamuye nke…bavuge n'uko babimenye. Andika igisubizo ku kibaho: 37 biruta 36, 36 birutwa na 37 ukoresheje ibimenyetso bya >, <. Shimira abo bana maze ubabwire basubire kwicara. Hamagara irindi tsinda ry'abahungu 4 n'abakobwa 4 baze imbere maze usubire mu mwitozo ukoresheje imibare: 40 na 40. Ubaze abana bavuge itsinda ryazamuye intoki nyinshi, iryazamuye nke, cyangwa ko bazamuye intoki zingana ubabaze n'uko babimenye. Andika igisubizo ku kibaho ukoresheje ikimenyetso cya =.
- Ibutsa abana ko umubare munini ujya mu mahembe y'ikimenyetso cya <, cyangwa >.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Kora itsinda ry'ibintu biruta, birutwa cyangwa bingana na… (babiri babiri)

- Vuga umubare uri hagati ya 20 na 50. Bwira abana bakorere mu matsidan ya babiri babiri maze berekane umubare wavuzwe bakoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi hamwe n'utundi duti turi ukwatwo. Bwira abana bongere bakore itsinda ry'uduti duke kuri uwo mubare. Gendagenda mu ishuri ubaza abana uko bagereranya iyo mibare bakoresheje ibimenyetso. Bwira abana bamwe baze imbere bereke bagenzizi babo uko bakoze amatsinda y'uduti, n'uko bagereranyije iyo mibare bakoresheje ikimenyetso cya < cyangwa >.
- Subira muri uwo mwitozo inshuro nyinshi. Urajya uvuga umubare mushya maze abana bakore itsinda ry'uduti rigaragaza uwo mubare, nibarangiza bakore irindi tsinda ry'uduti riruta, rirutwa cyangwa ringana n'uwo mubare. Hanyuma bakoreshe ikimenyetso cya >, < cyangwa = mu kugereranya iyo mibare.

Umwitozo wa 2 – Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 20 kugera kuri 50 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana ukwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 20 kugeza kuri 50 iri mu bitabo bikurikira: **MK**: P.90, **LONGHORN** P.47, 48 (Koresha ibitabo ishuri rifite kandi ukoreshe imyitozo itarengeje umubare 50)

4.Isuzumabumenyi — iminota 8

- Andika amatsinda y'imibare akurikira ku kibaho maze abana bayagereranye bakoresheje ikimenyetso cya <, > na =: 34 ☐ 49 21 ☐ 36 40 ☐ 50

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Abana baze gukorera mu rugo imyitozo yo kugereranya ikurikira:

25 ☐ 50 38 ☐ 38 27 ☐ 20

Bakoresheibimenyetso bya >, < cyangwa =.

ISOMO RYA 6 – GUPIMA UBUREBURE MURI METERO

ICYITONDERWA - *Mbere yo gupima ikintu, abana bajye babanza bacishirize uko kireshya. Bizabafasha kurushaho kumva ingero zinyuranye z'uburebure.*

Intego y'isomo: Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gupima uburebure muri metero butarengeje m 50	**Imfashanyigisho** • Umugozi upima metero 10.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine mwihuta: "Ni kangahe kabura kuri 20?" . Vuga umubare maze abana bakubwire umubare ubura ngo babone 20.

2. Isubiramo **iminota 3**

Bwira abana barebe ikibaho, nyuma barebe idirishya. Babaze uti 'ikirekire mu butambike ni ikihe?' Babwire basobanure (Bashobora kubyerekana bate?)

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1 Kuvumbura icyigwa

- Ereka abana metero. Babwire bacishirize uburebure bw'ibintu binyuranye mu ishuri. (uburebure bw'intebe zabo, ubw'ameza yawe). Andika ibisubizo byabo ku kibaho.
- Ereka abana uko bakoresha irati ya metero mu gupima uburebure bw'ibintu. Andika uburebure nyakuri iruhande rw'uburebure bari babonye. Nimugereranye ibisubizo mubonye n'ibyo bari batanze.
- Noneho, jyana abana hanze maze ubasobanurire ko bagiye gukoresha metero maze bagapima ikibuga cy'ishuri kandi bakandika ibisubizo mu makaye yabo.
- Abana babiri bafatanye gupima bakoresheje metero, abandi barebe uko bari kubikora, bagenda babafasha kubara metero bapimye.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Wageze hehe utera intambwe? (umwana ukwe)

- Bwira abana bakore umurongo mu kibuga maze bashushanye umurongo muremure ku butaka. Basobanurire ko uwo ari umurongo w'intangiriro. Vuga uburebure bureshya nka metero 10. Bwira abana batere intambwe icumi bajya imbere. Babwire bagume aho bageze mu gihe upima m10 (hakoreshejwe umugozi wa m 10) uhereye kuri wa murongo w'intagiriro kugira ngo murebe abana bahagaze neza muri metero 10 koko. Subiramo uwo mwitozo ukoresheje izindi metero z'uburebure.

Umwitozo wa 2 - Gupima bakoresheje umugozi upima metero

Bwira abana bafate ya migozi ireshya na metero hanyuma bakorere mu matsinda ya batanu batanu noneho bapime ikibuga cy'ishuri ryabo nyuma baze kukubwira metero bapimye.

Umwitozo wa 3- Gupima uburebure muri metero (butarengeje m 50) – IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gupima uburebure muri metero (butarengeje m 50) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo abana bafite) :

  MK/REB P.88 na 89, **MK** P.70**, JKF** P. 101, **LONGHORN** P.100, 101, 105

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Baza abana metero bapimye mu kibuga cy'ishuri.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bwira abana bashake mu rugo ibintu bipima metero 10, 20 cyangwa 30. Bacishirize maze umunsi ukurikiyeho bazavuge ibyo babonye.

ICYUMWERU CYA 3

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Gusesengura imibare kuva ku10 kugera kuri 20 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gusesengura imibare kuva ku10 kugera kuri 20 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gukora imyitozo ku merekezo: munsi, imbere, inyuma	• Gusesengura imibare kuva ku10 kugera kuri 30 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gusesengura imibare kuva ku10 kugera kuri 30 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Imyitozo ku merekezo: hagati, hejuru, hasi, iburyo, ibumoso	• Isuzumabumenyi
Udukino two kubara mu mutwe	• Ni kangahe kabura kuri 20? • Ongeraho rimwe	• Ni kangahe kabura kuri 20?	• Ongeraho 2	• Ongeraho 2 • Ni kangahe kabura kuri 20?	• Ongeraho 2 • Ni kangahe kabura kuri 20?	• Ni kangahe kabura kuri 20?	
Indirimbo cyangwa injyana	• Injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 20	• Injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 20	• Injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 20 bagenda basimbuka umubare umwe	• Injyana y'imibare kuva ku 20 kugera kuri 30	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 30 bagenda basimbuka umubare umwe	• Injyana y'imibare kuva kuri 1 kugera kuri 30 bagenda basimbuka umubare umwe	
Udukino two kubara	• Fora umubare • Erekana uwo mubare	• Erekana uwo mubare • Ni uwuhe mubare? • Fora umubare	• Fora umubare • Hishura	• Fora umubare	• Erekana uwo mubare • Ni uwuhe mubare?	• Hishura • Zamura ikiganza	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.37, 38	P.37, 38, 44	P.65, 66, 67	P. 37-, 38	P 37-,38, 44	P.68 - 75	
MK	P.73, 74	P.73, 74	P.75, 76, 77	P.72, 73, 74	P.72,73, 74	P.75, 76, 77	
JKF	P. 99, 110	P. 99, 110	P. 102	P. 99, 110	P. 99, 110	P. 102	
LONGHORN	P 37, 38, 39	P 37, 38, 39	P.81, 82, 83, 84	P 37, 38, 39	P 37, 38, 39	P.82, 83	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

	Ni kangahe kabura kuri 20? • Vuga umubare uri hagati ya 0 na 20. Abana bavuge umubare ubura kugira ngo babone 20.
	Ni uwuhe mubare? • Mukine: "Ni uwuhe mubare?" aho buri mubarwa ugaragazwa n'amajwi atandukanye. Urugero, amashyi agaragaza ibinyacumi; inoni igaragaza ibinyabumwe. Bityo, amashyi inshuro ebyiri n'inoni inshuro eshatu ni23. Subira muri uwo mwitozo inshuro nyinshi kugeza abana babyumvise neza.
	Erekana uyu mubare • Vuga umubare maze abana bawerekane bakoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi turi ukwatwo. Bashobora no gukoresha intoki muri uwo mwitozo.
	Fora umubare • Bwira abana ko urimo gutekereza umubare. Abana bakubaze ibibazo bisaba igisubizo cya 'yego' cyangwa 'oya'. Urugero: Ufite ikinyacumi kimwe? Oya. Abana bakomeze kubaza kugeza bafinduye uwo mubare.
	Erekana uwo mubare... • Vuga umubare, urugero *12.* • Abana bakoreshe utubarisho cyangwa ibishushanyo mu kwerekana uwo mubare.
	Ongeraho rimwe cyangwa kabiri, cyangwa kuramo rimwe cyangwa kabiri • Vuga umubare maze abana bavuge umubare babona bongeyeho cyangwa bakuyemo 1.
	Zamura ikiganza • Mukine:'Zamura ikiganza' . Bwira abana bapepere bakoresheje ikiganza cyabo cy'ibumoso, nyuma bakoreshe ibiganza byombi. Komeza uwo mukino uvuga: ibumoso, iburyo, ibumoso, iburyo. Urebe niba abana bakoresha ikiganza wababwiye.
	Hishura • Bwira abana babiri basohoke. Fata umupira maze uwuhishe. Babwire bongere binjire maze bashake wa mupira. Nibawubona, bavuge aho bawusanze: hejuru, munsi cyangwa imbere ya…..
29	**Sesengura uyu mubare** • Mukine: "Sesengura uyu mubare". Andika umubare uri hagati ya 0 na 30 ku kibaho. Bwira abana bavuge umubare w'ibinyacumi n'uw'ibinyabumwe biwugize. Musubiremo mwihuta, ari ko ugenda usiba imibare.

ISOMO RYA 1 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KU 10 KUGERA KURI 20 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE

ICYITONDERWA- *Mu gihe mukina udukino two kubara, ugerageze guhinduranya imibare.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gusesengura imibare kuva ku 10 kugera kuri 20 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Utubarisho 10 kuri buri mwana. • Terefone (M-P1-T3-W3-L1) • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri ku buryo buri wese aza kumenya mugenzi we mu gihe cy'isomo.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

11 12 13 14 15 16 17 18 19 20

- Ririmbana n'abana injyana yo kubar**a** kuva kuri 11 kugera kuri 20.
- Kinisha abana agakino ku kubara mu mutwe: "Ni kangahe kabura kuri 20?"
- Fasha abana gutahura uko basesengura umubare mo ibinyacumi n'ibinyabumwe, ukoresheje agakino: 'Ni ibinyacumi bingahe? Ni ibinyabumwe bingahe? '(mukoreshe intoki)
- Fasha abana gukora umwitozo wo gusesengura, ukoresheje agakino: 'Ni ibinyacumi bingahe? Ni ibinyabumwe bingahe? '(bakoreshe intoki)
- Koresha abana umwitozo wo gusesengura umubare mo ibinyacumi n'ibinyabumwe. Bakorere mu matsinda ya babiri babiri. (Bakoreshe utubarisho).
- Kinisha bana agakino ko gusesengura kitwa: 'Ni uwuhe mubare?' (urakoresha gukoma amashyi no kuvuza inoni)
- Kinisha abana agakino ku kubara mu mutwe "Ongeraho rimwe".
- Baza abana uko bamenya ibinyacumi n'ibinyabumwe bigize umubare, urugero 15.

Agakino

?	Mukine agakino: "Ni uwuhe mubare?" aho buri mubarwa ugaragazwa n'amajwi atandukanye. Urugero, amashyi agaragaza ibinyacumi; inoni igaragaza ibinyabumwe. Bityo, amashyi inshuro imwe n'inoni inshuro eshatu ni13. Subira muri uwo mwitozo inshuro nyinshi kugeza abana babyumvise neza.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Vuga imibare: 10, 13, 17, 19, maze abana bavuge umubare w'ibinyabumwe bigize buri mubare.

3.2. Umukoro wo mu rugo

	Abana nibagera mu rugo baze kubwira umuntu wo murugo ibinyabumwe, ibinyacumi bigize iyi mibare: 14, 16, 20.

ISOMO RYA 2 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KU 10 KUGERA KURI 20 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE

ICYITONDERWA- *Mu gihe murimo gukina udukino two kubara, umenye abana bafite ibibazo maze ubiteho.*

Intego y'isomo:
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:
- Gusesengura imibare kuva ku 10 kugera kuri 20 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe

Imfashanukoni yigisho
- Uduti 10 kuri buri mwana.

1.Gukangura abana — iminota 2

10 11 12 13 14 15 16 17 18 19 20	Andika imibare kuva ku 10 kugera kuri 20. Bwira abana baririmbe injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 20.

2.Isubiramo — iminota 3

Mukine agakino "Erekana uwo mubare". Vuga umubare uri hagati ya 10 na 20. Abana babiri baze imbere maze bawerekane bakoresheje intoki zabo, umwana umwe azamure intoki 10 kugira ngo yerekane ibinyacumi, undi azamure intoki zirenga ku icumi kugira ngo yerekane ibinyabumwe. Babaze umubare w'ibinyacumi n'uw' ibinyabumwe babonye.

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Fata uduti 9 utubarane n'abana: 1, 2, 3, 4, 5, 6, 7, 8, 9.
- Basobanurire ko ari ibinyabumwe 9. Ongeraho akandi gati kamwe maze ubasobanurire ko iyo mugize uduti10, mushobora gukora agafungo kamwe k'icumi.
- Kora agafungo k'uduti 10. Baza abana umubare w' ibinyacumi mufite? Ikinyacumi 1.
- Zana uduti 4 tudahambiriye utubarane n'abana. Baza abana uti 'Dufite uduti tungahe? Dushyire iruhande rwa ka gafungo k'uduti 10. Babaze umubare w'uduti twose hamwe. Ni 14. Babaze umubare w'ibinyacumi n'ibinyabumwe biri mu mubare 14? Ikinyacumi kimwe 1 n' ibinyabumwe 4. Eraka abana uko babyandika: c1 na b4
- Shushanya ikibarisho (intungwamibare) maze wereke abana uko bakwerekana ho umubare 14 (reba urugero ku gishushanyo).
- Shushanya imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe ku kibaho. Andika umubare 4 mu nkingi y'ibinyabumwe, n'umubare 1 mu nkingi y'ibinyacumi. Sobanurira abana uko bandika umubare mu mbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe.
- Andika ku kibaho umubare uri hagati ya10 na 20 maze abana bawusome. umwana umwe aze imbere yerekane uwo mubare akoresheje intungwamibare (ikibarisho). Baza abana uti: ibinyacumi ni bingahe? Naho ibinyabumwe ni bingahe? Siba imibare yanditse mu mbonerahamwe maze ubwire umwana umwe aze yandikemo uwo mubare wabahaye. Subira muri uwo mwitozo ukoresheje indi mibare.



3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Ni uwuhe mubare? (ishuri ryose)
- Mukine: Ni uwuhe mubare?aho buri mubarwa ugaragazwa n'ijwi. Urugero: Amashyi agaragaza ibinyacumi naho inoni igaragaza ibinyabumwe. Bityo: amashyi inshuro imwe inoni inshuro enye ni 14. Subira muri uwo mwitozo inshuro nyinshi kugeza igihe abana babifatiye.

Umwitozo wa 2 – Gusesengura imibare kuva ku 10 kugera kuri 20 bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe (buri mwana ku giti cye)
- Andika imibare ikurikira ku kibaho maze abana bayisesengure bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe: 12, 15, 17. Ubabwire babanze bakoreshe ikibarisho mu kumenya ibinyabumwe n'ibinyacumi bigize iyo mibare.
- Nibarangiza uhamagare abana bamwe baze bereke abandi uko babikoze ku kibaho.

Umwitozo wa 3 - Gusesengura imibare kuva ku 10 kugera kuri 20 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe – IGITABO CY'UMUNYESHURI
- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gusesengura imibare kuva ku 10 kugera kuri 20 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite) : **MK/REB** P.37,38, 44**, MK** P.73,74**, JKF** P. 99, **LONGHORN** P 37, 38, 39

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Andika imibare ikurikira ku kibaho maze abana bayisesengure bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe: 11, 16, 19.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika imibare ikurikira ku kibaho maze abana bayandukure mu makayi yabo: 11, 16, 18. Nibagera mu rugo baze kuyisesengura bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe.
Babanze bashushanye ikibarisho kugira ngo bamenye ibinyabumwe n'ibinyacumi bigize uwo mubare.

ISOMO RYA 3 – AMEREKEZO: MUNSI, IMBERE, INYUMA

ICYITONDERWA- *Mushobora gukinira hanze mukoresha amagambo agaragaza amerekezo.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gusobanura no kwerekana aho abantu cyangwa ibintu bihereye: munsi, imbere cyangwa inyuma.	• Agapira cyangwa agakinisho niba kaboneka

1.Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine mwihuta "Ongeraho 2". Mukoreshe imibare kuva 0 kugera 28.

2.Isubiramo **iminota 3**

- Mukine: "Ni uwuhe mubare?" aho buri mubarwa uhagaragazwa n'ijwi. Urugero:. Amashyi agaragaza ibinyacumi naho inoni ikagaragaza ibinyabumwe. Bityo: amashyi inshuro imwe, n'inoni inshuro eshanu ni 15. Subira muri uwo mwitozo inshuro nyinshi kugeza igihe abana babifatiye.

3.Isomo rishya **iminota 25**

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Ifashishe agakinisho, agapira cyangwa ikaramu. Bwira umwana ashyire agapira ahantu runaka mu ishuri maze abana bavuge aho gaherereye. Bwira abana babisubiremo: Urugero: umupira uri munsi y'ameza. Umupira uri inyuma y'urugi. Bwira umwana w'umuhungu ashyire umupira ahantu hanyuranye ari ko abaza aho uherereye? Subira muri uwo mwitozo noneho bikorwa n'umukobwa.
- Hamagara umukobwa n'umuhungu baze imbere bahagarare ku murongo. Sobanura ko umwana w'umuhungu ari imbere y'umukobwa kandi ko umukobwa ari inyuma y'umuhungu. Bwira umwana azenguruke mu ishuri agende akora ku munyeshuri maze abandi bavuge umwicaye imbere cyangwa inyuma.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Hishura (Ishuri ryose)

- Bwira abana babiri basohoke. Ha umwana umupira maze uwuhishe ahantu mu ishuri. Babwire binjire maze bashake wa mupira. Nibawubona, bavuge aho bawusanze: umupira uri hejuru, munsi cyangwa imbere ya….. Subira muri uwo mwitozo ubwire abandi babiri basohoke maze mwongere muhishe umupira.

Umwitozo wa 2 – Gutahura imbere, inyuma ya… (Ishuri ryose)

- Bwira umwana umwe ahaguruke agende akore k'uwundi. Abandi bana bavuge umwicaye imbere cyangwa inyuma.

Umwitozo wa 3 – Amerekezo: munsi, imbere, inyuma, hasi, hejuru – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Umwana ukwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye n'amerekezo: 'munsi, imbere, 'inyuma' iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite);
  MK/REB P.65, 66, 67, **MK** P.75,76, 77, **JKF** P.102, **LONGHORN** P.81, 82, 83, 84

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Baza abana bakubwire ibyo bize. Bwira abana bamwe baze imbere bafashe abandi gukoresha amagambo mashya bize: 'munsi, imbere, inyuma, hasi, hejuru' bifashishije ikaramu, umupira cyangwa ikindi kintu. Bagende babishyira ahantu hanyuranye hanyuma abandi bavuge aho biherereye,

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Abana nibagera mu rugo baze kwereka umuntu wo mu rugo ko bazi gukoresha amagambo aranga amerekezo: munsi, imbere cyangwa inyuma. Berekana aho ibintu cyangwa abantu baherereye bakoresheje ayo magambo.

ISOMO RYA 4 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KU 10 KUGERA KURI 30 MO IBINYACUMI N' IBINYABUMWE

ICYITONDERWA- *Gendagenda mu ishuri ufasha abana aho biri ngombwa.*

Intego y'isomo	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gusesengura imibare kuva ku 10 kugera kuri 30 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe.	• Uduti 20 kuri buri mwana • Terefone (M-P1-T3-W3-L4) • Indangururamajwi.

1.Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 2**

- Genzura ko abana bafite utubarisho two kubara no gukora udufungo tw' udukoni icumi icumi.

2.Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

20 21 22 23 24 25 26 27 28 29 30 **c** | **b**	• Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 20 kugera kuri 30. • Kinisha abana agakino ku kubara mu mutwe: 'Ni kangahe kabura kuri 20?'

- Fasha abana gutahura uko basesengura umubare (uri hagati ya 10 na 30) mo ibinyacumi n'ibinyabumwe bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe. Babanze berekane umubare bagiye gusesengura bakoresheje utubarisho (udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi turi ukatwo) cyangwa ikibarisho (intungwamibare).
- Koresha abana imyitozo yo gusesengura, bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe. Babanze bakore umwe ku giti cye, nyuma bakorere mu matsinda ya babiri babiri.
- Kinisha abana agakino ko gusesengura kitwa: 'Ni uwuhe mubare?' (ukoresheje gukoma amashyi no kuvuza inoni)
- Baza abana uko basesengura umubare mo ibinyabumwe n'ibinyacumi bakoresheje imbonerahamwe.

Agakino

?	Mukine: "Ni uwuhe mubare?" aho buri mubarwa ugaragazwa n'amajwi atandukanye. Urugero, amashyi agaragaza ibinyacumi; inoni igaragaza ibinyabumwe. Bityo, amashyi inshuro ebyiri n'inoni inshuro ebyiri ni22. Subira muri uwo mwitozo inshuro nyinshi kugeza abana babyumvise neza.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Abana basesengure imibare ikurikira bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi: 12, 23, 30.

Babanze bashushanye ikibarisho (intungwamibare) kibafasha kumenya ibinyabumwe n'ibinyacumi bigize buri mubare.

3.2. Umukoro wo mu rugo

	Bwira abana basesengure imibare ikurikira: 15, 23, 30 bakoresheje gushushanya imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi. Babanze bashushanye ikibarisho (intungwamibare) kibafasha kumenya ibinyabumwe n'ibinyacumi bigize buri mubare.

ISOMO RYA 5 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KU 10 KUGERA KURI 30 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE

ICYITONDERWA- *Mu gihe cyo gukangura abana cyangwa cy'udukino two kubara mu mutwe, mubikore mwihuta kugira ngo abana bitoze gusubiza vuba.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gusesengura imibare kuva ku 10 kugera kuri 30 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Utubarisho 20 kuri buri mwana.

1.Gukangura abana — iminota 2

0 2 4 6 8 10 12 14 16 18 20 22 24 26 28 30

Andika ku kibaho imibare kuva kuri 0 kugera kuri 30. Bwira abana baririmbe injyana y'imibare: kuva kuri 0 ujya kuri 30 no kuva kuri 30 ujya kuri 0. Bagende basimbuka umubare umwe umwe.

2.Isubiramo — iminota 3

- Mukine: 'Erekana uwo mubare". Vuga umubare uri hagati ya 10 na 20. Bwira abana babiri baze imbere maze berekane uwo mubare bakoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi duti turi ukwatwo. Nibarangiza, bashushanye imboneramwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe hanyuma bandikemo uwo mubare.

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa



- Andika umubare ku kibaho uri hagati ya 10 na 30 urugero 25 maze abana bawusome. Bwira abana babiri baze imbere maze berekene uwo mubare bakoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi icumi n'utundi duti turi ukwatwo.
- Ereka abana uko bagaragaza ibinyabumwe n'ibinyacumi bakoresheje gushushanya intungwamibare, ikibarisho (reba igishushanyo ibumoso).
- Bwira abana ko agasaro iyo kari ku murongo wanditseho c, kaba kagaragaza ibinyacumi, ubwo udusaro tubiri munsi ya c ni 20, naho agasaro iyo kari ku murongo wanditseho b kagaragaza ikinyabumwe. Ubwo udusaro 5 munsi ya b ni 5.
- Shushanya imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe ku kibaho. Andika uwo mubare mu mbonerahamwe maze ubaze uti: ibinyabumwe ni bingahe? Naho ibinyacumi? Subiramo uwo mwitozo ukoresheje indi mibare. Urajya uvuga umubare, abana bawugaragaze bakoresheje ikibarisho. Hanyuma ubaze abana umubare w'ibinyabumwe n' uw' ibinyacumi maze ubyandike mu mbonerahamwe ahabugenewe.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Sesengura uyu mubare mo ibinyacumi n'ibinyabumwe(Ishuri ryose)

- Mukine: "Sesengura uyu mubare mo ibinyacumi n'ibinyabumwe". Andika umubare ku kibaho kuva ku 10 kugeza kuri 30. Bwira abana bawugaragaze ku kibarisho maze bavuge umubare w' ibinyabumwe n'uw'ibinyacumi biwugize. Subiramo uwo mwitozo wihuta kandi usiba umubare.

Umwitozo wa 2 – Gusesengura imibare bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi.

Abana basesengure imibare ikurikira: 15, 26, 30

Babanze bagaragaze umubare w'ibinyabumwe n'ibinyacumi bigize buri mubare bifashishije ikibarisho hanyuma bawandike mu mbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi.

Umwitozo wa 3 – Gusesengura imibare kuva ku 10 kugera kuri 30 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe – IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gusesengura imibare kuva ku10 kugera kuri 30 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe iri mubitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite).

MK/REB:P. 37, 38, 44, **MK** P.72, 7'3, 74, **JKF** P. 99, 110, **LONGHORN** P.37, 38, 39

4.Isuzumabumenyi — iminota 8

- Andika imibare ikurikira: 17, 21, 30 maze abana bayisesengure bakoresheje kubanza gushushanya ikibarisho kigaragaza ibinyabumwe n' ibinyacumi. Nibarangiza bandike iyo mibare mu mbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi.

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

	Bwira abana baze gusaba umuntu wo mu rugo avuge umubare uri hagati ya10 na 30 maze bawugaragaze bakoresheje ikibarisho kigaragaza ibinyacumi n'ibinyabumwe bigize uwo mubare. Nyuma bawandike mu mbonerahamwe y' ibinyabumwe n'ibinyacumi.

ISOMO RYA 6 – AMEREKEZO: HASI, HEJURU, HAGATI, IBURYO N'IBIMOSO

ICYITONDERWA- *Mushobora gukinira imikino hanze mukoresha amagambo agaragaza amerekezo y'ibintu*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kuvuga aho ikintu gihereye: hasi, hejuru, hagati, ibumoso n'iburyo.	• Agapira cyangwa agakinisho.

1. Gukangura abana — iminota 2

0 2 4 6 8 10 12 14 16 18 20 22 24 26 28 30

Andika ku kibaho imibare kuva kuri 0 kugera kuri 30. Bwira abana baririmbe injyana y'imibare: kuva kuri 0 ujya kuri 30 no kuva kuri 30 ujya kuri 0. Bagende basimbuka umubare umwe.

2.Isubiramo — iminota 3

Ifashishe agakinisho, umupira cyangwa ikaramu. Shyira icyo kintu ahantu runaka mu ishuri maze abana bajye bavuga aho gihereye: munsi, imbere, inyuma.

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Hindukira urebe ikibaho. Zamura ikiganza cy'ibumoso maze ubwire abana uti: iki ni ikiganza cyanjye cy'ibumoso maze nabo bakwigane bazamure ikiganza cy'i bumoso. Zamura n'icy'iburyo wongere uti: iki ni ikiganza cyanjye cy'iburyo maze ubwire abana bakwigane bazamure ikiganza cy'iburyo. Bwira umwana aze imbere abisubiremo. Mubwire azamure ikiganza cye cy'ibumoso, nyuma azamure icy'iburyo.
- Sobanurira abana ibumoso n'iburyo wifashishije izindi ngero.
- Bwira abana barebe hejuru.
- Noneho babwire barebe hasi.
- Hamagara umwana umuhereze ingwa maze umubwire ayishyire hasi.
- Hamagara undi mwana aze yereke abandi hejuru y'ishuri (ahatunge urutoki).
- Sobanurira abana itandukaniro riri hagati yo "hasi" no "hejuru" wifashishije izindi ngero.
- Noneho hamagara abana batatu baze imbere bahagarare ku murongo ubaze abandi umwana uri hagati. Ha abana izindi ngero z'uko "hagati" ikoreshwa.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Hishura (Ishuri ryose)

- Bwira abana babiri bajye hanze. Hagati aho, fata umupira maze uwuhishe ahantu mu ishuri maze ubwire ba bana binjire bashake wa mupira. Nibawubona bavuge aho wari uhereye: hejuru ya, hasi ya, munsi ya, iburyo, ibumoso, hagati y'ikintu n'ikindi. Subira muri uwo mwitozo ubwira abandi bana babiri gusohoka maze mwongere muhishe umupira (ahandi hantu).

Umwitozo wa 2 – 'Zamura ikiganza' (Ishuri ryose)

- Mukine: 'Zamura ikiganza' Bwira abana bazamure ikiganza basa n'abapepera. Babanze bakoreshe ikiganza cyabo cy'iburyo nyuma byombi. Komeza umukino uvuga uti : ibumoso, iburyo, ibumoso, iburyo hanyuma abana bazamure ikiganza bijyanye. Itegereze niba abana barimo gukoresha ikiganza wavuze. Ongera ubwire abana bakore ku jisho ry'ibumoso, iry' iburyo, ikiganza cy'ibumoso, akaguru k'iburyo, ugutwi kw'ibumoso….

Umwitozo wa 3- Amerekezo – IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye n'amerekezo: hasi, hejuru, hagati, iburyo n'ibumoso iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite):. **MK/REB** P.65-75, **MK** P. 75,76, 77**, JKF** P. 102**, LONGHORN** P. 81, 82, 83, 84

4.Isuzumabumenyi — iminota 8

- Bwira abana bakwereke hejuru no hasi (bahatunge urutoki). Babwire bazamure ukuboko kw'iburyo, nyuma bazamure ukuboko kw'ibumoso.
- Shushanya ibintu bitatu ku kibaho biri ku murongo maze ubyite kimwe A, ikindi B, ikindi C, hanyuma ubaze abana ikiri hagati.

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Bwira abana baze gukora ku bice bimwe by'umubiri wabo maze bereke abo mu rugo uko babitandukanya, urugero: ikiganza cy'iburyo cyangwa ibumoso, ukuguru kw'iburyo cyangwa ibumoso. Baze kandi kubereka hasi, hejuru no hagati y'ikintu n'ikindi.

ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMERU CYA 2 N'ICYA 3

Bwira buri mwana akore ukwe. Abandi bana ntibagomba kumva ibisubizo bya bagenzi babo.

Ikibazo cya1 – Bwira abana basome iyi mibare:

22 45 36 30 29 50

Akeneye gufashwa	Ni byiza	Ni byiza cyane
Imibare yasomye neza: iri munsi y'ibiri	Imibare yasomye neza : iri hagati ya 2 na 5	Imibare yasomye neza: iri hagati ya 5 na 6

Ikibazo cya2 – Vuga umubare w'ibinyabumwe n'ibinyacumi bigize imibare ikurikira:

18

21

24

30

Akeneye gufashwa	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yakoze neza umubare umwe cyangwa nta n'umwe yakoze	Yakoze neza imibare iri hagati ya 2 na 3	Yakoze neza imibare yose

Ikibazo cya3 – Vuga aho agapira kirabura gaherereye:



Yasubije neza ibiri musi ya 2	Akeneye ubufasha
yasubije neza: ibiri hagati ya 3 na 4	Ni byiza
yasubije neza: ibiri hagati ya 5 na 6	Ni byiza cyane

Icyitonderwa:

Ni byiza cyane = amanota 3
Ni byiza = amanota 2
Akeneye gufashwa = inota 1

ICYUMWERU CYA 4

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 50 kugera kuri 70	Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 70 kugera kuri 99	• Gutahura agaciro k'amafaranga y'urwanda: kuva ku F 1 kugera kuri F 50	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 50 kugera kuri 70	• Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 50 kugera kuri 99	• Gutahura agaciro k' amafaranga y'urwanda: kuva ku F 1 kugera kuri F 50	• Gutsindagira ibyizwe
Udukino two kubara mu mutwe	• Ni kangahe kabura kuri 20? • Ongeraho 1	• Ongeraho 1 • Kuramo 1	• Kubara usubira inyuma kuva kuri 99 kugera kuri 65	• Ni kangahe kabura kuri 20? • Ongeraho 2	• Kubara usubira inyuma kuva kuri 68 kugera kuri 38	• Kubara usubira inyuma kuva kuri 30 kugera kuri 0 • Ni kangahe kabura kuri 30?	
Indirimbo cyangwa injyana	• Injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 50 bagenda babara mu macumi • Injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 90 bagenda babara mu macumi	• Injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 90 bagenda babara mu macumi	• Injyana y'imibare kuva kuri 10 kugera kuri 90 bagenda babara mu macumi	• Injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 90 bagenda babara mu macumi	Injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 90 bagenda babara mu macumi	• Injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 90 bagenda babara mu macumi	
Udukino two kubara	• Erekana uyu mubare	• Ni kangahe wabonye? • Erekana uwo mubare. • Kora ku kibaho	• Ni ikihe giceri? • Umubare ni wo?	• Ongeraho 2 • Bara, ugereranye	• Ongeraho 2 • Bara, ugereranye...	• Umubare ni wo? • Tujye guhaha	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.53-56	P.53,54, 55	P.94 , 95	P.57, 58	P.57,58	P. 94 , 95	
MK	P.82, 83,84, 86, 87, 89	P.93-99	P.85	P.90	P.90, 100	P.85	
JKF	P.106, 108, 109, 110	P.115,117	P.103, 104, 105	P.107	P.107	P.103, 104, 105	
LONGHORN	P. 32, 33, 34	P.33,34, 35	P.114	P.48, 49	P.48, 49	P.114	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

	Ni kangahe kabura kuri 20 cyangwa kuri 30? • Vuga umubare uri hagati ya 0 na 20 cyangwa 0 na 30. Abana bavuge umubare ubura ngo babone 20 cyangwa 30.
54	**Fora umubare** • Bwira abana ko urimo gutekereza umubare uri hagati ya 70 na 99. Bwira abana bakubaze ibibazo, nawe usubize: 'Yego' cyangwa 'Oya' gusa. Abana bakomeze bakubaze kugeza bavumbuye uwo mubare.
	Erekana uwo mubare… • Vuga umubare, urugero: 63 • Abana bakoreshe udufungo tw'udukoni icumi icumi n'utundi duti turi ukwatwo maze bawerekana.
	Ongeraho cyangwa kuramo rimwe, kabiri • Vuga umubare uri hagati ya 2 na 97 noneho abana bavuge umubare babona bateranyijeho cyangwa bakuyemo 1 cyangwa 2.
	Fora igiceri • Mukine: "Fora igiceri". Sobanurira abana ko urimo gutekereza igiceri. Bwira *a*bana bakubaze ibibazo nawe usubize 'Yego' cyangwa 'Oya' gusa kugeza bavumbuye icyo giceri.
52	**Umubare ni wo?** • Bwira abana babiri baze imbere bahagarare bareba bagenzi babo. Andika ku kibaho umubare uri hagati ya 50 na 99 ku buryo ba bana babiri batawubona. Abo bana basimburane kugerageza gufindura uwo mubare. Uko umwana agerageje gufindura, abandi basubize bagira bati: 'ni munini' cyangwa 'ni muto'. Umukino urakomeza kugeza igihe bavumburiye igisubizo.

ISOMO RYA 1 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 50 KUGERA KURI 70

ICYITONDERWA - Mugihe mukina aka gakino: "Fora umubare", fasha abana kuvuga imibare yose ishoboka.

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 50 kugera kuri 70.	• Buri mwana azakenera udufungo 6 tw'uduti icumi icumi hamwe n'utundi duti 10 turi ukwatwo. • Umwarimu azakenera udufungo 6 tw'uduti icumi icumi hamwe n'utundi duti 10 turi ukwatwo • Terefone (M-P1-T3-W4-L1) • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri cyangwa mu matsinda mato ku buryo baza kumenyana mu gihe cy'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

0 10 20 30 40 50

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 50(mugende mubara mu macumi).
- Kinisha abana agakino: 'Ni kangahe kabura kuri 20?'
- Fasha abana gutahura uko babara kuva kuri 50 kugera kuri 70 ukoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi turi ukwatwo.
- Koresha abana imyitozo yo kubara imibare iri hagati ya 50 na 70, ukoresheje agakino: 'Erekana uwo mubare'(bakoreshe udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi turi ukwatwo kandi bakorere mu matsinda ya babiri babiri)
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva ku 10 kugera kuri 70 (mugende mubara mu macumi)
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: 'Ongeraho rimwe'.
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano hasi.
- Baza abana icyo bize mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

Agakuru k'imibare

Mutesi yatetse amandazi 36. Nkusi yatetse amandazi 34. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Mutesi yatetse amandazi aruta aya Nkusi.

-Mutesi azi guteka amandazi vuba vuba.

-Iyo Nkusi ateka andi mandazi 2, yari guhita anganya na Mutesi.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Bwira abana umubare uri hagati ya 50 na 70 urugero 68. Maze abana bawerekane bakoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi duti turi ukwatwo.

3.2. Umukoro wo mu rugo

Ca umurongo uriho imibare kuva kuri 0 kugera kuri 70 ku kibaho maze abana nabo bawuce mu makayi yabo kandi bandikeho iyo mibare.. Nibagera mu rugo, baze kwereka abo mu rugo uko bashobora kubara kuva kuri 0 kugera kuri70. Bagende babara banakora kuri buri mubare wanditse kuri uwo murongo w'imibare.

ISOMO RYA 2 – KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA IMIBARE KUVA KURI 70 KUGERA KURI 99

ICYITONDERWA - *Ukore ku buryo abana bose babona ibyo urimo gukora.*

Intego y'isomo Nyuma y'isomo abana baraba bashobora: • Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 70 kugera kuri 99.	**Imfashanyigisho:** • Udufungo 8 tw'uduti icumi icumi, hamwe n'utundi duti 10 turi ukwatwo kuri buri mwana

1. Gukangura abana — iminota 2

10 20 30 40 50 60 70 80 90	Andika ku kibaho imibare kuva ku 10 kugera kuri 90. Bwira abana baririmbe injyana yo kubara kuva ku 10 kugera kuri 90 bagenda baririmba mu macumi. Bave imbere bajya inyuma, nyuma bave inyuma bajya imbere.

2. Isubiramo — iminota 3

Mukine agakino: "Ni kangahe wabonye?" Shyira ku meza udufungo 6 tw' uduti icumi icumi, n'utundi dukoni 3 turi ukwatwo. Bwira abana bitegereze maze bavuge umubare utwo duti tugaragaza kandi basobanure impamvu (muri uru rugero umubare ni 63).
Mukine "Erekana uwo mubare…" Vuga umubare uri hagati ya 50 na 70. Bwira umwana aze imbere maze yerekane uwo mubare akoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi duti turi ukwatwo. Bwira undi mwana aze yerekane uwo mubare akoresheje intungwamibare (ikibarisho).

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1 Kuvumbura icyigwa

- Mukine: "Erekana uwo mubare…" Vuga umubare uri hagati ya 70 na 99. Fasha abana kuwerakana mukoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi turi ukwatwo (bakorere mu matsinda ya babiri babiri). Abana nibamara kuwerakana, bashake uburyo bakwandika uwo mubare. Bwira abana babyunguraneho ibitekerezo, nyuma wandike uwo mubare ku kibaho.
- Fasha abana kwerekana uwo mubare bakoresheje intungwamibare (ikibarisho). Nyuma uhamagare umwana aze ashushanye ku kibaho intungwamibare igaragaza uwo mubare.

3.2. Umwitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Andika uwo mubare (babiri babiri)
- Bwira abana bakorere mu matsinda ya babiri babiri. Erekana umubare runaka (uri hagati ya 70 na 99) ukoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi n' utundi duti turi ukwatwo. Bwira abana bafatanye na bagenzi babo kwandika umubare bihwanye.

Umwitozo wa 2 – Kwerekana umubare ukoresheje intungwamibare/ikibarisho
Vuga umubare uri hagati ya 70 na 99 hanyuma abana bawerekane bakoresheje gushushanya intungwamibare/ikibarisho.

Umwitozo wa 3 – Kora ku kibaho (Ishuri ryose)
- Andika ku kibaho imibare kuva kuri 70 kugera kuri 99. Bwira abana bane (abahungu 2 n'abakobwa 2) baze imbere. Vuga umubare, ikipe itanga indi kuwukoraho ibona inota. Ikipe itanga indi kubona amanota atatu iraba itsinze. Babwire bicare. Ongera usubire muri uwo mwitozo.

Umwitozo wa 4 - Kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 70 kugera kuri 99 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (babiri babiri)
- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kubara, gusoma no kwandika imibare kuva kuri 70 kugeza kuri 99, iri mubitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite.)
  MK/REB P.53, 54, 55, **MK P**. 94-99, **JKF** P.117 , **LONGHORN** P.33, 34, 35

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Vuga imibare ikurikira maze abana bayerekane bakoresheje gushushanya intungwamibare/ikibarisho:
  70, 79, 83, 99

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

	Bwira abana baze kuririmbira abo mu rugo injyana y'imibare kuva ku 10 kugera kuri 90 no kuva kuri 90 kugera ku 10(baririmbe mu macumi).

ISOMO RYA 3 – AMAFARANGA KUVA KU F 1 KUGERA KU F 50

ICYITONDERWA **-** Ukore ku buryo abana bamenya ibiceri byose n'agaciro kabyo.

Intego y'isomo	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo abana baraba bashobora: • Kuvuga agaciro k'amafaranga kuva ku F1 kugera ku F50	• Uzane ibiceri bya 1F, F5, F10, F 20 na F 50 • Ibintu ibiceri byavuzwe haruguru bishobora kugura, urugero: bombo/ipipi, shikereti, ikibiriti, ibahasha, irindazi, ibisuguti, urwembe….

1. Gukangura abana **iminota 2**

Bwira abana babare basubira inyuma kuva kuri 99 kugera kuri 65.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Baza abana aho bakoresha amafaranga? Ibyo bakunda kugura? Ubwoko bw'ibiceri bazi?

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1 Kuvumbura icyigwa

- Ereka abana ibiceri bya F1, F5, F10, F20 na F50. Baza abana niba bashobora kubitandukanya? Bereke buri ruhande rw'igiceri.
- Genda uhitamo igiceri maze ubaze abana bavuge agaciro kacyo.
- Ereka abana ibintu bazi ko ibyo biceri bishobora kugura. Urugero ibombo: F10, ikibiriti: F20, irindazi: F50…..

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gutahura igiciro cy'ibintu bigura ibiceri biri hagati ya F 1 na F 50.

- Ereka abana ibintu bigura ibiceri biri hagati ya F5 na F50 maze bakubwire igiciro cyabyo. Urugero shikereti, ibahasha, bombo, ibisuguti, urwembe…

Umwitozo wa 2 – Fora igiceri(Ishuri ryose)

- Mukine "Fora igiceri". Sobanurira abana ku ugiye gutekereza igiceri. Maze bakubaze ibibazo nawe usubize 'Yego' cyangwa 'Oya' gusa kugeza igihe bavumburiye icyo giceri.

Umwitozo wa 3 – Igiceri ni cyo?(Ishuri ryose)

- Bwira abana babiri baze imbere bahagarare bareba bagenzi babo kandi bafunge amaso. Ereka abandi igiceri (ba bana bombi ntibagomba kukibona.) Ba bana basimburanwe gufindura. Uko umwe agerageje gufindura igiceri, abandi (ishuri) basubize bati ' ni menshi' cyangwa 'ni make'. Umukino ukomeze kugeza igihe umwe afinduriye icyo giceri.

Umwitozo wa 4 – Amafaranga – IGITABO CY'UMUNYESHURI (buri mwana ukwe)

- Fasha abana kubona imyitozo ijyanye no gutahura agaciro k'ibiceri kuva ku F1 kugera kuri F50 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite):

  MK/REB P 94, 95 , **MK** P.85 , **JKF** P. 103, 104, 105 , **LONGHORN** P.114

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Ereka abana ibiceri bitandukanye maze bakubwire buri giceri icyo ari cyo cyose.

Ereka abana ibintu bigura ibiceri biri hagati ya F5 na F50 maze bakubwire igiciro cya buri kintu. Urugero: shikereti, ibahasha, bombo, ibisuguti, umwembe...

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bwira abana nibagera mu rugo baze kubwira umuntu wo mu rugo azane ibiceri kuva kuri F1 kugera kuri F50, maze umwana agende afata igiceri kimwe kimwe hanyuma avuge icyo giceri icyo ari cyo.

ISOMO RYA 4 – KUGERERANYA AMATSINDA Y'IBINTU KUVA KURI 50 KUGERA KURI 70

ICYITONDERWA - *Shushanya amatsinda angana kugira ngo abana bimenyereze gutahura ikimenyetso cya bihwanye*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kugereranya amatsinda y'ibintu kuva kuri 50 kugera kuri 70.	• Buri mwana azakenera udufungo 5 tw'uduti icumi icumi, hamwe n' uduti 10 turi ukwatwo. • Terefone (M-P1-T3-W4-L4) • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 2

- Genzura ko abana bafite udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi duti turi ukwatwo two kubarisha. Genzura kandi ko abana bazi abo baza gukorana mu matsinda.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

0 10 20 30 40 50 60 70 80 90	• Kinisha abana agakino ku kubara mu mutwe: 'Ongeraho 2'. • Fasha abana gutahura uko bagereranya imibare iri hagati ya 50 na 70, bakoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi turi ukwatwo(bakorere mu matsinda ya babiri babiri)

- Fasha abana gukora umwitozo wo kugereranya imibare iri hagati ya 50 na 70, ukoresheje agakino: 'Bara ugereranye'. Bakoreshe udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi turi ukwatwo(bakorere mu matsinda ya babiri babiri).
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 90 (mugende muririmba mu macumi).
- Koresha abana umwitozo wo kugereranya imibare iri hagati ya 50 na 70, ukoreseheje agakino: 'Bara ugereranye'. Bakoreshe udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi turi ukwatwo (bakorere mu matsinda ya babiri babiri).
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana uko bamenya ko umubare uruta undi cyangwa ko umubare urutwa n'undi.

Agakuru k'imibare

Muhire yarunze uduti 50 two kubarisha. Keza we yarunze uduti 20. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

- Keza yarunze uduti duke ku twa Muhire.
- Muhire yarushije Keza uduti 30.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Andika imibare ibiri iri hagati ya 50 na 70, urugero 55 na 68. Bwira abana mu itsinda rya babiri babiri, umwe akore itsinda ry'uduti 55, undi akore itsinda ry'uduti 68. Noneho bombi bafatanye gushaka itsinda rifite byinshi.

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana bashushanye amatsinda abiri y'utuziga: Itsinda rimwe rifite utuziga 52, irindi rifite utuziga 65. Baze gushushanya utuziga icumi icumi hanyuma bongereho utuziga turenga ku icumi.
Nibamara gushushanya buri tsinda, bace uruziga ku itsinda rito.

ISOMO RYA 5 – KUGERERANYA IMIBARE KUVA KURI 50 KUGERA KURI 99

ICYITONDERWA - *Abana bajye bamara nibura iminota iri hagati y'itanu n'icumi bakora imyitozo yo kubara mu mutwe buri munsi. Ibi byafasha abana kurusha uko bamara isomo ryose ari byo bakora.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kugereranya imibare kuva kuri 50 kugera kuri 99	• Udufungo 5 tw' uduti icumi icumi hamwe n'utundi duti 10 turi ukwatwo kuri buri mwana.

1. Gukangura abana — iminota 2

Mukine mwihuta: 'Ongeraho 2". Vuga umubare uri hagati ya 50 na 97. Abana bavuge umubare babona bongeyeho 2. Umukino ukomeze murushaho kwihuta.

2. Isubiramo — iminota 3

- Mukine agakino "Bara, ugereranye". Bwira buri mwana afatanye na mugenzi we. Vuga imibare 2 iri hagati ya 50 na 70. Urugero: 66 na 33. Babwire bakore amatsinda 2 y'uduti agaragaza iyo mibare. Bakoreshe udufungo tw' uduti icumi icumi hamwe n'utundi duti 10 turi ukwatwo. Nibarangiza ubabaze itsinda ririmo uduti twinshi, irimo uduke cyangwa niba amatsinda abiri angana.

3. Isomo rishya — iminota 3

3.1 Kuvumbura icyigwa

- Andika ku kibaho imibare 2 iri hagati ya 50 na 99. Urugero: 64 na 53. Bwira abana babiri baze imbere bakore amatsinda abiri y'uduti agaragaza iyo mibare. Bakoreshe udufungo tw'uduti icumi icumi hamwe n'utundi duti turi ukwatwo. Bwira abana bose bitegereze ibyo abo bana bakoze maze bavuge ibyo babonye. Ese ayo matsinda abiri y'uduti arangana? Ni irihe tsinda rifite uduti twinshi? Ni irihe rifite uduti duke? Babwire bavuge umubare w'uduti turi muri buri tsinda. Ibukiranya n'abana ibimenyetso bya 'biruta', 'birutwa' na 'bingana' mwifashishije urugero mumaze kubona cyangwa izindi ngero kandi uhamagare umwana yereke abandi uko ibyo bimenyetso byandikwa.
- Subira muri uwo mwitozo ukoresheje imibare 62, 62 na 52, 79.
- Kinisha abana agakino kabafasha gutandukanya ibimenyetso by'igereranya. Vuga uranguruye uti: biruta, birutwa cyangwa bihwanye maze ubwire abana berekane ibyo bimenyetso bakoresheje ibiganza byabo.
- Ibutsa abana ko ku kimenyetso cya biruta na birutwa, umubare munini ujya mu mahembe y'ikimenyetso.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gereranya imibare ukoresheje ibimenyetso bya 'birutwa', 'biruta' cyangwa 'bingana' na (Babiri babiri)

- Andika amatsinda y'imibare akurikira ku kibaho maze abana bagereranye imibare iri muri buri tsinda bakoresheje ibimenyetso bya 'biruta'," birutwa' cyangwa' bingana'. Bashobora kwifashisha kubara bakoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi hamwe n'utundi duti turi ukwatwo cyangwa gushushanya intungwamibare. 54 ☐ 65 , 77 ☐ 50 , 51 ☐ 51

Umwitozo wa 2 – Kugereranya amatsinda kuva kuri 50 kugera kuri 99 – IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kugereranya imibare kuva kuri 50 kugera kuri 99 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite): **MK/REB** P. 57, 58, **MK** P. 90, 100, **JKF** P.107, **LONGHORN** P. 48, 49

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Andika amatsinda y'imibare akurikira ku kibaho maze abana bagereranye imibare iri muri buri tsinda bakoresheje ibimenyetso bya 'biruta'," birutwa' cyangwa' bingana'.

  54 ☐ 75 , 91 ☐ 83 , 64 ☐ 64

5.Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Andika amatsinda y'imibare akurikira ku kibaho maze abana bayandukure mu makayi yabo. Nibagera mu rugo baze kugereranya imibare iri muri buri tsinda bakoresheje ibimenyetso bya 'biruta', 'birutwa' cyangwa' bingana'. Baze kubara bakoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi hamwe n'utundi duti turi ukwatwo cyangwa gushushanya ikibarisho. 59 ☐ 71 , 85 ☐ 65 , 70 ☐ 70

ISOMO RYA 6 – KUGERERANYA AMAFARANGA KUVA KU F 1 KUGERA KURI F 50

ICYITONDERWA - *Kora ku buryo buri mwana abona ibiceri uberetse n'agaciro kabyo.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kugereranya ibiceri binyuranye: kuva ku F 1 kugera kuri F 50.	• Uzakenera ibiceri: F 1, F 5, F 10, F 20, F 50. • Marikeri (yo kwandika ku bintu bikoreshwa mu mukino) • Ibintu ibiceri byavuzwe hejuru bishobora kugura, urugero: ibombo, shikereti, ikibiriti, ibahasha, irindazi, ibisuguti, urwembe….

1. Gukangura abana — iminota 2

- Kubara usubira inyuma kuva kuri 30 kugera kuri 0.
- Mukine mwihuta: 'Ni kangahe kabura kuri 20?'. Vuga umubare maze abana bavuge umubare bateranyaho ngo bibe 20.

2. Isubiramo — iminota 3

Ereka abana ibiceri bitandukanye, kuva ku F1 kugera kuri F50, maze abana bavuge agaciro kabyo.

3.Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Shyira ku meza ibiceri kuva ku F 1 kugera F 50 utitaye k'uko birutanwa mu gaciro. Sobanurira abana ko mugiye kubitondekanya mushingiye ku gaciro kabyo. Murahera ku giceri gifite agaciro gato (F 1) kugeza ku gifite agaciro kanini (F50). Ubaze abana bavuge igiceri kibanza n'impamvu? Nibamenya igiceri gikurikiraho, ubabaze kuvuga itandukaniro riri hagati y'ibyo biceri byombi, n'uko bamenya igifite agaciro kanini cyangwa gato.
- Ongera wereke abana ibyo biceri maze ubasobanurire ko uko bigenda bikurikirana mu mibare ari ko bigenda birutana mu gaciro.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Tujye guhaha (Ishuri ryose)

- Shinga iduka ukoresheje ibikarito bishaje, amacupa, n'ibindi nk'ibyo biriho ibiciro kuva kuri F1 kugera kuri F 50. Andika ku mifuniko y'amacupa ukoresheje marikeri kugira ngo werekane ibiceri cyangwa ukoreshe ibiceri nyabyo niba bishoboka.
- Shyira abana mu matsinda ya batanu batanu.
- Bwira abana kujya 'guhaha'. Ubabwire haze itsinda rimwe. Nk'umucuruzi, ubabaze uti: Murifuza iki? Abana bashobora gukoresha ya mifuniko y'amacupa isimbura ibiceri mu kwishyura cyangwa kugaruza.
- Komeza uwo mwitozo ugenda uhamagara andi matsinda.

Umwitozo wa 2- Ibiceri kuva F1 kugera kuri F50 - IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kugereranya ibiceri kuva ku F1 kugera kuri F50 iri mubitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite).;

MK/REB P. 94,95, **MK** P. 85, **JKF** P. 103, 104, 105, **LONGHORN** P.114

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Bwira abana ibiceri bibiri bitandunkanye mu gaciro, urugero F10 na F 50, maze abana bavuge igiceri gifite agaciro kanini. Komeza ubabaza, uhinduranya ibiceri.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana nibagera mu rugo baze kubwira umuntu wo mu rugo azane ibiceri kuva kuri F1 kugera kuri F 50 abivangavanze, maze umwana abitondeke uko bikurikirana, akurikije agaciro kabyo.

ICYUMWERU CYA 5

IMBONERAHMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU

	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifshishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Gusesengura imibare kuva kuri 30 kugera kuri 40 mo ibinyacumi n' ibinyabumwe	• Gusesengura imibare kuva kuri 30 kugera 50 mo ibinyacumi n' ibinyabumwe	• Gutahura agaciro k'amafaranga kuva kuri F 1 kugera F 100	• Gusesengura imibare kuva kuri 40 kugera kuri 60 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gusesengura imibare kuva kuri 30 kugera kuri 60 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Kuvunja amafanga atarengeje F 100	• Isuzumabumenyi
Udukino two kubara mu mutwe	• Ni kangahe kabura kuri 20? • Ongeraho 1	• Ni kangahe kabura kuri 20?	• Kubara usubira inyuma kuva kuri 99 kugera kuri 70	• Ongeraho 1	• Ongeraho 1 • Kuramo 2	• Ongeraho 2	
Indirimbo cyangwa injyana	• Injyana yo kubara kuva kuri 30 kugera kuri 40	• Injyana yo kubara kuva kuri 30 kugera kuri 40	• Injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 90, babara mu macumi	• Injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 60 bagenda babara mu macumi	• Injyana yo kubara kuva kuri 50 kugera kuri 60	• Injyana y'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 90, bagenda babara mu macumi.	
Udukino two kubara	• Fora umubare	• Erekana uwo mubare • Ni uwuhe mubare? • Fora umubare	• Fora igiceri	• Fora umubare • Ongeraho 2	• Erekana uwo mubare • Ni uwuhe mubare?	• Umubare ni wo? • Tujye guhaha	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.46	P46	P.94	P.46	P.46	P. 95, 96	
MK	P.86, 88, 89	P.86- 89	P.101	P.86- 89	P.86- 89	P.101	
JKF	P.108, 109, 117	P.117	P.103	P.108, 109, 117	P.108, 109, 117	P.105	
LONGHORN	P.40, 43	P.40, 41,42, 43	P.114, 115, 116	P.40, 43	P.40, 43	P. 114, 115	

IMIKINO Y' ICYUMWERU

	Ni kangahe kabura kuri 20/30? • Vuga umubare uri hagati ya 0 na 20 cyangwa 0 na 30. Abana bavuge umubare bateranyaho ngo babone 20 cyangwa 30.
	• **Ni uwuhe mubare?** Mukine aka gakino: "Ni uwuhe mubare?"aho buri mubarwa ugaragazwa n'ijwi. Urugero: amashyi agaragaza ibinyacumi naho inoni igaragaza ibinyabumwe. Bityo: amashyi inshuro 3, n'inoni inshuro 4 ni 34.
43	**Fora umubare** • Bwira abana ko urimo gutekereza umubare uri hagati ya 30 na 60. Abana bakubaze ibibazo, wowe usubize 'Yego' cyangwa 'Oya' gusa. Abana bakomeze kubaza ibibazo kugeza igihe bavumburiye uwo mubare.
	Ongeraho cyangwa Kuramo 1 cyangwa 2 • Vuga umubare maze abana bavuge umubare babona bateranyije cyangwa bakuyemo rimwe cyangwa kabiri.
	Fora igiceri • Mukine aka gakino: "Fora igiceri". Bwira abana ko urimo gutekereza igiceri. Abana bakubaze ibibazo, wowe usubize 'Yego' cyangwa 'Oya' gusa. Abana bakomeze bakubaza ibibazo kugeza igihe bavumburiye icyo giceri.
	Andika umubare • Bwira abana bakorere mu matsinda ya babiri babiri. Erekena umubare runaka ukoresheje udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi duti turi ukwatwo. Bwira buri mwana afatanye na mugenzi we batahure umubare bihwanye maze bawandike.
59	**Sesengura uyu mubare** • Mukine: "Sesengura uyu mubare". Andika ku kibaho umubare uri hagati ya 30 na 60. Bwira abana bavuge uwo mubare banavuge n'umubare w' ibinyacumi n'ibinyabumwe biwugize. Musubiremo uwo mwitozo mwihuta, ukoresheje undi mubare, ujye ubanza usibe umubare wambere.

ISOMO RYA 1 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KURI 30 KUGERA KURI 40 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE

ICYITONDERWA - *Gendagenda mu ishuri ufasha abana mu gihe ari ngombwa.*

Intego y'isomo:	**Imfasha nyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gusesengura imibare kuva kuri 30 kugera kuri 40 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe.	• Terefone (M-P1-T3-W5-L1) • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri cyangwa mu matsinda mato ku buryo bashobora kumenya abo baza gukorana mu gihe baza kuba bakurikira isomo.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

30 31 32 33 34 35 36 37 38 39 40

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 30 kugera kuri 40.
- 'Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: 'Ni kangahe kabura kuri 20?'
- Fasha abana gutahura uko basesengura umubare uri hagati ya 30 na 40 bakoresheje imbonerahamwe (bifashishe gushushanya intungwamibare (ikibarisho) kugira ngo bamenye umubare w'ibinyabumwe n'uw' ibinyacumi).
- Koresha abana imyitozo yo gusesengura imibare iri hagati ya 30 na 40(bakorere mu matsinda ya babiri babiri)
- Kinisha abana agakino ko gusesengura imibare kitwa: ''Ni uwuhe mubare?''
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana uko basesengura umubare, urugero 39.

Agakuru k'imibare

? Mariya yaguze bombo (amapipi) 25. ....Kariza yaguze bombo (amapipi) 15 ....Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

- Turamutse dusesenguye umubare wa bombo (amapipi) za Mariya, dusanga uwo mubare ugizwe n'ibinyabumwe bitanu, n' ibinyacumi bibiri.
- Turamutse dusesenguye umubare wa bombo (amapipi) za Kariza, dusanga uwo mubare ugizwe n'ibinyabumwe bitanu n' ikinyacumi kimwe.
- Mariya afite bombo nyinshi kurusha Kariza.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

Abana basesengure imibare ikurikira bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi bifashishije intungwamubare (ikibarisho).

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana bandike imibare ikurikira mu makayi yabo maze baze kuyisesengura mo ibinyacumi n'ibinyabumwe bageze mu rugo:

33

36, 40

ISOMO RYA 2 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KURI 30 KUGERA KURI 50 MO IBINYACUMI N' IBINYABUMWE

ICYITONDERWA - *Mu gihe mukora udukino two kubara mu mutwe, abana bajye basubiza vuba hanyuma bajye ku kindi kibazo, kugira ngo birusheho kuryoha.*

Inteogo y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gusesengura imibare kuva kuri 30 kugera kuri 50 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe.	• Udufungo 4 tw'uduti icumi icumi, hamwe n'utundi dukoni 10 turi ukwatwo kuri buri mwana

1. Gukangura abana — iminota 2

- Abana babare basubira inyuma kuva kuri 50 kugera kuri 30.

2. Isubiramo — iminota 3

Mukine aka gakino: "Erekana uwo mubare…" Vuga umubare uri hagati ya 10 na 30. Bwira abana 2 baze imbere berekane uwo mubare bakoresheje udufungo tw' uduti icumi icumi n'utundi duti turi ukwatwo.
Bwira undi mwana aze asesengure uwo mubare akoresheje imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Bwira abana ko mugiye gukoresha gushushanya ikibarisho (intungwamibare) kugira ngo mwerekane umubare uri hagati ya 30 na 50. Andika ku kibaho umubare uri hagati ya 30 na 50. Bwira abana bawusome. Bwira umwana aze imbere yerekane uwo mubare akoresheje gushushanya ikibarisho.
- Shushanya imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe. Baza abana bose umubare w'ibinyabumwe biri muri uwo mubare. Andika umubare w'ibinyabumwe mu mbonerahamwe ahabugenewe. Noneho baza abana umubare w'ibinyacumi biri muri uwo mubare. Andika umubare w'ibinyacumi mu mbonerahamwe ahabugenewe. Subira mu mwitozo ukoresheje indi mibare, kandi uhindura n'abana.

3.2.Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Sesengura uyu mubare.
Andika imibare ikurikira ku kibaho: 35, 48, 50.
Bwira abana basesengure iyo mibare bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi (bifashishije intungwamibare mu kumenya umubare w'ibinyabumwe n'ibinyacumi bigize uwo mubare).

Umwitozo wa 2 – Ni uwuhemubare? (Ishuri ryose)

- Mukine aka gakino: "Ni uwuhe mubare?" aho buri mubarwa ugaragazwa n'ijwi. Urugero: Amashyi agaragaza ibinyacumi naho inoni igaragaza ibinyabumwe. Bityo: amashyi inshuro 4, n' inoni inshuro 3 ni 43. Subira mu mwitozo inshuro nyishi kugeza igihe abana babifatiye.

Umwitozo wa 3 - Gusesengura imibare iri hagati ya 30 na 50 – IGITABO CY'UMUNYESHURI (babiri babiri)
Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gusesengura imibare kuva kuri 30 kugera kuri 50 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishiru rifite):
MK/REB P. 46: **MK** P.88, 89, **JKF** P.108, 109, 117 **LONGHORN** P. 40, 43

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Andika imibare ikurikira ku kibaho maze abana bayisesengure bakoresheje imbonerahamwe: 30, 37, 44, 50 (bifashishe intungwamibare/ikibarisho kugira ngo bamenye ibinyabumwe n'ibinyacumi bigize uwo mubare).

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

- Bwira abana baze kwereka ababyeyi babo uko agakino: "Ni uwuhe mubare?" gakinwa.
- Babwire kandi baze gusesengura imibare ikurikira, berekana ibinyacumi n'ibinyabumwe bakoresheje imbonerahamwe. (Ubibutse baze kwifashisha intungwamibare mu kumenya umubare w'ibinyabumwe n'ibinyacumi).

  48, 42, 31, 50

ISOMO RYA 3 – GUTAHURA AGACIRO K'AMAFARANGA KUVA KU F 1 KUGERA KU F 100

ICYITONDERWA **-** Kora ku buryo buri mwana abona ibiceri uberetse n'agaciro kabyo.

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho ya mwarimu**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gutahura agaciro k' amafaranga kuva ku F1 kugera ku F 100.	• Uzane amafaranga: F 1, F 5, F 10, F 20, F 50, F 100. • Ibintu bitandukanye bigura igiceri cy'ijana: ubunyobwa, irindazi, ibisuguti, avoka…

1. Gukangura abana — iminota 2

0	10	20	30	40	50	60	70	80	90

Andika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 90 ku kibaho. Bwira abana baririmbe injyana y'imibare kuva kuri 0 kugera kuri 90 bagende babara mu macumi, bave imbere bajya inyuma hanyuma bave inyuma baza imbere.

2. Isubiramo — iminota 3

- Ereka abana ibiceri bya F1, F5, F10, F20, F50. Baza abana bavuge buri giceri icyo ari cyo. Bereke uruhande rwanditseho amafaranga. Babaze imibare yanditse kuri buri giceri. Ereka abana buri giceri maze bavuge icyo ari cyo.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1 Kuvumbura icyigwa

- Ereka abana igiceri cya F 100 maze bavuge amafaranga yanditseho.
- Bereke uruhande rwanditseho amafaranga. Ni iyihe mibare yanditseho?
- Baza abana ingero z'ibintu icyo giceri cya F 100 kigura. Nibarangiza ubereke ingero z'ikintu icyo giceri cya F 100 kigura: irindazi, ibisuguti, ubunyobwa, avoka….
- Baza abana uti: "Ese agaciro k'icyo giceri kaba karuta cyangwa karutwa n'ak'ibindi biceri?"

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Fora igiceri (Ishuri ryose)

- Mukine aka gakino: "Fora igiceri'. Bwira abana ko urimo gutekereza igiceri maze bakubaze ibibazo. Ubasubize ukoresheje 'Yego' cyangwa 'Oya' kugeza igihe bavumburiye icyo giceri.

Umwitozo wa 2 – Gutahura agaciro k'ibiceri

- Ereka abana ibiceri binyuranye: F5, F10, F20, F50 na F100 hanyuma abana bakubwire buri giceri icyo ari cyo, hanyuma bakubwire n'ikintu icyo giceri gishobora kugura.

Umwitozo wa 3 – Gutahura agaciro k'amafaranga – IGITABO CY'UMUNYESHURI (umwana ukwe)

Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gutahura amafaranga kuva ku F1 kugera ku F100 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishiru rifite):

MK/REB P. 94, **MK** P.101, **LONGHORN** P.114, 115, 116, **JKF** P. 103

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Ereka abana ibiceri bitandukanye maze bagende bavuga buri giceri icyo aricyo kandi bakubwire n'urugero rw'ikintu icyo giceri gishobora kugura.

5. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana baze kubwira umuntu wo mu rugo azane ibiceri kuva kuri F5 kugera ku F100, maze umwana agende avuga buri giceri icyo ari cyo n'urugero rw'ikintu icyo giceri gishobora kugura.

ISOMO RYA 4 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KURI 40 KUGERA KURI 60 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE

ICYITONDERWA - *"Jya ukora ku buryo abana bose babona ibyo urimo gukora".*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gusesengura imibare kuva kuri 40 kugera kuri 60 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Terefone (M-P1-T3-W5-L4) • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Genzura ko abana bazi abo baza gukorana mu matsinda baza gukoreramo.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

0 10 20 30 40 50 60 70 80 90

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 90 bagenda babara mu macumi.
- Fasha abana gutahura uko basesengura umubare uri hagati ya 40 na 60 bakorseheje imbonerahamwe (bifashishe gushushanya ikibarisho (intungwamibare) kugira ngo bamenye umubare w'ibinyabumwe n'uw' ibinyacumi).
- Koresha abana imyitozo yo gusesengura imibare iri hagati ya 40 na 60 (bakorere mu matsinda ya babiri babiri).
- Kinisha abana agakino ko gusesengura imibare kitwa: ''Ni uwuhe mubare?''
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: ''Ongeraho 2''.
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana uko basesengura umubare.

Agakuru k'imibare

Ku wambere, Mariya yaciye amapera 30 ku giti. Kuwakabiri, yaciye amapera 20. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu busubizo by'agakuru:

- Ku wa kabiri Mariya yaciye amapera arutwa n'ayo yaciye ku wa mbere.
- Amapera Mariya yaciye ni menshi ntiyayamara.
- Wenda ku wa kabiri, Mariya yari ananiwe niyo mpamvu yaciye amapera make.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Abana basesengure imibare ikurikira bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi (bifashishe gushushanya ikibarisho (intungwamibare) kugira ngo bamenye umubare w'ibinyacumi n'uw'ibinyabumwe bigize uwo mubare): 49, 55, 60.

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana bandike imibare ikurikira mu makaye yabo hanyuma baze kuyisesengura mo ibinyacumi n'ibinyabumwe bakoresheje imbonerahamwe. (bifashishe gushushanya udufungo tw'uduti icumi icumi n'utundi turi ukwatwo kugira ngo bamenye umubare w'ibinyacumi n'uw'ibinyabumwe bigize umubare):

40, 51, 58

ISOMO RYA 5 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KURI 30 KUGERA KURI 60 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE

ICYITONDERWA - *Mu gihe cyo gukangura abana cyangwa mu gihe bakina udukino two kubara mu mutwe, mubikore mwihuta kugira ngo abana bitoze gusubiza bihuta.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho ya mwarimu**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gusesengura imibare kuva kuri 30 kugera kuri 60 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe.	• Udufungo 2 tw'udukoni icumi icumi hamwe n'utundi dukoni 10 turi ukwatwo kuri buri mwana.

1. Gukangura abana — iminota 2

Bwira abana baririmbe injyana yo kubara kuva kuri 50 kugera kuri 60. Bave kuri 50 bajya kuri 60 nyuma bave kuri 60 bajya kuri 50.

2. Isubiramo — iminota 3

- Mukine aka gakino: "Erekana uwo mubare…" Vuga umubare uri hagati ya 40 na 60. Bwira abana berekane uwo mubare bakoresheje gushushanya ikibarisho. Bwira itsinda rimwe rize imbere ryereke abandi uko ryakoze uwo mwitozo. Noneho bwira undi mwana aze yandike ibinyabumwe n'ibinyacumi bigize uwo mubare mu mbonerahamwe.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Andika ku kibaho umubare uri hagati ya 30 na 60 .Urugero: 54. Bwira umwana aze imbere agaragaze uwo mubare akoresheje intungwamibare (ikibarisho).
- Baza abana umubare w' ibinyacumi n'uw'ibinyabumwe biwugize.
- Shushanya imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi ku kibaho maze uhamagare umwana aze yandike uwo umubare muri iyo mbonerahamwe.
- Subira muri uwo mwitozo ukoresheje undi mubare, urugero: 49, ari ko ubaza abana ibibazo, bashushanya intungwamibare (ikibarisho) igaragaza uwo mubare kandi bakandika uwo mubare mu mbonerahamwe.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gusesengura imibare bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi (Babiri babiri)

- Andika ku kibaho imibare ikurikira: 45, 50, 53.
- Bwira abana bashushanye imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe maze bandikemo iyo mibare (bifashishe gushushanya intungwamibare kugira ngo bamenye ibinyacumi n'ibinyabumwe bigize buri mubare).

Umwitozo wa 2 – "Fora umubare"

- Bwira abana ko urimo gutekereza umubare uri hagati ya 30 na 60. Abana bakubaze ibibazo nawe usubize 'Yego' cyangwa 'Oya'. Urugero : Ufite ibinyacumi 4. 'Oya'. Ufite ibinyamubwe 5? 'Yego'. Abana bakomeze kubaza ibibazo kugeza bavumbuye uwo mubare.

Umwitozo wa 3 – Gusesengura imibare kuva kuri 30 kugera kuri 60 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe – IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gusesengura imibare kuva kuri 30 kugera kuri 60 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P. 46: **MK** P.86-89, **JKF** P. 117, **LONGHORN** P. 40, 43

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Andika ku kibaho imibare ikurikira: 33, 40, 58,
- Bwira abana bashushanye imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe mu makayi yabo maze bandikemo iyo mibare (bifashishe gushushanya intungwamibare (ikibarisho) kugira ngo bamenye umubare w'ibinyabumwe n'ibinyacumi bigize buri mubare.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika imibare ikurikira ku kibaho maze abana bayandukure mu makaye yabo. Hanyuma baze gushushanya imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe mu makaye maze bandikemo iyo mibare.

41 , 57 , 60

Ubibutse kubanza gushushanya intungwamibare (ikibarisho) kugira ngo bamenye ibinyacumi n'ibinabumwe bigize buri mubare.

ISOMO RYA 6 – KUVUNJA IBICERI KUVA KU F 1 KUGERA KU F 100

ICYITONDERWA **-** Kora ku buryo abana bamenya ibiceri byose n'agaciro kabyo

Intego y'isomo:	**Imfasha nyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Kuvunja ibiceri binyuranye kuva ku F 1 kugera ku F 100 mo igiceri kimwe binganya agaciro, no kuvunja igiceri kimwe mo ibiceri byinshi.	• Uzakenera: F 1, F 5, F 10, F20, F 50 na F 100.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine mwihuta: "Ongeraho 2". Vuga umubare uri hagati ya 0 na 97 maze abana bavuge umubare babona bongeyeho 2. Mukine aka gakino mwihuta kugira ngo birusheho kuryoha.

2. Isubiramo **iminota 3**

Ereka abana ibiceri kuva ku F 1 kugera ku F 100 utitaye k'uko bikurikirana. Bwira abana bavuge agaciro ka buri giceri.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Ereka abana igiceri cy'amafaranga 5 maze bavuge icyo ari cyo n'agaciro kacyo. Baza abana bakubwire umubare w'ibiceri bya F1 wateranya kugira ngo ubone F 5. Urugero:

  F 1 + F 1 + F 1 + F 1+ F 1 = F5
- Subira mu mwitozo ukoresheje igiceri cya F10, F 20, F 50, F100.
- Sobanurira abana ko buri giceri kivunjwamo ibiceri kirusha agaciro.

3.2. Imyitozo mpamyabumeyi

Umwitozo wa 1 – Tujye guhaha (Ishuri ryose)

- Shinga iduka ukoresheje ibikarito bishaje, amacupa, n'ibindi nk'ibyo kandi hariho n'ibiciro kuva ku F1 kugera ku F 100. Andika ku mifuniko y'amacupa ku buryo byerekana umubare w'amafanga cyangwa ukoreshe ibiceri nyabyo niba bishoboka.
- Shyira abana mu matsinda ya batanu batanu.
- Bwira abana baze guhaha. Ubabwire haze itsinda rimwe. Wowe nk'umucuruzi, babaze icyo bifuza kugura.
- Bwira abana bahitemo ibiceri baza gukenera kuri buri kintu. Bashishikarize gukoresha ibiceri binyuranye mu kugura ikintu runaka.(Ukore ku buryo umukino uzamo kuvunja ibiceri).
- Subira muri uyu mwitozo inshuro nyishi, ugenda uhamagara andi matsinda.

Umwitozo wa 2- Kuvunja ibiceri kuva ku F1 kugera ku F100 - IGITABO CY'UMUNYESHURI

Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kuvunja ibiceri kuva ku F1 kugera ku F100 (koresha ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P.95, 96, **MK** P.101, **JKF** P. 105, **LONGHORN** P.114, 115

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Ereka abana igiceri cya F100 maze bakubwire uko bakivunja bakoresheje igiceri cya F50, icya F20 icya F10 n'icya F5.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

	Bwira abana baze gusaba umuntu wo mu rugo azane ibiceri bitandukanye maze umwana abereke ko azi kuvunja igiceri, urugero icy'ijana, mo ibiceri bitandukanye.

ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMERU CYA 4 N'ICYA 5

Bwira buri mwana akore ukwe. Abandi bana ntibagomba kumva ibisubizo bya bagenzi babo.

Ikibazo cya 1- Vuga iyi mibare maze abana bayandike . Kora ku buryo abana batayibona

1. Mirongo itanu na gatandatu
2. Mirongo irindwi na kabiri
3. Mirongo icyenda n'icyenda
4. Mirongo inani n'umunani
5. Mirongo itandatu na kane
6. Mirongo itanu na gatanu

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yanditse neza imibare ibiri cyangwa munsi y'ibiri	Yanditse neza: imibare iri hagati ya 3 na 4	Ibisubizo byiza : biri hagati ya 5 na 6

Ikibazo cya 2 – Baza umwana umubare w'ibinyabumwe n'ibinyacumi bigize buri mubare

31 **46** **52**

60 **39** **42**

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yakoze neza imibare ibiri cyangwa munsi y'ibiri	Yakoze neza imibare iri hagati ya 3 na 4	Yakoze neza imibare yose.

Ikibazo cya 3 – Ereka abana ibi biceri: F1, F5, F10, F20, F50 maze bavuge buri giceri icyo aricyo.

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Ibisubizo byiza: ni bibiri cyangwa munsi ya 2	Ibisubizo byiza: biri hagati ya 3 na 4	Ibisubizo byiza: ni byose

Icyitonderwa:

Ni byiza cyane = amanota 3

Ni byiza = amanota 2

Akeneye gufashwa = inota 1

ICYUMWERU CYA 6

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO Y'ICYUMWERU.

	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 20.	• Gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 20	• Kwerekana utudomo turi imbere mu ruziga, hanze yarwo no ku ruziga	• Mara ya 2: Igikubo ntikirenge 20	• Mara ya 2: igikubo ntikirenge 20	• Mara ya 2: igikubo ntikirenge 20	• Gutsindagira ibyizwe
Udukino two kubara mu mutwe	• Kubara usimbuka umubare kuva kuri 0 kugera kuri 20	• Kubara usimbuka umubare kuva kuri 0 kugera kuri 20	• Kubara usimbuka umubare kuva kuri 0 kugera kuri 20	• Kubara usimbuka umubare kuva kuri 0 kugera kuri 20	• Kubara usimbuka umubare kuva kuri 0 kugera kuri 20	• Kubara usimbuka umubare kuva kuri 0 kugera kuri 20	
Indirimbo cyangwa injyana	• Injyana ya mara ya 2	• Injyana ya mara ya 2		• Injyana ya mara ya 2	• Injyana ya mara ya 2	• Injyana ya mara ya 2	
Udukino two kubara	• Ongeraho 2 • Kuba na 2	• Ongeraho 2 • Kuba na 2	• Hejuru, hasi, ibumoso, iburyo • Mo imbere, hanze ya, kuri…	• Ongeraho 2 • Kuba na 2	• Ongeraho 2 • Kuba na 2	• Ongeraho 2 • Kuba na 2	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P.47, 48, 49	P.47,48, 49	P.82	P.47, 48, 49	P.47, 48, 49	P.47, 48, 49	
MK	P.91, 92	P.91, 92	P. 43	P.91, 92	P.91, 92	P.91, 92	
JKF	P.111,112, 113, 114	P.111,112, 113, 114	P.67	P.111,112, 113, 114	P.111,112, 113, 114	P.111,112, 113, 114	
LONGHORN	P.72-77	P.72-77	P. 92, 93	P.72-77	P.72-77	P.72-77	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

	Ongeraho 2 • Vuga umubare maze abana bavuge umubare babona bongeyeho 2.
	Mo, imbere, hanze ya, kuri.... Shushanya uruziga runini ku kibaho. Abana nibumva uvuze uti: "mu ruziga", umwe agende akore imbere mu ruziga. Abana nibumva uvuze uti: "hanze ya" umwe agende akore hanze y'uruziga. Nibumva uvuze uti: "ku ruziga", umwe agende arukoreho**.**
	• Kuba na 2'': Vuga umubare uri hagati ya 0 na 10 maze abana bavuge umubare babona bawukubye na 2.
	• Mukine aka gakino**: '**Hejuru, hasi, ibumoso, iburyo': Hindukira urebe ku kibaho maze ujye uvuga uti: Hejuru, hasi, ibumoso, iburyo kandi ubyerekane ukoresheje ikiganza maze abana bigane ibyo ukora. Nyuma yaho uhindukire urebe uko abana barimo gukina.
	• ''Hari amaso cyangwa amatwi cyangwa ibiganza cyangwa amaguru angahe?''**.** Vuga umubare uri hagati ya 0 na 10 maze abana bashushanye abantu bahwanye n'uwo mubare. Nyuma bashake umubare w'amaso yabo. Ongera uvuge undi mubare, bashushanye abantu bahwanye n'uwo mubare, nyuma bavuge umubare w'amatwi, yabo, ibiganza byabo, amaguru yabo ...

ISOMO RYA 1 – GUKUBA NA 2

ICYITONDERWA- *Menyereza abana kubara basimbuka umubare umwe cyangwa ibiri mu gihe batangiye cyangwa barangije isomo, cyangwa bahinduye umwitozo.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 20)	• Uduti 10 cyangwa utubuye 10 kuri buri mwana • Terefone (M-P1-T3-W6-L1) • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri cyangwa mu matsinda mato bize kubafasha kumenya bagenzi babo vuba mu gihe cy'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone. Shyira imfashanyigisho aho buri wese ashobora kuzibona.
- Mukine aka gakino: "Ongeraho 2". Vuga umubare uri hagati ya 0 na 18. Abana bavuge umubare babona bongeyeho 2.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

0 1 2 3 4 5 6 7 8 9 10 11 12 13 14 15 16 17 18 19 20

- Ririmbana n'abana injyana yo kuva kuri 0 kugera kuri 20 (mugende musimbuka umubare umwe)
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: 'Ongeraho 2'.
- Fasha abana gutahura uko bakuba na 2 wifashishije ibiganza by'abana.
- Fasha abana gukora imyitozo yo gukuba na 2, bakoresheje utubarsiho(bakorere mu matsinda ya babiri babiri)
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 20(mugende musimbuka umubare umwe)
- Koresha abana imyitozo yo gukuba na 2 bakoresheje gushushanya utudomo (bakorere mu matsinda ya babiri babiri)
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: 'Ongeraho 2'
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana ibintu bibiri cyangwa bitatu bize muri iri gice cy' isomo kinyuzwa kuri terefone.

Agakuru k'imibare

Mu ishuri ryacu, kuri buri ntebe hicaye abana babiri. Mwabivugaho iki?

Ubwo ku ntebe ebyiri, hicaye abana bane.

Ubwo ku ntebe eshatu, hicaye abana batandatu.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

- Bwira abana bakore amatsinda atatu y'utubarisho tubiri tubiri. Babaze uti ubwo ni kabiri gukuba kangahe?
- Hanyuma ubabaze umubare w'utubarisho turi muri ayo matsinda yose, nyuma ubabaze uti ubwo gatatu gukuba kabiri ni kangahe?

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana nibagera mu rugo baze gushushanya amatsinda abiri y'ibintu bibiri bibiri maze bayereke umuntu wo mu rugo. Hanyuma bamusobanuririre ko ibyo bashsushanyije ari 2 gukuba 2. Batange n'igisubizo cyabyo.

ISOMO RYA 2 – GUKUBA NA 2

ICYITONDERWA - *Gukuba na 2 byorohera abana. Ibi bibafasha gukora imyitozo ikomeye kurushaho, nko gukuba na 4.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 20)	• Utubarisho 10 kuri buri mwana

1. Gukangura abana — iminota2

- Andika ku kibaho imibare kuva kuri 0 kugera kuri 20 maze abana baririmbe injyana basimbuka umubare umwe kuva kuri 0 kugera kuri 20, nyuma kuva kuri 20 kugera kuri 0.

2. Isubiramo — iminota 3

Bwira abana 10 baze imbere maze buri mwana azamure ibiganza bye. Fatanya n'abana bose kubara ibiganza bizamuye: muve imbere mujya inyuma, nyuma muve inyuma muza imbere.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Bwira abana ko bagiye kubara utubarisho tubiri tubiri. Shyira abana mu matsinda ya babiri babiri kandi urebe ko buri tsinda rifite utubarisho 10.
- Bwira buri tsinda rishyire hamwe utubarisho tubiri maze ubabaze uti 'Dufite amatsinda y'utubarisho angahe? Nibamara gusubiza, ubabaze uti: "Muri iryo tsinda harimo utubarisho tungahe?'
- Babaze uti ubwo kabiri gukuba rimwe ni kangahe?
- Bwira buri tsinda ry'abana rishyire hamwe utundi tubarisho 2. Babaze uti: "Dufite amatsinda y'utubarisho angahe? Nibamara gusubiza, ubabaze uti: ' Muri ayo matsinda abiri harimo utubarisho tungahe?'
- Babaze uti: Ubwo kabiri gukuba kabiri ni kangahe?
- Mukomeze uwo mukino kugeza ku matsinda 10 y'utubarisho tubiri tubiri.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Hari utudomo tungahe? (babiri babiri)

- Shushanya amatsinda y'utudomo tubiri tubiri inshuro eshatu. Nurangiza ubwire abana babare umubare w'amatsinda, hanyuma babare utudomo turi mu matsinda yose.
- Komeza uwo mwitozo uhinduranya umubare w'amatsinda.

Umwitozo wa 2 – Gukuba na 2 – IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 20) iri mu bitabo bikurikira (hitamo ibitabo ishuri rifite) :

MK/REB P.47, 48, 49, **MK** P. 91,92, **JKF** P. 111, 112, 113, 114 **LONGHORN** P.72-77

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Bwira abana bashushanya amatsinda atanu y'utudomo tubiri tubiri muri buri tsinda. Basabe kuvuga umubare w'amatsinda no kuvuga umubare w'utudomo turimo.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana bandike imibare ikurikira mu makayi yabo hanyuma baze gushushanya abantu bahwanye n'iyo mibare, nyuma bashake umubare w'amaguru yabo.

4
8
10

ISOMO RYA 3 – KWEREKANA UTUDOMO TURI IMBERE MU RUZIGA, UTURI HANZE YARWO N'UTURI KURI RWO

ICYITONDERWA- *Mu gihe abana bakora ari babiri babiri, reba niba buri wese yumva neza ibyo barimo gukora.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Kwerekana utudomo turi imbere mu ruziga, uturi hanze yarwo n'uturi kuri rwo.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine aka gakino: "Hejuru , hasi , ibumoso, iburyo*":*

Hindukira urebe ku kibaho maze mukine aka gakino: ''Hejuru, hasi, ibumoso, iburyo''. Ukoreshe ikiganza cyawe. Mu gihe uvuga: Hejuru, hasi, ibumoso, iburyo' ubyerekane ukoresheje ikiganza kandi abana bakwigane. Nyuma uhindukire urebe uko abana babikora.

2. Isubiramo — iminota 3

- Shushanya imirongo inyuranye (ifunze, igororotse, ihese n'ivunaguye) ku kibaho maze abana bayivuge amazina. Koza agakoni ku murongo ubonye maze abana bavuge izina ryawo.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Shushanya uruziga runini ku kibaho. Shushanya akadomo mu ruziga imbere maze ubaze abana uti "Akadomo kari hehe? (Akadomo kari imbere mu ruziga). Nibamara gusubiza ushushanye akandi kadomo hanze y'uruziga noneho ubaze abana uti: Akadomo kari hehe? (Akadomo kari hanze y'uruziga). Bwanyuma shushanya akandi kadomo ku ruziga hanyuma ubaze abana uti "Akadomo kari hehe?" (Akadomo kari ku ruziga).
- Shushanya uruziga maze ubwire abana batatu baze imbere: umwe ashushanye akadomo mo imbere mu ruziga, undi agashushanye hanze y'uruziga, undi agashushanye ku ruziga.
- Bwira abana bafate amakayi maze bashushanye ibiri ku kibaho.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Agakino: 'Mo imbere mu ruziga'/ 'hanze y'uruziga'/ 'ku ruziga' (ishuri ryose)

- Ongera ushushanye urundi ruziga runini. Bwira abana 2 baze imbere. Nuvuga ngo: "Mo imbere" abana bakore mu ruziga. Umwana utanga undi kubikora araba atsinze. Mukomeze mukine mukoresha: 'Mo imbere mu ruziga', 'hanze y'uruziga', 'ku ruziga'.

Umwitozo wa 2 – Mukine: 'Mo imbere mu ruziga'/'hanze y'uruziga'/'ku ruziga' (babiri babiri)

- Bwira abana bashushanye uruziga runini mu makaye yabo. Nuvuga ngo: "mo imbere", bashushanye akadomo mu ruziga. Nuvuga ngo: "hanze y'uruziga", bashushanye akadomo hanze y'uruziga. Nuvuga ngo: "ku ruziga", bashushanye akadomo ku ruziga. Babwire bazamure amakaye bakwereke ibyo bakoze.

Umwitozo wa 3 – Kwerekana utuziga turi imbere mu ruziga, hanze y'uruziga no ku ruziga

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no kwerekana utudomo turi imbere mu ruziga, hanze yarwo no ku ruziga iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P.82, **MK** P.43, **JKF** P.67, **LONGHORN** P.92, 93

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Shushanya uruziga ku kibaho maze abana barushushanye mu makayi yabo. Hanyuma bashushanye akadomo kari kuri urwo ruziga, akandi kari mu ruziga n'akandi kari hanze yarwo.

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana baze gushushanya uruziga mu makaye yabo cyangwa ku butaka maze barebe umuntu bakina: 'Mo imbere mu ruziga, hanze y'uruziga, ku ruziga'.

ISOMO RYA 4 – GUKUBA NA 2

ICYITONDERWA- *Abana baririmbe injyana ya mara ya 2 kenshi gashoboka kugira ngo bumve neza amabwiriza yayo.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Gukuba imibare na 2 (igikubo ntikirenge 20).

Imfashanyigisho

- Utubarisho 10 kuri buri mwana
- Terefone (M-P1-T3-W6-L4)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Genzura ko buri mwana afite utubarisho 10 two kubarisha cyangwa gukora amatsinda. Reba kandi ko buri mwana azi uwo baza gukorana mu itsinda aza gukoreramo.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

2 x 1 = 2
2 x 2 = 4
2 x 3 = 6
2 x 4 = 8
2 x 5 = 10
2 x 6 = 12
2 x 7 = 14
2 x 8 = 16
2 x 9 = 18
2 x 10 = 20

- Ririmbana n'abana mara ya kabiri.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe kitwa: 'Ongeraho 2'
- Fasha abana gutahura mara ya kabiri ukoresheje kubara ibiganza by'abana hanyuma ujye wandika ibisubizo ku kibaho, ku buryo biba mara ya 2.

- Fasha abana gukora umwitozo wo kuzuza mara ya 2 bakoreshe utubarisho (bakorere mu matsinda ya babiri babiri)
- Ririmbana n'abana injyana ya mara ya 2.
- Koresha abana umwitozo wo gukuba na 2 bifashishije utubarisho (bakorere mu matsinda ya babiri babiri)
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: 'Ongeraho kabiri'.
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana ibintu bibiri cyangwa bitatu bize muri iki gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

Agakuru k'imibare

Mariya yaciye amapera 2 buri munsi mu gihe kingana n'icyumweru. Wabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Mu minsi itanu, Mariya yaciye amapera 10.

-Mu minsi irindwi, Mariya yaciye amapera 14.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Andika umwitozo ukurikira abana bawukore bifashishije utubarisho:

2 x 9 =

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana nibagera mu rugo baze kwitoza kuririmba mara ya 2 imbere y'umuntu wo mu rugo.

ISOMO RYA 5 – GUKUBA NA 2

ICYITONDERWA - *Gukuba na 2 byorohera abana. Ibi bibafasha gukora imyitozo ikomeye kurushaho, nko gukuba na 4.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 20)	• Buri mwana azakenera utubarisho 10.

1. Gukangura abana — iminota 2

- Andika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 90.
- Bwira abana bahaguruke baririmbe injyana: babare mu macumi bave kuri 0 bajya kuri 90, nyuma bave kuri 90 bajya kuri 0.

2. Isubiramo — iminota 3

- Andika ku kibaho injyana ya mara ya 2 maze abana bahaguruke muyiririmbane.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

1 x 2 =
2 x 2 =
3 x 2 =

- Bwira abana ko ikimenyetso 'x' cyerekana gukuba.
- Andika ku kibaho 1 x 2. Sobanura ko iyo wanditse 1 x 2 bivuga itsinda 1 rigizwe n'ibintu bibiri. Byerekane ushushanya utudomo ari ko buri gihe ubaza abana uti: (Hari amatsinda angahe y'utudomo?) Ubwo muri ayo matsinda harimo utudomo tungahe?
- Andika ku kibaho 2 x 2. Sobanurira abana ko iyo wanditse 2 x 2 bivuga amatsinda 2, buri tsinda rigizwe n'ibintu 2. Byerekane ushushanya utudomo.
- Mukomeze uwo mwitozo mukoresheje imibare isigaye kugira ngo mara ya 2 yuzure.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukuba na 2 (Babiri babiri)

- Bwira abana bashushanye utudomo tugaragaza 2x1. Ni ukuvuga ko bashushanya itsinda rimwe ry'utudomo 2 turi ku murongo. Babwire bongere bashushanye utudomo tugaragaza 2 x 2. Ni ukuvuga ko bashushanya amatsinda 2 y'utudomo 2 turi ku murongo. Mukomeze kugeza kuri 10 x 2 =. Bwira abana bajye bandika imibare igaragaza ibyo bashushanyije munsi ya buri tsinda.

Umwitozo wa 2 – Gukuba na 2 (buri mwana ukwe)

- Andika iyi myitozo ku kibaho maze abana bayikore:

  1 x 2 = 3 x 2 = 7 x 2 =

Umwitozo wa 3 – Gukuba na 2 - IGITABO CY'UMUNYESHURI (buri mwana ukwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye na mara ya 2: (igikubo ntikirenge 20) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P.47, 48, 49, **MK** P. 91, 92: **JKF** P. 111, 112, 113, 144 **LONGHORN** P.72-7

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Andika iyi myitozo ku kibaho maze abana bayikore:

  3 x 2 = 5 x 2 = 9 x 2 =

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana bandike imyitozo ikurikira maze baze kuyikorera mu rugo. Bashobora gukoresha gushushanya utudomo niba babishaka.

9 x 2 = 10 x 2 = 4 x 2 =

ISOMO RYA 6 – GUKUBA NA 2

ICYITONDERWA- *Abana bajye bamara nibura iminota iri hagati y'itanu n'icumi bakora imyitozo yo kubara mu mutwe buri munsi. Ibi byafasha abana kurusha uko bamara isomo ryose ari byo bakora.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 20)	• Urupapuro rukomeye rushushanyijeho ya mara ya 2.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Mukine mwihuta aka gakino: 'Ongeraho 2'. Vuga umubare uri hagati ya 0 na 97 maze abana bavuge umubare babona bongeyeho 2. Mukine aka gakino mwihuta kugira ngo karusheho kuryoha.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Bwira abana bahaguruke maze baririmbe injyana ya mara ya 2. Baza abana icyo ikimenyetso **x** kivuga.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

x	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
2										

- Andika mara ya kabiri ariko ntushyireho ibisubizo. Bwira abana bandike mu makayi yabo hanyuma bakoreshe utubarisho cyangwa gushushanya utudomo, bashake ibisubizo maze buzuze muri iyo mara.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo – Gukuba na 2 (Ishuri ryose)

Bwira abana bakore imyitozo ikurikira:

2 x 2 = 6 x 2 = 8 x 2 = 9 x 2 =

Umwitozo wa 2- Gukuba na 2 - IGITABO CY'UMUNYESHURI

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gukuba na 2(igikubo ntikirenge 20) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite): **MK/REB** P.47, 48, 49, **MK** P. 91, 92, **JKF** P.111, 112, 113, 114, **LONGHORN** P.72-77

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikore:

2 x 4 = 5 x 2 = 1 x 2 = 10 x 2 =

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bwira abana bandike imyitozo ikurikira maze baze kuyikorera mu rugo

2 x 2 = 3 x 2 = 6 x 2 = 7 x 2 =

ICYUMWERU CYA 7

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Imyitozo yo guteranya nta kubitsa (igiteranyo ntikirenge 99)	• Imyitozo yo gukuramo nta gutira (koresha imibare itarenze 99)	• Imyitozo yo guteranya (igiteranyo ntikirenge 99) no gukuramo (koresha imibare itarenze 99)	• Imyitozo yo gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 20)	• Imyitozo yo guteranya ingero z'uburebure nta kubitsa (igiteranyo ntikirenge m 99)	• Imyitozo yo gukuramo ingero z'uburebure nta gutira (koresha imibare itarenze 99)	Isuzumabumenyi
Udukino two kubara mu mutwe	• Ni kangahe kabura kuri 20?	• Ni kangahe kabura kuri 20?	• Ni kangahe kabura kuri 20?	• Kubara basimbuka umubare kuva kuri 2 kugera kuri 20	• Ni kangahe kabura kuri 20?	• Ni kangahe kabura kuri 20?	
Indirimbo cyangwa Injyana	• Injyana yo kubara mu macumi kuva kuri 0 kugerea kuri 90	• Injyana yo kubara mu macumi kuva kuri 0 kugerea kuri 90	• Injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 20 bagenda basimbuka umubare umwe	• Injyana ya mara ya kabiri	• Injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 20 bagenda basimbuka umubare umwe	• Injyana yo kubara kuva kuri 1 kugera kuri 20 bagenda basimbuka umubare umwe	
Udukino two kubara	• Ni kangahe kabura kuri 20?	• Ni kangahe kabura kuri 20?	• Kuramo 2	• Ongeraho 2 • Kuba na 2 • 'Buzz'	• Ongeraho 2	• Ongeraho 2 • Kuramo 2	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P 50	P51;	P.50,51	P49	P.91-	P.91-	
MK	P 103, 104	P 105, 106, 107	P.103-107	P.92	P110, 118	P.111, 119	
JKF	P. 49, 78,83, 84, 118	P. 82, 83, 84, 119	P. 78, 82, 83, 84, 118, 119	P.111, 112, 113, 114	P.125, 127	P.126, 128	
LONGHORN	P.54-61	P.64-68	P.54-61, 64-68	P. 72-77	P. 102, 106	P.103, 107	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

	Ni kangahe kabura kuri 20? • Vuga umubare uri hagati ya 0 na 20 maze abana bavuge umubare bakongeraho ngo babone 20.
	Ongeraho 2 cyangwa Kuramo 2 • Vuga umubare maze abana bavuge umubare babona bongeyeho cyangwa bakuyemo 2.
	• "Kuba na 2'': Vuga umubare uri hagati ya 0 na 10 maze abana bavuge umubare babona bawukubye na 2.
	• Mukine umukino wa ''BUZZ'': Andika ku kibaho iyi mibare kuva kuri 0 kugera ku 10. Koza agati ku mubare ubonye maze abana bawusubiremo bawukubye na 2. Bwira abana 2 baze imbere maze ujye ukoza agakoni ku mubare hanyuma umwana utanga undi kuwuvuga awukubye na 2 arabona inota. Utanga undi kubona amanota 3 araba atsinze.
	• ''Mubare musubira inyuma. Urugero: Kuva kuri 76 kugera kuri 64.

ISOMO RYA 1 – IMYITOZO YO GUTERANYA

ICYITONDERWA - *Abana batondeke neza imibare mu mbonerahamwe yo guteranya.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Guteranya imibare 2 (nta kubitsa): igiteranyo ntikirenge 99.

Imfashanyigisho:

- Terefone (M-P1-T3-W7-L1)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Bwira abana bajye mu mu matsinda ya babiri babiri ku buryo mu gihe cy 'isomo buri mwana aza kuba azi mugenzi we baza gukorana.
- Mukine aka gakino: "Ongeraho 2", mukoreshe imibare kuva kuri 0 kugera kuri 97. Vuga umubare uri hagati ya 0 na 97 maze abana bavuge umubare babona bongeyeho 2.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

40	56	35	33	15
+44	+21	+ 2	+52	+44

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 90 (mugende muririmba mu macumi).
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: 'Ongeraho 2'.
- Fasha abana gutahura uko bateranya imibare ibiri y'imibarwa ibiri, bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe.
- Koresha abana imyitozo yo guteranya bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe(bakorere mu matsinda ya babiri babiri)
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 90 (mugende muririmba mu macumi).
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: 'Ni kangahe kabura kuri 20?'
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana ibyo bize mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

Agakuru k'imibare

Kuwa mbere, Yohani yasaruye avoka 34. Kuwa kabiri asarura avoka 45. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Ku wa kabiri, Yohani yasaruye avoka nyinshi kuruta ku wa mbere.

-Yohani yasaruye avoka 79 zose hamwe.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

- Andika ku kibaho imyitozo ikurikira maze abana bayikorere mu makaye yabo.

$$\begin{array}{r} 34 \\ +\ 33 \\ \hline \end{array} \qquad \begin{array}{r} 56 \\ +\ 23 \\ \hline \end{array} \qquad \begin{array}{r} 72 \\ +\ 12 \\ \hline \end{array}$$

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana bandike iyo myitozo mu makaye maze baze kuyikorera mu rugo:

12 + 28 =

17 + 71 =

80 + 6 =

ISOMO RYA 2 – IMYITOZO YO GUKURAMO IMIBARE ITARENZE 99

ICYITONDERWA - *Abana bajye babanza bakoreshe utubarisho kugeza igihe bashobora gukuramo bihuta.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Gukuramo imibare 2 ntagutira (imibare itarenze 99)

1. Gukangura abana — iminota 2

0 10 20 30 40 50 60 70 80 90

Bwira abana baririmbe injyana yo kubara mu macumi, babare bava kuri 0 bajya kuri 90 hanyuma bave kuri 90 bajya kuri 0.

2. Isubiramo — iminota 3

Mukine aka gakino: "Kuramo 2'. Vuga umubare uri hagati ya 2 na 99 maze abana bavuge umubare babona bakuyemo 2.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Andika ku kibaho uyu mwitozo uwuhagaritse: 67– 56. Ibukiranya n' abana uko bakuramo. Babaze uti: 'Duhera he?' Ku binyabumwe. Bwira abana barebe ibinyabumwe maze ubabaze uti: Dushobora gukura 6 muri 7? Yego. Igisubizo ni 1. Andika 1 ku kibaho ahabugenewe. Babaze uti: 'Dukurizaho iki?' Ibinyacumi. Bwira abana barebe ibinyacumi maze ubabaze uti: Dushobora gukura 5 muri 6? Birashoboka. Igisubizo ni 1. Andika 1 ku kibaho ahabugenewe. Ongera ukore uwo mwitozo ukoresheje imibare ikurikira: 75 – 25 = 49 – 26 =
- Sobanurira abana uko iyo bakuramo imibare igizwe n'imibarwa 2, bahera ku binyabumwe hanyuma bakajya ku binyacumi.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukuramo imibare itarenze 99 (Ishuri ryose)

- Andika iyi myitozo yo gukuramo ku kibaho maze abana bayikorere mu makaye yabo:

```
  8 8      7 9      6 4
- 2 4    - 1 7    - 5 2
```

- Gendagenda mu ishuri ureba uko abana babikora.
- Bwira abana 3 baze bakosore iyo myitozo ku kibaho maze ubwire abana bagereranye ibisubizo n'ibyo babonye mu makaye yabo. Ubabwire bakosore ibyo bishe.

Umwitozo wa 2 – Gukuramo imibare itarenze 99 - IGITABO CY'UMUNYESHURI

(Buri mwana ukwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gukuramo nta gutira iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite) :

MK/REB : P. 51, **MK** P. 105, 106, 107 **JKF** P.82, 83, 84, 119, **LONGHORN ,** P.54-61, 64-68

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Andika iyi myitozo yo gukuramo ku kibaho maze abana bayikorere mu makaye yabo:

```
  9 9      7 6      5 4
- 2 1    - 1 3    - 5 4
```

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Bwira abana bandike imyitozo ikurikira mu makaye maze baze kuyikorera mu rugo:

66- 15 = 56 - 22 = 12 - 8 =

ISOMO RYA 3 – IMYITOZO YO GUTERANYA NO GUKURAMO

ICYITONDERWA- *Mu gihe mukora imyitozo yo kubara mu mutwe, abana bajye basubiza vuba hanyuma bajye ku mwitozo ukurikira, ibyo bituma agakino kabashimisha.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Gukora imyitozo yo guteranya imibare 2 nta kubitsa (igiteranyo ntikirenge 99) no gukuramo imibare ibiri nta gutira (imibare itarenze 99).

1. Gukangura abana **iminota 2**

Bwira abana bahaguruke maze mubare musubira inyuma kuva kuri 76 kugera kuri 63. Musubire muri uwo mwitozo mubara kuva kuri 54 kugera kuri 39.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Baza abana icyo bize mu isomo riheruka, kandi mukosore umukoro batahanye.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Ibukiranya n'abana uko bateranya n'uko bakuramo. Andika uyu mwitozo ku kibaho uwuhagaritse: 73 + 25. Baza abana uko bashaka igisubizo.
- Andika ku kibaho uyu mwitozo uwuhagaritse: 65 – 35. Baza abana uko bashaka igisubizo.
- Ibutsa abana ko iyo bateranya cyangwa bakuramo imibare (igizwe n'imibarwa 2) bahera ku binyabumwe hanyuma bakajya ku binyacumi.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Imyitozo yo guteranya no gukuramo (Buri mwana ukwe)

- Andika iyi myitozo yo gukuramo no guteranya ku kibaho maze abana bayikorere mu makaye yabo:

7 8	3	5 9	8 0
– 4 0	+ 6	– 3 5	+ 1 4

- Gendagenda mu ishuri ureba uko abana babikora. Ushime abakora neza n'abandika neza.
- Bwira abana 4 baze bakosore ku kibaho maze abana bose bagereranye ibisubizo n'ibyo babonye mu makaye yabo. Bakosore ibyo bishe.

Umwitozo wa 2 – Imyitozo yo guteranya no gukuramo – IGITABO CY'UMUNYESHURI(Buri mwana ukwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no guteranya (igiteranyo ntikirenge 99) no gukuramo (imibare itarenze 99) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite): **MK/REB**, P. 50, 51, **MK** P.103-107, **JKF** P. 78, 82, 83, 84, 118, 119, **LONGHORN** , P.54-61 & 64-68

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Andika imyitozo ikuririkira ku kibaho maze abana bayikore: 25 – 4= 98 – 13= 70+23 26 – 1=

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bwira abana bandike imyitozo ikurikira mu makaye maze baze kuyikorera mu rugo:

7 7	1 0	5 4	7 8
+ 2 0	+ 7 9	– 2 0	– 6

ISOMO RYA 4 – IMYITOZO YO GUKUBA NA 2

ICYITONDERWA- *Gendagenda mu ishuri ureba ko abana bari gukorera mu matsinda kandi ko buri wese ko yumva ikigomba gukorwa.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gukora imyitozo yo gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 99)	• Utubarisho 10 kuri buri mwana • Terefone. (M-P1-T3-W7-L4) • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Reba ko abana bafite utubarisho kandi ko buri mwana azi mugenzi we baza gukorana mu itsinda.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

- Ririmbana n'abana injyana ya mara ya 2.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: 'Bara imibare ibiri ibiri' (barajya babara basimbuka umubare umwe, bavuge ukurikiraho).
- Fasha abana gutahura uko bakora imyitozo yo gukuba na 2 bakoresheje utubarisho(bakorere mu matsinda ya babiri babiri).
- Koresha abana imyitozo yo gukuba na 2 bakoresheje utubarisho (bakorere mu matsinda ya babiri babiri)
- Ririmbana n'abana injyana ya mara ya 2.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe kitwa: "Kuba na 2".
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana icyo bize muri iki gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone.

Agakuru k'imibare

Badege yakoze imigati 2 buri munsi mu minsi 5. Mwabivugaho iki?

Bimwe mu bitekerezo ku gakuru:

-Badege yatetse imigati 4 mu minsi ibiri.

-Mu minsi itanu yatetese imigati 10.

3.Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 9**

3.1. Isuzumabumenyi

- Andika ku kibaho iyi myitozo maze abana bayikorere mu makaye yabo:

  1 x 2 = 2 × 2 = 6 x 2 = 8 × 2 =

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana bandike imyitozo ikurikira mu makaye maze baze kuyikorera mu rugo:

3 x 2 = 4 x 2 = 5 x 2 =

ISOMO RYA 5 – IMYITOZO YO GUTERANYA INGERO Z'UBUREBURE

ICYITONDERWA- *Genzura ko abana batondeka imibare neza mu mbonerahamwe.*

Intego y'isomo:
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:
- Gukora imyitozo yo guteranya ingero z'uburebure (nta kubitsa), igiteranyo ntikirenge 99.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Bwira abana bahaguruke maze babare basimbuka umubare, bave kuri 0 bajya kuri 20 nyuma bave kuri 20 bajya kuri 0. Nyuma baririmbe mara ya kabiri.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Baza abana ingero z'uburebure bize. Babaze uti 'Twakoresheje iki dupima?' (irati, umugozi, ikiganza…). Bwira abana bakwereke ikintu kiri mu ishuri kireshya na metero 1, ikireshya na metero 5. Babwire barebe mu ishuri cyangwa hanze y'ishuri ikintu kireshya na metero 10.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Andika uyu mwitozo ku kibaho: m61+m18 = m___. Baza abana uko babona igisubizo. Babwire bashake igisubizo maze ucyandike muri metero ku kibaho. Ibutsa abana ko iyo duteranya ingero z'uburebure, tubanza guteranya imibare bisanzwe (tugateranya ibinyabumwe hanyuma tugateranya ibinyacumi, hanyuma igisubizo tukacyandika nyuma ya metero (m). Andika ku kibaho uyu mwitozo: m52 + m12= m___. Baza abana uko babona igisubizo nyuma uhamagare umwana aze acyandike ku kibaho.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Guteranya ingero z' uburebure

Andika ku kibaho iyi myitozo yo guteranya ingero z'uburebure:

m 21 + m 7= m____
m 14 + m 5 = m____
m 24 + m 64 = m____
m 35 + m 34= m____

Bwira abana bayandukure mu makaye yabo maze bakorere mu matsinda ya babiri babiri bashake igisubizo. Bwira abana 4 baze imbere bakosore maze abana bose bagereranye ibisubizo n'ibyo babonye mu makaye yabo. Banakosore ibyo bishe.

Umwitozo wa 2 – Guteranya ingero z' uburebure – IGITABO CY'UMUNYESHURI (Buri mwana ukwe)

Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no guteranya ingero z'uburebure (nta kubitsa), igiteranyo ntikirenge m 99, iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite):
MK/REB P. 91, **MK** P. 110, 118, **JKF** P.125, 127, **LONGHORN** : P.102, 106

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Andika ku kibaho imyitozo yo guteranya ingero z'uburebure ikurikira maze abana bayikore:

m 33 + m 4= m___
m 12 + m 3 = m___
24m + m 52 = m___
m 35 + m 20= m___

5.Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Andika iyi myitozo ku kibaho maze abana bayandukure mu makaye yabo baze kuyikorana n'umuntu wo mu rugo:
m 56 + m 12 = m_____
m 31+ m 24 = m_____
m 8 + m 71 = m_____

ISOMO RYA 6 – IMYITOZO YO GUKURAMO INGERO Z'UBUREBURE

ICYITONDERWA - *Genzura ko abana batondeka imibare neza mu mbonerhamwe yo gukuramo.*

Intego y'isomo:
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:
- Gukora imyitozo yo gukuramo ingero z'uburebure zitarenze m 99 (nta gutira).

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine mwihuta: ''Ni kangahe kabura kuri 20?''. Vuga umubare uri hagati ya 0 na 20 maze abana bavuge umubare bakongeraho ngo babone 20. Mukomeze umukino ari ko murushaho kwihuta.

2. Isubiramo — iminota 3

- Ereka abana ikintu bashobora gupima: ikibaho, ishuri maze ubabwire bashishoze uburebure bwabyo muri metero. Andika ku kibaho ibisubizo batanze. Nimupime ibyo bintu mukoresheje metero maze wandike ibipimo ku kibaho. Bwira abana bagereranye ibipimo nyakuri n'ibyo bari bashishoje.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Andika uyu mwitozo ku kibaho: m56 - m12 = m____. Bwira abana bashake igisubizo. Andika igisubizo muri m ku kibaho. Ibukiranya n'abana abana ko iyo bakora imyitozo yo gukuramo ingero z'uburebure, bakuramo imibare nk'uko bisanzwe (bakabanza gukuramo ibinyabumwe, nyuma bagakuramo ibinyacumi) hanyuma igisubizo bakacyandika inyuma ya metero. Andika uyu mwitozo ku kibaho: m 34 - m15 = m___ . Bwira abana bashake igisubizo maze ucyandike ku kibaho.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Gukuramo ingero z' uburebure ziri muri metero (Buri mwana ukwe)
Andika iyi myitozo ku kibaho maze abana bayikorere mu makaye yabo:

m 28 - m 7 = m____
m 9 - m 6 = m____
m 64 - m 20 = m____
m 35 - m 35 = m____

- Gendagenda mu ishuri ureba uko abana babikora.
- Hamagara abana 4 baze imbere bakosore maze abana bose bagereranye ibisubizo n'ibyo babonye mu makaye yabo. Bakosore ibyo bishe.

Umwitozo wa 2 – Gukuramo ingero z'uburebure – IGITABO CY'UMUNYESHURI(Buri mwana ukwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gukuramo ingero z'uburebure zitarenze m99 (nta gutira) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P.91, **MK** P.111, 119, **JKF** P.126, 128, **LONGHORN** P.103, 107

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayikorere mu makaye yabo:

m 35 - m 2 = m____
m 19 - m 4 = m____
m 74 - m 30 = m____
m 85 - m 85 = m____

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika imyitozo ikurikira ku kibaho maze abana bayandukure mu makaye yabo baze kuyikorana n'umuntu wo mu rugo:

m 98 - m 16= m____
m 55 - m 22 = m____
m 85 - m 85= m____

ISUZUMABUMENYI RISOZA ICYUMERU CYA 6 N'ICYA 7

Bwira buri mwana akore ukwe. Abandi bana ntibagomba kumva ibisubizo bya bagenzi babo.

Ikibazo cya1 – Bwira abana berekane akadomo kari: mu ruziga, hanze yarwo no kuri rwo.



Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Ibisubizo byiza: ni akadomo1 cyangwa nta na kamwe	Ibisubizo byiza: ni utudomo 2	Ibisubizo byiza : ni utudomo 3

Ikibazo cya 2 – Bwira abana bakore imyitozo ikurikira. Bashobora gukoresha utubarisho babishatse.

1 x 2 = **4 x 2 =** **9 x 2 =**

7 x 2 = **3 x 2 =** **10 x 2 =**

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Ibisubizo byiza: ni 2 cyangwa munsi ya 2	Ibisubizo byiza: biri hagati ya 3 na 4	Ibisubizo byiza: biri hagati ya 5 na 6

Ikibazo cya 3 – Bwira abana bakore iyi myitozo:

1) Imyitozo yo guteranya no gukuramo:

$$\begin{array}{r} 76 \\ -\ \underline{24} \end{array} \qquad \begin{array}{r} 81 \\ -\underline{31} \end{array} \qquad \begin{array}{r} 44 \\ +\ \underline{22} \end{array}$$

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Ibisubizo byiza: ni kimwe cyangwa munsi ya 1	Ibisubizo byiza: ni 2	Ibisubizo byiza: ni 3(byose)

Ikibazo cya 4 - Imyitozo yo guteranya no gukuramo ingero z'uburebure:

m 35 + m 13 = m_____, m 98 - m 12 = m_____ m 8 + m 12 = m___

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Ibisubizo byiza: ni kimwe cyangwa munsi ya 1	Ibisubizo byiza: ni 2	Ibisubizo byiza: ni 3 (byose)

Icyitonderwa:

Ni byiza cyane = amanota 3
Ni byiza = amanota 2
Akeneye gufashwa = inota 1

ICYUMWERU CYA 8

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo rya 1 (Ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (Ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Gusesengura imibare kuva kuri 60 kugera kuri 80 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gusesengura imibare kuva kuri 80 kugera kuri 99 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gupima uburebure butarenze m 99	• Gusesengura imibare itarenze 99 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gusesengura imibare itarenze 99 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Gupima uburebure butarenze m 99	• Gutsindagira ibyizwe
Udukino two kubara mu mutwe	• Ongeraho 2	• Ni kangahe kabura kuri 20?	• Ni kangahe kabura kuri 20?	• Ongeraho 2 • Ni kangahe kabura kuri 20?	• Ni kangahe kabura kuri 20? • Kuramo 2	• Ni kangahe kabura kuri 20?	
Indirimbo cyangwa injyana	• Injyana yo kubara kuva kuri 60 kugera kuri 80	• Injyana yo kubara kuva kuri 80 kugera kuri 99	• Injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 90 (babara mu macumi)	• Injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 90 (babara mu macumi)	• Injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 90 (babara mu macumi)	• Injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 90 (babara mu macumi)	
Udukino two kubara	• Fora umubare	• Fora umubare		• Fora umubare	• Erekana uwo mubare • Ni uwuhe mubare?		
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P. 62	P. 62	P. 88,89	P. 44, P 45, 46, 62	P. 44, P.45, 46, 62	P. 88, 89	
MK	P.112, 113, 114	P.112, 113, 114	P115	112, 113, 114,	P. 112, 113, 114	P115	
JKF	P.117--	P.117-	P. 101	P.108, 109, 110,117-	P.108, 109, 110,117-	P. 101	
LONGHORN	P. 40, 41,43,44	P. 42, 43, 44	P. 101	37, 38, 39, 40, 41, 42, 43, 44	37, 38, 39, 40, 41, 42, 43, 44	P. 101	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

	Ni kangahe kabura kuri 20? • Vuga umubare uri hagati ya 0 na 20 maze abana bavuge umubare bateranyaho ngo babone 20.
	Ni uwuhe mubare? • Mukine aka gakino "Ni uwuhe mubare?" aho buri mubarwa ugaragazwa n'amajwi atandukanye. Urugero amashyi agaragaza ibinyacumi, inoni ikagaragaza ibinyabumwe. Bityo, amashyi inshuro 5 n' inoni inshuro 4 ni 54.
	Ongeraho cyangwa kuramo 1 cyangwa 2 • Vuga umubare uri hagati ya 1 na 99 maze abana bavuge umubare babona bongeyeho cyangwa bakuyemo rimwe cyangwa kabiri.
	• **Sesengura uyu mubare mo ibinyacumi n'ibinyabumwe (ishuri ryose)** Andika umubare ku kibaho maze abana bawuvuge, banavuge ibinyacumi n'ibinyabumwe biwugize. Subiramo uwo mukino wihuta, ari ko usiba umubare wa mbere.

ISOMO RYA 1 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KURI 60 KUGERA KURI 80 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE

ICYITONDERWA - *Mu gihe mukina agakino: 'Ni uwuhe mubare', ujye ukoma amashyi cyane kandi uvuze inoni cyane kugira ngo abana babyumve neza. Mu gihe ari ngombwa ko uvuza inoni kenshi, jya usiga akanya gato hagati y'inoni n'indi kugira ngo abana babashe kuzibara.*

Intego y'isomo:
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:
- Gusesengura imibare kuva kuri 60 kugera 80 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe.

Imfashanyigisho
- Terefone (M-P1-T3-W8-L1)
- Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Bwira abana bajye mu matsinda ya babiri babiri ku buryo mu gihe cy'isomo rinyuzwa kuri terefone buri mwana aza kuba azi mugenzi we.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

60 61 62 63 64 65 66 67 68 69 70



- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 60 kugera kuri 80(mugenda musimbuka umubare umwe).
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe : 'Ongeraho 2'.
- Fasha abana gutahura uko basesengura imibare iri hagati ya 60 na 80 ukoresheje gushushanya intungwamibare (ikibarisho) (reba urugero ku gishushanyo ibumoso) n'imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe.
- Fasha abana gukora imyitozo yo gusengura imibare mo ibinyacumi n'ibinyabumwe bakoresheje gushushanya intungwamibare (ikibarisho) n'imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi (bakorere mu matsinda ya babiri babiri).
- Kinisha abana agakino ko gusesengura kitwa: 'Ni uwuhe mubare?'
- Koresha abana imyitozo yo gusengura imibare mo ibinyacumi n'ibinyabumwe bakoresheje gushushanya intungwamibare (ikibarisho) n'imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi (bakorere mu matsinda ya babiri babiri).
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe' Ongeraho 2'.
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana bakubwire uko basesengura umubare.

Agakuru k'imibare

Rukundo yasaruye amatunda 50. Roza yasaruye amatunda mirongo itatu n'atanu.
Bimwe mu bisubizo by'agakuru:
- Bombi basaruye amatunda 85.
- Umubare w'amatunda Rukundo yasaruye ugizwe n'ibinyabumwe zeru, n'ibinyacumi bitanu.
- Umubare w'amatunda Roza yasaruye ugizwe n'ibinyabumwe bitanu n'ibinyacumi bitatu.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Abana basesengure imibare bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi: 60, 56, 78.

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana bandukure imibare ikurikira maze baze kuyisesengura bageze mu rugo bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe. Babanze bifashishishe gushushanya intungwamibare (ikibarisho) kugira ngo bamenye umubare w'ibinyabumwe n'ibinyacumi bigize buri mubare.

66
71
80

ISOMO RYA 2 – GUSESENGURA IMIBARE KUVA KURI 80 KUGERA KURI 99 MO IBINYABUMWE N'IBINYACUMI

ICYITONDERWA - *Mu gihe mukina agakino: 'Ni uwuhe mubare', ujye ukoma amashyi cyane kandi uvuze inoni cyane kugira ngo abana babyumve neza. Mu gihe ari ngombwa ko uvuza inoni kenshi, jya usiga akanya gato hagati y'inoni n'indi kugira ngo abana babashe kuzibara.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Gusesengura imibare kuva kuri 80 kugera kuri 99 mo ibinyabumwe n'ibinyacumi.

1. Gukangura abana **iminota 2**

- Bwira abana babare basubira inyuma kuva kuri 80 kugera kuri 60.

2. Isubiramo **iminota 3**

Vuga umubare. Urugero: 51, maze abana bawusesengure bifashishije imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Sobanurira abana ko mugiye kwifashisha gushushanya intungwamibare (ikibarisho) kugira ngo mugaragaze umubare w'ibinyacumi n'ibinyabumwe bigize umubare uri hagati ya 80 na 99. Mwibukiranye uko bashushanya intungwamibare (ikibarisho). Andika ku kibaho umubare uri hagati ya 80 na 99, urugero: 85, maze abana bawusome. Bwira abana bawerekane bakoresheje intungwamibare (ikibarisho). Gendagenda ufasha abana aho biri ngombwa. Bwira umwana aze imbere maze yerekane uwo mubare akoresheje gushushanya intungwamibare (ikibarisho) ku kibaho. Babaze uti: Dufite ibinyabumwe bingahe? Ibinyacumi bingahe? Andika uwo mubare ukoresheje inyuguti zikurikira: **c** ku binyacumi naho **b** ku binyabumwe. Urugero: 85 =c8 b5. Nyuma, ushushanye imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi ku kibaho hanyuma ubwire umwana aze yandike iyo mibare muri iyo mbonerahamwe. Subira muri uwo mwitozo ukoresheje indi mibare, kandi ubwira abandi bana kuza kwerakana iyo mibare bakoresheje intungwamibare (ikibarisho), no kuzuza iyo mibare mu mbonerahamwe. .

3.2. Imyitozo y'impamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – "Ni uwuhe mubare?" (Ishuri ryose)

- Mukine aka gakino: "Ni uwuhe mubare?" aho buri mubarwa ugaragazwa n'amajwi atandukanye. Urugero, amashyi agaragaza ibinyacumi, inoni zigaragaza ibinyabumwe. Bityo, amashyi inshuro 8 n'inoni inshuro 4 ni 84. Mwongere musubiremo umwitozo kugeza igihe abana babimenyereye.

Umwitozo wa 2 – Gusesengura imibare mo ibinyabumwe n'ibinyacumi

- Andika imibare ikurikira maze abana bayisesengure mo ibinyacumi n'ibinyabumwe bakoresheje imbonerahamwe: 80, 82, 97. Babanze bagaragaze buri mubare bakoresheje intungwamibare (ikibarisho).

Umwitozo wa 2 - Gusesengura imibare kuva kuri 80 kugera kuri99 mo ibinyabumwe n'ibinyacumi – IGITABO CY'UMUNYESHURI (babiri babiri)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gusesengura imibare kuva kuri 80 kugera kuri 99 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite):
  MK/REB P.62, **MK** P. 112, 113, 114, **JKF** : P.117, **LONGHORN** P.42, 43, 44

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Andika imibare ikurikira maze abana bayisesengure mo ibinyacumi n'ibinyabumwe bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi: 88, 90, 99.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bwira abana bereke ababyeyi babo uko bakina agakino: "Ni uwuhe mubare?"
Bwira abana bandike imibare ikurikira mu makaye yabo maze baze kuyisesengura bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi: 90; 89.

ISOMO RYA 3 – GUPIMA UBUREBURE BUTARENZE METERO 99

ICYITONDERWA - *Mbere yo gupima ikintu, abana bajye babanza bacishirize uko kireshya. Bizabafasha kurushaho kumva ingero zinyuranye z'uburebure.*

Intego y'isomo:	**IMFASHANYIGISHO**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gupima uburebure butarenze m 99	• Metero cyangwa irati izakoreshwa na mwarimu. • Umugozi upima metero 1 kuri buri mwana

1. Gukangura abana **iminota 2**

0 10 20 30 40 50 60 70 80 90

Andika imibare kuva kuri 0 kugera kuri 90. Bwira abana baririmbe injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 99, babare mu macumi, bava kuri 0 bajya kuri 90 hanyuma bave kuri 90 bajya kuri 0.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Baza abana icyo babona gisumba ikindi: uburebure (mu butambike) bw'ikibaho cyangwa ubw'idirishya. Basobanure ibisubizo byabo.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

Gupima ahantu hareshya (m30, m40, m50) (Ishuri ryose) Bwira abana bajye hanze.

- Basohoke ku murongo, nibagera hanze, ushushanye umurongo muremure ku butaka maze ubwire abana kuwuhagararaho. Bwira abana uti: Uyu niwo murongo w'intangiriro. Vuga uburebure runaka, urugero m30 maze abana baze imbere kugeza aho bumva bageze muri m30. Babwire bagume aho bageze. Noneho pima m30 uhereye kuri wa murongo, kandi ubare uvuga cyane. Nugeza kuri m30, ubwire abana barebe aho bahagaze. Ese baba bapimiranyije neza? Babwire basubire kuri wa murongo w'intangiriro maze mukomeze uwo mwitozo mukoresha indi mibare, urugero m40, m50. Ureke abana bamwe bakoreshe umugozi upima metero bapimire bagenzi babo. Nyuma bahinduranye.

3.2. Imyitozo y'impamyabumenyi

Umwitozo 1 – Gupima uburebure

- Bwira abana bapime uburebure kuva ku ishuri ryabo kugera ku bwiherero. Bakoreshe umugozi ureshya na metero. Hanyuma bakubwire ibyo babonye. Nyuma abana bagaruke mu ishuri.
- **Umwitozo 2 – Gupima – IGITABO CY'UMUNYESHURI**

Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gupima uburebure butarenze m 99 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite)

MK/REB P.88, 89, **MK** P.115 , **JKF** P.101, **LONGHORN** P.101

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

Baza abana ibyo bapimye muri iri somo.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bwira abana baze gupima, bifashishije umugozi wa metero, uburebure mu butambike bw'umuryango w'inzu yabo, uburebure kuva ku rukuta rumwe ujya ku rundi. Baze gufatanya n'umuntu wo mu rugo. Hanyuma bandike ibyo bapimye.

ISOMO RYA 4 – GUSESENGURA IMIBARE ITARENZE 99 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE

ICYITONDERWA- *Shushanya ibishushanyo binini ku buryo abana bose babibona*.

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gusesengura imibare itarenze 99 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe	• Terefone (M-P1-T3-W8-L4) • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **umunota 1**

- Bwira abana bajye mu matsinda ya babiri babiri cyangwa mu matsinda mato ku buryo baza kumenya bagenzi babo mu gihe cy'isomo.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 30**

80 81 82 83 84 85 86 87 88 89 90 91 92 93 94 95 96 97 98

- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 80 kugera kuri 98 (mugende musimbuka umubare umwe umwe).
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: 'Ongeraho 1'.
- Fasha abana gutahura uko basesengura imibare itarenze 99 ukoresheje gushushanya intungwamibare (ikibarisho) n'imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe.
- Fasha abana gukora imyitozo yo gusesengura imibare mo ibinyacumi n'ibinyabumwe bakoresheje intungwamibare (ikibarisho) n'imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi (bakorere mu matsinda ya babiri babiri).
- Kinisha abana agakino ko gusesengura kitwa: 'Ni uwuhe mubare?'
- Koresha abana imyitozo yo gusengura imibare mo ibinyacumi n'ibinyabumwe bakoresheje gushushanya intungwamibare (ikibarisho) n'imbonerahamwe y'ibinyabumwe n'ibinyacumi (bakorere mu matsinda ya babiri babiri).
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe' Ongeraho 2'.
- Fasha abana kubona ibitekerezo ku gakuru k'imibare kari hano munsi.
- Baza abana bakubwire uko basesengura imibare.iri munsi iri hagati ya 10 na 99.

Agakuru k'imibare

Kankindi yagurishije amandazi 51 ku munsi. Kampire we yagurishije amandazi 16. Mwabigaho iki?

Bimwe mu bisubizo by'agakuru:

-Kankindi yagurishije amandazi menshi kurusha Kampire.

-Kampire uwo munsi ntiyishimye kuko yagurishije amandazi make.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone **iminota 6**

3.1. Isuzumabumenyi

Bwira abana basesengure iyi mibare bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe:

61 44 88

3.2. Umukoro wo mu rugo

Bwira abana bandike imibare ikurikira mu makaye yabo maze baze kuyisesengura mo ibinyacumi n'ibinyabumwe bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyabumwe:

n'ibinyacumi:

46

27

65

ISOMO RYA 5 – GUSESENGURA IMIBARE ITARENZE 99 MO IBINYACUMI N'IBINYABUMWE

ICYITONDERWA - *Mu gihe abana bakora imyitozo yo kubara mu mutwe, abana basubize vuba hanyuma bajye ku wundi mwitozo, ibyo bituma agakino karyoha.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Gusesengura imibare itarenze 99 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe

1. Gukangura abana **iminota 2**

Bwira abana baririmbe injyana yo kubara mu macumi kuva kuri 0 kugera kuri 90 no kuva kuri 90 kugera kuri 0.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Vuga umubare, urugero: 67, maze abana bawusesengure bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

Andika ku kibaho umubare uri hagati ya 0 na 99. Urugero: 92. Baza abana ibinyacumi n'ibinyabumwe biwugize bifashishije intungwamibare (ikibarisho). Bwira umwana aze imbere maze yandike uwo mubare mu mbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe. Subira muri uwo mwitozo ukoresheje indi mibare nka: 49, 72, 36.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Kwandika umubare mu mbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe (babiri babiri)

- Andika iyi mibare ku kibaho:

  45

  50

  53

- Bwira abana bayandike mu mbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe.

Umwitozo wa 2 – Gusesengura imibare itarenze 99 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe – IGITABO CY'UMUNYESHURI

Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gusesengura imibare itarenze 99 mo ibinyacumi n'ibinyabumwe iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite): **MK/REB** P.44, 45, 46, 62, **MK** P. 112, 113, 114, **JKF** P.108, 109, 110,117, **LONGHORN** P.37, 38, 39, 40, 41, 42, 43

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Andika iyi mibare ku kibaho maze abana bashushanye imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe mu makayi yabo hamyuma buzuzemo iyo mibare:

  45

  50

  53

5. Umukoro wo mu rugo **iminota2**

Bwira abana bandike imibare ikurikira mu makaye yabo maze baze kuyisesengura bakoresheje imbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe:

17

32

95

ISOMO RYA 6 – GUPIMA UBUREBURE BUTARENZE METERO 99

ICYITONDERWA - *Mbere yo gupima ikintu, abana bajye babanza bacishirize uko kireshya. Bizabafasha kurushaho kumva ingero z'uburebure.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gupima uburebure butarenze m 99	• Metero n'amakaramu (bizakoreshwa na mwarimu) • Umugozi upima metero 1 kuri buri mwana

1. Gukangura abana **iminota 2**

Bwira abana baririmbe injyana yo kubara mu macumi kuva kuri 0 kugera kuri 90 no kuva kuri 90 kugera kuri 0.

2. Isubiramo **iminota 3**

- Ereka abana metero maze ubabaze uti: Mubona ifite metero zingahe? Ereka abana akarundo k'amakaramu, ubabwire ko ugiye kuyatondekanya, imwe inyuma y'iyindi, kugeza igihe mwumva ko mushyitse kuri metero 1. Bwira abana batekereze amakaramu bumva bakenera kugira ngo bashyike ku burebure bwa metero 1. Tondeka amakaramu iruhande rwa metero. Fatanya n'abana kugereranya n'ibyo bari babonye mbere: ese bari bacishirije neza cyangwa bari bibeshye?

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Ibutsa abana umwitozo wo mu isomo riheruka ryerekeranye no gupima. Bwira abana basohoke bucece. Nibagera hanze, uce umurongo muremure ku butaka maze abana bawuhagarareho. Ubabwire uti: Uyu ni umurongo w'intangiriro. Vuga uburebure runaka, urugero m50 maze abana baze imbere kugeza aho bumva bageze muri m50. Abana bagume aho bari. Nyuma, pima m50 uhereye kuri wa murongo, ubara uranguruye ijwi. Nugeza kuri metero 50 ubwire abana kureba aho bahagaze. Ese baba bahagaze muri m50 koko? Babwire basubire kuri wa murongo musubire muri uwo mwitozo mukoresha indi mibare. Noneho abana bamwe bakoreshe umugozi upima metero bapimire bagenzi babo. Nyuma bahinduranye. Iki gice nikirangira abana bagaruke mu ishuri

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo - Gupima uburebure - IGITABO CY'UMUNYESHURI

Fasha abana gukora imyitozo ijyanye no gupima uburebure butarenze m 99 iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite); **MK/REB** P.88, 89, **MK** P.115 , **JKF** P.101, **LONGHORN** P.101

4. Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Baza abana ibyo bapimye muri iri somo.

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

Bwira abana baze gupima uburebure buri hagati y'inzu bararamo n'igikoni. Babanze bandike ubwo burebure bagereranyije, hanyuma banandike nyuma yo gupima.

ICYUMWERU CYA 9

IMBONERAHAMWE Y'AMASOMO

	Isomo rya 1 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 2	Isomo rya 3	Isomo rya 4 (ritangwa hifashishijwe terefone)	Isomo rya 5	Isomo rya 6	Isomo rya 7
Ikigamijwe	• Amahurizo yo guteranya (igiteranyo ntikirenge 99)	• Amahurizo yo gukuramo (imibare itarenze 99)	• Amahurizo yo guteranya ingero z' uburebure (igiteranyo ntikirenge 99)	• Amahurizo yo gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 20)	• Amahurizo yo gukuramo ingero z' uburebure (zitarenze m99)	• Amahurizo yo gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 20)	• Isuzumabumenyi
Udukino two kubara mu mutwe	• Ni kangahe kabura kuri 20?	• Ni kangahe kabura kuri 20?	• Ni kangahe kabura kuri 20?	• Ni kangahe kabura kuri 20?	• Ongeraho 2	• Ni kangahe kabura kuri 20?	
Indirimbo cyangwa injyana	• Injyana yo kubara mu macumi kuva kuri 0 kugera kuri 90	• Injyana yo kubara mu macumi kuva kuri 0 kugera kuri 90	• Injyana yo kubara mu macumi kuva kuri 0 kugera kuri 90	• Injyana ya mara ya kabiri	• Injyana yo kubara mu macumi kuva kuri 0 kugera kuri 90	• Injyana ya mara ya kabiri	
Udukino two kubara	• Ongeraho 2	• Kuramo 2	• Ongeraho 2	• Kuba na 2	• Kuramo 2	• Kuba na 2	
AHO TUBISANGA MU GITABO CY'UMUNYESHURI							
MK/REB	P58&64	P58&64	P92	P58&64	P92	P58&64	
MK	P 116	P117	P.118-	P 120	P. 119	P120	
JKF	P. 61, 62, 121, 122	P.63, 92, 124	P.93	P. 131	P.93	P. 131	
LONGHORN	P.62, 63	P.69	P. 104	P. 75, 76, 77	P.103	P. 75, 76, 77	

IMIKINO Y'ICYUMWERU

	Ni kangahe kabura kuri 20? • Vuga umubare uri hagati ya 0 na 20 maze abana bavuge undi bateranyaho ngo babone 20.
	Ongeraho cyangwa kuramo 1 cyangwa 2 • Vuga umubare maze abana bavuge umubare babona bongeyeho cyangwa bakuyemo 1 cyangwa 2.
	Kuba na 2 • Vuga umubare maze abana bavuge umubare babona bawukubye na 2.
	• Mubare musimbuka umubare muva kuri 0 mujya kuri 20 mwongera muva kuri 20 mujya kuri 0.

ISOMO RYA 1 – AMAHURIZO YO GUTERANYA

ICYITONDERWA - *Mu gihe mutangiye kwiga amahurizo, hera ku mibare yoroshye. Bituma abana barushaho gutekereza ku bimenyetso bari buze gukoresha n'uko bari buze gusesengura ihurizo: kumenya ibyo bafite n'ibyo babazwa. Iyo ibi abana bamaze kubifata neza, ushobora gukoresha imibare ikomeye.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho:**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gukora amahurizo yo guteranya nta kubitsa (igiteranyo ntikirenge 99)	• Terefone (M-P1-T3-W9-L1) • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

- Bwira abana bajye mu matsinda ya babiri babiri ku buryo baza kuba bazi bagenzi babo mu gihe cy'isomo.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

Johani yateye ibiti by'ikawa 30. Mwene nyina Yozefu yateye ibiti 29. Bose hamwe bateye ibiti bingahe?

c	b
3	0
2	9

Mu mwaka wa mbere harimo abana 40 naho mu wa 2 hakabamo 45. Bose hamwe ni bangahe?

Kuwa mbere, Petero yacuruje buji 45. Kuwa kabiri acuruza buji 24. Ubwo yacuruje buji zingahe?

- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: 'Ongeraho 2'.
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: 'Ni kangahe kabura kuri 20?'
- Fasha abana gutahura uko bakora ihurizo ryo guteranya munyuze mu nzira ikurikira: kurisoma bitonze, kurisesengura (bagatahura ibyo babahaye n'ibyo babaza maze bakandika imibare babahaye mu mbonehamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe), gutahura itegeko rikoreshwa (kumenya niba bateranya cyangwa bakuramo), gushaka igisubizo.
- Fasha abana gukora ihurizo ryo guteranya munyuze mu nzira yavuzwe haruguru.
- Ririmbana n'abana injyana yo kubara kuva kuri 0 kugera kuri 90 (babara mu macumi).
- Koresha abana ihurizo ryo guteranya banyuze mu nzira yavuzwe haruguru (bakorere mu matsinda ya bibiri babiri).
- Baza abana inzira banyuramo bakora ihurizo ryo guteranya.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Somera abana ihurizo rikurikira maze barikore:

Umudozi yadoze amajipo 40. Undi mudozi yadoze amajipo 33.

Bombi badoze amajipo angahe?

3.2. Umukoro wo mu rugo

Andika ihurizo rikurukira ku kibaho maze abana baryandukure mu makaye yabo hanyuma baze kurikorera mu rugo. (Wibuke kuryandika mu cyapa) :

Petero yacuruje imigati 20. Kalisa yacuruje imigati 15. Vuga umubare w'imigati Petero na Kalisa bacuruje?

ISOMO RYA 2 – AMAHURIZO YO GUKURAMO

ICYITONDERWA – *Mugihe cyo gukora ihurizo, rikore uvuga, ku buryo abana bakurikira ibyo urimo gukora ku kibaho.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Gukora amahurizo yo gukuramo nta kubitsa (imibare itarenze 99)

1. Gukangura abana — iminota 2

Mukine: *Kuramo 2.* Vuga umubare uri hagati ya 2 na 99. Maze abana bavuge umubare babona bakuyemo 2.

2. Isubiramo — iminota 3

Ibukiranya n'abana uko bakora ihurizo ry'imibare: kurisoma witonze, kurisesengura (bagashaka ibyo babahaye n'ibyo babasaba), gushaka itegeko rikoreshwa (kumenya niba bateranya cyangwa bakuramo) nyuma bagashaka igisubizo.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Somera abana ihurizo rikurikira:
  - o Kabera yoroye ingurube 34. Yagurishijemo ingurube 12. Asigaranye ingurube zingahe?
- Ganira n'abana uko mwashaka igisubizo cy'iri hurizo. Bafashe gusesengura ihurizo ku kibaho: barebe ibyo babahaye n'ibyo babababaza, maze ubwire umwana aze yandike imibare mu mbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe. Nyuma ubaze abana uti: 'Turateranya cyangwa turakuramo?' 'Turakuramo'. Mushake igisubizo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Amahurizo yo gukuramo (Babiri babiri)

- Somera abana rimwe rimwe mu mahurizo akurikira:
  - o *Mariya yari afite amacunga 39. Yakuyemo amacunga 11. Ubwo asigaraye amacunga angahe?*
  - o *Ineza yari afite imyembe 32, atangamo imyembe 21. Ubwo asigaranye imyembe ingahe?*
- Bwira abana bakorere mu matsinda ya babiri babiri, bashake igisubizo, intambwe ku yindi.

Umwitozo wa 2 – Amahurizo yo gukuramo - IGITABO CY'UMUNYESHURI (Buri mwana ukwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye n'amahurizo yo gukuramo iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P. 58, 64,: **MK** P.117: **JKF** P.63, 92, 124: **LONGHORN** P. 69

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Baza abana bavuge uburyo bashobora gukoresha ibyo bize mu buzima bwabo bwa buri munsi.
- Somera abana ihurizo rikurikira maze abana barikore. *Umworozi yari atunze inka 80. Yagurishijemo inka 22. Asigaranye inka zingahe?*

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika amahurizo akurukira ku kibaho maze abana bayandukure mu makaye yabo hanyuma baze kuyakorera mu rugo. Wibuke kwandika mu cyapa.

- *Kabera yari yoroye ihene 56, yaragijemo ihene 32. Vuga umubare w'ihene Kabera ataragije.*
- *Kalisa yari afite udutabo 39 two gusoma, yatije murumuna we udutabo 32. Vuga umubare w'udutabo Kalisa asigaranye.*

ISOMO RYA 3 – AMAHURIZO YO GUTERANYA INGERO Z' UBUREBURE

ICYITONDERWA- *Mugihe cyo gukora ihurizo, rikore uvuga, ku buryo abana bakurikira ibyo urimo gukora ku kibaho.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Gukora amahurizo yo guteranya ingero z'uburebure (zitarenze m 99).

1. Gukangura abana — iminota 2

- Mukine: "Ongeraho 2". Vuga umubare uri hagati ya 0 na 97 maze abana bavuge umubare babona bongeyeho 2.

2. Isubiramo — iminota 3

Fatanya n'abana gusubira mu buryo bakora amahurizo: gusoma ihurizo bitonze, kurisesengura (bagashaka ibyo babahaye n'ibyo babaza), gushaka itegeko rikoreshwa (kumenya niba bateranya cyangwa bakuramo),nyuma bagashaka igisubizo.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Somera abana iri hurizo:
  - *Icyumba gifite uburebure bwa metero 14. Ikindi cyumba gifite uburebure bwa metero 22. Uburebure bw'ibyumba byombi bungana bute?*
- Vugana n'abana uko mukora iri hurizo. Murisesengure (mushake ibyo babahaye n'ibyo bababaza) kandi mwandike imibare iri muri ryo mu mbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe. Baza abana uti: "Turakuramo cyangwa turateranya?" Nyuma mushake igisubizo.
- Wibutse abana ko igisubizo cyandikwa muri metero.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Amahurizo yo gukuramo ingero z'uburebure (Babiri babiri)

- Somera abana ihurizo rimwe rimwe muri aya akurikira abana barikore:
  1. Ineza afite umugozi wa metero 5. Mama we afite umugozi wa metero 6. Imigozi yombi ifite ubuhe burebure?
  2. Ikibuga cy'umupira gifite uburebure bwa m50. Bongeyeho m20, ikibuga cyareshya gite?

Umwitozo wa 2 –Amahurizo yo gukuramo ingero z' uburebure - IGITABO CY'UMUNYESHURI (Buri mwana ukwe)

Fasha abana gukora imyitozo ijyanye n'amahurizo yo gukuramo ingero z'uburebure (zitarenze m 99) iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P. 92, **MK** P.118, **JKF** P. 93, **LONGHORN** P. 104

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Bwira abana batange ingero z'uko bakoresha ibyo bize mu buzima bwabo bwa buri munsi.
- Somera abana ihurizo rikurikira maze barikore:

  Umugozi w'amashanyarazi umwe upima metero 30. Undi mugozi w'amashanyarazi upima metero 43. Iyo migozi yombi ipima matero zingahe?

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika ihurizo rikurukira ku kibaho maze abana baryandukure mu makaye yabo hanyuma baze kurikorera mu rugo (wibuke kwandika mu cyapa):

- Kamana afite umugozi wa m7, Kagina afite umugozi wa m3. Ubwo bombi bafite imigozi ya metero zingahe?

ISOMO RYA 4 – AMAHURIZO YO GUKUBA NA 2

ICYITONDERWA- *Ushishikarize abana gusubiza. Jya ucishamo ubwire abana baze ku kibaho cyangwa bakorere mu matsinda. Wirinde kuba ari wowe ufata umwanya munini mu masomo.*

Intego y'isomo:	**Imfashanyigisho**
Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora: • Gukora amahurizo yo gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 20)	• Terefone (M-P1-T3-W9-L4) • Indangururamajwi.

1. Mbere y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — umunota 1

Mukine: 'Mbare nsimbuka umubare:' mubare musimbuka umubare umwe kuva kuri 0 kugera kuri 20 no kuva kuri20 ukajya kuri 0.

2. Mu gice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 30

Karoli yariye amagi abiri buri munsi mu gihe cy'iminsi itanu. Ubwo muri iyo minsi 5 yariye amagi angahe?

Ku musozi hari amazu 6, kandi muri buri nzu habamo abana 2. Kuri uwo musozi hari abana bangahe?

Mama afite abana batatu. Yahaye buri mwana imineke 2. Bose hamwe yabahaye imineke ingahe?

- Ririmbana n'abana injyana ya mara ya 2
- Kinisha abana agakino ko kubara mu mutwe: "Ongeraho 2"
- Fasha abana gutahura uko bakora ihurizo ryo gukuba na 2 banyuze mu nzira ikurikira: kurisoma bitonze, kurisesengura (gutahura ibyo babahaye n'ibyo babababaza), gutahura itegeko rikoreshwa (kumenya niba bateranya, bakuramo, cyangwa bakuba), kugaragaza uko bakuba bakoresheje ibishushanyo, nyuma gushaka igisubizo.

- Fasha abana gukora ihurizo ryo gukuba na 2 munyuze mu nzira yavuzwe haruguru.
- Ririmbana n'abana injyana ya mara ya 2.
- Koresha abana ihurizo ryo gukuba na 2 banyuze mu nzira yavuzwe haruguru (bakorere mu matsinda ya babiri babiri).
- Baza abana inzira banyuramo bakora ihurizo ryo gukuba na 2.

3. Nyuma y'igice cy'isomo kinyuzwa kuri terefone — iminota 9

3.1. Isuzumabumenyi

Somera abana iri hurizo maze abana barikorere mu makaye yabo:

o *Mu nzu hari abana 6. Buri wese afite amakaramu 2. Abana bose bafite amakaramu angahe?*

3.2. Umukoro wo mu rugo

Andika ihurizo rikurukira ku kibaho maze abana baryandukure mu makaye yabo hanyuma baze kurikorera mu rugo (Wibuke kwandika mu cyapa):

Mu rugo hari abana 4 kandi buri wese yogeje amasahani 2. Abo bana bogeje amasahani angahe?

ISOMO RYA 5 – AMAHURIZO YO GUKURAMO INGERO Z' UBUREBURE

ICYITONDERWA - *Mu gihe mutangiye kwiga amahurizo, hera ku mibare yoroshye. Bituma abana barushaho gutekereza ku bimenyetso bari buze gukoresha n'uko bari buze gusesengura ihurizo: kumenya ibyo bafite n'ibyo babazwa. Iyo ibi abana bamaze kubifata neza, ushobora gukoresha imibare ikomeye.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Gukora amahurizo yo gukuramo ingero z'uburebure (zitarenze m 99).

1. Gukangura abana — iminota 2

Mukine mwihuta aka gakino: "Kuramo 2".

Vuga umubare uri hagati ya 2 na 97 maze abana bavuge umubare babona bakuyemo 2.

2. Isubiramo — iminota 3

Fatanya n'abana gusubira mu buryo bakora amahurizo: gusoma ihurizo bitonze, kurisesengura (bagashaka ibyo babahaye n'ibyo babaza), gutahura itegeko rikoreshwa (kumenya niba bateranya cyangwa bakuramo) nyuma bagashaka igisubizo.

3. Isomo rishya — iminota 25

3.1. Kuvumbura icyigwa

- Somera abana ihurizo rikurikira:
  - *Hagati y'ishuri n'ikibuga hari m50. Nibakuraho m20 harasigara metero zingahe?*
- Vugana n'abana uko mukora iri hurizo. Murisesengure (mushake ibyo babahaye n'ibyo bababaza) kandi mwandike imibare iri muri ryo mu mbonerahamwe y'ibinyacumi n'ibinyabumwe. Babaze uti: 'Turakuramo cyangwa turateranya?' 'Turakuramo'. Hanyuma, mushake igisubizo.

3.2. Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Amahurizo yo gukuramo ingero z' uburebure(Babiri babiri)

- Somera abana amahurizo akurikira:
- *Rita afite umugozi wa m10. Bosiko afite umugozi wa m 6. Umugozi wa Rita urusha uwa Bosiko metero zingahe?*
- *Umugozi w'amashanyarazi ufite uburebure bwa m 56. Bakuyeho m16 hasigara metero zingahe?*
- Bwira abana bayakorere mu matsinda ya babiri babiri, kandi bagende intambwe ku yindi.

Umwitozo wa 2 – Amahurizo yo gukuramo ingero z'uburebure - IGITABO CY'UMUNYESHURI (Buri mwana ukwe)

Fasha abana gukora imyitozo ijyanye n'amahurizo yo gukuramo ingero z'uburebure iri mu bitabo bikurikira (koresha ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P.92: **MK** P. 119: **JKF** P. 93: **LONGHORN** P. 103

4. Isuzumabumenyi — iminota 8

- Abana batange ingero z'uko bakoresha ibyo bize mu buzima bwabo bwa buri munsi.
- Somera abana ihurizo rikurikira maze barikore: *Papa yaguze umwenda ureshya na metero 15. Umudozi yakuyeho umwenda ureshya na metero 10. Papa asigaranye umwenda ureshya na metero zingahe?*

5. Umukoro wo mu rugo — iminota 2

Andika ihurizo rikurukira ku kibaho maze abana baryandukure mu makaye yabo hanyuma baze kurikorera mu rugo (Wibuke kwandika mu cyapa): *Mutesi afite umugozi wa metero 28. Yahayeho Ana umugozi wa metero 11. Asigaranye metero zingahe?*

ISOMO RYA 6 – AMAHURIZO YO GUKUBA NA 2

ICYITONDERWA - *Mugihe cyo gukora ihurizo, rikore uvuga, ku buryo abana bakurikira ibyo urimo gukora ku kibaho.*

Intego y'isomo:

Nyuma y'isomo, abana baraba bashobora:

- Gukora amahurizo yo gukuba na 2 (igikubo ntikirenge 20).

1. Gukangura abana **iminota 2**

Mukine: "Kuba na 2". Vuga umubare uri hagati ya 0 na 10 maze abana bavuge umubare babona nibakuba na 2.

2. Isubiramo **iminota 3**

Fatanya n'abana gusubira mu buryo bakora amahurizo: gusoma ihurizo bitonze, kurisesengura (bagashaka ibyo babahaye n'ibyo babasaba), gutahura itegeko rikoreshwa (kumenya niba bateranya, bakuramo cyangwa bakuba) nyuma bagashaka igisubizo.

3. Isomo rishya **iminota 25**

3.1.Kuvumbura icyigwa

- Somera abana ihurizo rikurikira:
  - o Igare rifite amapine 2. Amagare 6 afite amapine angahe?
- Vugana n'abana uko mukora iri hurizo. Murisesengure (mushake ibyo babahaye n'ibyo bababaza). Mushake itegeko rikoreshwa. (kumenya niba bateranya, bakuramo cyangwa bakuba) Baza abana uti: "Turakuramo, turateranya cyangwa turakuba??" 'Turakuba'. Babwire bagaragaze uko babikuba bakoresheje gushushanya ibivugwa mu ihurizo. Nyuma mushake igisubizo.

3.2 Imyitozo mpamyabumenyi

Umwitozo wa 1 – Amahurizo yo gukuba na 2(Babiri babiri)

- Somera abana ihurizo rimwe rimwe muri aya mahurizo akurikira:
  - o *Umwana w'umukobwa umwe afite ibiganza 2. Abakobwa 4 bafite ibiganza bingahe?*
  - o *Umwana w'umuhungu umwe afite amaguru 2. Abahungu 3 bafite amaguru angahe?*
- Bwira abana bayakorere, mu matsinda ya babiri babiri, bagenda intambwe ku yindi.

Umwitozo wa 2 – Amahurizo yo gukuba na 2 - IGITABO CY'UMUNYESHURI (Buri mwana ukwe)

- Fasha abana gukora imyitozo ijyanye n'amahurizo yo gukuba na 2 iri mu bitabo bikurikira (Koresha ibitabo ishuri rifite):

MK/REB P 58 &64**, MK** P 120, **JKF** P.131, **LONGHORN** P.75, 76, 77

4.Isuzumabumenyi **iminota 8**

- Bwira abana batange ingero z'uko bakoresha ibyo bize mu buzima bwabo bwa buri munsi.
- Somera abana ihurizo rikurikira maze barikore: Iwacu dufite inkoko 8. Ubwo izo nkoko zifite amaguru angahe?

5. Umukoro wo mu rugo **iminota 2**

- Andika ihurizo rikurikira ku kibaho maze abana baryandukure mu makaye yabo hanyuma baze kurikorera mu rugo (Wibuke kwandika mu cyapa): Mu miguro 7 ya Sandari harimo Sandari zingahe?

ISUZUMABUMENYI: ICYUMERU CYA 8 N'ICYA 9

Bwira buri mwana akore ukwe. Abandi bana ntibagomba kumva ibisubizo bya bagenzi babo.

Ikibazo cya1 – Bwira abana basesengure iyi mibare mo ibinyacumi n'ibinyabumwe.

99

81

64

70

66

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Ibisubizo byiza ni bibiri cyangwa munsi yabyo	Ibisubizo byiza ni bitatu	Ibisubizo byiza ni hagati ya 4 na 5

Ikibazo cya 2 – Somera abana iri hurizo maze barikore.

Mwarimu yari afite amakaramu 65, atangamo amakaramu 43. Asigaranye amakaramu angahe?

Akeneye ubufasha	Ni byiza cyane
Byamunaniye	Yabikoze

Ikibazo cya 3 – Bwira abana bakore iyi myitozo yo guteranya no gukuramo ingero z'uburebure:

m34 – m13 = m___ m88 – m6 = m___ m49 – m17 = m___

m10 + m4 = m___ m27+ m52 = m___ m37 + m62 = m___

Akeneye ubufasha	Ni byiza	Ni byiza cyane
Yasubije neza: ibibazo bibiri cyangwa munsi yabyo	Yasubije neza: ibibazo biri hagati ya 3 na 4	Yasubije neza: ibibazo biri hagati ya 5 na 6

Icyitonderwa:

Ni byiza cyane = amanota 3

Ni byiza = amanota 2

Akeneye gufashwa = inota 1

IBITABO BYAKORESHEJWE

1. Mwungeri,E., et al. 2013.Imibare,Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa mbere,MK Publishers, Kigali.

2. Kakembo,L., et all.2013. Imibare, Umwaka wa mbere w'amashuri abanza, Igitabo cy'umunyeshuri, MK Publishers, Kigali.

3. Uworwabayeho,A. et al.2010. Imibare mu mashuri abanza, Igitabo cy'umunyeshuri, Umwaka wa mbere, Jomo Kenyatta Foundation(JKF), Nairobi.

4. Male,H. et al. 2011.Dusobanukirwe imibare, Umwaka wa mbere, Longhorn Publishers, Nairobi.

5. Van de Wave, J.A & Lovin, L.H. 2007. L'enseignement des mathématiques, L'élève au centre de son apprentissage, Tome1, Edition du Renouveau Pédagogiques, Québec.

6. Van de Wave, J.A & Lovin, L.H. 2007. L'enseignement des mathématiques, L'élève au centre de son apprentissage, Tome2, Edition du Renouveau Pédagogiques, Québec.

7. Education Development Centre(EDC).2008. Think Math, Teacher Guide, Volume 1, School Speciality Math, Nashua, NH.

8. Education Development Centre (EDC).2008. Think Math, Teacher Guide, Volume 1, School Speciality Math, Nashua, NH.